# Ikinyarwanda – Amashuri yisumbuye

## Umwaka wa 6

Igitabo cy'umwarimu

DRAKKAR

**Inzu y'ubwanditsi**
Drakkar Ltd
Po Box 4435, Kigali, Rwanda
Website: www.drakkarworld.com

©Drakkar Ltd

**Abanditse iki gitabo**

MURERA Jean-Marie Vianney
HAGUMUBURAME Joseph
NTIZIHABOSE Jean Napoléon
MIHANGA Alphonse
VUGUZIGIRE Patrice
UMUKUNZI Eric
UBAYIMFURA Providence

**Cyatangajwe ubwa mbere mu mwaka wa 2017**

Uburenganzira bw'umwanditsi bugomba kubahirizwa. Birabujijwe gufotora iki gitabo, cyangwa gukoresha ibihangano birimo mu gihe icyo ari cyo cyose utabifitiye uburenganzira bw'Inzu y'Ubwanditsi Drakkar Ltd. Umuntu wese uzarenga kuri aya mabwiriza azahanwa n'itegeko (Itegeko Nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 kuva ku ngingo ya 195 kugera ku ya 197).

ISBN 978-99977-49-19-2

**Uwatunganyije igitabo**

MURUNGA Paul

**Icapiro**
English Press Ltd

# Ishakiro


Iriburiro .......... i
Intangiriro .......... iii
Imbonerahamwe ngengabyigwa .......... xv
Umuteguro w'isomo ntangarugero .......... xxiv

**Umutwe wa 1A: Umuco nyarwanda: Ubuvanganzo nyabami .......... 1**

Igisigo nyabami: Ukwibyara .......... 2
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura igisigo .......... 2
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura igisigo .......... 17
Intera ya gatatu: Ubuvanganzo nyabami .......... 29
Intera ya kane: Kungurana ibitekerezo .......... 36
Umwandiko: Igitero cy'umunsi w'inyana .......... 37
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko .......... 37
Intera ya kabiri: Kumva no gusesengura igitero k'ingabo .......... 41
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa mbere A .......... 43
Ubumenyi bw'inyongera .......... 44
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa mbere A .......... 52
Imyitozo nsindagirabushobozi .......... 56
Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo byayo .......... 57

**Umutwe wa 1B: Umuco nyarwanda: Ubukwe bwa kinyarwanda .......... 64**

Umwandiko: Ubukwe mu muco nyarwanda .......... 65
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko .......... 65
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko .......... 70
Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo no kujya impaka .......... 71
Intera ya kane: Ibinyazina .......... 73
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa mbere B .......... 78
Ubumenyi bw'inyongera .......... 79

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa mbere B ......... 79
Imyitozo nsindagirabushobozi ........................................................................ 82
Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo .................................................................. 83

**Umutwe wa 2: Uburinganire n'ubwuzuzanye ................................ 84**

Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda ............ 85
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 85
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ............................... 88
Intera ya gatatu: Kujya impaka no guhanga umwandiko ntekerezo ku buringanire n'ubwuzuzanye...................................................... 90
Intera ya kane:Ikinyazina ngenga n'ikinyazina ngenera ............................... 92
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa kabiri....................................... 97
Ubumenyi bw'inyongera.................................................................................. 98
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa kabiri............ 99
Imyitozo nsindagirabushobozi ........................................................................ 102
Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo .................................................................. 102

**Umutwe wa 3: Ubuzima ..................................................................... 103**

Umwandiko: Indwara z'ibyorezo..................................................................... 104
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 104
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ............................... 108
Intera ya gatatu: Imbwirwaruhame.................................................................. 109
Intera ya kane: Umwitozo wo kujora no guhanga imbwirwaruhame ......... 112
Intera ya gatanu: Ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura (ndasigura) ................................................................................. 115
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa gatatu...................................... 120
Ubumenyi bw'inyongera.................................................................................. 121
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu............ 122
Imyitozo nsindagirabushobozi ........................................................................ 124
Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo .................................................................. 125

**Umutwe wa 4: Umuco w'amahoro ................................................... 126**

Umwandiko: Gukumira no kurwanya jenoside ............................................. 127
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 127
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ............................... 131
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyingiro n'umukoro ......................... 132

Intera ya kane: Ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko .................. 134
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa kane.......................................... 138
Ubumenyi bw'inyongera........................................................................ 139
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa kane............... 139
Imyitozo nsindagirabushobozi ............................................................. 142
Imyitozo y'inyongera.......................................................................... 142

**Umutwe wa 5: Iterambere ................................................................ 144**

Umwandiko: Mahoro akungahara .......................................................... 145
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 145
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ................................ 149
Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo................................................... 151
Intera ya kane: Ikinyazina nyamubaro n'ikinyazina mpamagazi ................ 152
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa gatanu...................................... 156
Ubumenyi bw'inyongera ...................................................................... 157
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa gatanu ........... 157
Imyitozo nsindagirabushobozi ............................................................. 160
Imyitozo y'inyongera.......................................................................... 161

**Umutwe wa 6: Imiturire ................................................................... 162**

Umwandiko: Akamaro k'imidugudu ........................................................ 163
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 163
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ................................ 167
Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo................................................... 169
Intera ya kane: Uturemajambo tw'inshinga.............................................. 171
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa gatandatu ................................ 181
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu ..... 181
Imyitozo nsindagirabushobozi ............................................................. 185
Imyitozo y'inyongera.......................................................................... 186

**Umutwe wa 7: Ubwikorezi ................................................................ 187**

Umwandiko: Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere.................................. 188
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 188
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ................................................ 192
Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo................................................... 194
Intera ya kane: Umwandiko ntekerezo.................................................... 195

Intera ya gatanu: Uturemajambo tw'inshinga twungirije............................ 198
Intera ya gatandatu: Ingirwanshinga ............................................................ 207
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa karindwi ................................ 212
Ubumenyi bw'inyongera.................................................................................. 213
Imyitozo nsindagirabushobozi ...................................................................... 217
Imyitozo w'inyongera...................................................................................... 218

**Umutwe wa 8: Ubukoroni ............................................................... 219**

Umwandiko: Rugigana n'ingoma ye .............................................................. 220
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 220
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ................................................... 225
Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo....................................................... 226
Intera ya kane: Inkuru ndende........................................................................ 228
Intera ya gatanu: Ururimi n'ubwumvane....................................................... 239
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa munani .................................. 245
Ubumenyi bw'inyongera.................................................................................. 246
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa munani .......... 248
Imyitozo nsindagirabushobozi ...................................................................... 252
Imyitozo y'inyongera........................................................................................ 253

**Umutwe wa 9: Ibidukikije ................................................................ 255**

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 256
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ................................................... 260
Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo....................................................... 261
Intera ya kane: Imiterere y'iby'indimi mu Rwanda ...................................... 262
Intera ya gatanu: Inshami z'Ikinyarwanda..................................................... 266
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa kenda ...................................... 268
Ubumenyi bw'inyongera.................................................................................. 269
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda ............ 269
Imyitozo nsindagirabushobozi ...................................................................... 272
Imyitozo y'inyongera........................................................................................ 272

**Umutwe wa 10: Ibiyobyabwenge ..................................................... 273**

Umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge, imungu y'ubuzima bwacu ...... 274
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 274
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ................................................... 278

Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo.......................................................... 280
Intera ya kane: Ibaruwa n'umwirondoro .......................................................... 281
Intera ya gatanu: Amatangazo n'ubutumire.................................................... 290
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa cumi.......................................... 293
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange  risoza umutwa wa cumi .............. 293
Imyitozo nsindagirabushobozi ........................................................................... 297
Imyitozo y'inyongera........................................................................................... 298

**Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe.................................................... 299**

**Imbuga nkoranyambaga.................................................................... 302**

## Iriburiro

Iki gitabo cy'umwarimu mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye ni wowe kigenewe kugira ngo kigufashe nk'imwe mu mfashanyigisho uzakenera. Cyanditswe hakurikijwe imbonezamasomo iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye, nk'uko bisabwa mu nteganyanyigisho nshya yateguwe n'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi (REB) muri 2015 ishyira mu bikorwa intego ndetse n'ibyifuzo by'Igihugu mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri. Twakiguteguriye kugira ngo kigufashe kwigisha neza mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye. Ni ngombwa ko tugusobanurira uko kizagufasha, imiterere yacyo n'uko uzagikoresha.

Iki gitabo kizagufasha kuyobora abanyeshuri kugira ngo bashobore gushungura ibitekerezo bumvise cyangwa basomye uko bikwiye bagaragaza ko basobanukiwe n'ubutumwa. Kuvuga badategwa, batanga ibitekerezo bigaragaza uko bumva ibintu kandi batanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye. Gusoma badategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi rwakoreshejwe. Gusesengura no gutandukanya ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyabami. Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe bakurikiranya neza ibitekerezo. Kwandika ibitekerezo byabo ku buryo bufututse no guhitamo ibyo bavuga n'uburyo babivugamo bitewe n'icyo bagamije n'abo babwira. Kuyobora no gutegura ibiganiro mpaka n'ibiganiro nyunguranabitekerezo. Gusesengura imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda cy'umwaka wa gatandatu kigabanyijwemo imitwe icumi ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga ku muco nyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubuzima, umuco w'amahoro, iterambere, imiturire, ubwikorezi, ubukoroni, ibidukikije ndetse n'insanganyamatsiko y'ibiyobyabwenge. Iki gitabo gihera ku ngingo zerekeye kuri izo nsanganyamatsiko kikwereka intera ukurikiza kugira ngo uyobore abanyeshuri mu kwiga amasomo ateganywa n'integanyanyigisho. Ayo masomo yigishwa ahereye ku mwandiko ugaragaramo ingingo zisabwa mu nteganyanyigisho hifashishijwe intera enye cyangwa eshanu bitewe n'ibyigwamo.

Muri iki gitabo tukwereka aho buri ntera iherereye mu gitabo cy'umunyeshuri. Izo ntera ni zo zigufasha kuyobora abanyeshuri mu kumva no gusesengura imyandiko ikubiyemo ndetse no kwiga ikibonezamvugo n'ubuvanganzo buteganijwe mu nteganyanyigisho. Bitewe n'abanyeshuri wigisha n'imfashanyigisho ufite ni wowe

ubwawe ugena amasomo ya buri ntera twakweretse. Mu ntangiriro y'iki gitabo tugusobanurira imiterere ya buri ntera n'imbonezamasomo wakurikiza uyobora abanyeshuri kwiyigisha bakorera mu matsinda, bungurana ibitekerezo banakora imyitozo inyuranye. Nyuma ya buri kigwa na nyuma ya buri mutwe hari imyitozo n'ibisubizo byayo bigufasha gusuzuma uko intego z'isomo zagezweho n'intera abanyeshuri bagezeho.

Usibye ubushobozi rusange bugamijwe mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatandatu, iki gitabo kizagufasha kwimakaza mu banyeshuri ubundi bushobozi nsanganyamasomo nko gushakira ibibazo ibisubizo, guhanga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana mu Kinyarwanda, kugira ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. Ubu bushobozi bugenda bugaragazwa n'imyitozo cyangwa ibikorwa abanyeshuri bakora. Mu mbonerahamwe ngengabyigwa iki gitabo kikugaragariza ahaherereye imyitozo ubu bushobozi bugaragaramo muri buri mutwe.

Ibisobanuro by'amagambo ashobora gukomerera abanyeshuri byashyizwe mu gice twise "Twiyungure amagambo" mu gitabo cy'umunyeshuri. Ibi bizafasha abanyeshuri gukora ubushakashatsi ku bisobanuro by'amagambo badasobanukiwe neza cyane ko amagambo adakurikiranye hakurikijwe umwandiko ahubwo twayakurikiranije hakurikijwe itonde ry'Ikinyarwanda. Icyakora muri iki gitabo twagiye tuyashyira mu ntera ya mbere yo kumva no gusobanura umwandiko kugira ngo agufashe kuyobora neza abanyeshuri mu mwitozo w'inyunguramagambo.

Iki gitabo ni ingenzi cyane kuri wowe kuko kikwereka uko wigisha amasomo y'Ikinyarwanda wifashishije igitabo cy'umunyeshuri. Kikanakwereka uko wakwita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye nk'abatumva, abatabona n'abandi bafite ibindi bibazo mu myigire kugira ngo bajyane n'abandi. Nubwo imyitozo yatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri igiye igira ibisubizo muri iki gitabo, ibyo bisubizo si byo kamara ahubwo ni urugero rw'ibisubizo bishoboka. Ikindi kandi iyo myitozo nubwo twayiguteguriye dushingiye ku bikorwa umunyeshuri asabwa gukora biri mu nteganyanyigisho, si yo kamara nawe ubwawe wabategurira indi ariko ijyanye n'intego z'isomo ndetse n'ibikorwa by'umunyeshuri bigaragazwa n'integanyanyigisho.

Muri make, turizera ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda mu mwaka wa gatandatu no kugikundisha abanyeshuri kugira ngo barusheho kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda binyuze mu buvanganzo ndetse no gusesengura imiterere y'Ikinyarwanda.

## Intangiriro

Imbonezamasomo muri iki gitabo igusaba guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo. Ikuyobora mu kwigisha udafata umunyeshuri nk'aho ari icupa ririmo ubusa ugomba gutsindagiramo ubumenyi. Igusaba kandi guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, ukamufasha kuvumbura ibindi atari azi. Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Kigenda kikwereka zimwe mu ngero z'izo mfashanyigisho zifatika. Iryo yigisha rizaha umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga. Duhereye ku mwandiko, amasomo agabanijwe mu ntera enye cyangwa eshanu bitewe n'ibikubiye mu mutwe.

## Imiterere ya buri ntera n'imbonezamasomo zayo

Iki gitabo kigabanijwemo imitwe icumi buri mutwe ufite umubare w'amasomo arimo. Muri iki gitabo tukwereka uburyo wakwigisha ayo masomo uhereye ku ntera enye zishingiye ku ngingo zisabwa mu nteganyanyigisho. Buri ntera kandi igira umubare w'amasomo igenewe, umubare w'amasomo ukaba ushobora guhinduka bitewe n'imiterere y'abanyeshuri ufite. Izo ntera ni izi zikurikira:

### 0.1. Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

a) ***Ibikorwa by'umunyeshuri***

Muri iyi ntera ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasobanura amagambo akomeye, bagakora umwitozo w'inyunguramagambo bakanasubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Ibyo kandi bikorerwa mu matsinda. Muri iyi ntera abanyeshuri baboneramo ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo, ubushakashatsi, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.

b) ***Imbonezamasomo muri iyi ntera***

Iyi ntera yo kumva no gusobanura umwandiko, umwarimu ayiyobora mu byiciro bitatu: ivumburamatsiko, gusoma umwandiko no gukorera mu matsinda.

**Ivumburamatsiko**

Muri iki kiciro k'ivumburamatsiko umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko cyangwa se akifashisha izindi fashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

– **Gusoma**

  Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu buryo bubiri: gusoma bucece no gusoma baranguruye.

**Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye atanategwa. Iyo barangije gusoma bucece ababaza utubazo two gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni ibibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

**Gusoma baranguruye**

Muri iki gitabo, imbonezamasomo ijyanye no gusoma baraguruye, igusaba kubwira abanyeshuri gusoma baranguruye badategwa, bagaragaza isesekaza banubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo. Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma agenda anagenzura ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Abo abona batabyitabira agakora uko ashoboye akaba ari bo ahitamo kugira ngo basome. Iyo umwandiko urangiye bose batabashije gusoma ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo basome umwandiko. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza bumvikanisha ibitekerezo byabo batajijinganya. Abo kandi ni na bo yibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe.

– **Gukorera mu matsinda**

  Iyo gusoma baranguruye birangiye umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri gukora amatsinda. Amatsinda meza ni

amatsinda atarengeje abanyeshuri batanu. Ayo matsinda kandi ntagomba kuba ari amwe buri gihe. Ni amatsinda arimo abanyeshuri batandukanye; ab'ibitsina byombi, ab'intege nke n'abari imbere mu myigire… Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda bishakamo umuyobozi w'itsinda wandika ibyo bumvikanyeho mu matsinda akaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Uwo kandi ntagomba guhora ari umwe umwarimu abafasha guhinduranya abayobozi b'amatsinda ku buryo buri munyeshuri bimugeraho. Iyo bari mu matsinda ugenzura imikorere yabo abakeneye ubufasha ukabubaha.

## Ibikorerwa mu matsinda

– **Inyunguramagambo**

Abanyeshuri bongera gusoma umwandiko bari mu matsinda manini y'abanyeshuri nka banebane bakagerageza gushakisha ibisobanuro by'amagambo akomeye banditse igihe basomaga bucece. Babishakisha bifashishije inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cyo kwiyungura amagambo. Iyo bamurika ibisobanuro by'amagambo akomeye umwarimu afatanya n'abanyeshuri kunoza inyito batanze. Iyo bibaye ngombwa ko hari amagambo batashoboye kubonera inyito umwarimu abatoza gukoresha inkoranyamagambo bashakisha ibyo bisobanuro.

– **Umwitozo w'inyunguramagambo**

Uyu mwitozo w'inyunguramagambo ukorerwa mu matsinda ya babiribabiri. Iyo bamaze kumurika ibisobanuro, umwarimu abasaba kujya mu matsinda kugira ngo bakorere hamwe imyitozo y'inyunguramagambo iteganijwe mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo igihe yabahaye kirangiye, bagaruka kumurika ibisubizo bakoreye mu matsinda ya babiribabiri.

– **Ibibazo byo kumva umwandiko**

Imbonezamasomo y'iki gitabo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye buri tsinda rikagenda rikora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo. Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umuyobozi w'itsinda amurika ibisubizo byakorewe mu itsinda rye, umwarimu agafatanya n'andi matsinda kubinonosora bikandikwa ku kibaho.

### Uko bamurika ibyakorewe mu matsinda

Umuyobozi w'itsinda ajya imbere akamurikira bagenzi be ibyakorewe mu itsinda. Igisubizo gitanzwe n'itsinda rya mbere iyo kinonosowe cyandikwa ku kibaho. Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kumurika

ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanya n'abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo iyo bibaye ngombwa. Nko ku nyunguramagambo amagambo yasobanuwe n'itsinda ryabanje andi matsinda ntiyongera kuyagarukaho ahubwo asobanura amagambo atatanzwe n'itsinda ryabanje. Ni ukuvuga ko igisubizo cyamuritswe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi matsinda atagisubiraho. Ubu kandi ni nabwo buryo bukoreshwa no mu yindi myitozo yo mu zindi ntera, ikorerwa mu matsinda.

### 0.2. Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Muri iyi ntera ya kabiri hasesengurwa umwandiko bahereye ku bikorwa by'umunyeshuri byo gusesengura umwandiko biba bigaragara mu nteganyanyigisho nko gushaka ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko, kuvuga insanganyamatsiko iri mu mwandiko, guhina umwandiko cyangwa guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe ndetse n'ibindi bibazo byimbitse bijyanye n'insanganyamatsiko yigwa. Uyu mwitozo hose muri iki gitabo, abanyeshuri bawukorera mu matsinda. Ni muri uyu mwitozo abanyeshuri babonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo n'ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi. Imbonezamasomo y'iyi ntera igaragaza ibice bitatu: isubiramo, gukorera mu matsinda no kugaragaza ibyavuye mu matsinda.

– **Isubiramo**

Mu isubiramo umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kubibutsa umwandiko baheruka gusoma n'ibyari biwukubiyemo. Urugero: Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Havugwagamo iki muri rusange? Cyangwa kongera gusoma umwandiko bawiyibutsa, Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko bigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri akanabasaba kubyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome. Mbere yo kujya mu matsinda umwarimu agerageza kubaha ibindi bibazo byababafasha neza kugera ku bisubizo bikwiye.

– **Gukorera mu matsinda**

Umwarimu abanza gusaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bize bakawusomera mu matsinda. Akabasaba kugerageza gukorera hamwe, mu matsinda, bagerageza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Iyo abanyeshuri bari mu matsinda, umwarimu agendagenda mu matsinda yose kugira ngo atange ubufasha ku babukeneye. Iyo igihe yabahaye kigeze asaba amatsinda kumurika ibyo yakoze.

– **Kumurika ibyavuye mu matsinda**

Kumurika ibyavuye mu matsinda bikorwa nk'uko byavuzwe haruguru. Ibisubizo byumvikanyweho ni byo byandikwa ku kibaho.

## 0.3. Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo/Kujya impaka/Guhanga umwandiko/ Gutondagura umuvugo, Gukina bigana, ...

Muri iyi ntera ya gatatu hakubiyemo umwitozo w'ubumenyingiro utuma abanyeshuri bashobora kuvuga, kwandika no guhanga. Ni muri uyu mwitozo abanyeshuri babonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo no gusabana mu Kinyarwanda. Ni muri iyi ntera kandi abanyeshuri bigira insanganyamatsiko nsanganyamasomo bazijyaho impaka bakanazunguranaho ibitekerezo.

Iyo ari ukungurana ibitekerezo umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri akanabasaba kuwandika ku kibaho. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo uzajya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira azabibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo, bikandikwa ku kibaho.

Iyo ari ukujya impaka umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kibafasha kujya impaka. Mu rwego rwo gufasha abatumva neza cyangwa abatabona, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye icyo kibazo no kucyandika ku kibaho. Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka akamusaba gutangiza ikiganiro mpaka no kukiyobora akurikije amabwiriza agenga ibiganiro mpaka. Mu gihe bajya impaka, umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo n'imyitwarire yabo muri izo mpaka bajya. Iyo barangije umwarimu afatanya n'abanyeshuri bajyaga impaka ndetse n'indorerezi gukora umwanzuro w'impaka ukandikwa ku kibaho.

Iyo ari uguhanga umwarimu asaba abanyeshuri gusoma no kwandika ku kibaho ikibazo gisaba guhanga kiri mu gitabo cy'umwarimu. Akibaha nk'umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa ugakorwa n'umuntu ku giti ke, akabaha igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda buri tsinda rikagaragaza uko ribona igihangano ryasomye umwarimu akabafasha kubikorera ubugororangingo. Umwarimu kandi ashobora kubikosora agenda agaragariza buri wese ibitagenda neza mu gihangano ke.

## 0.4. Intera ya kane: Ikibonezamvugo/ inshoza y'ubuvanganzo

Muri iki gice ni ho abanyeshuri bigira ikibonezamvugo n'ubuvanganzo.

**a) Ikibonezamvugo**

Imbonezamasomo y'ikibonezamvugo muri iyi ntera igaragaza ibice bitatu: ivumburamatsiko, gukorera mu matsinda no kumurika ibyavuye mu matsinda.

– **Ivumburamatsiko**

Mu ivumburamatsiko, umwarimu asaba abanyeshuri kwandika ku kibaho interuro zavuye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo amagambo yerekeza ku kibonezamvugo bagiye kwiga, agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo atsindagiye cyangwa aciyeho akarongo nyuma akababaza ikibazo kiganisha ku kibonezamvugo kigwa.

– **Gukorera mu matsinda**

Muri iki gice umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro zivugwa mu ivumburamatsiko. Umwarimu abarangira ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bazashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe cyo kuzabikora cyagera akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo. Ubushakashatsi bwabo bukorerwa mu ishuri ndetse no mu isomero.

– **Kumurika ibyavuye mu matsinda**

Iyo igihe cyo kubimurika kigeze, umwarimu abasaba kumurika ibyavuye mu matsinda agenda abafasha kubinonosora. Bitewe n'uko bitazigishirizwa rimwe mu isaha imwe abanza itsinda ryakoze ku gice kibanza k'icyo kibonezamvugo agakurikizaho irindi bityo bityo kugeza barangije. Iyo itsinda rimwe rimurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo, andi matsinda afatanya na mwarimu kubinonosora bikandikwa ku kibaho maze agasaba abanyeshuri bose kubyandika mu makayi yabo.

**b) Ubuvanganzo**

Ku bijyanye n'ubuvanganzo, imbonezamasomo muri iki gitabo igaragaza ko hakurikizwa ibice bitatu: isubiramo, gukorera mu matsinda no kugaragaza ibyavuye mu matsinda.

– **Isubiramo**

Muri iki gice umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibukiranya umwandiko baheruka gusesengura biganisha ku ngeri y'ubuvanganzo bagiye kwiga.

– **Gukorera mu matsinda**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda akabasaba kongera gusoma umwandiko ujyanye n'ubwo buvanganzo bagiye kwiga akabasaba kuwusoma

bitegereza imiterere yawo akabaha ibibazo bituma batahura inshoza n'uturango tw'ingeri y'ubuvanganzo biga. Ashobora no kubaha ibindi bibazo byabafasha gukora ubushakashatsi bwimbitse kuri iyo ngeri y'ubuvanganzo. Abarangira ibitabo bakwifashishisha akabaha igihe cyo kubikorera mu matsinda mu nzu y'isomero. Bene ibi bibazo umwarimu abaha, bibafasha gukora ubushakashatsi bwimbitse. Muri iki gitabo, tubihitamo dushingiye ku bisabwa kwigwa kuri iyo ngeri y'ubuvanganzo bigaragara mu gice cyagenewe ibyigwa mu nteganyanyigisho. Ibi bibazo ni byo bibayobora mu matsinda anyuranye.

– **Kumurika ibyavuye mu matsinda**

  Kumurika ibyavuye mu matsinda aha bikorwa nk'uko bikorwa ku kibonezamvugo nk'uko twabigaragaje haruguru.

## Ibindi byitabwaho

### 1. Uburyo bwo gukora isuzuma

Umwarimu ni ngombwa kugenzura imyigire n'imyigishirize ye akusanya amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iki gitabo twanditse dushingiye ku bushobozi, isuzuma na ryo turitegura rishingiye ku bushobozi, hagategurwa imyitozo ijyanye n'ubuzima bwa buri munsi umunyeshuri akabazwa gukemura ikibazo runaka ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Muri iki gitabo harimo amasuzuma ku buryo bukurikira: imyitozo y'isuzuma umwarimu aha abanyeshuri nyuma y'ikigwa, hari kandi n'imyitozo nsindagirabumenyi umwarimu aha abanyeshuri byagaragaye ko batumvishe neza ibikubiye mu mutwe. Harimo kandi imyitozo y'inyongera n'ibisubizo ifasha umunyeshuri gucengera ibyizwe mu mutwe. Nta suzuma ryo kureba intera umunyeshuri agezeho dushyiramo kuko ryo ritegurwa ku rwego rw'Akarere cyangwa rw'Igihugu ariko tugira abarimu inama ku miterere y'iryo suzuma.

– **Imyitozo**

  Kugira ngo umwarimu arebe niba intego z'isomo yatanze zagezweho, muri iki gitabo ategurirwa imyitozo n'ibisubizo. Iyo myitozo itegurwa hashingiwe ku ntego z'isomo twateguye dushingiye ku ntego zihariye zigaragara mu nteganyanyigisho. Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iyo myitozo cyangwa akaba yabaha indi ariko ijyanye n'intego z'isomo. Iyo barangije kuyikora bayikosora bayobowe n'umwarimu, bandika ku kibaho ibisubizo by'ukuri.

– **Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize**

  Muri iki gitabo kandi, nyuma ya buri mutwe, dutegura isuzuma dushingiye ku bigenderwaho mu isuzuma bigaragara mu nteganyanyigisho. Umutwe urangije

kwigwa, umwarimu asabwa kureba ko abanyeshuri bose bagaragaza uko bikwiye ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe bashingiye ku bigenderwaho mu isuzuma, mbere y'uko batangira kwiga umutwe ukurikiraho. Umwarimu agomba gusuzuma uko abanyeshuri bakenetse ibyigwa mu isomo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikubiye mu nteganyanyigisho. Ni muri urwo rwego muri iki gitabo tumuha urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bijyanye n'iryo suzuma. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri be. Nyuma yo gukosora iri suzuma ni ngombwa ko umwarimu yereka buri munyeshuri urwego agezeho ab'intege nke akagerageza kubitaho by'umwihariko. Umwarimu ntagomba gutangira undi mutwe mu gihe ibisubizo by'isuzuma rusange bimwereka ko abanyeshuri batakenetse ibikubiye mu mutwe.

Mu bibazo twabateguriye harimo ibibazo bijyanye no kwitegereza, ibibazo basubiza bandika n'ibibazo basubiza bavuga.

– **Imyitozo nsindagirabushobozi**

  Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.

  Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo si yo kamara, umwarimu ashobora no gutegura indi yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke. Muri iki gitabo, umwarimu yerekwa urugero rw'ibibazo yabaza kuri buri tsinda. Iyo myitozo umwarimu ayikoresha iyo abonye, akurikije ibisubizo byavuye mu isuzuma rusange ry'umutwe, hari ibitumvikanye neza. Si ngombwa ko nyuma ya buri mutwe itangwa kandi nta bushobozi buke abanyeshuri bagaragaje.

– **Isuzuma rigamije kumenya intera abanyeshuri bagezeho**

  Muri iki gitabo nta suzuma rigamije kumenya intera umunyeshuri agezeho twabateguriye cyane ko ari isuzuma ritegurirwa ku rwego rw'Akarere cyangwa rw'Igihugu. Isuzuma riganije kureba intera umuneyshuri agezeho rigaragaza ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho mu gihe runaka kihariye kugira ngo hafatwe umwanzuro ku iyimurwa ry'umunyeshuri ava mu kiciro runaka ajya mu kindi. Ni isuzuma ritegurwa buri gihembwe cyangwa rimwe mu mwaka nk'ibizamini bya Leta. Iri suzuma rigomba gukomatanya ibyo umunyeshuri yize byose hakarebwa niba umunyeshuri agaragaza ubushobozi bwose bugamijwe bwari buteganyijwe kuri ibi bikurikira: kumva no gusesengura umwaniko, ikibonezamvugo, ubumenyi rusange bw'ururimi n'ihimbamwandiko.

– **Imitegurire y'ibibazo by'isuzuma**

Muri iki gitabo ibibazo by'isuzuma biteguwe hashingiye ku ntego zihariye z'isomo no ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe bigaragara mu nteganyanyigisho.

Ibibazo byinshi ni ibisaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize si ibibazo bimusaba gufata mu mutwe gusa. Dukurikiranya ibibazo hashingiwe kuri buri rwego mu nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bulumu (Bloom). Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, ibibazo biri ku ngazi zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) ni byo twahaye umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiye ku ngazi zo hasi zijyanye n'ubumenyi no kumva.

## 2. Imfashanyigisho zikenerwa

Kuri buri ntera tugaragariza umwarimu imfashanyigisho yakoresha kugira ngo isomo ryumvikane neza. Usibye izo tumugaragariza, umwarimu na we ashingiye ku miterere y'ishuri n'abanyeshuri be ashobora kwifashisha izindi mfashanyigisho zifatika. Ni ngombwa kandi ko habaho isomero kuri buri kigo mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho cyane ko mu mbonezamasomo zijyanye n'intera ya gatanu dusaba umwarimu ko yakohereza abanyeshuri mu isomero akabarangira ibitabo bakoresha mu bushakashatsi bwabo. Hari n'aho tumusaba gukoresha uburyo bw'imfashanyigisho z'iyumvabona (gukoresha tereviziyo na sinema), imfashanyigisho zitegwa amatwi ndetse n'ibinyamakuru. Hakenewe kandi imfashanyigisho z'abafite ibibazo byihariye nk'abatabona, abatumva,...

## 3. Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu mbonezamasomo y'iki gitabo, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Mu myigishirize igaragara mu ntera zinyuranye, muri iki gitabo, tumwereka uburyo bumwe na bumwe yakwifashisha abitaho. Ni ngombwa ko akwiye no kugira amahugurwa ku mikoreshereze y'imfashanyigisho zibagenewe kugira ngo ashobore kubitaho mu buryo bunoze.

## 4. Uburyo bwo kwimakaza ubushobozi nsanganyamasomo

Imyitozo iri muri iki gitabo iteguwe mu buryo ubushobozi nsanganyamasomo bugaragaramo hose. Ni ngombwa ko mu gukora iyo myitozo umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo ubwo bushobozi abanyeshuri babugire koko. Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo tubugaragariza cyane mu bibazo bimwe na bimwe byo kumva umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse kugira ngo abe yakemura ikibazo ahuye na cyo yifashishije ibyo yize. Ahandi tubugaragariza ni mu bibazo byo gusesengura umwandiko, kujya impaka no kungurana ibitekerezo kuko ibibazo dukoresha ari ibituma abanyeshuri batekereza uburyo bakemura ikibazo runaka bahura na cyo. Ubushobozi bwo guhanga udushya muri iki gitabo

bugaragarizwa mu myitozo inyuranye yo guhanga nk'aho dusaba umunyeshuri guhanga nk'inkuru, ikinamico,... Ubushakashatsi bwo bugaragarizwa mu myitozo y'inyunguramagambo aho umunyeshuri asabwa gukoresha inkoranyamagambo ashaka ibisobanuro by'amagambo akomeye; bunagaragarizwa kandi mu ntera ya kane y'ikibonezamvugo cyangwa y'ubuvanganzo aho umunyeshuri asabwa kwitabira amasomero agahabwa ibibazo yakwifashisha kugira ngo asesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo bwigwa muri iyo ntera. Gusabana mu Kinyarwanda bigaragarizwa mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo aho dusaba umunyeshuri kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi be. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi bigaragarira cyane mu myitozo yo gukorera mu matsinda afatanya na bagenzi be. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi tubimushishikariza mu mikoro tugenda tumuha aba agomba gukomereza mu rugo ari wenyine cyangwa abaza abo babana. Umwarimu rero arasabwa gutsindagira ubwo bushobozi igihe akoresha iyo myitozo.

## 5. Uburyo bwo kwimakaza insanganyamatsiko nsanganyamasomo

Muri iki gitabo insanganyamatsiko nsanganyamasomo ntizirengagijwe. Zibandwaho mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo cyane ko n'abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe. Mu ntangiriro ya buri mutwe hagaragazwa insanganyamatsiko nsanganyamasomo iri buze kuvugwaho n'uburyo umwarimu agomba kuyitsindagira. Umwarimu arasabwa guzibandaho cyane mu gihe akoresha imyitozo ikubiyemo izo nsanganyamatsiko nsanganyamasomo.

## 6. Uburyo bwihariye bwo kwita ku myigire y'abanyeshuri

Iki gitabo cyanditse ku buryo gifasha umwarimu gufasha umunyeshuri mu buryo bwihariye kugira ngo atere imbere mu kunguka amagambo, mu gusoma no mu kwandika. Mu rwego rwo kugira ngo yiyungure amagambo, iki gitabo kibimufashamo by'umwihariko kubera ko gikubiyemo imyitozo n'ibisubizo bituma umunyeshuri yiyungura amagambo nk'imyitozo yo kuzuza amagambo mu nteruro, guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo akoresheje akambi, gushaka amagambo mu kinyatuzu, gukoresha amashusho agaragaza ibyo asoma, kugaragaza neza amagambo yabugenewe atsindagirwa no kwirinda gukoresha amagambo menshi atamenyerewe. Muri iki gitabo kandi harimo imyitozo ifasha umunyeshuri kumva ibyo asoma ibyo asabwa gukora abanza guhabwa urugero rw'ibyo asabwa gusubiza, guhuza amafoto n'amagambo …

Byongeye kandi iki gitabo kandi giteguwe ku buryo hagenda hakoreshwamo uburyo bw'imbonezamasomo bunyuranye; gukorera mu matsinda manini y'abanyeshuri nka bane, gukorera mu matsinda ya babiribabiri, gukora umuntu ku giti ke, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, gukora ubushakashatsi kuri interineti, gukorera hamwe ishuri ryose,…

Umwarimu arasabwa gukoresha neza bene iyo myitozo ituma umunyeshuri yiyungura ubumenyi. Mu rwego rwo gutuma umunyeshuri ahora yiga kandi akiyungura ubumenyi ahenshi ategurirwa imikoro yo gukorera mu rugo imusaba gutekereza no gushakisha. Ni muri urwo rwego asabwa gukora umwitozo utuma yunguka amagambo akoresheje ikinyatuzu n'indi inyuranye.

Mu kwita ku myigire y'umunyeshuri kandi, muri iki gitabo twaguteguriye amasomo y'intangarugero. Nk'uko bizwi muri buri rurimi amasomo y'ingenzi ni atanu; kumva no gusobanura umwandiko, gusesengura umwandiko, ikibonezamvugo, inshoza y'ubuvanganzo no kungurana ibitekerezo cyangwa kujya impaka. Bitewe n'uko hari ibitabo byabanje byarimo ayo masomo yose muri iki gitabo hagaragazwa izindi ngero eshatu ziza zunganira izo mu bitabo byabanjirije iki.


## 7. Ubumenyi bw'inyongera n'imyitozo y'inyongera

Muri iki gitabo kandi mu mitwe imwe n'imwe harimo ubundi bumenyi bw'inyongera ku bikubiye mu mutwe. Cyakora hose mu mitwe yose hari igihe usanga nta bumenyi bundi bw'inyongera bukenewe. Ku banyeshuri bumva vuba kurusha abandi, hari imyitozo y'inyongera bategurirwa bakayikora mu gihe abandi bumva buhoro baba barimo gukora imyitozo nsindagirabumenyi. Iyi myitozo y'inyongera ishobora kuba ijyanye n'ibyizwe muri uwo mutwe cyangwa mu mitwe yabanje.

## 8. Kugereranya uburyo bw'imyigishirize bwakoreshwaga n'uburyo bushya

### – Uburyo bwakoreshwaga bushingiye ku bumenyi

Mu buryo bw'imyigishirize bwari busanzwe bukoreshwa, umwarimu ni we wagiraga uruhare runini mu ishuri agasa n'aho afata umunyeshuri nk'icupa ririmo ubusa agomba kuzuzamo ubumenyi nk'uko iki gishushanyo kibitugaragariza.



– **Uburyo bushya bushingiye ku bushobozi**

Mu buryo bushya abanyeshuri ni bo bagira uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo basanzwe bazi akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo nk'uko bigaragazwa n'iki gishushanyo.




## 9. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma y'umwaka wa gatandatu

- Gushungura ibitekerezo yumvise cyangwa yasomye uko bikwiye agaragaza ko yasobanukiwe n'ubutumwa.
- Kuvuga adategwa, atanga ibitekerezo bigaragaza uko yumva ibintu kandi atanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye.
- Gusoma adategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi rwakoreshejwe.
- Gusesengura no gutandukanya ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyabami.
- Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe akurikiranya neza ibitekerezo no guhanga yigana ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyabami.
- Kwandika ibitekerezo bye ku buryo bufututse no guhitamo ibyo avuga n'uburyo abivugamo bitewe n'icyo agamije n'abo abwira.
- Gutegura no kuvuga ikiganiro mbwirwaruhame.
- Gusesengura imitere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.
- Gusobanura imiterere y'iby'indimi mu Rwanda.

## Imbonerahamwe ngengabyigwa

| | Umutwe wa 1:<br>Umuco nyarwanda | Umutwe wa 2:<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye | Umutwe wa 3:<br>Ubuzima |
|---|---|---|---|
| **Umubare w'amasomo** | 70 | 14 | 21 |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | – Gusesengura igisigo nyabami n'ibitekerezo by'ingabo no kurondora izindi ngeri z'ubuvanganzo nyabami agaragaza uturango twazo.<br>– Gusobanura no gukoresha iminozanganzo.<br>– Gusesengura umwandiko uvuga ku bukwe mu muco nyarwanda, guhanga no gukina imisango y'ubukwe.<br>– Gusesengura ibinyazina nyereka na mbanziriza. | – Gusesengura umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye no gusesengura ibinyazina ngenera na ngenga. | – Gusesengura umwandiko w'imbwirwaruhame ivuga ku ndwara z'ibyorezo n'ingamba zo kuzirinda, gutegura no kuvuga ikiganiro mbwirwaruhame. Gusesengura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura (ndasigura). |
| **Umubare w'ibyigwa** | **Uyu mutwe uzigishwa mu bice 10:**<br>**Umwandiko: Ukwibyara**<br>**Urigishwa mu bice 4:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *«Ukwibyara»*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko «Ukwibyara»<br>**Intera ya gatatu:** Ubuvanganzo nyabami<br>**Intera ya kane:** Kungurana ibitekerezo<br>**Umwandiko: Igitero cy'umunsi w'inyana**<br>**Urugishwa mu bice bibiri:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Umwandiko:**<br>**Ubukwe mu muco nyarwanda** | **Uyu mutwe uzigishwa mu bice 4:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *"Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda."*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu:** Kujya impaka no guhanga umwandiko ntekerezo<br>**Intera ya kane:** Ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga | **Uyu mutwe uzigishwa mu bice 4:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *"Indwara z'ibyorezo"*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu**: Imbwirwaruhame<br>**Intera ya kane:** Ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | **Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu:** Kungurana ibitekerezo<br>**Intera ya kane:** Ibinyazina nyereka na mbanziriza. | | |
| **Imfashanyigisho zisabwa** | Imyandiko igaragaza amoko atandukanye y'ibisigo nyabami, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo. | Umwandiko uvuga ku ruhare rw'umuco mu buringanire n'ubwuzuzanye, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyamagambo n'imfashanyigisho zifatika. | Imyandiko itandukanye y'imbwirwaruhame, imbwirwaruhame ziri mu majwi n'iziri mu majwi n'amashusho, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyamagambo n'imfashanyigisho zifatika. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize** | **Ibikorwa:**<br>– Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>– Gukoresha amagambo yasobanuwe mu nteruro mbonezamvugo.<br>– Gusimbuza amagambo andi bihuje inyito.<br>– Gusubiza, mu matsinda, ibibazo byo kumva ibisigo nyabami n'ibitekerezo by'ingabo.<br>– Kuvumbura uturango tw'ikeshamvugo mu mu bisigo nyabami.<br>– Guseruka mu ruhame avuga ibisigo yafashe mu mutwe ndetse n'imisango y'ubukwe.<br><br>**Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero… | **Ibikorwa:**<br>– Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>– Gukora imyitozo y'inyunguramagambo.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>– Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.<br>– Kujya impaka na bagenzi be ku ruhare rw'umuco mu buringanire n'ubwuzuzanye.<br>– Guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko bahawe.<br>– Gusesengura ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga.<br><br>**Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero… | **Ibikorwa:**<br>– Gusoma neza yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>– Gukora imyitozo y'inyungura magambo.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>– Kuvumbura ubwoko bw'umwandiko.<br>– Gukurikirana imbwirwaruhame runaka agerageze kuyijorera hamwe na bagenzi be.<br>– Gutegura imbwirwaruhame.<br>– Gusesengura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura.<br><br>**Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero… |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ingingo nsanganya masomo zibanzweho** | – Ubuzima bw'imyororokere.<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. | – Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. | – Ibidukikije.<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| **Ubushobozi nsanganya masomo bwibanzweho** | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe.** | – Gutanga imyitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Gukora umukoro wo guhanga no gukina imisango y'ubukwe.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. | – Gutanga imyitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Gukora umwandiko ntekerezo ku burezi.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. | – Gutanga imyitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Guhanga no kujora imbwirwaruhame.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. |

| | Umutwe wa 4:<br>Umuco w'amahoro | Umutwe wa 5:<br>Iterambere | Umutwe wa 6:<br>Imiturire |
|---|---|---|---|
| **Umubare w'amasomo** | 14 | 14 | 14 |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | Gusesengura umwandiko uvuga ku gukumira no kurwanya jenoside, gusesengura no gukoresha ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko. | Gusesengura umwandiko uvuga ku guhanga umurimo kugamije kwigira no gusesengura ikinyazina nyamubaro n'ikinyazina mpamagazi. | Gusesengura umwandiko ku kamaro ko gutura mu midugudu no gusesengura inshinga agaragaza uturemajambo tw'ibanze. |
| **Umubare w'ibyigwa** | **Uyu mutwe uzigishwa mu bice 4:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *"Ubukwe mu muco nyarwanda"*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu:** Umwitozo w'ubumenyingiro n'umukoro<br>**Intera ya kane:** Ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko | **Uyu mutwe uzigishirizwe mu bice 4:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *"Mahoro akungahara"*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu:** Ikiganiro mbwirwaruhame<br>**Intera ya kane:** Ikinyazina nyamubaro n'ikinyazina mpamagazi | **Uyu mutwe uzigishwa mu bice 4:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *"Akamaro k'imidugudu"*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu:** Umwitozo w'ubumenyi ngiro<br>**Intera ya kane:** Uturemajambo tw'inshinga |
| **Imfashanyigisho zisabwa** | Umwandiko uvuga ku gukumira no kurwanya jenoside, inyandiko ivuga kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyamagambo n'imfashanyigisho zifatika. | Imyandiko inyuranye ku guhanga umurimo kugamije kwigira, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyamagambo n'imfashanyigisho zifatika. | Imyandiko inyuranye ivuga ku miturire, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyamagambo n'imfashanyigisho zifatika. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize** | – Gusoma neza yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>– Gukora imyitozo inyuranye y'inyunguramagambo.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br>– Kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ikubiyemo.<br>– Kungurana ibitekerezo ku ruhare rwa Ndi umunyarwanda mu gukumira jenoside. | – Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>– Gukoresha amagambo yasobanuwe mu nteruro mbonezamvugo.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>– Gutahura mu mwandiko ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka.<br>– Gukora inshamake y'umwandiko yasomye. | – Gusoma neza wubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>– Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ikubiyemo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | – Guhanga umuvugo ku gukumira jenoside.<br>– Gusesengura ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko.<br><br>**Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero… | – Kungurana ibitekerezo ku bundi buryo butandukanye bwo kwihangira umurimo.<br>– Gusesengura ikinyazina nyamubaro n'ikinyazina mpamagazi.<br><br>**Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero… | – Kujya impaka ku nsanganyamatsiko zinyuranye zijyanye n'imiturire no kujora imiturire y'aho atuye.<br>– Gutahura inshinga zitondaguye mu mwandiko.<br>– Kurobanura inshinga zigaragaza uturemajambo tw'ibanze.<br><br>**Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero… |
| **Ingingo nsanganya masomo zibanzweho** | – Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo.<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. | – Umuco wo kuzigama.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Uburezi budaheza. | – Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| **Ubushobozi nsanganya masomo bwibanzweho** | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe.** | – Gutanga imyitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Gukora umukoro wo guhanga umuvugo ku gukumira jenoside.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. | – Gutanga imyitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. | – Gutanga imyitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. |

| | Umutwe wa 7: Ubwikorezi | Umutwe wa 8: Ubukoroni | Umutwe wa 9: Ibidukikije |
|---|---|---|---|
| **Umubare w'amasomo** | 14 | 49 | 14 |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | – Gusesengura umwandiko ku bwikorezi mu iterambere no guhanga umwandiko ntekerezo.<br>– Gusesengura inshinga agaragaza uturemajambo twose tw'inshinga no gusesengura ingirwanshinga. | – Gusesengura umwandiko w'inkuru ndende uvuga ku bukoroni.<br>– Gusobanura amafatizo y'ubwumvane n'imimaro yabwo. | – Gusesengura umwandiko uvuga ku kamaro k'amazi n'amashyamba.<br>– Gusobanura imiterere y'iby'indimi mu Rwanda. |
| **Umubare w'ibyigwa** | **Uyu mutwe uzigishwa mu bice 6:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *"Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere"*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu:** Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo<br>**Intera ya kane:** Umwandiko ntekerezo<br>**Intera ya gatanu:** Uturemajambo tw'inshinga twungirije<br>**Intera ya gatandatu:** Ingirwanshinga | **Uyu mutwe uzigishwa mu bice 5:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *"Rugigana n'ingoma ye"*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu:** Umwitozo w'ubumenyi ngiro : Kungurana ibitekerezo<br>**Intera ya kane:** Inkuru ndende<br>**Intera ya gatanu:** Ururimi n'ubwumvane | **Uyu mutwe uzigishwa mu bice 5:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *"Amazi n'amashyamba"*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu:** Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo<br>**Intera ya kane:** Imiterere y'iby'indimi mu Rwanda<br>**Intera ya gatanu:** Inshami z'Ikinyarwanda |
| **Imfashanyigisho zisabwa** | Imyandiko inyuranye ivuga ku bwikorezi, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyamagambo n'imfashanyigisho zifatika. | Ibitabo by'inkuru ndende bitandukanye, igitabo k'ikibonezamvugo, icy'ubuvanganzo nyarwanda, inkoranyamagambo n'imfashanyigisho zifatika. | Umwandiko ku kamaro k'amazi n'amashyamba, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, imfashanyigisho y'iyumvabona, inkoranyamagambo, ikarita y'u Rwanda n'izindi fashanyigisho zifatika. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize** | **Ibikorwa:**<br>– Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>– Gukora imyitozo inyuranye y'inyunguramagambo. | **Ibikorwa:**<br>– Gusoma neza bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>– Gukora imyitozo inyuranye y'inyunguramagambo. | **Ibikorwa:**<br>– Gusoma neza wubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | – Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>– Kuvumbura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ivugwamo.<br>– Gusesengura inkuru ndende no kuyihina.<br>– Gutandukanya inkuru ndende n'inkuru ngufi yize.<br>– Guhanga inkuru ndende.<br>– Kugaragaza amafatizo y'ubwumvane n'imimaro y'ubwumvane igaragara mu mwandiko no guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda babishushanya ku ndanguruzi y'ubwumvane.<br><br>**Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero, ku mbuga za interineti… | – Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>– Kuvumbura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ivugwamo.<br>– Gusesengura inkuru ndende no kuyihina.<br>– Gutandukanya inkuru ndende n'inkuru ngufi yize.<br>– Guhanga inkuru ndende.<br>– Kugaragaza amafatizo y'ubwumvane n'imimaro y'ubwumvane igaragara mu mwandiko no guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda babishushanya ku ndanguruzi y'ubwumvane.<br><br>**Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero, ku mbuga za interineti… | – Gukora imyitozo inyuranye y'inyungurama gambo.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>– Kuvumbura ingingo z'ingenzi z'umwandiko n'insanganyamatsiko ivugwamo.<br>– Kungurana ibitekerezo ku buryo bwo kubungabunga ibidukikije.<br>– Guhina umwandiko mu magambo ye bwite.<br>– Guhanga umwandiko ntekerezo.<br>– Gushushanya ikarita y'u Rwanda no kugaragaza aho inshami z'Ikinyarwanda n'indimi z'uturere bihetereye.<br><br>**Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero, ku mbuga za interineti… |
| **Ingingo nsanganya masomo zibanzweho** | – Ibidukikije.<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. | – Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. | – Kubungabunga ibidukikije.<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| **Ubushobozi nsanganya masomo bwibanzweho** | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe.** | – Gutanga imyitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Gukora umukoro wo guhanga umwandiko ntekerezo.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. | – Gutanga imyitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Gukora umukoro wo guhanga inkuru ndende.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. | – Gutanga imyitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Gukora umukoro wo guhanga umwandiko ntekerezo.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. |

| | **Umutwe wa 10: Ibiyobyabwenge** |
|---|---|
| **Umubare w'amasomo** | 21 |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | Gusesengura umwandiko ku biyobyabwenge no kwandika neza inyandiko z'ubutegetsi, amatangazo anyuranye n'ubutumire. |
| **Umubare w'ibyigwa** | **Uyu mutwe uzigishwa mu bice 5:**<br>**Intera ya mbere:** Gusoma no kumva umwandiko *"Ingaruka z'ibiyobyabwenge, imungu y'ubuzima bwacu."*<br>**Intera ya kabiri:** Gusesengura umwandiko<br>**Intera ya gatatu:** Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo no kujya impaka<br>**Intera ya kane:** Ibaruwa y'ubutegetsi n'umwirondoro<br>**Intera ya gatanu:** Amatangazo n'ubutumire |
| **Imfashanyigisho zisabwa** | Imyandiko ivuga ku biyobyabwenge, amashusho anyuranye yerekana ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, inkoranyamagambo n'imfashanyigisho zifatika nk'amatangazo, ubutumire, ibaruwa z'ubutegetsi n'imyirondoro y'abantu banyuranye. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize** | **Ibikorwa:**<br>– Gusoma neza wubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusobanurira amagambo akomeye mu matsinda.<br>– Gukora imyitozo inyuranye y'inyunguramagambo.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu matsinda.<br>– Kuvumbura ingingo z'ingenzi z'umwandiko n'insanganyamatsiko ivugwamo.<br>– Kuganira ku ruhare rw'ibiyobyabwenge mu kudindiza iterambere no kujya impaka ku ngamba zo kubyirinda.<br>– Gusesengura no kwandika ibaruwa y'ubutegetsi, umwirondoro, amatangazo n'ubutumire. |
| | **Imyigishirize:**<br>Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero, ku mbuga za interineti… |

| | |
|---|---|
| **Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho** | – Ubuziranenge.<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho** | Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi, guhanga udushya, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe** | – Gutanga myitozo ya nyuma y'isomo ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.<br>– Gukora umukoro wo guhanga ibaruwa y'ubutegetsi, kwandika umwirondoro, amatangazo n'ubutumire.<br>– Gukora isuzuma risoza umutwe buri muntu ku giti ke.<br>– Gukora imyitozo nsindagirabumenyi ku banyeshuri bagenda gahoro n'imyitozo y'inyongera ku banyeshuri bihuta cyane. |

## Umuteguro w'isomo ntangarugero

### Imbata y'isomo ryo gusoma no kumva umwandiko

Izina ry'ishuri: G.S. RUMURI　　　　Amazina y'umwarimu: NKESHA Violette

| Igihembwe | Itariki: | Inyigisho: | Umwaka | Umutwe | Isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'aba-nyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Cya mbere** | **........** | **Ikinyarwanda** | **wa gatandatu** | **wa kabiri** | **1 & 2** | **Iminota 80** | **45** |

| | |
|---|---|
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo:**<br>Abanyeshuri bafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri: 1<br>Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza: 1 | |
| **Umutwe wa kabiri: Uburinganire n'ubwuzuzanye** | |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | – Gusesengura umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.<br>– Gusesengura ibinyazina ngenera na ngenga. |
| **Isomo** | **Gusoma no gusobanura umwandiko:** "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda" |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri. |
| **Intego z'isomo** (zitagira uwo ziheza) | **Umunyeshuri ahereye ku mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda"yasomye yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, araba ashobora:**<br>– Gukoresha mu nteruro amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo yungukiye mu mwandiko no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko mu gihe k'iminota 5 adakoze amakosa arenze atanu. |
| **Imfashanyigisho** | Umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda", amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko. |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'inkoranyamagambo. |

| **Igice k'isomo n'igihe kimara** | **Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora**<br>Bayobowe n'umwarimu, abanyeshuri bifashishije umwandiko, amashusho, barasoma kandi basubize ibibazo ku mwandiko. Barasobanura igika ku gika, amagambo akomeye cyangwa itsinda ry'amagambo basubize ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko biganisha mu gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. | | |
|---|---|---|---|
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **1. Intangiriro:** Iminota 10 | – Kubaza ibibazo biganisha ku kumenya icyo abanyeshuri bazi ku ijambo uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Kwereka abanyeshuri ishusho ritangira inkuru, ukababaza icyo bumva inkuru iri buvugeho no kubasaba gutahura umutwe w'inkuru | – Kuvuga icyo bazi ku ijambo uburinganire n'ubwuzuzanye<br>– Gutahura insanganyamatsiko y'umwandiko. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Ubushishozi no gufashanya.<br>– Ubushakashatsi.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| **2. Isomo nyirizina:** Iminota 50 | **Igikorwa cya mbere: Gusoma umwandiko (Urupapuro: 63-65)**<br>– Kubwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "Uburinganire n'ubuzuzanye mu muco nyarwanda", bandika n'amagambo akomeye.<br>– Kugenzura ko basomye ababaza ibibazo.<br>– Umwarimu asoma aranguruye yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>– Gusaba abanyeshuri gusimburana basoma mu ijwi riranguruye.<br>– Umwarimu afasha umunyeshuri kwikosora cyangwa gukosorwa na bagenzi be mu gihe adasomye neza.<br>– Kubwira abanyeshuri gusoma umwandiko mu matsinda.<br>– Gusaba itsinda ririmo utumva neza kujya risoma riranguruye cyane kugira ngo yumve.<br>– Kugenzura ibikorerwa mu matsinda. | – Gusoma umwandiko bucece no kwandika amagambo akomeye.<br>– Gusubiza ibibazo bigaragaza ko basomye.<br>– Gutega amatwi ibyo umwarimu asoma.<br>– Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye.<br>– Kwikosora aho basomye nabi, bayobowe n'umwarimu.<br>– Gusomera umwandiko mu matsinda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Ubushishozi no gufashanya.<br>– Ubushakashatsi.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | **Igikorwa cya kabiri: Gusobanura umwandiko (Urupapuro: 63-65)**<br>– Kubwira abanyeshuri gukoresha mu nteruro amagambo ahuje inyito.<br>– Kubwira abanyeshuri gusobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akomeye ari mu mwandiko bari mu matsinda.<br>– Kubwira abanyeshuri gukoresha mu nteruro zinoze amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo yungutse mu mwandiko.<br>– Kubwira abanyeshuri gusimbuza amagambo abahaye ayo mu mwandiko ahuje inyito. | – Gukoresha mu nteruro amagambo y'impuzanyito.<br>– Gusobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akomeye ari mu mwandiko.<br>– Gukoresha mu nteruro zinoze amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo yungutse mu mwandiko.<br>– Gusimbuza amagambo ahawe ayo mu mwandiko ahuje inyito. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Ubushishozi no gufashanya.<br>– Ubushakashatsi.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| | **Igikorwa cya gatatu: Gusesengura umwandiko (Urupapuro: 63-65)**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo byo gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.<br>– Kubwira abanyeshuri kwerekana agaciro k'umugore mu muco nyarwanda.<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo bituma basoba nukirwa neza insanganyamatsiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda".<br>– Kubwira abanyeshuri bari mu matsinda kwerekana uburyo umuco nyarwanda wabanga miraga uburinganire n'ubwuzuzanye, batanga ingero zifatika.<br>– Gufasha abanyeshuri kunoza inshamake y'ibyavuye mu matsinda no kuyandika. | – Gusubiza ibibazo byo gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.<br>– Kwerekana agaciro k'umugore mu muco nyarwanda.<br>– Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye.<br>– Kwerekana bari mu matsinda uburyo umuco nyarwanda wabangamiraga uburinganire n'ubwuzuzanye, batanga ingero zifatika.<br>– Gukora inshamake y'umwandiko no kuyandika | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Ubushishozi no gufashanya.<br>– Ubushakashatsi.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **3. Umusozo w'isomo Iminota: 20**<br><br>**Ikomatanya** | – Kubaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.<br>– Kubwira abanyeshuri gukora inshamake y'umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda".<br>– Kubwira abanyeshuri kugaragaza amagambo yungutse mu mwandiko. | – Gutanga ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.<br>– Gukora inshamake y'umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye".<br>– Kugaragaza amagambo yungutse mu mwandiko. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>– Gushyikirana.<br>– Ubushakashatsi.<br>– Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| **Isuzuma** | – Kubaza abanyeshuri ibibazo byo gusesengura umwandiko. (Urupapuro: 65–66)<br>– Kubwira abanyeshuri gukoresha mu nteruro amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo yungutse mu mwandiko.<br>– Kubwira abanyeshuri gutanga inshamake y'umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye". | – Gukora interuro ziboneye bakoresheje amagambo yo mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda".<br>– Gukora inshamake y'umwandiko. | |
| **Umukoro** | – Guha abanyeshuri amagambo arimo impuzanyito bakayakoresha mu nteruro. | – Gukora umukoro | |
| **Igenagaciro** | Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari. | | |

# 1A Umuco nyarwanda: Ubuvanganzo nyabami

(Umubare w'amasomo: 49)

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
| --- |
| – Gusesengura igisigo nyabami n'ibitekerezo by'ingabo no kurondora izindi ngeri z'ubuvanganzo nyabami agaragaza uturango twazo.<br>– Gusobanura no gukoresha iminozanganzo. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yakagombye kuba azi uturango tw'ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda, kandi ashobara gutandukanya ingeri z'ubwo buvanganzo. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| - |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi… |
| **Amagambo fatizo:** igisigo nyabami, ikobyo, icyanzu, impakanizi, ubwiru, ubucurabwenge, igitekerezo k'ingabo. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri gice

| Igice | Umubare w'amasomo |
| --- | --- |
| **Umwandiko: Ukwibyara** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko « Ukwibyara » | Amasomo 15 |
| Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko «Ukwibyara» | Amasomo 10 |
| Intera ya gatatu: Ubuvanganzo nyabami | Amasomo 6 |
| Intera ya kane: Kungurana ibitekerezo | Amasomo 2 |

| **Umwandiko: Igitero cy'umunsi w'inyana**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko<br>Intera ya kabiri : Gusesengura umwandiko « **Igitero cy'umunsi w'inyana** » | Amasomo 6<br><br>Amasomo 6 |
|---|---|
| **Isuzuma** | Amasomo 4 |

## Igisigo nyabami: Ukwibyara

### Intera ya mbere: Kumva no gusobanura igisigo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 1)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku gisigo yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri araba ashobora:
- Gusoma igisigo yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu  gisigo.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva igisigo.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri kirimo igisigo, igitabo cy'umwarimu, n'inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu arabwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ahari umwandiko bagiye gusoma, ababaze ibibazo bibafasha kumva icyo asobanura no kuvumbura ibikubiye mu mwandiko yifashishije ayo mashusho.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Turahabona umwami wicaye imbere y'abantu bahagaze imbere y'ingoro.
b) **Uwo mwami ameze ate?** Uwo mwami yambaye ikamba mu mutwe.
c) **Murakeka ko ari ukubera iki yambaye ikamba?** Turakeka ko yambaye ikamba kubera ko ari umwami.
d) **Umugabo uhagaze imbere y'umwami murakeka ko ari muntu ki?** Ni umusizi uri kumutura igisigo.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "Ukwibyara"

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece:

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **"Ukwibyara"** barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

***Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:***

a) **Iki gisigo kiravuga iki muri rusange?** Iki gisigo kirasingiza abami.
b) **Ni iyihe nteruro itangira igisigo?** Interuro itangira igisigo ni "Ukwibyara gutera ababyeyi ineza".
c) **Ni abahe bami bavugwa mu gisigo?** Abanyeshuri basubiza bamwe mu bami bavugwa mu gisigo.

### 2.2. Gusoma baranguruye:

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, buri tsinda akariha igice k'igisigo rigomba gusoma umwumwe abandi bo mu itsinda rye bakurikiye. Umwarimu agenda azenguruka mu matsinda yose yumva uko basoma agakosora abadasoma neza kandi agenzura uko bitabira gushaka gusoma.

## 3. Gusobanura igisigo

Abanyeshuri bari mu matsinda yabo, umwarimu ababwira gusoma igice k'igisigo bahawe no gushakamo amagambo akomeye bakayashakira ibisobanuro bakoresheje inkoranya, iyigankomoko n'igereranya. Nubwo hari amagambo yatanzwe mu bitabo byabo, abanyeshuri baganira ku bisobanuro byahawe ayo magambo kandi n'andi atasobanuwe bakayasobanura. Umwarimu abwira abanyeshuri kandi gusubiza ibibazo byabajijwe ku gisigo. Umwarimu abwira buri tsinda kwitoramo umuyobozi n'umwanditsi. Umuyobozi w'itsinda ni we utanga amagambo kugira ngo bagenzi be bavuge kuri gahunda. Akora ku buryo buri munyeshuri atanga ibitekerezo bye. Umwanditsi agenda yandika ibitekerezo bagenzi be bumvikanyeho akaza no kubigeza ku yandi matsinda mu gihe cyo guhuriza hamwe. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe mu matsinda atandukanye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda no gushimira abagize buri tsinda nyuma yo kumurika ibyo bumvikanyeho. Umwarimu afasha abanyeshuri kunoza ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho n'umukono ugaragara kandi babisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo bafashe abafite ubumuga bwo kutabona.

## I. Inyunguramagambo

***Urugero rw'amagambo n'ibisobanuro byayo:***

1. **Batambira:** biva ku nshinga gutamba ari byo bivuga kubyina kubera ibyishimo. Aha bivuga abishimiye ibyiza byabaye, inkuru nziza.
2. **Munozandagano:** iri ni ijambo ry'inyunge
   - Kunoza: gutunganya
   - Indagano: umugambi; umurage
   - Munozandagano: utunganya, ukurikiza umurage w'iwabo.
3. **Nsana:** biva ku nshinga "gusana" bivuga gusubiranya ibyari byasenyutse. Nsana uvugwa ni Yuhi IV Gahindiro.
4. **Buhanzi:** umwami ukuze, ufite uruhara.
5. **Nyamuhanza:** i Runda rwa Kajara mu Ndorwa. Umurwa wa Kigeli III Ndabarasa.
6. **Muhanuzi:** umuntu uzi gushishoza akareba neza imigendekere y'ibintu.
7. **Amahano:** ibyago.
8. **Muhumuza:** uwatanze amahoro, ihumure.
9. **Umuhozi:** uwahoye (guhora) abanzi.
10. **Kigeli cya Ngerekera:** ni Kigeli cya Nyirangabo nyina wa Ndahiro II.
11. **Ingeso:** imico, amatwara.
12. **Imisumba:** abantu b'ikirenga.
13. **Ku Rusumamigezi:** ku Ijuru rya Kamonyi.(Ni ukuzimiza). Ni ahantu hirengeye amazi atemba mu mabanga yose.
14. **Amasugi yanyu azira igisasa:** abagore banyu ntibajya babyara ibigwari, ibyangwe.
15. **Mu Byaguka:** ni i Gisanze ho mu Karere ka Huye aho nyina wa Mutara II Rwogera yavukiye. Kwagura no gusanzura bivuga kimwe.
16. **Mpangarijekure:** guhangaza ni ugutegereza igihe kirekire.
17. **Nyiri uburezi:** uwavutse neza agahabwa impano nziza.
18. **Buzamagana amacwa:** uzadukiza imize, ibyago byokamye Igihugu.
19. **Amaziri:** amata adashobora kuvura, acikagurika. Bavuga ko inka ikamwa bene ayo mata bayihumanyije. Aca inka mo amaziri: atuma inka zikira ubuhumane bw'abanyamahanga ba Nsibura Nyebunga.
20. **Gusenda imisaka:** ubusanzwe ijambo "gusenda" rikoreshwa bashaka kuvuga kwirukana umugore. Aha gusenda imisaka bashaka kuvuga "kuvana abantu mu bwirabure".
21. **Ya Rusenge:** y'i Bugamba.
22. **Mucurwa n'inyundo ziramye:** mubyarwa n'ibihangange.
23. **Abarenzi:** imfura zisingizwa.
24. **Mu mirinzi ya Cyarubazi:** mu miko ya Rwamiko.
25. **Muzira icyangwe mu minwe:** nta mwete muke mujya mugira mu mikorere.
26. **Mwameze ibiganza bitatugwabiza:** mufite amaboko adutunze.

27. **Ingendutsi:** abagenda bikababahira (ku rugamba) abantu b'ingirakamaro.
28. **Abami b'akamazi:** abami b'ingirakamaro.
29. **Imanzi z'uburezi:** intwari zitagira uko zisa, nziza (ku mubiri).
30. **Ibirezi byamye:** imfura zisingizwa.
31. **Muri abaremere b'i Tanda:** ibihangange by'i Tanda (ruguru ya Muhazi).
32. **Ku isi itengerana:** i Gasabo (bivuga ku gisabo kuko bagicunda, ni ko gutengerana).
33. **I Rutambamitavu:** aho inyana zitamba, zisimbagurika. Ni ahantu hakize, hari umutungo.
34. **Bene iteka ritahava:** abatanga itegeko ntirikuke.
35. **Nta byikamize urakimana:** ibyikamize bivuga umwaga w'inka yanga gukamwa. Hano biravuga ko mu gihe yagiye ku ngoma nta rugomo cyangwa amahane byabayeho, abantu bari mu munezero.
36. **Ntitugira umuvuro:** nta hagarikamutima dufite kuko dushyigikiwe.
37. **Sango:** Buhungiro; umuntu ukenewe abandi bisunga.
38. **Isango:** biva ku gusangira. Bivuga ko abakurambere be banze ko hagira undi basangira Igihugu, basangira ubutegetsi.
39. **Gukuza umusanzu n'umuganda:** gusenyera umuntu.
40. **Abagusigaranye imbuto n'intanga:** abaguhaye kuzabyara, kuzororoka.
41. **Bakuraze izi ntarama:** baguhaye umurage w'izi nka zigukamirwa.
42. **Ku Rutambamyato:** ku Kinanira.
43. **Ku Rutambabiru:** i Ngoma.
44. **Matungiro:** utunze byose (umwami).
45. **Mu ntahondende:** i Muremure.
46. **Data:** ntibivuga se umubyara, ahubwo ni nk'igihamagaro cyo kwaka umutegetsi w'ikirenga.
47. **Nyiri Ikinguge:** ni ukuvuga se wa Kigeli cya Nyanguge. Nyanguge ni umugore wa Cyilima I Rugwe akaba nyina wa Kigeli I Mukobanya.
48. **Kigirira cyo mu nzeru:** umwigire, uwigize igihangange ubwe nk'uko inzuzi, indagu zari zarabyemeje.
49. **Mazina:** uhagarariye umuryango.
50. **Yarakwigeze:** yaguhaye kuba intwari nka we ntuzamutenguhe.
51. **Uzagabe nka Gisanura:** uzagabe imisozi unyaze abandi bami nk'uko Gisanura yabigenjeje.
52. **Ny'ebisu by'emisango:** iyi ni imvugo ya kera cyane bita urunyacyilima. Aha bivuga umuntu ufite indoro ibengerana, ibikorwa bihanitse by'agatangaza.
53. **Umugabekazi waduhekeye:** ni Nyiramavugo II Nyiramongi nyina wa Mutara II Rwogera.
54. **Aduhaka nk'umugabo:** adutegeka nk'umugabo. Biributsa ko Nyiramavugo Nyiramongi ari we wategekaga Igihugu kuko Rwogera yari akiri umwana.
55. **Mudasobwa:** umuntu utagira amazinda, utibagirwa, utibeshya.

56. **Nyiratunga:** ni Nyirayuhi IV Nyiratunga nyina wa Yuhi IV Gahindiro akaba nyirakuru w'utuwe igisigo (Mutara II Rwogera). Na we yategetse kigabo mu gihe Gahindiro yari akiri umwana, hanyuma yamara gukura akamwegurira ubutegetsi.
57. **Nacuriye amahari:** nateze n'amahari nagiye impaka n'ababarwanya turatega (tugirana integano).
58. **Nzi ko mutazacibwa inka:** nzi ko mudateze gutsindwa n'amahanga ngo bitume mutanga ibyiru (impongano, ibihano).
59. **Duhorana incungu:** mutubereye abatabazi. Ni mwe muducungura muturinda ibyago.
60. **Mucana umuriro utazima:** umuryango wanyu urakomeye, uhora wiyuzukuruza intwari. Ikimenyetso k'ibyo ni uko i Bwami hari umuriro utazima.
61. **Muri inzungu za Bwima:** muri imana z'i Bwima.
62. **Bwagiro:** buhungiro (aho umuntu yagira, ahungira umukeno).
63. **Buyumbu:** Bumbogo. Bumbogo ni umurwa w'ubuhungiro.
64. **Nimugarishye mwaraganje:** nimugabe amashami hose mwaratsinze.
65. **Mwagagaze:** mukube amahugu.
66. **Uruharo:** ubundi bivuga umubyizi, aha bivuga amahugu abami bigaruriye. Uko umwami yigaruriye Igihugu ni uruharo aba atuye.
67. **Mwambereye igisaga:** narabitegereje nsanga mufite ubwiza buhebuje.
68. **Mbasenge:** gusenga hano bivuga gusingiza.
69. **Muhe urubanza:** muhe ijambo.
70. **Muhongerwa:** aha si izina bwite, ni izina risingiza Cyilima rivuga ko akwiye amaturo.
71. **Buhatsi bw'impundu n'imposha:** utunze kandi agatanga ibyishimo n'ituze.
72. **Samukuru wa Samukondo:** igihangange gikomoka kuri Samukondo. Uyu Samukondo ni Nsoro I Samukondo sekuru wa Cyilima I Rugwe.
73. **Rukwizabisiza:** uwatumiye inka ziba nyinshi mu Gihugu zigakwira ibisiza.
74. **Kwandurura imigisha y'abandi bami no gusarura bahinze:** ibi ni amarenga.
75. **Mugabo mu nka nyirazo azirimo:** aya magambo ni amarenga ashaka kuvuga ko Mukobanya ataraba umwami yahagaze mu ngabo za se akazirwanirira kandi se akiriho.
76. **Bazigama ingoma:** umurengezi w'ingoma ayibuza kunyagwa n'abandi (abanyamahanga).
77. **Bazigurase ku ngoma:** yahagaze kuri se bateye mu mahanga. Yaramurwaniriye.
78. **Bazindukira intambara:** ni umuzindukira kurwana. Abyuka iteka abyukiye kurwana.
79. **Bitambara nyiri urutete:** umurwanyi utwara icumu. Urutete ni uruti rw'icumu, hano ariko bikavuga icumu ryose. Icumu rya Mukobanya ryitwaga Nsinzumusazi.
80. **Uwatanyaga:** uwicaga (gutanya). Si ukwatanya.
81. **Umunyabutatu:** uwambaye urubindo. Wari umwambaro w'Abashi. Kari akantu banyuzaga hagati y'amaguru n'ikibuno bakagashumikira mu rukenyerero.

82. **Nimumuhe rugari:** nimumuhe urubuga.
83. **Atambe imyato:** avuge ibikorwa bye by'akataraboneka, bitangaje kandi byo ku rugamba.
84. **Agasongoro k'ubugabo:** ingororano y'ubutwari. Agasongoro ubundi ni inyama y'igitigita bongeraho ururimi rw'inka bakabiha umutware (inyama y'umutware).
85. **Mu Musandura:** mu Bwiyando hafi ya Kinyambi ho mu Karere ka Kamonyi.
86. **Gisamamfuke:** gusama ni ugusamira hejuru ikintu cyari kwitura hasi. Imfuke ni ingoma, ingoma isa n'ipfutse (ni umuzimizo w'abasizi). Biravuga rero ko yatabaruye ingoma.
87. **Mabarabiri:** ni Mibambwe Sekarongoro Mutabazi. Umusizi kumwita Mabara abiri ni ukwibutsa ko yakomerekeye muri cya gitero cy'Abanyoro. Ubwo ibara rimwe ni iryo asanganywe ry'umubiri we irindi ni iry'amaraso yavuye.
88. **Nkovu imbere:** ni ukuvuga ko yasigaranye inkovu mu ruhanga. Ni ukuvuga kandi ko batamurashe inyuma batamurashe ahunga.
89. **Mbogoye:** biva ku kubogora bivuga kunamura. Yabogoye Igihugu, yaracyunamuye.
90. **Nyiri imbuga mu mbone:** ufite inkovu mu ruhanga (ni nk'intoboro).
91. **Rutsinda:** umutsinzi uwaduhaye gutsinda.
92. **Urutsike:** muri iki gisigo bivuga uruhanga; ubundi bivuga agatsiko k'amoya yo hejuru y'ijisho.
93. **Urutsizo:** ubundi bivuga icyuhagiro bakoresha mu mihango y'imandwa. Babaga bashyizemo ibyatsi ngo byo gusenda (kwirukana) abazimu. Hano bivuga intsinzi (ikintu gituma abantu basimbuka ibyago byari hafi gutuma bashira).
94. **Inzimu:** amahano, ibyago by'ibivakuzimu (Abanyoro).
95. **Kizima:** umuntu uriho kandi utuma n'abandi bagira ubuzima.
96. **Nzogoma:** umuterabwoba.
97. **Rugasira:** umudatsindwa.
98. **Rwarasanaga mu nka za se:** urwaniriye inka za se akazihagararamo ntizinyagwe (n'Abanyoro).
99. **Amahindu:** ni urubura; aha ni igitero cy'Abanyoro cyaje nk'amahindu.
100. **Azihungiye:** azitunguye.
101. **Arazihumbiririza:** biva ku guhumbiriza. Biributsa ko Sekarongoro yakomeretse akava amaraso akamwuzura mu maso, ibyo bikavamo imitsindo.
102. **Rutukuzandoro:** umusizi amwita atya kuko yavuye amaraso mu ruhanga agasa n'aho indoro itukuye.
103. **Mumuhaye (ubugabo):** murate ubutwari bwe. Mu mbundo ni "guhaya."
104. **Mumuhigure ingoma:** mumugororere kuba umwami.
105. **Mu murongo uje:** mu gitero kigeraga kwaduka.
106. **Yarwaniye Nyamurunga:**Yarwaniye ingoma Rwoga.
107. **Mihayo y'ingoma:** igisingizo k'ingoma.
108. **Umukomeza w'inkuna:** uwateraga imbaraga, uwari inkingi y'abamwitangiye, y'abemeye kumwitangira, kumwihambiraho batarambirwa.

109. **Wa mwami wo mu makungu:** wa mwami wari mu rubyiruko rutyaye, urubyiruko rw'abakubanyi (abarwanyi).
110. **Mutoramakungu:** wishyiriraga mu itorero, witoreraga urubyiruko rw'inkubanyi (rurwana nk'inka z'inkungu).
111. **Rwinkindi:** intore yambaye neza, iberewe n'ingabo.
112. **Nkomyurume:** umuzindutsi, utagira ubute utaryamira, utiganda.
113. **Wa Misaya:** wa Matama nyina wa Yuhi Gahima yitwaga Matama.
114. **Gusenda:** kwirukana umugore.
115. **Inkundwakazi:** umugore ukunzwe n'umugabo we kurusha bakeba be.
116. **Nkozurugendo:** Mutabazi.
117. **Imfizi ya Bicaniro:** imfizi y'igicaniro k'inka. (watumye dutunga).
118. **Bugiri:** uwigize igihangange.
119. **Umwigire:** biva ku nshinga "kujya"; ni uwigiriyeyo ubwe, nta bandi atumye.
120. **Ingoma z'ingombe:** ubwami buruhanije busaba imirimo iruhije, ingoma ifite amarushywa.
121. **Umugombozi:** umuzungura, umusimbura. Kugombora ni ugusimbura si ugukiza ubumara bw'inzoka.
122. **Azigire Ndoli:** ateganyirize Ndoli, amutegurire.
123. **Ndahiro aruhira:** aritanga.
124. **Rubyukirangoma:** uzima ingoma, uzaba umwami nyuma (Ni Ruganzu II Ndoli).
125. **Nabyukire:** kubyukira bivugwa ubundi ku nka ziva mu rugo, mu gitondo cya kare zikajya kurisha, zikaza gutaha nko ku gasusuruko kugira ngo zikamwe. Muri iki gisigo ni Ndoli uvuye mu Gihugu akajya i Karagwe. Umusizi aranga gukoresha ijambo guhunga.
126. **Nabyukuruka:** nagaruka, nahindukira.
127. **Yinikize inka zikamwa ubutaretsa:** atangire akame inka zitajya ziteka na rimwe (zihora zikamwa).
128. **Ntiziranze:** kuranza ni ukuranga (kumanika) ibisabo kuko nta mata bafite yo gucunda inka ziba zatetse. Inka zitaranza ni izikamwa buri gihe zitajya ziteka. Ibyo se bishoboka bite? Birashoboka kuko zimwe iyo zatetse izindi ziba zabyaye. Bityo zikagenda zisimburanwa.
129. **Imoko:** akenge ko mu ibere amata aturukamo.
130. **Yaziziburiye imoko:** yatumye inka zikamwa.
131. **Iw'abandi:** mu mahanga. Ni i Karagwe.
132. **Gacamukanda:** uwatuvanye ku ngoyi (y'abanyamahanga).
133. **Bicuba:** ibicuba ni ibyansi binini baterekamo amata. Ibicuba nanone babikoresha iyo badahira inka (iyo bavoma amazi mu iriba bayasuka mu bibumbiro). Kwita Ruganzu Bicuba ni uko yatumye inka zigaruka nyuma y'iminyago yatewe na Nsibura Nyebunga.
134. **Umuci w'inzigo:** uwaduhoreye.
135. **Nyabuzima:** inkingi y'ubuzima, uwatanze ubuzima. Biributsa ko yavanyeho amagomerane akagarura Igihugu.

136. **Umuzimura:** uwagaruye, uwacyamuye, yagaruye ibyari byazimiye.
137. **Umuzahura:** kuzahura ni ukondora, ukuvura, ugukiza. Ibyo yasanze yarabyondoye arabizamura.
138. **Nyamashinga:** amashinga ni imipaka, imbibi, yashinze imipaka ihamye.
139. **Ubutazadushira:** ku buryo bitazatuvamo, tutazabyibagirwa.
140. **Cyungura:** uwunguye Igihugu.
141. **Ku cyuma:** ku Nyundo, habaye umurwa wa Ruganzu.
142. **Cyubahiro:** ni Karinga. Yashyizweho na Ruganzu II Ndoli kugira ngo isimbure Rwoga yanyanzwe na Nsibura Nyebunga.
143. **Kihabugabo:** ni we wihaye ubutwari (Ruganzu II Ndoli).
144. **Karuhura:** uwatumye abantu bahumeka, baruhuka ingorane barimo.
145. **Umuganda akawigiza mu rumira:** akubaka mu mazi rwagati ( ni ku Ijwi kuko ari mu Kivu rwagati).
146. **Ngabo:** ni Mutara Semugeshi basingiza bamwita ingabo iyi bakinga bari ku rugamba. Aha ni ukuvuga umuntu uzi gutwara ingabo ye, ni umurwanyi ukomeye.
147. **Yica ingome:** yica ingabo zigomye, ingabo z'amahanga zitayoboka.
148. **Rwirabanzarwe:** uwisize ibyondo ku mabuga akabyisigira aho inka zishoka.
149. **I Buziga:** i Nyundo ho mu Karere ka Ruhango.
150. **Nzogera:** wambaye imidende igenda ivuga nk'amayugi. Byari ikimenyetso kiranga umwami.
151. **I Butazika:** i Rwoga. Ubwo kuhita i Butazika ni ukuvuga ahantu hahora hejuru harerernba, hatagwa hasi.
152. **Nyirinyumba:** umutegeka w'ingoro (inzu y'umwami).
153. **Nyunga ya Ruganzu:** umuzungura wa Ruganzu; uwunganiye Ruganzu uwateye mu kirenge cya Ruganzu.
154. **Akayambika karindwi:** kwambika Karinga ni ukuyishyiraho ibinyita (ibishahu) by'umunyamahanga bishe bakamushahura. Kuvuga karindwi ni ukuvuga abantu barindwi bashahuye bakambika Karinga.
155. **Shebuja wa Nyamiringa:** umutware w'Urusengo bitaga Nyamiringa cyari ikirangabwami.
156. **Rwasiye:** kwasira ni ugutunga umudende w'uko yishe abanyamahanga barindwi. Ni cyo rero yambikiwe uwo mudende.
157. **Isugi:** inziramakemwa.
158. **Bugabo burimo ubugongo:** Intwari itagira ikigereranyo.
159. **I Shunga:** ni mu Busanza, aho Nyamuheshera yahoze atuye.
160. **Nyiri ishya ry'inka n'ingoma:** uwatumye habaho ihirwe ry'inka n'ingoma y'ubwami.
161. **Mucuzi:** yari inyundo y'ibwami yacuze intwaro ze ntayihemukira.
162. **Bwambaramigezi:** ni imvugo ijimije ishaka kuvuga "Ijuru rya Kamonyi." Ijuru ni ryo rivubura imvura; ni nk'aho rifite imigezi.

163. **Ku isonga y'ingabo:** ku mutwe w'ingabo, imbere y'ingabo.
164. **Yarayahinze:** biva ku nshinga "guhunda" ivuga gutaka ingoma yabo yayitatse ingoma nyinshi zindi yanyaze.
165. **Rugabishabirenge:** utanga imisozi n'ubundi bukire. Ni izina bari barahimbye Mibambwe Sekarongoro Gisanura kubera ko ngo yagiraga ubuntu.
166. **Maboko atanga atagabanya:** birerekana na none ko yagiraga ubuntu. Aha ni nk'aho bavuze ko atanga atitangiriye itama.
167. **Bwanza buke:** ubwanza bivuga ubugugu. Bwanza buke ni umuntu utagira ubugugu na busa.
168. **Burega bwa Mutima:** Nyabwenge wa Nyabuhoro, izina rya Nyiramibambwe II.
169. **Ubwo akangiye icyanya:** igihe atungutse mu cyanya (ishyamba).
170. **Cyanwa:** ni Ntare. Umusizi avuze Ntare ku buryo buzimije (intare igira icyanwa).
171. **Azanye ikeyi:** aje afite agasuzuguro. Ubundi ikeyi hari ubwo bivuga ikimwaro.
172. **Agahama:** ubundi bivuga akagezi kamanuka mu muhaga. Hano bivuga uruguma rwo mu gahanga. (Inkoni zimurema uruguma mu gahanga).
173. **Gashirabwoba:** umwihare, umuntu utagira ubwoba.
174. **Ubushami:** amaboko. (ubuhangange).
175. **Ubushongore:** ishema.
176. **Mudahakana:** umuntu ugira ubuntu, ukunda gutanga.
177. **Ruhonga:** umuntu utemera guhonga, guhendahenda umuntu ugira ngo agwe neza.
178. **Abakaraza:** abiru (abavuzi b'ingoma).
179. **Yakandagiye Nyiri i Nkoma:** yishe umwami w'i Nkoma. (Ni Ntare III Kivimira).
180. **Mu bitwa bya Muhima:** mu mpinga ya Muhima (hafi ya Save).
181. **Wari uhanze:** wari warigize akataraboneka.
182. **Ruhungurabirwa:** uwigaruriye ibirwa byose.
183. **Ruhakamiryango:** umutegeka w'ibihugu.
184. **Rwezamariba:** kweza iriba ni ukurigira neza kugira ngo nibadahiramo amazi ataba mabi. Ibi biributsa ko Cyilima yari umwami w'inka.
185. **Murerampabe:** urera, ufata neza abari baragize ibyago. Ibi bishobora kuba byibutsa ko na we yari yarabaye impabe kuko yari yarahunze Yuhi Mazimpaka, ahungira mu Gisaka kwa Kimenyi II Getura.
186. **Bihubi:** uwatumye ingoma zisukira rimwe kubera ibyishimo. Haba umurishyo w'ibihubi. Iyo bawuvuza ingoma zose zisukira (zivugira) rimwe.
187. **Ruhugukirambere:** uwo indagu zitayeho cyane. Ni ukuvuga ko kugira ngo abe umwami abashinzwe iby'iyimika bamuragurije babishishikariye.
188. **Kibonwa:** uwo imana (inzuzi zo mu ndagu) zereje, zabonye.
189. **Rusagurirandekezi:** uhaza inka zishoka: Indekezi ni inka zishoka amariba zituruka kure.
190. **Mutazimbwa:** kuzimbwa ni ukurushwa n'undi mu bikorwa.
191. **Mazuba:** ni Mutaga III Sebitungwa. Harimo kuzimiza.
192. **Muzigirwa:** uwo abantu bafiteho ikizere, amahirwe.

193. **Abizingazingira hamwe:** abitsindira byose icyarimwe. Turabona ko ari nk'umuntu urwana n'abantu batatu cyangwa babiri kandi mu maboko maze akabazingazinga.
194. **Intwari y'igisaga:** intwari y'ikirenga.
195. **Ababyazi bawe bombi:** ni Mibambwe III Mutabazi II Sentabyo ya Yuhi IV Gahindiro.
196. **Nyemazi:** umuntu wagize akamaro.
197. **Munyagampenzi:** uwanyaze impenzi.
198. **Impenzi:** ingabo.
199. **Impenda:** inka nyinshi cyane, inka zitabarika.
200. **Abakoni barakuya:** abashorezi barakurubana (gushorera, gukurura ibintu byinshi).
201. **Rusumbamitwe:** umuntu w'intwari usumba (urusha) abandi mu ntambara.
202. **Ntizirava inyuma:** ziracyaza, ni inka akomeza kunyaga.
203. **Rugababihumbi:** utanga inka nyinshi zitagira umubare.
204. **Umutanguha:** indahemuka.
205. **Mutambisha batimbo:** utuma abavuza ingoma bishima, bazivuza bishimye.
206. **Mutandi:** umurashi urasira imoso.
207. **Birasana:** ni Ndabarasa.
208. **Umuhangura bashonji:** ugoboka abashonji.
209. **Buriza burese ubugabo:** uwari wuzuye ubutwari akiri muto.
210. **I Bwongera:** i Burundi.
211. **Mu Bugote:** mu Mazinga.
212. **Sohoringoma:** uwakundaga kuvugirizwa n'ingoma.
213. **So wawe:** ari we so.
214. **Zinzazinywe:** uhagarikira inka zikanywa neza mu iriba. Kuzinza ni ugufata ikizinzo (udushami dufite amababi) ukayihungura isazi. Ibyo gufata inka neza kuri Yuhi biributsa ko ari umwami w'igicaniro, ubwo akaba na we ari nk'umwami w'inka kimwe na Cyilima na Mutara.
215. **Shoza yuhire:** uhamagaza inka ngo azuhire zishire inyota. Gushoza inka ni ukuzihamagaza ngo zisange iriba zinywe.
216. **Rwuhanyanzira:** umuntu ugenda yihuta. Umuntu ugenda yuhanya ni ugenda yihuta cyane.
217. **Mazina, Maza Nyiri amazina yanyu:** utuma iminsi iri imbere izaba myiza.
218. **Nyiri u Buzi:** umutegeka w'u Buzi (agahugu ko mu Buhunde mu majyaruguru y'ikiyaga cya Kivu. Uwo mutegetsi ni Karinda wishwe ku bwa Gahindiro.
219. **Nyina amuzanaho mpiri:** nyina (Nyirakarinda) amuzana ari imbohe.
220. **Yabateyemo umukenya:** yabahuyemo urupfu rubakenya (rubica bakiri bato).
221. **Nta wacaniye:** yabamazeho inka.
222. **Abacukuza umuriro:** abarimbuza umuriro.
223. **Umuci w'inkamba:** uvana abantu mo ubwigomeke.
224. **Umurasanira w'ingoma:** urasanira (urwanira) ingoma.
225. **Yayanganiye n'amahari:** yarwanije abashatse na bo kwigira abami. Ibi biributsa

ko uwitwa Gatarabuhura yashatse kwigira umwami hanyuma akabigwamo nubwo Gahindiro yari akiri umwana muto.

226. **Aho yaherewe iminyago irishya:** kuva aho aherewe ingoma iminyago yarasendereye (yabaye myinshi cyane).
227. **Nsoro:** umusizi aributsa ko Rwogera yahoze yitwa Nsoro.
228. **Mu bo nasiga:** mu bo nsingiza mu bisigo.
229. **Uri Biyamiza mu nzoza:** uri amizero y'ibihe biri imbere.
230. **Ruziga:** umuntu ufite umubiri mwiza, umuntu ufite ubwiza bw'umubiri. Si inzobe cyane si n'igikara cyane. Ni nk'umuntu uzize usigirije. Ubundi bavuga ko amasaka azize neza bashyizemo ivu ku buryo buringaniye neza.
231. **Nyiri ibizinzo by'inka:** uzi gukenura inka (kuzifata neza).
232. **Nyiri inkoni za Rusugi na Rusanga:** uhagarikiye Rusugi na Rusanga (imfizi z'ibwami zo mu mihango).
233. **Ko wandikiye ubutwari:** ubwo washyikiriye ubutwari.
234. **Ukaba uhotoye uruti:** ukaba uhangaye, ukomeye.
235. **Guhotora uruti:** ubundi bivugwa ku nka, bavuga ko imaze guhotora amahembe ari nk'ishashi.
236. **Ukiri umutavu:** ukiri muto, umwana. Umutavu bivuga ubundi inyana ikiri ntoya cyane itaratangira kurisha. Umusizi akoresha ijambo "muto"; "umutavu." Kugira ngo yibutse ko MutaraII yimye ingoma akiri umwana. Abamutekerezaho bavuga ko yimye ingoma ari umwana utangiye kwambara.
237. **Serukiramapfa:** uwatsinze inzara.
238. **Amahanga atagukeje kare:** ibihugu bitakuyobotse, bitaguhatsweho hakiri kare.
239. **Kavunanka:** Mutabazi w'inka.
240. **Ugumye uvunye unyumve:** ukomeze umpe akanya unyumve. Kuvunya ni ukwinjiza umuntu cyangwa se kumuha ijambo. Kuvunya bibyara kuvunyisha.
241. **Ingoma yawe yandajeho umuzindu:** ukwimika kwawe kwatumye mbona intumwa.
242. **Dukurire umwami ubwatsi:** tuyoboke umwami kuko yimye; tumushimire kuko yimye; tumushimire kuko yabaye umwami.
243. **Umwogabyano ahaye Rwogera:** igihe Nyiramwiza yeguriye Rwogera ubutegetsi.
244. **Sinijanye:** sinashidikanyije.
245. **Ineza yawe intaha mu nda:** kukwishimira byanguye ku mutima.
246. **Ababuzaga:** biva ku kubuza bivuga guceceka kugira ngo ubanze urebe iyo ibintu bigana; umuntu aba yinumiye.
247. **Burankenkemura:** buranshimisha cyane. Ibyo byose byanteye ibyishimo byinshi.
248. **Sinatendwa mu mbare:** sinahinyuka. Mu mubare w'abasizi (abazi kureba kure cyangwa abapfumu).
249. **Ubu Rukanira ntungirire urukara:** ubu rero nyiri ukuri ntundakarire.
250. **Winyita impezi:** ntuvuge ko naheze, natinze.
251. **Winkeka ubutati:** ntunkekeho ubugambanyi.
252. **Sinagaye umutungo wawe:** sinabujijwe kuza n'uko utabona icyo umpaho ingororano y'igisigo nagutura.

253. **Ni uruharo rwambereye ikibuza:** guhinga ni byo byambujije kuza.
254. **Isuka yinkura ku ngeso:** guhinga byimvana ku mwuga wange (w'ubusizi).
255. **Nimumburane:** ndi uwanyu nimumbuze kugira ibindi mpugiramo bitari ibyo nshinzwe (gusiga).
256. **Amagambo y'Imana:** ni ibitekerezo bihanitse by'ubuhanuzi umusizi asa n'aho yahawe n'Imana.
257. **Imanga:** inzara.
258. **Ikoro:** ituro (igisigo).
259. **Umunyarukano:** umuntu ushinzwe gutanga ikoro iri n'iri ryo gushimira (we ashinzwe gutura igisigo).
260. **Ntiwandobanuye mu b'inyuma:** ntiwanshyize mu b'inyuma.
261. **Abahayi b'ishyanga narabohereje:** abanyamahanga bakwanga narabacecekesheje.
262. **Rubyutsa:** umusizi w'i Burundi.
263. **Yuhi ancira imihigo:** Yuhi IV Gahindiro yemeza ko natsinze arabimpembera.
264. **Mutimbuzi nyiri i Ntora:** (Gisozi yo mu Karere ka Ruhango yahoze yitwa Ntora).
265. **Intiti zo kwa Mutaga ndazitetereza:** abahanuzi bo kwa Mutaga mbakoza isoni, mbacisha bugufi.
266. **Nihanure amahanga:** nshirikire ikinyoma ibihugu by'amahanga.
267. **Nyabwire bwose ntazampaka:** nyabwire nta cyo nsize inyuma ntateze kuzampaka.
268. **Nzi ko barindiye ku busa:** nzi ko nta ntaho bashingiye, bahagaze ku busa.
269. **Urabahungure ubuhake:** bafate bupfubyi ubagire ingabo zawe.
270. **Yuhi abakomye ku ngoma:** Yuhi abavanye ku ngoma.
271. **Nce abami urubanza:** mbabwire impaka z'abami uko zimeze, aho zizagarukira.
272. **Nicariye inkoni:** niyicariye ku nkoni nk'umushumba uragiye.
273. **Nkomere nkomereho:** nkome akamu nuzurize.
274. **Imfizi itari ubwoba:** itagira ubwoba (Ni umwami).
275. **Iziyishyamiye ikazishyambya:** izigerageje kuyigerera ngo zirwane ikazinyanyagiza.
276. **Irashyira ku mutima zigatemba:** iyo izihamije ihembe ku mutima zitura hasi.
277. **Cyurira:** umwami uzamuka agasumba abandi (mu butwari).
278. **Biru b'imirama:** abavuzi b'ingoma (mufate imirishyo).
279. **Muhimbye imiriri:** nimuhanike ibisingizo.
280. **Muvugirize imirenge:** muvuze imirishyo irengera ikagera kure (yumvikana kugera kure cyane).
281. **Yagomoroje imihana:** ingoma yemeje andi mahanga, maze ikayategeka.
282. **Mbasobanure murasigiye:** mbashyire mwese ku murongo umwe, murareshya.
283. **Muri abagabe b'i Bukomasinde na Busakarirwa:** muri abana b'i Bweramvura na Bumbogo. Harimo kuzimiza by'umusizi. Aho imvura igwa cyane (bakoma / bakora) amasinde yo kwitwikira.
284. **Insumba:** inka itari imfizi, itari ikimasa.

285. **Mugasanura iyi miryango:** mukagura, mukongera iyi miryango.
286. **Mpumurize na Nyamarembo:** na Nyamarembo muhe ituze ihumure.
287. **Induba nzivuze:** mvuze impundu.
288. **Mu mirinzi ya Kinyoni:** mu mana (mu miko) ya Kinyoni (iwabo w'Abega na bo babyara abami).
289. **Uruyundo:** umwanya w'umubiri (ku mugabo) ubyara, umusizi arifuriza abami guhora babyara.

## Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Abagenera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryagezeho, nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanononsora, ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

### Ibibazo n'ibisubizo:

1. **Uzurisha interuro zikurikira amwe mu magambo/inyunge z'amagambo akurikira avuye mu mwandiko:** ubushongore, ubwanza, sinijanye, impenzi, amahano, umuhozi, agasongoro k'ubugabo, imisumba.
   a) .....z'umwami Kigeli II Nyamuheshera zatsinze abahunde.
   → **Impenzi** z'umwami Kigeli II Nyamuheshera zatsinze abahunde.
   b) Gisanura yari umwami utagira………………… ni yo mpamvu bamwitaga Rugabishabirenge.
   →Gisanura yari umwami utagira **ubwanza** ni yo mpamvu bamwitaga Rugabishabirenge.
   c) Ruganzu II Ndoli yabaye umwami w'.....kuko yahoreye ingoma ya se Cyamatare.
   →Ruganzu II Ndoli yabaye umwami w' **umuhozi** kuko yahoreye ingoma ya se Cyamatare.
   d) Ingabo zitwaraga neza ku rugamba zahabwaga .....................zitabarutse.
   →Ingabo zitwaraga neza ku rugamba zahabwaga **agasongoro** k'ubugabo zitabarutse.
2. **Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro impuzanyito zayo kandi ukore isanisha rikwiye aho ari ngombwa.**
   a) Mu karere kacu haguye imvura y'**amahindu** yangiza imyaka.
   →Mu karere kacu haguye imvura y'**urubura** yangiza imyaka.
   b) Yamuvuriye umwana **amuhigura** inka y'**insumba**.
   →Yamuvuriye umwana **amugororera** inka y'**inyana**.
   c) **Intiti** z'iwacu zigira umuco.
   →**Abanyabwenge** b'iwacu bagira umuco.

3. **Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro imbusane zayo.**
   a) Yarongoye inka y'**insumba** agiye kuyigororera uwamugiriye neza.
   →Yarongoye inka y'**imfizi** agiye kuyigororera uwamugiriye neza.
   b) Mu muryango wabo ntibagira **igisasa**.
   →Mu muryango wabo ntibagira **intwari**.
   c) Mu biganza bye ntihabamo **ubwanza**.
   →Mu biganza bye ntihabamo **ubuntu**.
   d) Mu muco nyarwanda **umukobwa** yagombaga gushaka **umugabo** ari **isugi**.
   →Mu muco nyarwanda **umuhungu** yagombaga gushaka **umugore** ari **imanzi**.
4. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro ku buryo wumva ibisobanuro bwayo:** amaziri, gusenda, impenda, abakaraza.
   – Inka zikamwa **amaziri** ntizitanga umusaruro.
   – Si byiza ko umugabo **asenda** umugore we.
   – Kigeli III Ndabarasa yanyaze **impenda** mu Ndorwa.
   – **Abakaraza** baryoshya ibirori.
5. **Andika igwizanyito z'ijambo "isugi"**.
   Igwizanyito z'ijambo "Isugi" ni izi zikurikira:
   – Umukobwa utarigeze abonana n'umugabo.
   – Umwana ufite se na nyina.
   – Umuntu cyangwa ikintu kitagira inenge cyangwa ubusembwa. ( Ku kintu bivugwa ku ruho, icyansi, igicuba, igisabo).
   – Igikoresho kitarakoreshwa na rimwe.
   – Umuntu cyangwa inka itarapfusha.
6. **Sobanura ayamagambo ukoresheje:**
   **a) Inkoranya**
      – **Inyamibwa:** ikintu cyangwa umuntu w'ibanze uza ku mwanya wa mbere kubera akamaro gakomeye afite.
      – **Amazinda:** Ukwibagirwa icyo wumvise cyose.
      – **Ubukombe:** umugabo cyangwa imfizi bikuze kandi bihamye.
   **b) Iyigankomoko**
      – **Ngerekera:** ni izina rikomoka ku nshinga "kugereka" iyo nshinga bayongeyeho ingereka ibyara izina rishya.
      – **Urutsike:** ni izina rikomoka ku izina ibitsike. Ibitsike ni utwoya tuba hejuru y'amaso.
      – **Mpangarijekure:** ijambo rikomoka ku nshinga "guhangaza" bivuga gutegereza no ku ijambo "kure", mu gisigo bivuga igihe kirekire. Mpangarijekure rero ni uwategerejwe igihe kirekire.
      – **Isango:** Izina rikomoka ku nshinga "gusangira" kuba ufite ibintu ukabigabana n'abandi.
      – **Cyungura:** ni izina rikomoka ku nshinga "kungura", bivuga guha uwaguhaye ibirenze ibyo yaguhaye. Bivugwa kandi ku gihugu, iyo hari

umwami warwanye akigarurira ahantu ho mu mahanga akahongera ku gihugu ke. Aba yunguye igihugu.

c) **Igereranya**
   - **Nyemazi:** Ni nk'umuntu umara urubanza rwari rwarananiranye, ushobora ibyananiranye.
   - **Amaziri:** Amata aba ameze nk'amazi, adashobora kuvura.
   - **Kuramya:** ni nko gusingiza.

## II. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo ku gisigo

1. **Umwami uvugwa ku mukarago wa gatandatu ni nde? Kuki uwo mwami bamwita umuhozi?** Umwami uvugwa ku mukarago wa gatandatu ni Ruganzu II Ndoli. Ruganzu II Ndoli bamwita Umuhozi kuko ariwe wirukanye umwami w'Umushi Nsibura Nyebunga wari warigaruriye u Rwanda kandi akarema ingoma Karinga kugira ngo isimbure Rwoga yari yaranyazwe na Nsibura Nyebunga. Ruganzu II Ndoli rero yahoreye se Ndahiro II Cyamatare wari warishwe n'uwo mwami w'umushi.
2. **Iyo usomye igisigo " Ukwibyara" kuva ku mukarago wa mbere kugeza ku wa mirongo kenda wumva havugwamo iki?** Numva havugwamo ibikorwa by'abami batandukanye n'iby'abagabekazi bamwe na bamwe.
3. **Ni iki wumva iyo bavuze kwambika Karinga karindwi?** Ku rugamba iyo umubisha yicwaga, baramushahuraga maze ibishahu bye bakabyambika Karinga. Kwambika Karinga karindwi rero bishatse kuvuga ko abantu barindwi biciwe ku rugamba maze ibishahu byabo bikambikwa Karinga. Twibuke ko intwari yicaga ababisha barindwi ku rugamba yagororerwaga umudende, iyishe cumi na bane ikagororerwa impotore naho iyishe makumyabiri n'umwe ikagororerwa gukorerwa umuhango wo gucana uruti.
4. **Utekereza ko ari iki cyatumye Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura bamwita Rugabishabirenge? Byerekanwa n'uwuhe mukarago?** Icyatumye Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura bamwita Rugabishabirenge ni uko yagiraga ubuntu bwinshi. Byerekanwa n'umukarago wa 226 uvuga ngo "Maboko atanga atagabanya".
5. **Ni uwuhe mwami utuwe igisigo "Ukwibyara" mu bami bose bakivugwamo?** Umwami utuwe igisigo "Ukwibyara" ni Mutara II Rwogera.
6. **"Ko wandikiye ubutwari**
   **Ukiri muto**
   **Ukiri umutavu". Iyo mikarago ishaka kuvuga iki?** Iyo mikarago ishaka kuvuga ko Mutara II Rwogera yimye ingoma akiri umwana muto.
7. **Ni iki umusizi avuga ko yazigamiye umwami wari wimye ingoma?** Umusizi avuga ko yazigamiye umwami wari wimye ingoma ikoro n'impundu.
8. **Ni iki umusizi avuga cyatumye atinda gutambira ishimwe umwami?** Icyatumye umusizi atinda gutambira ishimwe umwami ni uruharo n'amage yo guhora ahingiriza.

9. **“Ukwibyara gutera ababyeyi ineza”. Sobanura iyo mikarago werekeza ku muco nyarwanda hanyuma utange n’urugero rw’umugani w’umugenurano wemeza igisubizo utanze.** Mu muco nyarwanda “Ukwibyara gutera ababyeyi ineza” bisobanura ko iyo umubyeyi abyaye umwana ukora nka we, usa na we bimunezeza. Urugero rw’umugani w’umugenurano wemeza igisubizo ni “Imfura nzima isubira ku izina rya se”.
10. **Muri iki gisigo hari aho bavuga akamaro k’umugore, bigaragaza ko kera umugore yahabwaga agaciro. Andika imikarago ivugwamo abagore, maze uvuge abo bagore bavugwaga.** Imikarago ivugwamo abagore ni uwa 75, uwa 76 n’uwa 77 ivuga ngo
“Umugabekazi waduhekeye”
“ Waduhatse nk’umugabo”
“Wadutunze nka Nyiratunga”.
Umugore uvugwa ni Nyiramavugo II Nyiramongi nyina wa Mutara II Rwogera wategekaga Igihugu kuko Rwogera yari akiri umwana. Aravugwa ku mukarago wa 75 na 76. Haravugwamo kandi Nyirayuhi IV Nyiratunga nyina wa Yuhi IV Gahindiro akaba nyirakuru w’utuwe igisigo (Mutara II Rwogera). Na we yategetse kigabo mu gihe Gahindiro yari akiri umwana.
11. **Ni iki ushima muri rusange abami bavugwa mu gisigo “Ukwibyara”?** Icyo nshima abami bavugwa mu gisigo “Ukwibyara” ni ubutwari bwabo.
12. **Ukurikije ibivugwa ku bami batandukanye, vuga umwami wagushimishije kurusha abandi n’impamvu yagushimishije?** Aha abanyeshuri batanga ibisubizo bitandukanye bitewe n’umwami bumva wabashimishije. Iki kibazo kandi buri munyeshuri agisubiza ku giti ke.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura igisigo

(Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 23)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku gisigo yasomye, nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora :
– Kugaragaza ingingo z’amateka ziri mu mwandiko.
– Gusesengura ikeshamvugo/iminozanganzo yakoreshejwe mu gisigo.
– Gutahura ubwoko bw’igisigo n’umuhanzi wacyo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri.

## Imitangire y’isomo

### 1. Isubiramo

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma igisigo “Ukwibyara” umwumwe bakurikiza utwatuzo n’isesekaza.

## 2. Isesengura

### a) Ingingo z'amateka ziri mu gisigo

Umwarimu araha abanyeshuri ikibazo kibafasha gusesengura ingingo z'amateka ziri mu mwandiko nyuma yo kubashyira mu matsinda atandukanye n'ayo bari barimo no kugabanya ayo matsinda ibice by'igisigo kugira ngo buri tsinda rikore ku gice cyaryo.

***Urugero rw'ikibazo yabaha:***

*Mugaragaze amateka ari muri imwe mu mikarago y'igisigo "Ukwibyara" mugendeye ku mateka y'abami b'u Rwanda.*

Umwarimu arabwira abanyeshuri kujya mu isomero cyangwa ku mbuga za interineti gukora ubushakashatsi ku mateka y'abami b'u Rwanda kugira ngo bagaragaze amateka ari mu mikarago y'igisigo "Ukwibyara" bahawe gukoraho.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe gihagije cyo gusubiza icyo kibazo. Iyo igihe yabahaye kirangiye, buri tsinda rigenda rijya imbere kugaragaza ibyavuye mu bushakashatsi ryakoze, umwarimu agasaba abandi kurishimira. Amatsinda yose amaze kuvuga ibyo yakoze umwarimu ashimira abanyeshuri bose akabasaba kwiha amashyi ku bw'umurimo bakoze, nyuma bakanoza ibyavuye mu matsinda atandukanye bikandikwa.

***Urugero rw'ingingo z'amateka ziri mu gisigo "Ukwibyara"***

1. **Waturiha ibyo yagurwa i Kiganda**
   **Kigeli cya Ngerekera (umukarago 7-8):** Biributsa ko Nyirangabo nyina wa Ndahiro II Cyamatare wari umugabekazi, abaja be n'abandi bagore bafatiwe mu Rubi rw'i Nyundo (i Kiganda) bakicwa urubozo. Kuva ubwo aho biciwe hitwa "Mu miko y'abakobwa".
2. **Mpangarijekure (...) Yari yagishiye i Bunyambo Nyarume (umukarago 21, 23):** Uvugwa aha ni Ruganzu II Ndoli. Mu mateka biributsa ko Ruganzu II Ndoli yari yarahungishirijwe i Karagwe kwa Karemera I Ndagara umugabo wa nyirasenge Nyabunyana. Icyo gihe Nsibura Nyebunga yari yayogoje u Rwanda, Ndahiro II Cyamatare se wa Ruganzu II Ndoli aricwa ndetse n'ingoma Rwoga iranyagwa.
3. **Nyamugisha wanduraga imigisha y'abandi bami,**
   **Yasanze bahinze arasarura (umukarago 101-102):** Uvugwa aha ni Cyilima I Rugwe. Cyilima I Rugwe yari yaragurije umugeni uzatuma agira amahirwe akanakomera. Bamuraguriye Nyanguge ya Sagashya umwami w'u Bugufi maze asanga yarasabwe na Nsoro I Bihembe umwami w'u Bugesera. Ubwo bamugiriye inama yo kuzakora uko ashoboye kugira ngo abe ari we umurongora mbere. Ubwo yashatse ubucuti kuri Nsoro Bihembe abifashwamo n'umukono witwa Nkima wari utuye i Nyamweru, mwene wabo wa Nyanguge. Umunsi w'ubukwe Cyilima I Rugwe yambika Nyanguge umwishywa amurongora rwihishwa. Nsoro yabanye na Nyanguge ariko yaratewe inda na Cyilima I Rugwe. Nyanguge ageze igihe cyo

kubyara inda y'uburiza yacitse Nsoro Bihembe asanga Cyilima I Rugwe. Iyo nda yavutsemo Kigeli I Mukobanya, wazunguye Cyilima I Rugwe.

4. **Nabanze mugabo mu nka**
   **Nyirazo azirimo (umukarago 108-109):** biributsa ko Kigeli I Mukobanya se Cyilima I Rugwe yamuraze ingoma ku mugaragaro igihe yari amaze kwica Murinda wategekaga hakurya ya Nyabarongo. Icyo gihe ni bwo Cyilima I Rugwe yahaye Mukobanya izina rya Kigeli.
5. **Bazindukira intambara**
   **Bitambara nyiri urutete (umukarago 111- 112):** Kigeli I Mukobanya yari umunyentambara. Yagabye ibitero byinshi: Yateye Nkuba ya Nyabakonjo wari utuye i Jabana rya Kabuye n'i Nyamisanga ya Jari, atera Kigina watwaraga mu Buriza atera Sambwe rya Cyabugimbi watwaraga u Bumbogo n'u Busigi, anatera Ruyenzi na Kinyambi.
6. **Uwatanyaga umunyabutatu**
   **Umushi yatambitse ingabo mu nzira (umukarago 114-115):** Umushi uvugwa nanone ni Mulinda wishwe na Kigeli I Mukobanya.
7. N**abanze Mabarabiri**
   **Nkovu imbere, Mbogoye**
   **Nyiri imbuga mu mbone (umukarago 125-127):** Uvugwa muri iyo mikarago ni Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi wakomeretse mu gahanga mu gitero Abanyoro bateye mu Rwanda maze amaraso agashoka, akagira amabara abiri, iry'umubiri n'iry'amaraso. Yagize inkovu mu gahanga kubera kuraswa, bivuga ko batamurashe ahunga. Muri icyo gitero Mibambwe I yagerageje kwitabaza u Bugesera, i Gisaka n'i Nduga ariko ibyo bihugu byanga kumutabara. Mibambwe ahitamo guhungana n'ingabo, abaturage ndetse n'amatungo. Yahungiye mu Bushi kuri ubu ni Bukavu. Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi n' abantu be bahungutse bumvise ko Cwa I, umwami w'Abanyoro yatanze.
8. **Nkomyurume ya Misaya:** Nkomyurume ni Yuhi II Gahima
   **Wadusendera inkundwakazi ya Nkozurugendo(umukarago 148-149):** inkundwakazi ivugwa hano ni Shetsa wari umugore wa Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi. Yari yaramukundwakaje cyane maze bimutera kwigira igishegabo kugera ubwo yategetse umwami ko banywana kandi bitabaho, ahubwo ari ukugira ngo umuhungu we Hondi azabe ari we uragwa ingoma. Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I abibonye atyo yashatse undi mugore rwihishwa ari we Matama ya Bigega w'i Buha, umusizi yita Misaya. Yamutungiye kure ya Shetsa ariko abiziranyeho n'abiru. Matama rero ni we wabyaye Gahima. Mibambwe yaje gutanga Shetsa n'urubyaro rwe baricwa.
9. **Wagira ingoma z'ingombe (umukarago 160):** Uyu mukarago uributsa ko Ndahiro II Cyamatare yagize ubwami burimo ibibazo byinshi: Abavandimwe be Bamara, Juru, Bwimba, Karangane, Mutezi, na Binama wari waravutse kwa Samukende, umwami w'i Bungwe barwaniye ingoma banga kuyoboka Ndahiro wa II Cyamatare, u Rwanda rucikamo ibice bibiri: Juru yigarurira igice cyo hakurya ya

Nyabarongo (u Buriza), naho uburengerazuba buyoboka Ndahiro II Cyamatare. Juru amaze gupfa, kimwe na Mutezi na Bwimba, Bamara ashaka gusimbura uwo Juru. Kugira ngo abigereho, yiyemeza gutatira abavandimwe, yitabaza Nsibura Nyebunga, umwami w'umushi wari umaze kwigarurira Ijwi. Nsibura Nyebunga yateye u Rwanda Ndahiro II Cyamatare ari ku ngoma, urugamba rukomeye ruremera i Gitarama. Ingoma y'Ingabe Rwoga iranyagwa. Ndahiro II Cyamatare agwa ahitwa Rugara amaze kwambuka umugezi wa Kibirira aho bise i Rubi rw'i Nyundo.

10. **Watugirira ibambe, avuye iw'abandi (umukarago 171-1710):** Ruganzu II Ndoli yimye ingoma avuye i Karagwe kwa nyirasenge Nyabunyana aho yari yarahungishirijwe.
11. **Nyabuzima, umuzimurura**
    **W'ibyari byazimiye (umukarago 178-179):** Biributsa ko Ruganzu II Ndoli ari we wahanze ingoma y'ingabe Karinga ngo isimbure Rwoga yari yaratwawe na Nsibura Nyebunga umushi.
12. **Nyabuzima, umuzimurura w'ibyari byazimiye;**
    **Umuzahura w'ibyo asanze (umukarago 178-180):** Bavuga ko Ndahiro II Cyamatare amaze gutanga, amapfa yateye, imvura ikanga kugwa, inka zikanga kubyara, inkoko zikanga guturaga. Ruganzu II Ndoli ageze mu Gihugu imvura yaraguye, inka zirabyara, imbyeyi ziravumera, imfizi zirivuga, inkoko ziraturaga. Ni we wagaruye ubuzima mu Gihugu.
13. **Ko yahoreye se ashishikaye**
    **Ingabo ye akayagagaza mu Bugara? (umukarago 187-188):** Igitero cya mbere cya Ndoli ni icyo yagabye i Bunyabungo kwa Nsibura Nyebunga ahorera se Ndahiro II Cyamatare. Yahereye ku mpugu z'umweya w'i Kivu uteganye n'Ijwi nyuma na ryo ararinesha. Icyo gihe yishe Nsibura Nyebunga umwami w'u Bunyabungo ahorera se atyo.

    Ruganzu II Ndoli ntiyarekeye aho, yarakomeje atera Nzira ya Muramira umwami w'u Bugara wari waratabaye Nsibura atera Ndahiro. Amaze kwica Nzira ni bwo abasizi bamwise izina rya Cyambarantama, kigaruriye u Bugara.

    Yateye abami b'igihugu cy'u Buhoma cyategekwaga n' Ababanda b'abahinza. Icyo gihugu yagihinduye umusaka, anyaga inka, abagore n'abana. Ingoma y'ingabe yabo Nkandagiyabagome na yo arayinyaga, ingoma y'u Buhoma izima ityo.
    Ibyo bitero byose Ruganzu II Ndoli yagabye yabifatanyije n'ingabo ze zitwa Ibisumizi. Amateka avuga ko Ruganzu II Ndoli ari we mwami wa mbere watangiye kugaba ibitero byinshi byo kwagura Igihugu.

14. **Nabanze Rwirabanzarwe (umukarago 196):** Uyu mukarago uributsa ko ba Mutara bari abami b'inka, ni bo bakoraga umuhango w'ubwiru w'Inzira y'ishora.
15. **Wa Mwami wahabwa Karinga:**
    **Akayambika karindwi (umukarago 201-202):** Biributsa ko Mutara I Nsoro II Semugeshi ari we wanyaze Abenengwe igihugu k'i Bungwe. Icyo gihe u Bungwe

bwari bugizwe n'u Busanza bw'amagepfo, u Bufundu, Nyaruguru, Bashumba, Nyakare, u Buyenzi.

16. **Nyiri icumu ryica Abahunde (umukarago 214):** ibi biributsa ko Kigeli II Nyamuheshera yateye u Buhunde akabuvogera.
17. **Nyiri iminyago cumi (umukarago 215):** ibi biributsa ko mu minyago y'ibitero bya Kigeli II Nyamuheshera hatarimo inka gusa; hajemo n'ihene zari ndende cyane zisumba izari zisanze mu Rwanda. Izo hene yazizanye ibwami baziha umushumba bazita n'izina "Akamenesho." Mu minyago hajemo n'ibishyimbo bivuye i Bushengere ho muri Kigezi. Ibyo bishyimbo byasimbuye ibiharo.
    Mu mateka kandi Kigeli II Nyamuheshera afatanyije n'ingabo ze zitwa Inkingi yabaye umurwanyi cyane.Yaguye u Rwanda yigarurira uturere twinshi: Kinyaga cya Bukunzi na Busozo; u Bwanacyambwe bwari bwarajyanywe n'i Gisaka.
18. **Rugabishamaguru Maboko atanga atagabanya (umukarago 125-126)**: umwami Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura azwiho kugira ubwitonzi, kugira ubuntu, guha amata abakene begereye ibwami. Azwiho no kuba umucamanza utabera kandi wangaga ibihano bidakwiriye umuntu.
19. **Ubwo akangiye icyanya**
    **Cyanwa azanye ikeyi**
    **Inkoni zimwasa agahama (umukarago 232-234):** Iyi mikarago iributsa ko Ntare III Kivimira w'i Burundi yigeze gutera u Rwanda ari kumwe n'abantu bake agashaka kunyaga inka ziragiwe n'uwitwaga Rugaju. Icyo gihe Rugaju yamukubise inkoni ku gakanu yitura hasi. Ibyo Rugaju yakoze umusizi abyitirira Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura.
20. **Mukuraho ubushongore n'ubushami (umukarago 236):** Yuhi III Mazimpaka yabaye ikirangirire bitewe n'ubwiza bwe.
21. **Yakandagiye Nyiri i Nkoma**
    **Yamwikoreje (umukarago 244-245):** mu mateka Yuhi III Mazimpaka yishe Ntare III Kivimira, umwami w'i Nkoma (i Burundi).
22. **Mutazibwa yica Mazuba (umukarago 261):** Mu mateka, ingabo za Cyilima II Rujugira zishe umwami w'i Burundi Mutaga II Sebitungwa, zamutsinze i Nkanda (mu Karere ka Nyaruguru). Icyo gihe hari hakiri ah'u Burundi; ni na ho hari umurwa wa Mutaga III Sebitungwa.
23. **Watunyagira impenda i Bugabe bwa Muruzi (umukarago 273-274):** Twabonye ko impenda ari inka nyinshi. Mu mateka, iyo mikarago iratwibutsa ko Kigeli III Ndabarasa yateye i Bugande, mu Ndorwa anyagayo inka nyinshi ndetse aturayo.
24. **Yahanuye Nsoro**
    **Atunyagira inka i Bwongera,**
    **Yongeramo n'izo mu Bugote**
    **N'izo yavana mu Bwiriri (umukarago 290-293):** Mibambwe III Mutabazi II Sentabyo yazinyaze Nsoro IV Nyamugeta. Rukombamazi n'iyo mfizi ni byo byarangaga ubwami bw'i Bugesera. Muri ibyo bihe Nsoro Nyamugeta yabanje guhungira i Gisaka kwa Kimenyi IV Getura. Bari bafitanye isano. Nyuma yashatse kugaruka n'ingabo ze ngo yigarurire igihugu ke ariko ntibyamuhira kuko yafashwe akicwa. Icyo gihe ni bwo u Bugesera bwegamye burundu ku Rwanda ariko igice

cy'amagepfo y'u Bugesera Ntare IV Rugamba w'i Burundi yari yaragifashe, kikanahera gityo.

25. **Nabanze zingazinywe shoza yuhire (umukarago 299-300):** biributsa ko ba Yuhi ari abami b'inka.
26. **Yica Nyiri u Buzi**
    **Nyina amuzana aho mpiri (umukarago 303-304):** biributsa ko Yuhi IV Gahindiro yishe Karinda umutegeka w'u Buzi, agahugu ko mu Buhunde mu majyaruguru y'ikiyaga cya Kivu maze nyina Nyirakarinda akamuzana mu minyago ari muzima.
27. **Abo bahinza yabateyemo umukenya**
    **Yayanganiye n'amahari (umukarago 305, 311):** Mu mateka, Gatarabuhura wari mwene se wa Sentabyo yohereje intumwa ngo zice Yuhi IV Gahindiro ngo ahereko yime mu Rwanda, ubwo Sentabyo yari amaze gutanga maze umwiru Rusuka aramuhungisha. Uyu Gatarabuhura yari yarigometse kuri Sentabyo amaze kwima ashaka gufata ubutegetsi ariko ntibyamuhira ahungira i Burundi.
    Ikindi amateka atubwira kuri Yuhi IV Gahindiro ni uko yimye ari muto se Sentabyo amaze gutanga maze ategekerwa na nyina Nyiratunga.
28. **Ko wandikiye ubutwari ukiri muto**
    **Ukaba uhotoye uruti ukiri umutavu ( umukarago 321-324):** biributsa ko Mutara II Rwogera yimye akiri muto. Icyo gihe ni bwo u Rwanda rwagabye igitero i Burundi kiswe "Igitero cya Rwagetana"(kugeta bivuga gutema ugakuraho). U Rwanda rwayoborwaga n'umugabekazi Nyiramavugo Nyiramongi. Ariko igitero kitiriwe Mutara II Rwogera.
29. **Mpumurize Nyamarembo:** Nyamarembo uvugwa hano ni nyina wa Yuhi III Mazimpaka Nyirayuhi III Nyiramarembo. Uyu Nyirayuhi III yari umukono. Yicishije abana b'umwami babiri b'impanga, bituma umuhungu we atanga itegeko ryo kurimbura Abakono. Nyamarembo na we ubwe yariyahuye. Umusizi arahumuriza Abakono ababwira ko na bo bazakomeza kubyara abami.

## II. Uturango tw'ikeshamvugo mu gisigo "Ukwibyara"

Nyuma yo kugaragaza ingingo z'amateka ziri mu gisigo umwarimu yongera gusaba ya matsinda gusesengura igisigo bagaragaza iminozanganzo irimo. Na bwo abasaba kujya mu isomero no ku mbuga za interineti kugira ngo bavumbure imiterere y'iminozanganzo.

Dore ikibazo umwarimu yababaza kikabafasha gutahura iminozanganzo/ ikeshamvugo riri mu gisigo "Ukwibyara"

*Nimutahure kandi musobanure ikeshamvugo/iminozanganzo inyuranye iri mu gisigo "Ukwibyara".*

Kugira ngo igisigo cyose bagisesenguremo iminozanganzo arongera akagabanya buri tsinda intera yaryo riribusengure. Nyuma buri tsinda rishyira ku mugaragaro

ibyo ryakoze, amatsinda yose yarangiza, umwarimu agafasha abanyeshuri kubinoza bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

*Urugero rw'iminozanganzo iri mu gisigo "Ukwibyara"*

## 1. Injyana

### a) Injyana ishingiye ku isubirajwi/isubiramugemo

Isubirajwi ni isubiramo rya hafi ry'ijwi rifite irindi riribanziriza bisa cyangwa bijya gusa ku buryo bibyara ikintu cy'urujyano mu kuryohera amatwi. Hari ingeri nyinshi z'isubirajwi: isubirajwi ritagenerwa buri gihe umwanya runaka, isubirajwi ku ntangiro y'imikarago, isubirajwi ryo mu bice bihera, isubirajwi ry'umushumi.

Mu gisigo « Ukwibyara », umusizi Nyakayonga ka Musare yakoresheje izo ngeri z'injyana ishingiye ku isubirajwi.

***Ingero:***

Bi**r**u b'i**mir**ama
Muhimbye i**mir**i**r**i
Muvugirize i**mire**nge. (umukarago 418-420)

**M**witwa ingendutsi
**M**watubereye imbyeyi
**M**uri abami b'akamazi (umukarago 37-39)

Mumuhe uruba**nza**
Mureke aba**nze**
Naba**nze** Nyamuge**nza**
Umwami w'i Muga**nza** (umukarago 222-225)

**Cyu**ngura umwami wo ku **Cyu**ma
Azanye **Cyu**bahiro
Yitwa **ki**habugabo. (Umukarago184-185)

### b) Injyana ishingiye ku isubirajambo

Umusizi akoresha isubirajambo iyo isubirajwi rigaruka mu ijambo bihuriye ku gicumbi kimwe n'iryaribanjirije cyangwa se ijambo ryose uko ryakabaye rikagaruka.

***Ingero:***

Ukwibyara gutera ababyeyi **ineza**
Batambira b**'ineza. (umukarago 1-2)**

**Ntibagira** amavu
**Ntibagira** amajyo
**Ntibagira** imbuto izaberera (umukarago 403-405)

## 2. Imizimizo/imivugo

### a) Igereranya

Umusizi afata ibintu bifite icyo bihuriyeho akabisobanuza ikindi agereranya akoresheje uko bisangiye imisusire, imigenzereze, umumaro n'ibindi. Igereranya rikoresha amagambo: nka, boshye, kimwe na,. . . Ashobora kugereranya ikintu kimwe n'ikindi, cyangwa ikintu kimwe n'ibindi byinshi.

***Ingero:***

Wadukamiye amata angana imvura (Umukarago 54)
Yadutunze nka Nyiratunga (umukarago 78)

### b) Imibangikanyo

Umunozanganzo w'umubangikanyo urakoreshwa cyane mu bisigo. Umusizi akurikiranya amabango (imikarago) nibura abiri cyangwa se amagambo abiri yuzuzanya, avuguruzanya cyangwa akurikiranya ibitekerezo bisa ku buryo bw'umusubizo. Habaho umubangikanyo w'umusubizo, umubangikanyo wuzuza/nsobanuzi n'umubangikanyo w'inshyamirane/imbusane.

(i) **Umubangikanyo w'umusubizo:** umusizi akurikiranya imikarago ku buryo ikivugwa kiri mu mukarago ubanza cyangwa mu gice kimwe cy'umukarago gisubirwamo mu mukarago ukurikira cyangwa mu gice gikurikira cy'uwo mukarago.

***Urugero:***

Winyita impezi
Sindi uwo guhera. (Umukarago wa 359-360)

(ii) **Umubangikanyo wuzuza/nsobanuzi:** Umusizi akurikiranya imikarago cyangwa ibice by'imikarago ku buryo ikintu yavuze mu mukarago wa mbere cyangwa mu gice cy'umukarago cya mbere agisobanura cyangwa se akavuga impamvu yakivuze mu mukarago ukurikira cyangwa mu gice cy'umukarago gikurikira.

***Urugero:***

Ndi umupfumu wa Nyamurorwa
Mpora nkwereza nkaburengwa. (Umukarago 381-382)

Umusizi aratanga ingingo mu mukarago ubanza ukurikiyeho agatanga impamvu.

(iii) **Umubangikanyo w'inshyamirane:** umusizi akurikiranya imikarago cyangwa ibice by'imikarago ibitekerezo biri muri iyo mikarago cyangwa ibyo bice by'imikarago bivuguruzanya.

*Ingero:*

Umuhinza wari uhanze
Yuhi aramuhangamura (Umukarago wa 249-250)

Umwanzi agucira akobo
Imana igucira akanzu.

## c) Iyitirira

Umunozanganzo w'iyitirira ufata ikintu ukakitirira ikindi kubera ko bifitanye isano. Icyo gihe ijambo rifata umwanya w'irindi rikagira inyito nshya kandi n'iyo ryari risanganywe ritayitakaje. Ukoresha iyitirira ashobora gufata agace kamwe k'ikintu akakitirira icyo kintu cyose, gufata ikintu cyabaye akakitirira impamvu yacyo, gufata ikintu akakitirira igikoresho kirimo n'ibindi. Mu gisigo «Ukwibyara» Nyakayonga ka Musare yakoresheje iyitirira cyane.

*Ingero:*

Cyungura umwami wo ku Cyuma (umukarago 183)
**Ku Cyuma:** ni ku Nyundo. Inyundo iba ari icyuma. Bayitiriye icyo ikozemo maze ahantu hitwa i Nyundo bahita ku Cyuma.

Mutazimbwa yica Mazuba (umukarago 261)
**Mazuba:** ni umwami Mutaga III Sebitungwa w'i Burundi. Umutaga bivuga amanywa; noneho bigashyirwa ku zuba kuko izuba riva ku manywa maze Mutaga akitwa Mazuba.

I Bugabe bwa Muruzi (umukarago 274)
**Muruzi:** ni mu Ndorwa. Kurora bivuga kimwe n'igicumbi k'inshinga nkene -ruzi. Harimo umuzimizo w'iyitirira kuko "-rora" na "-ruzi" bifite igisobanuro kijya kuba kimwe.

## d) Ihwanisha

Ihwanisha rijya kumera nk'igereranya. Mu ihwanisha ikigereranywa n'ikigereranyo biba bihuje maze ugasa n'ubinganyisha. Kimwe gishobora gufata umwanya w'ikindi cyangwa kikagisimbura. Mu gisigo "Ukwibyara", umunozanganzo w'ihwanisha warakoreshejwe cyane:

*Urugero:*

Muri imanzi z'uburezi
Muri ibirezi byamye i Buriza na Buremera

Muri abaremere b'i Tanda
Muri abature b'i Tenda (umukarago 41-44)

Muri iyo mikarago ikigereranywa ni abami. Abami barahwanishwa n'imanzi z'uburezi n'ibirezi byamye i Buriza na Buremera, n'abaremere b'i Tanda, n'abature b'i Tenda.

**e) Ishushanya**

Iyo urebye usanga ishushanya ari ryo rigize umutima wo gusiga kuko ari ryo rikoreshwa cyane. Ni uburyo bwo gusobanura cyangwa kwerekana ikintu wifashishije imvugo isa n'ica amarenga ukurikije uko icyo usobanura giteye cyangwa se uko ukiyumvisha.

***Ingero:***
Mumera amaboko arabakamira ( umukarago 15)
Muri uyu mukarago harimo ishushanya: amaboko ntamera. Bishushanya ko bagize umuryango.

Kurya mucurwa n'inyundo ziramye (umukarago 30)
Ni ishushanya kuko abantu badacurwa ahubwo barabyarwa. Bishatse kuvuga ko babyarwa n'ibihangange".

Abagusigaranye imbuto n'intanga (umukarago 62)
Bishushanya abagusigiye kubyara no kororoka…

**f) Igerura cyangwa impirike**

Ni ukuvuga ikintu ugabanya cyangwa wongera agaciro kacyo usa n'ushyiramo ikinyabupfura. Urugero, aho kugira ngo uvuge ko ikintu ari kibi, ukavuga ngo si kiza, ikintu kinuka ukavuga ngo gihumura nabi, umuntu wangana ukavuga ngo agira urukundo ruke. Nyakayonga ka Musare, mu gisigo "Ukwibyara" yakoresheje igerura.

***Urugero:***
Bwobabuke, bwanzabuke (umukarago 228)
Umusizi ashaka kuvuga ko Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura atagira ubwoba, atagira ubugugu ahubwo agira ubuntu.

**g) Itizabumuntu**

Ni umunozanganzo ufitanye isano cyane n'ishushanya. Gusa mu itizabumuntu umusizi aha ishusho ibintu cyangwa inyamanswa, imyumvire, imikorere nk'iy'umuntu:

***Urugero:***

Adusendera imisaka ya rusenge (umukarago 28)
Imisaka ntishobora gusendwa. Ubundi hasendwa umugore. Harimo itizabumuntu. Harimo kandi n'ishushanya. Birashushanya ko umwami Ruganzu II Ndoli yabakuye mu bwirabure.

## 3. Imigoronzoranganzo

### a) Umubirinduro

Umusizi aba yakoresheje umubirinduro iyo yahinduye uko amagambo asanzwe akurikirana mu nteruro nk'iryari iburyo rikaza ibumoso.

***Urugero:***

**Bu**kurirwe umwami **ubwatsi** (umukarago 335): Mu bisanzwe yagombye kuvuga "Ubwatsi bukurirwe umwami".

### b) Iyambukanya

Aho kugira ngo interuro irangirane n'umukarago, irangirira ku mukarago ukurikiyeho.

***Urugero:***

Ge wasanze ingoro y'umwami
Isetse, isusurutse
Isa n'ingwa yera (umukarago 346-348)

### c) Irondora

Umusizi avuga ibintu abikurikiranya  kimwe ku kindi nta cyungo kirimo.

***Ingero:***

Muri intwari zitarutana,
Muri bene iteka ritahava,
Muri bene umutungo mwiza (Umukarago 47-49)

### e) Ikomora

Abasizi bakoresha ikomora barema amagambo bahereye ku yandi, bakongeraho cyangwa bagakuraho uturemajambo. Inyito ishobora guhinduka cyane cyangwa buhoro.

***Ingero:***

Umuhinza wari uhanze
Yuhi aramuhangamura (Umukarago wa 249-250)

Inshinga guhangamura (-hang-am-ur-a) ikomoka ku nshinga guhanga (-hang-a) kuko igicumbi ari kimwe. Ikomora rikoresheje ingereka –**am** na -**ur**-. Muri uru rugero inyito ntabwo yahindutse cyane.

c) **Ubwoko bw'igisigo n'umusizi wacyo**

Abanyeshuri bari mu matsinda atandukanye, umwarimu abasaba gukora ubushakashatsi kugira ngo basubize ibibazo bikurikira:

*Igisigo "Ukwibyara" kiri mu buhe bwoko bw'ibisigo? Cyatuwe uwuhe mwami? Cyahimbwe na nde? Vuga ibindi bihangano bye.*

Bamaze gusubiza ibyo bibazo, umwarimu ahitamo itsinda rimwe rikamurika ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bayobowe n'umwarimu bakuzuza ibyo iryo tsinda ryakoze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

Igisigo "Ukwibyara" ni igisigo k'Impakanizi cyatuwe umwami MutaraII Rwogera, gihimbwa na Nyakayonga ka Musare wa Karimunda. Musare na we yari umusizi ukomeye.

Ibindi bihangano bya Nyakayonga ka Musare ni ibi bikurikira:

- *Numvise urwamo rw'impundu.*
- *Nsubize umwami mu rushya.*
- *None Imana iduhaye kuvuza impundu (...)*

**Umukoro**

Hanga umuvugo ku nsanganyamatsiko wihitiyemo ukoresha iminozanganzo itandukanye.

Fata mu mutwe umuvugo wahanze hanyuma uwubwire bagenzi bawe.

Umwarimu abwira abanyeshuri, buri wese ku giti ke, guhanga umuvugo ku nsanganyamatsiko bihitiyemo bakoresha iminozanganzo itandukanye. Umwarimu akosora imivugo yose agenzura ko abanyeshuri bakoresheje iminozanganzo inyuranye. Umwarimu abwira abanyeshuri buri wese kujya imbere y'abandi banyeshuri akavuga umuvugo we. Umuvugo mwiza umwarimu abonye abandi banyeshuri bakawusesenguramo iminozanganzo.

## Intera ya gatatu: Ubuvanganzo nyabami

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 34)

*Intego zihariye:*

– Gusobanura inshoza y'ubuvanganzo nyabami, kurondora ingeri zabwo n'uturango twazo.
– Gusobanura inshoza y'igisigo nyabami, kuvuga amoko yabyo n'uturango twabyo.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

## Imitangire y'isomo

### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

*Urugero rw'ibibazo yabaza:*

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?**
Duheruka gusesengura igisigo nyabami "Ukwibyara" tugaragaza ingingo z'amateka zirimo, n'iminozanganzo umusizi yakoresheje.

b) **Ni iyahe mateka avugwa mu gisigo "Ukwibyara"?**
Mu gisigo "Ukwibyara" haravugwamo amateka y'abami.

c) **Vuga imwe mu minozanganzo umusizi yakoresheje mu gisigo "Ukwibyara"?**
Umusizi yakoresheje iminozanganzo myinshi muri yo twavuga nk'injyana ishingiye ku isubirajwi no ku isubirajambo, imibangikanyo itandukanye, iyitirira, ihwanisha, ishushanya, igereranya...

### 2. Isesengura

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha gukora ubushakashatsi ku buvanganzo nyabami. Umwarimu abwira abanyeshuri guhera ku bisubizo by'ibyo bibazo kugira ngo batahure inshoza y'ubuvanganzo nyabami, n'ingeri zabwo. Ibyo babikorera mu matsinda atandukanye.

*Urugero rw'ibibazo yabaha:*

a) Ubuvanganzo nyabami ni iki?
b) Ingeri z'ubuvanganzo nyabami ni izihe?
c) Ingeri z'ubuvanganzo nyabami zirangwa n'iki?
d) Ibisigo ni iki? Birangwa n'iki? Vuga amoko yabyo.

Nyuma y'igihe yabageneye Umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Umwarimu afatanyije n'abanyeshuri bungurana ibitekerezo bakanoza kandi bakuzuza ibyavuye mu matsinda

maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo. Umwarimu ashobora gukoresha itsinda rimwe, andi matsinda akajya atanga ibitekerezo cyangwa yuzuza iby'iryo tsinda, bitewe n'ibyo yo yakoze.

***Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:***

## I. Inshoza y'ubuvanganzo nyabami

Nk'uko byizwe mu myaka yabanje, hari abahanga benshi cyane bagerageje gusubiza icyo kibazo ku buryo butandukanye, cyakora icyo bose bahuriraho ni uko ubuvanganzo ari imvugo cyangwa inyandiko ifite icyo ivuga kandi yifitemo ubwiza n'ubuhanga bw'imikoreshereze y'ururimi. Imvugo cyangwa inyandiko y'ubuvanganzo irangwa akenshi n'ikeshamvugo. Ubuvanganzo nyarwanda babugabanyamo ibice bibiri: ubuvanganzo nyemvugo n'ubuvanganzo nyandiko. Ubuvanganzo nyemvugo ni ibyahanzwe n'abantu ba kera batazwi neza bahangaga batandika, bakabifata mu mutwe. Ibyo bahangaga babishyikirizaga ab'igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo, bakagenda babiraga abo basize, bityo bityo bigahinduka uruhererekane. Ubuvanganzo nyemvugo na bwo bwari bugabanyijemo ibice bibiri:

- Ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda giseseka
- Ubuvanganzo nyemvugo nyabami

Ubuvanganzo nyabami burimo ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abakurambere, abatware n'imihango by'ibwami. Ubuvanganzo nyabami bugabanyijemo ingeri zitandukanye.

## II. Ingeri z'ubuvanganzo nyabami n'uturango twazo

Mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami twavuga **ibisigo nyabami**, **ubwiru**, **ubucurabwenge**, **ibitekerezo nyabami** (**ibitekerezo by'ingabo)**, **ibyivugo**, **indirimbo z'ingabo n'amazina y'inka**.

Muri iki gitabo turavuga ku ngeri zikurikira: ibisigo nyabami, ubwiru, ubucurabwenge, n'indirimbo z'ingabo kuko ibyivugo by'ingabo n'amazina y'inka byizwe mu mwaka wa kane n'uwa gatanu.

Muri rusange ingeri z'ubuvanganzo nyabami zirangwa no kuba ari imyandiko ivuga abami, imiryango yabo n'ingoma zabo.

## 1. Ibisigo nyabami

### a) Inshoza y'ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami byabanjirijwe n'ibyo bitaga **ibinyeto**. Ijambo ibinyeto, riva ku nshinga kunyeta ivuga gusingiza cyangwa kurata. Abahanzi b'ibinyeto babitaga **abenge**. Ibinyeto byabaga ari bigufi bitarengeje imikarago makumyabiri.

Ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli ni bwo umugabekazi w'umutsindirano Nyirarumaga yahurije ibinyeto mu gisigo kimwe kitwa **"Umunsi ameza imiryango yose"**. Kuva ubwo ibinyeto ntibyongera kubaho ahubwo hatangira ibisigo.

Ibisigo nyabami rero byatangiwe n'umugabekazi **Nyirarumaga** ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli. Kuva ubwo abenge basimburwa n'abasizi, ibinyeto bisimburwa n'ibisigo. Icyo gihe igisigo cyabaga ari kirekire gisingiza umwami umwe cyangwa benshi. Abasizi batangiye ubwo na bo bakajya bahimba ibisigo birebire bisingiza abami, noneho bahabwa agaciro gakomeye ibwami ndetse barema umutwe wabo uyoborwa n'**intebe y'abasizi**.

## b) Amoko y'ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami bigabanyijemo amoko atatu: **impakanizi**, **ibyanzu** n'**ikobyo** cyangwa **ikungu**.

### (i) Ibisigo by'impakanizi

Ibisigo by'impakanizi ni ibisigo birebire bisingiza abami, bikarata n'ibikorwa byabo, bivuga amateka y'abami bibakurikiranya uko bagiye bazungurana ku ngoma, hagaheruka umwami utuwe igisigo. Ibisigo by'impakanizi rero, birangwa no kuba bikurikiranya abami uko bagiye basimburana ku ngoma no kuba bigira inyikirizo yitwa impakanizi ndetse n'amabangu.

***Ingero:***

*"Ukwibyara gutera ababyeyi ineza"* cya Nyakayonga ka Musare cyatuwe umwami Mutara II Rwogera.

*"Ruhanga rutsindiye Igihugu"* cya Karera cyatuwe umwami Mutara III Rudahigwa.

### (ii) Ibisigo by'ibyanzu

Ibisigo by'ibyanzu ni ibisigo birebire bigira amabangu. Ibyo bika bitandukanywa n'inyikirizo yitwa icyanzu. Mu bisigo by'ibyanzu umusizi avuga amateka y'abami ariko ntabakurikiranya uko bagiye basimburana ku ngoma.

***Ingero:***

Igisigo *"Naje kubara inkuru"* cya Sekarama ka Mpumba, cyatuwe Kigeli IV Rwabugili.

Igisigo *"Ndi intumwa y'abami"* cya Ngogane.

### (iii) Ibisigo by'ikobyo /ikungu

Ibisigo by'ikobyo cyangwa ikungu ni ibisigo bigufi (ugereranyije n'impakanizi cyangwa ibyanzu) bihurutuye, bigiye umujyo umwe kuko bitagira amabangu.

*Ingero:*

*"None imana itumije abeshi"* cyasizwe na Mutsinzi agitura Kigeli IV Rwabugili.
*"Umpe icyanzu"* cyasizwe na Gahuriro ku ngoma ya Mutara III Rudahigwa.

### c) Ibiranga ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami: impakanizi, ibyanzu n'ikobyo birangwa n**'indezi**. Indezi ni ijambo cyangwa agatsiko k'amagambo asingiza cyangwa ataka umwami. Indezi ni nk'umutako umusizi ashyira mu gisigo kugira ngo kiryohere abacyumva.

***Urugero rw'indezi mu gisigo "Ukwibyara":***

Ny'ebisu by'emisango (umuntu ufite indoro ibengerana, ibikorwa bihanitse by'agatangaza)
Abami b'akamazi
Umuhumuza umuhozi...

Ibisigo nyabami kandi birangwa n**'ikeshamvugo/iminozanganzo** itandukanye. Iminozanganzo ikoreshwa mu bisigo ni injyana, imizimizo/imivugo n'iminozanganzo itandukanye.

**Injyana** iboneka iyo umusizi yakoresheje amajwi asa mu magambo yegeranye mu nteruro, kugira ngo igire inshurango inogeye amatwi kandi yoroshye kuyifata mu mutwe. Injyana nk'uko twabibonye ishobora kuba isubirajwi/isubiramugemo, isubirajambo, cyangwa imikarago inganya utubeshuro.

**Imizimizo/Imivugo** ni amagambo avugitse ku buryo bujimije, ku buryo bw'amarenga umusizi akoresha mu kuboneza imvugo ye atitaye ku byerekeranye no kuboneza amajwi cyangwa iyubakanteruro; ahubwo agashishikazwa no guha inyito isanzwe indi ntera, urundi rwego bituma ihinduka inyito yindi.

**Iminozanganzo:** Ishingiye mu gukina n'interuro n'amagambo aho umusizi ahinduranya amagambo y'interuro, arondora, akomora ijambo ku rindi...

## 2. Ubwiru

Ubwiru ni imihango yakorwaga n'umwami n'abiru. Iyo mihango yakorwaga mu ibanga kandi ikagira amagambo yihariye agendana na yo. Iyo mihango bayitaga inzira z'ubwiru.

### Inzira zari zigize ubwiru

Inzira zari 18 ariko izashoboye gutahurwa ni 17 kuko iya 18 ari yo "Inzira y'imfizi y'ibwami itashoboye kuboneka"

Izabonetse ni izi zikurikira:

1. **Inzira ya rukungugu:** yavugaga ibyerekeye amapfa; igihe nyine habaga hateye amapfa.
2. **Inzira ya kivu:** igihe habaga hateye umwuzure; iyo nzira yari iyo gutsirika imyuzure.
3. **Inzira y'inzuki:** yari igamije irumbuka ry'inzuki mu gihe ubuki bwagumye, igakorwa igihe cyo kwagika imizinga no guhakura.
4. **Inzira ya muhekenyi:** yari igamije gutsemba indwara z'ibyorezo z'inka n'ibindi byonnyi.
5. **Inzira y'umuhigo:** ni igihe hakorwaga imihango yo guhiga inyamaswa.
   Izi nzira uko ari 5 zari zigize imihango ikorwa igihe ikenewe gusa; nta gihe gihamye yari ifite .
6. **Inzira y'umuriro:** yari igamije kubyarira umuriro. Ni ukuvuga bacanaga bundi bushya umuriro wa Gihanga wibutsaga iyimikwa ry'abami b'umuriro ari bo Yuhi. Iyo nzira yari igamije kongera inka n'abantu mu Rwanda, igakorwa na Yuhi.
7. **Inzira ya Gicurasi:** habaga igisibo cyo kwibuka urupfu rwa Ndahiro II Cyamatare; umwijima wa Gicurasi washushanyaga urupfu, naho iboneka rya Kamena rigashushanya uburumbuke n'ubuzima; iyi nzira yarangizaga imihango yo kwirabura no kwera ngo u Rwanda rurumbuke.
8. **Inzira y'umuganura:** yari inzira igenga imihango yo kuganura.
   Habaga umuhango wo kuganuza umwami.
9. **Inzira y'ishora:** yari inzira igenga imihango yo gushora. Yibutsaga iyimikwa ry'abami b'inka ari bo ba Mutara na Cyilima.
10. **Inzira y'inteko:** yari inzira igenga imihango yo gukora inteko zo gutabara igihe cyo kurwanirira ingoma.
11. **Inzira yo kwambika ingoma:** Iyo ingabo z'u Rwanda zatsindaga igihugu runaka, bambikaga ingoma ibishahu.
12. **Inzira yo kwasira:** iyo mihango yagengaga uburyo bunyuranye bwo kwambika ingoma.
13. **Inzira y'inkiko yabyaye umugaru:** yagengaga iby'inkiko z'u Rwanda yakorwaga igihe cyo kwagura imipaka.
14. **Inzira y'urwihisho:** yibutsaga igihe k'ibitero bikaze by'u Rwanda n'u Burundi; iyo umwami w'u Burundi yabaga yapfuye, umwami w'u Rwanda yagombaga kumara iminsi 8 ahantu atabonana n'umugore kandi akiragiza abakurambere.
15. **Inzira y'ikirogoto:** yavugaga ukuntu umwami w'u Rwanda ashyingurwa igihe yabaga yatanze.
16. **Inzira y'urugomo:** yakorwaga igihe cyo kugaba ibitero ku bantu bagomeye ingoma.
17. **Inzira y'iyimika:** yavugaga uburyo umwami yimikwa igihe umwami yatangaga, bagiye kwimika undi.
18. **Inzira y'imfizi z'i Bwami:** iyo nzira y'imfizi z'i Bwami ntirashobora kuboneka.

Inzira z'ubwiru zirangwa n'uko zifite iminozaganzo itandukanye byerekana ko ari ubuvanganzo, uturango twerekana ko ari umwandiko wo mu buvanganzo nyemvugo n'ibikorwa by'umwami n'abiru byerekana ko ari ubuvanganzo nyabami.

### 3. Ubucurabwenge

Ni umuvugo muremure wavugaga ibisekuru by'abami n'abagabekazi. Abawufatataga mu mutwe bitwaga abacurabwenge. Ubucurabwenge burangwa n'uko buvuga ibisekuru by'abami n'abamikazi mu buryo buryoheye amatwi. Ubucurabwenge bwakorwaga n'abiru.

### 4. Indirimbo z'ingabo

Ni indirimbo zaririmbwaga mu bitaramo byo kwizihiza intsinzi y'ingabo zabaga zivuye ku rugamba.

### 5. Ibitekerezo

Ni imyandiko yafatiraga ku bantu babayeho (abami n'ab'ibwami, abatware) cyangwa ibikorwa byabayeho bizwi ikavuga uko byagenze nk'ibitero ariko hakongerwamo amakabyankuru. Ibitekerezo byo mu buvanganzo nyemvugo nyabami birimo amoko abiri:

#### a) Ibitekerezo nyabami

Ibitekerezo nyabami cyangwa iby'imiryango ikomeye byavugaga umuntu ukomoka ibwami cyangwa ukomoka ibutware, bikavuga amateka ye ariko bakongeramo amakabyankuru.

***Ingero:***

Bwiza bwa Mashira na Gahindiro.

Ruganzu na Kimenyi umwami w'i Gisaka.

#### b) Ibitekerezo by'ingabo

Ibitekerezo by'ingabo byavugaga imitegurire n'imigendekere y'ibitero ingabo z'umwami zagabye mu bindi bihugu bakongeraho amakabyankuru.

***Ingero:***

**Igitero cy'umunsi w'inyana:** Ni igitero cyagabwe n'Abashakamba, ingabo za Yuhi IV Gahindiro. Abashakamba bagabye icyo gitero i Buhunde bashaka kugaruza Urukomero, ubushyo bwa Yuhi IV Gahindiro bwari bwanyazwe n'Abahunde.
**Igitero cyo muri Lito:** Ni igitero cyagabwe n'ingabo z'u Rwanda ku ngoma ya Kigeli IV Rwabugili. Ingabo z'u Rwanda zari zibasiye igikomangoma Nkoronko, ibirindiro byazo zibishinga ku nkiko y'u Burundi, zitera Rugigana umutware wo mu Lito rya Ngaragu h'i Burundi.

Abatekereza bahimbaga ibitekerezo by'ingabo bahereye ku byabaga byavuzwe n'abavuzi b'amacumu. Umuvuzi w'amacumu ntiyajyaga gutara amakuru ahubwo yatarwaga n'izindi ngabo, akaba na we yaragiye ku rugamba yizewe , azi kuvuga atari umusinzi... akavuga ibwami igihe cyo kwiyereka, avuga uko urugamba rwagenze kuva rutangira kugera rushoje.
Ibitekerezo by'ingabo birangwa no kuba bivugwamo ibyabereye ku rugamba, hagaragaramo ibyivugo by'ingabo.

**Ikitonderwa:**

- Mu buvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami ntitwavuze ku byivugo no ku mazina y'inka kuko biri mu bitabo by'imyaka ibanza.
- Mu bitekerezo na ho ntitwavuze ku bitekerezo byo muri rubanda kubera ko biri mu bitabo by'imyaka ibanza.

## Umwitozo n'ibisubizo

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda yabo no gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Umwarimu ashobora no kubaha indi yihimbiye ijyanye n'isomo bamaze kwiga. Iyo bamaze gukora imyitozo bakosorera hamwe ku kibaho umwarimu abafasha kugorora ibisubizo batanze.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo:***

1. Tandukanya ubuvanganzo nyabami n'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

| **Ubuvanganzo nyabami** | **Ubuvanganzo bwo muri rubanda** |
|---|---|
| Bwari bukubiyemo ibintu byinshi byari byerekeranye n'ibwami: abami, ingoma ya cyami n'ibindi bijyanye na yo. | Bwari bukubiyemo ibintu byari byarasakaye muri rubanda rwa giseseka. |
| Bwari bugenewe abantu bake kandi buhishe. | Ntibwari buhishe cyangwa ngo bugire abantu bake bugenewe. |

2. Muhereye ku byo mwize, igisigo "Ukwibyara" giherereye mu yihe ngeri y'ubuvanganzo nyarwanda? Kubera iki?

   Igisigo "Ukwibyara" giherereye mu ngeri y'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami:

- kiri mu buvanganzo kuko gikoresha iminozanganzo itandukanye yerekana ko uwagisize yagihimbiye mu nganzo;
- kiri mu buvanganzo nyarwanda kuko cyahimbwe n'Abanyarwanda kandi mu rurimi rw'Ikinyarwanda;
- kiri mu buvanganzo nyemvugo kubera ko cyahimbwe mbere y'uko kwandika kugera mu Rwanda. Ikindi kandi mu gisigo "Ukwibyara", harimo uturango twinshi tw'ubuvanganzo nyemvugo (isubiramo ry'amagambo, ikoreshwa ry'amagambo akunda gukoreshwa mu mvugo).

*Ingero:*

Mwagagaze mukuze **uruharo**
Umwami uhawe **uruharo**
Arwigiza imbere
Mwambereye igisaga
Ntimugira igisasa,
Mbasenge **rero** mwese (umukarago 86-91)
Muragahorana **uruyundo**
**Rubyara** izi nyonga
Izi **nyundo** zejeje imana
Ko muhora **mubyarira** ingoma
Mukazayibyirurira. (Umukarago 437-441)

- Kiri mu buvanganzo nyabami kuko kivuga ingoma, abami n'ibikorwa byabo n'abagabekazi.

## Intera ya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 39)

***Intego zihariye:***

– Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye.
– Gusobanura akamaro k'ingeri z'ubuvanganzo nyabami muri iki gihe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'ubuvanganzo.

### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kwibuka isomo baheruka kwiga n'ibyari birikubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:*

a) **Ni irihe somo twize ubushize?**
Ubushize twize ingeri z'ubuvanganzo nyabami.

b) **Mwambwira ingeri z'ubuvanganzo nyabami?**
Ubwiru, ibisigo nyabami, ubucurabwenge,...

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku kamaro k'ubuvanganzo nyabami muri iki gihe.

### 2. Kungurana ibitekerezo:

Umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kibafasha kungurana ibitekerezo.

Mu rwego rwo gufasha abatumva neza cyangwa abatabona, umwarimu arabasaba gusoma icyo kibazo no kucyandika ku kibaho. *«Mubona muri iki gihe ingeri z'ubuvanganzo nyabami zikwiye kwigwa? Kubera iki?»*

Mu kungurana ibitekerezo, umwarimu arakoresha ishuri ryose. Araha abanyeshuri umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo kandi abafasha gukorera ubugororangingo ibitekerezo batanze.

Arasaba umunyeshuri umwe kujya imbere ku kibaho kugira ngo age yandika ibitekerezo bitanzwe. Umunyeshuri arajya ashyira urutoki hejuru atange igitekerezo ke, uri imbere acyandike ku kibaho. Ibitekerezo byose bimaze gutangwa, umwarimu arafasha abanyeshuri kubikorera ubugororangingo. Nyuma yo gukorera ubugororangingo buri gitekerezo cyatanzwe, umwarimu arafatanya n'abanyeshuri gukora umwanzuro w'ibyo bunguranyeho ibitekerezo maze wandikwe ku kibaho na bo bawandike mu makayi yabo.

***Urugero rw'umwanzuro:***

Ingeri z'ubuvanganza nyabami muri iki gihe zikwiye kwigwa kubera ko:
- zibumbatiye umuco nyarwanda;
- zibumbatiye amateka y'abakurambere;
- zibumbatiye ubuhanga bunyuranye bw'ubumvanganzo...

## Umwandiko: Igitero cy'umunsi w'inyana

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 40)

## Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

***Intego zihariye:***

– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
– Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
– Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu arabwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ahari umwandiko bagiye gusoma, ababaze ibibazo bibafasha kumva icyo asobanura no kuvumbura ibikubiye mu mwandiko yifashishije ayo mashusho.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?**
Turahabona ingabo ziri kwiyereka imbere y'umwami. Turabona kandi intwaro za Kinyarwanda: ingabo, amacumu n'imitana ku mugongo.

b) **Izo ngabo murabona ziri kwitegura iki?**
Turabona ziri kwitegura urugamba, kugaba igitero, kujya mu ntambara kurwana.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "Igitero cy'umunsi w'inyana".

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece:

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "Igitero cy'umunsi w'inyana" barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

*Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:*

a) **Igitero cy'umunsi w'inyana cyagabwe ku ngoma y'uwuhe mwami?** Igitero cy'umunsi w'inyana cyagabwe ku ngoma y'umwami Yuhi IV Gahindiro.
b) **Icyo gitero cyagabwe he?** Icyo gitero cyagabwe mu Ndorwa.
c) **Cyagabwe n'uwuhe mutwe w'ingabo?** Cyagabwe n'Abashakamba.

### 2.2. Gusoma baranguruye:

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko ***"Igitero cy'umunsi w'inyana"*** mu ijwi riranguruye umwumwe, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa, usomye nabi akamukosora. Umwarimu aritegereza uko abanyeshuri bagenda bagaragaza umuco wo kwitabira gusoma.

## 3. Gusobanura umwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye ya banebane akabasaba gusomera umwandiko mu matsinda yabo no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.
Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda no gushimira abagize buri tsinda nyuma yo kumurika ibyo bumvikanyeho. Umwarimu afasha abanyeshuri kunoza ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho n'umukono ugaragara kandi babisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo bafashe abafite ubumuga.

## I. Inyunguramagambo

***Urugero rw'amagambo n'ibisobanuro byayo:***

1) **Inkuyo:** ibyatsi bakoresha bahanagura inka.
2) **Impiru:** agati kabaje nk'agahiri barashisha nk'umwambi.
3) **Inka z'inyarurembo:** inka zahukaga zigataha mu rugo rw'umwami cyangwa rw'umutware. Kera ubundi inka ziberaga mu nzuri. Izatahaga mu rugo rutari urw'umutware zitwaga Inka z'intahira.
4) **Kurasa intego:** byakorwaga bitoza cyangwa barushanwa kurasa. Babaga bashinze ikintu maze bakajya bakirasaho imyambi. Icyo kintu babaga bashinze ni cyo bita intego.
   Kuri ubu iyo bavuze **"kurasa ku ntego."** baba bashaka kuvuga ugusha ku cyo ushaka kuvuga udaciye hirya no hino.
5) **Akenura inka:** yita ku nka, akorera inka ibyo zikenera kugira ngo zibeho neza.
6) **Icyanzu:** ubusanzwe icyanzu ni agasesero ko mu rugo kazwi na bene urugo, katari irembo rizwi na bose, ribonwa na bose.
7) **Binikiza inka:** batangira gukama inka.
8) **Inka zihumuje:** inka zimaze gukamwa.
9) **Kunywana:** Kunywana ni ugukora umuhango wo kugirana amasezerano y'ubucuti no kudahemukirana kugera gupfa. Barasagaga munsi y'umukondo maze buri muntu akanywa amaraso ya mugenzi we avuye aho barasaze, kikaba igihango cyo kudahemukirana bagiranye, ugitatiye kikamusama. Mu muco hanywanaga abagabo gusa, nta mugabo wanywana n'umugore.
10) **Inkiko:** imipaka y'igihugu.
11) **Abatasi:** abantu bajya kugenzura rwihishwa aho bashaka kuzatera, kuziba cyangwa ikindi kintu.
12) **Abavuzi b'amacumu:** abantu bajyanaga n'ingabo ku rugamba kugira ngo nirurangira bazavuge uko igitero cyagenze. Abavuzi b'amacumu birinda kuvuga abapfuye cyangwa abahunze.
13) **Kugandika:** kujya ahantu ku gasozi ukagumayo. Bikunze kuvugwa ku bantu benshi.
14) **Impagarara:** ibitekerezo bituma wumva udatuje mu mutima.

## Imyitozo n'ibisubizo ku nyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo, buri wese ku giti ke, barangiza bagakosorera hamwe agenda abaza umwumwe atanga igisubizo ke.

1) **Koresha amagambo akurikira mu nteruro yumvikanisha icyo ashaka gusobanura:** Abashakamba, amataha y'inka, kwibindira ahantu, gutabaruka.

- **Abashakamba** ni umutwe w'ingabo wabayeho ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro.
- Bageze mu rugo mu **mataha** y'inka.
- **Yibindiye** mu mfuruka y'inzu bamushatse baramura.
- Ingabo za Yuhi IV Gahindiro zivuye ku rugamba **zatabarukanye** inka z'Urukomera

2) **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo akurikira avuye mu mwandiko kandi ukore isanisha rikwiye aho ari ngombwa:** ikirwa, kugandika, guca mu iteka, urufunzo, mu matarama, imigiti.
   a) Umuntu wese **wacaga mu iteka** ry'umwami bamukubitaga imigiti
   b) Impunzi **zaganditse/ziganditse** ku musozi zitegereje imfashanyo.
   c) Kera Abanyarwanda bamwe basakazaga inzu zabo **urufunzo**.
   d) Bageze mu rugo **mu matarama** basanga dutangiye gusinzira.

## II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. **Igitero cyo ku munsi w'inyana cyagabwe he? Sobanura ku buryo bwimbitse impamvu bakise igitero cyo ku munsi w'inyana.** Igitero cyo ku munsi w'inyana cyagabwe mu ndorwa. Bakise igitero cyo ku munsi w'inyana kuko imvano yacyo yavuye umunsi wa munani, umunsi umwami yari yarageneye gukenura inka ze. Abashakamba barenze ku iteka ku munsi w'inka bituma umwami abahanisha kunywera amata ku mugaragaro. Bamaze kunywa ayo mata basezeranije umwami ko izo nka zitazanyagwa n'ababisha. Inka rero zaje kunyagwa n'Abahima, Abashakamba babyumvise bihutira kugaba igitero mu Ndorwa cyo kugarura izo nka, kuko bari bibutse amata yazo banyoye ku munsi w'inka n'uko basezeranyije umwami ko zitazanyagwa.
2. **Ni nde wabimburiye Abashakamba kugira ngo barenge ku itegeko ry'umwami?** Sayinzoga ni we wabimburiye Abashakamba kurenga ku iteka ry'umwami.
3. **Kubera iki Abashakamba bemeye kunywera amata ku karubanda?** Abashakamba bemeye kunywera amata ku karubanda kuko batinyaga ko umwami yabakubita kuko bari barenze ku iteka.
4. **Utekereza ko ari iki cyatumye Gahindiro akubita Sayinzoga ku rutugu uko yavugaga izina ry'umushakamba amutumyeho?** Gahindiro yakubitaga Sayinzoga ku rutugu amuhanira gusigara inyuma y'abandi bagabye igitero.
5. **Ni gute Abashakamba bahoreye Sayinzoga?** Abashakamba bahoreye Sayinzoga inkoni yakubiswe bateguza Gahindiro bamubwira umunsi bazaza, ndetse wa munsi ugeze bagambana na Kanyaruguru, umuririmbyi wateguriza ingabo zitabarutse zivuye ku rugamba ngo abateguri ze ko batabarutse, Kanyaruguru arabikora ibwami baritegura ariko bategereza ingabo barazibura. Yabikoze inshuro nyinshi, Gahindiro uko atumye abantu

ngo bamutege ibico bamufate, Kanyaruguru akabimenyeshwa n'ibyitso by'Abashakamba akajya aho batamutegeye. Ibyo byateye Gahindiro impagarara. Abashakamba bamaze kumvisha ab'ibwami barashyize baza kwiyerekana no kumurika inka z'Urukomero n'indi minyago.

6. **Kubera iki Munanira ari we wahawe inka y'ubumanzi?** Munanira ni we wahawe inka y'ubumanzi kuko ari we warwanyije Abahima cyane bituma inka z'Urukomero zose zigaruzwa.
7. **Mu gitero cy'umunsi w'inyana haravugwamo umwami Yuhi IV Gahindiro. Uretse ibyo bamuvugaho mu mwandiko, vuga ibindi umuziho.**
   a) Umwami Yuhi IV Gahindiro ni umuhungu wa Mibambwe III Mutabazi II Sentabyo, akaba yarazunguwe ku ngoma n'umuhungu we Mutara II Rwogera.
   b) Yuhi IV Gahindiro yimye akiri umwana maze Gatarabuhura ashaka kwigira umwami ariko ntibyamuhira kuko yaje kubigwamo.
   c) Ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro ni bwo umutegetsi w'ubuhunde Karinda yishwe.
   d) Yuhi IV Gahinduro kandi yabaye imvano y'umugani "Ak'imuhana kaza imvura ihise".
   e) Umwami w'umunyamahoro.
   f) (…)
8. **Mu ngabo zivugwa mu gitero cy'umunsi w'inyana ni nde ushima? Umushimira iki?** Aha abanyeshuri basubiza ibisubizo binyuranye.

### Intera ya kabiri: Kumva no gusesengura igitero k'ingabo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 44)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:
– Gutahura ingingo z'amateka n'ingingo z'umuco ziri mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

## Imitangire y'isomo

### 1) Isubiramo

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko "Igitero cy'umunsi w'inyana" umwumwe bubahiriza  utwatuzo n'iyitsa.

### 2) Isesengura

Bari mu matsinda, umwarimu araha abanyeshuri ikibazo kibafasha gusesengura ingingo z'amateka n'iz'umuco  ziri mu mwandiko.

***Urugero rw'ikibazo yabaha:***

*"Garagaza ingingo z'umuco n'ingingo z'amateka zivugwa mu mwandiko".*
Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko basesenguramo ingingo z'amateka n'iz'umuco.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gusesengura umwandiko. Iyo igihe yabahaye kirangiye, buri tsinda rigenda rijya imbere kugaragaza ibyo ryakoze. Amatsinda yose amaze kuvuga ibyo yakoze umwarimu ashimira abanyeshuri bose akabasaba kwiha amashyi ku bw'umurimo bakoze, nyuma bakanoza ibyavuye mu matsinda atandukanye bikandikwa.

***Urugero rw'ingingo z'amateka n'iz'umuco ziri mu mwandiko "Igitero cy'umunsi w'inyana"***

## a) Ingingo z'amateka

- Umwami Yuhi IV Gahindiro arazwi cyane mu mateka y'u Rwanda. Mu mwandiko baratwerka ko yari umwami ukora gahunda y'ibikorwa bye: yari yarashyizeho iminsi munani buri munsi ufite igikorwa cyawo.
- Igitero k'ingabo za Yuhi IV Gahindiro Abashakamba cyagambwe mu Ndorwa gifite intego yo kugarura inka z'umwami Urukomero.

## b) Ingingo z'umuco

- **Kwiyereka kw'ingabo:** mu muco, iyo ingabo zavaga ku rugamba zanesheje, zakorerwaga ibirori, maze zikiyereka imbere y'umwami n'imbere y'imbaga y'abantu batagiye ku rugamba. Muri ibyo birori hamurikwaga iminyago, n'abavuzi b'amacumu bakabara inkuru z'imigendekere y'urugamba, maze abitwaye neza umwami akabagororera. Ingabo ziyerekaga zitwaye amacumu ku rutugu ahagaze, abaje mu birori bakahamenyera ababaye intwari bakica ababisha benshi kuko uwicaga umubisha yahetaga ikigembe k'icumu rye.
- **Kuraguza:** Kuraguza ni umuco w'Abanyarwanda wari ufite agaciro gakomeye. Nta gitero cyahagurukaga kitabanje kururagurizwa ngo bamenye umugaba w'igitero. Uretse igitero, Abanyarwanda baragurizaga kandi umugeni, ubukwe, urubanza, urubyaro n'ibindi. Mu mwandiko bavuga ko umunsi wa mbere n'uwa kabiri yari iminsi yo kuraguza kandi ko baraguzaga inkoko, intama , inka, inzuzi, n'ibindi.
- **Mu mwandiko kandi haragaragaramo bimwe mu byakenerwaga kugira ngo igitero gihaguruke:** ingabo, abatasi, ingabo bikingiza, abavuzi b'amacumu.
- **Guha agaciro inka:** mu muco nyarwanda inka zari zifite agaciro kanini. Amata yazo na yo yarubahwaga cyane. Mu mwandiko rero hagaragaramo agaciro kahabwaga inka aho na zo hari umunsi zari zigenewe: umunsi wa munani. Kuri uwo munsi umwami yiririwaga areba inka ze z'inyarurembo, abashaka kumuhakwaho bakazana inkoni n'inkuyu.

- **Kurasa intego:** abana bamaraga kugimbuka bakajyanwa mu itorero aho bitoreza ibintu byinshi: ubunyangamugayo, ubupfura, ubutwari no kurasa badahusha. Mu myitozo rero bashingaga ikintu, nk'umutumba, bakarushanwa kugihamya. Icyo barasaho ni cyo bita intego, ugihamije akaba arashe intego. Mu mwandiko biragaragara ko kurasa intego wari umuco ukomeye w'Abanyarwanda kuko umwami yari yarabigeneye umunsi wa gatanu. Uwo munsi ibwami biririrwaga barushanwa kurasa barasa intego.

## Umwitozo

Umaze gusoma no gusesengura igitekerezo k'ingabo "Igitero cyo ku munsi w'inyana", tandukanya igitekerezo k'ingabo n'igitekerezo cyo muri rubanda.

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo, buri wese ku giti ke. Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye kikandikwa ku kibaho.

***Urugero rw'ibyakwandikwa:***

- Ibitekerezo byo muri rubanda bibara inkuru zifatiye ku mateka y'abantu babayeho bo muri rubanda bikongeramo amakabyankuru. Ibitekerezo byo muri rubanda byenda gusa nk'imigani miremire.
- Ibitekerezo by'ingabo bibara inkuru z'ibitero n'ababibayemo intwari kurusha abandi. Ibitekerezo by'ingabo ni inkuru zatunganywaga n'abatekereza b'ibwami bafatiye ku byavuzwe n'abavuzi b'amacumu, maze bakazibwira umwami akaboneraho kumenya uko ingabo ze zitwaye kuva ku ntangiriro kugeza ku ndunduro y'urugamba. Mu bitekerezo by'ingabo bavuga imvano y'igitero, uko imirwano yagiye igenda ndetse n'imigendekere y'imyiyereko urugamba rurangiye.

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa mbere A

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa mbere A. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Ubuvanganzo nyabami ni ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abatware n'imihango by'ibwami. Ubuvanganzo nyabami bugabanyijemo ingeri zinyuranye nk'ibisigo nyabami, ubwiru, ubucurabwenge, ibitekerezo by'ingabo, ibyivugo by'ingabo, indirimbo z'ingabo n'amazina y'inka.
– Ibisigo nyabami byatangiye ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli bitangijwe n'umugabekazi Nyirarumaga. Mbere y'uko Nyirarumaga atangiza ibisigo nyabami hariho ibyo bitaga ibinyeto, byo bikaba byari bigufi. Ibisigo nyabami birimo amoko atatu: impakanizi, ibyanzu n'ikobyo cyangwa ikungu. Ibisigo nyabami birangwa n'**indezi** n'**iminozanganzo**.
– Ibitekerezo by'ingabo byavugaga imitegurire n'imigendekere y'ibitero ingabo z'umwami zagabye bakongeraho amakabyankuru.

## Ubumenyi bw'inyongera

### Ibisigo by'ibyuma

Ku ngoma Cyilima II Rujugira hari abasizi b'abahanga Bagorozi, Muhabura tutibagiwe na Kalimunda. Abo bombi bigaragaje mu bisigo by'ibyuma.

### Kuki byiswe ibisigo by'ibyuma?

Byaturutse ku makimbirane yabaye hagati ya Kalimunda na Muhabura, ubwo Kalimunda yajyaga gucurisha amacumu (ibyuma) y'abarwanyi maze Muhabura akamurangarana, avuga ko yabanje gushaka ibikoresho by'abacengeri (abatabazi). Bityo amakimbirane aravuka, haba kwibaza niba hatsinda ingabo cyangwa *abatabazi*. Ibyo bituma Kalimunda ajya kurega Muhabura kwa Rujugira. Yamureze mu gisigo yise: *"Ibyuma bitsindira abami".* Mu kwiregura Muhabura yerekana ko yabanje gucura ibyangombwa by'abatabazi, abivuga mu gisigo yise: *"Ibyuma bimarira abami urubanza?".* Umwami asaba abandi basizi kumufasha guca urubanza maze uwitwa Nyamugenda asa n'ushyigikira Kalimunda mu gisigo yise "*Iyo urubanza rwagombye abakuru".* Abandi bari aho na bo bagize icyo babivugaho, ni bwo Bagorozi agize ati *"Zemeye inganzo ingongo".* Maze Muhabura, mu kwiregura asubiza Bagorozi ati: *"Mbwire Bagorozi umunsi ugumye".* Umuhungu wa Muhabura witwaga Ndamira, aramwunganira mu gisigo yise: "*Abatabazi bagira ubatemera".* Mwene Bagorozi na we yunganira se mu gushyigikira Kalimunda ati: *"Urubanza ruhari ntiruhumburwa"* asa n'ushaka kuvuga ko urubanza rwaciwe n'umwami rudasubirwamo.

Muri ibyo bisigo kandi banajyaga impaka kugira ngo bagaragaze umusizi w'umuhanga kurusha undi.

## Urutonde rw'ibisigo byashoboye kuboneka

| IBISIGO N'INGOMA | UMUSIZI | UBWOKO | IMIKARAGO |
|---|---|---|---|
| **KWA Ruganzu II Ndoli** | | | |
| 1. Umunsi ameza imiryango yose | Nyirarumaga | Impakanizi | 50 |
| 2. Aho ishokeye inshotsi ya Gitarama | Nyirarumaga | Ibyanzu | 112 |
| **KWA SEMUGESHI** | – | – | – |
| **KWA KIGELI NYAMUHESHERA** | | | |
| 3. Nkure ibirego | Muguta | – | 59 |
| 4. Ye kwezi kwimirije impundu imbere. | Muguta | – | 21 |
| 5. Kanyuramfura | Muguta | – | 21 |
| **KWA MIBAMBWE GISANURA** | | | |
| 6. Nugure Ngozi nk'ingoma | Muguta | Impakanizi | 223 |
| 7. Kireshyabakono | Muguta | Ibyanzu | 155 |
| 8. Kizi nzaba mpari mu kwambuka | Rukungu | Ibyanzu | 52 |
| 9. Ye kaze! Yewe karame! | Muguta | Ikobyo | 132 |
| 10. Nigire inama nanoga | Muguta | Impakanizi | 206 |
| 11. Ye nkuru yizihiye inka | Muguta | Impakanizi | 224 |
| **KWA YUHI MAZIMPAKA** | | | |
| 12. Ndi umupfumu w'inka | Ruhinda | – | 87 |
| 13. Umunsi yuhanya ajya Ruguru | Mirama | ibyanzu | 89 |
| 14. Umunsi inkuba iganza intare | Mirama | impakanizi | 213 |
| 15. Umunsi yuhiza inka uburanga | Mirama | impakanizi | 269 |
| 16. Inka zigira ishorera | Nzabonariba | ibyanzu | 84 |
| 17. Ncane ncana nte? | Sanzige | - | 19 |
| 18. Ngisaba he? | Mazimpaka | ibyanzu | 61 |
| 19. Guhorera abazimu ntibamenye | Mazimpaka | ikobyo | 40 |
| 20. Bantu bansize mu ngabo | Mazimpaka | ikobyo | 55 |
| 21. Mpakanire abantu | Nzabonariba | ikobyo | 68 |
| 22. Singikunda ukundi | Mazimpaka | ibyanzu | 127 |
| 23. Rucibwa rute urubanza | Bagorozi | ibyanzu | 110 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **KWA CYILIMA RUJUGIRA** | | | |
| 24. Bantumye kubaza umuhigo | Nyabiguma | impakanizi | 311 |
| 25. Ibyuma bitsindira abami | Karimunda | ikobyo | 27 |
| 26. Ibyuma bimarira abami urubanza | Muhabura | ikobyo | 58 |
| 27. Iyo urubanza rwagombye abakuru | Nyamugenda | - | 29 |
| 28. Mbwira Bagorozi umunsi ugumye | Muhabura | ibyanzu | 105 |
| 29. Zemeye inganzo ingongo | Bagorozi | ibyanzu | 196 |
| 30. Abatabazi bagira ubatemera | Ndamira | ibyanzu | 137 |
| 31. Urubanza ruhari ntiruhumburwa | Mbaraga | ikobyo | 91 |
| 32. Iminsi myiza irasa | Bagorozi | ikobyo | 132 |
| 33. Nsezere ingoro | Nzabonariba | ikobyo | 106 |
| 34. Zirimo umugabo | ? | impakanizi | 133 |
| 35. Utatiye inkuba | ? | ibyanzu | 93 |
| 36. Ruganzabenshi | Sebukangaga | impakanizi | 225 |
| 37. Nigabe mu ruganda rugambirirabagabo | Bagorozi | ikobyo | 127 |
| 38. Ubonye ubuhake bw'umwami | ? | ikobyo | 107 |
| 39. Umunsi yimuka i Mwumba | Nyabiguma | - | 24 |
| 40. Ko abwirije inka i Nduga | Bagorozi | ibyanzu | 120 |
| 41. Inyota y'ingoma | Musare | ibyanzu | 80 |
| 42. Nta kamara ishavu nko kubyara | ? | ikobyo | 123 |
| 43. Uririra uwiyishe | Muhabura | ikobyo | 120 |
| 44. Umwami azira kubeshya | Nyabiguma | ibyanzu | 199 |
| 45. Igitutsi kiruta ikindi | Bagorozi | ibyanzu | 186 |
| 46. Ndaje nkubarire inkuru Nyankurwe | Kagaju | - | 30 |
| 47. Ubuhatsi bugira ubwoko | Bagorozi | ibyanzu | 178 |
| 48. Iyo intwari zabaye nyinshi | Nyabiguma | - | 71 |
| 49. Riratukuye ishyembe icumita ibindi bihugu | Bagorozi | impakanizi | 186 |
| 50. Nihe amajerwe | Bagorozi | ibyanzu | 248 |
| 51. Nta kigira inama mbi nk'intati | Ngogane | ikobyo | 53 |
| 52. Umurambi w'ingoma | Musare | ibyanzu | 185 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **KWA KIGELI NDABARASA** | | | |
| 53. Agati bamanitse abami | ? | ibyanzu | 103 |
| 54. Mbwire umwami uko | Musare | ibyanzu | 301 |
| abandi bami | | | |
| bantumye Byangabwana | | | |
| 55. Batewe n'iki uburake | | | |
| 56. None wamaze ubuhinge | Kibarake | impakanizi | 257 |
| | Musare | ibyanzu | 259 |
| **KWA MIBAMBWE SENTABYO** | | | |
| 57. Ncire umwami inkamba | | | |
| 58. Uruguma runini | Musare | ibyanzu | 50 |
| 59. Nta wurenga icyo azira | Ntibanyender | ibyanzu | 76 |
| 60. Ingoma iraragwa | Muganza | ibyanzu | 140 |
| ntiyibwa | Musare | ibyanzu | 140 |
| 61. Mvurire ubuhake | | | |
| 62. Sinari nzi ko umwami | Muganza | impakanizi | 132 |
| yanganwa inka | Musare | _ | 31 |
| nk'umuhutu | | | |
| 63. Inkovu icitse irushya | | | |
| abavuzi | Ntibanyendera | ibyanzu | 86 |
| 64. Umunsi amarira Kigali | | | |
| 65. Umwami si umuntu I | ? | ? | 19 |
| 66. Umwami si umuntu II | Semidogoro | ? | 114 |
| 67. Ko bavuga iridakuka | Semidogoro | ? | 40 |
| abami | ? | _ | 11 |
| 68. Imana yabonye inka | | | |
| 69. Turamutse mu mihigo | Rukomo | ibyanzu | 153 |
| 70. Ikimbwira imana | ? | ibyanzu | 132 |
| yamwimitse uko | Musare | ? | 38 |
| yasaga uwo mwana | | | |
| 71. Ruhanga rucura | | | |
| inkumbi | Nsabimana | ibyanzu | 149 |
| 72. Nsongere umwami | | | |
| inkomeri yishe | ? | ibyanzu | 177 |
| 73. Nuzuye n'abami | | | |
| 74. Umunyiginya mutindi | Nsabimana | ? | 17 |
| 75. Kurya yashukiranyije | Musare | ikobyo | 155 |
| ubuto n'ubutamire | Musare | ? | 6 |
| 76. Ndi intumwa y'abami | | | |
| 77. Urubanza abami | Ngogane | ibyanzu | 140 |
| bamarira ibihugu | Rukomo | ibyanzu | 147 |
| **KWA YUHI GAHINDIRO** | | | |
| 78. Ukuri kwimutsa | | | |
| ikinyoma ku ntebe | Musare | ibyanzu | 175 |
| 79. Imana yeze ntiba | | | |
| imbogo | Rurezi | impakanizi | 178 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 80. Inka zihawe nyirazo | Kagaju | ibyanzu | 135 |
| 81. Inkingi Nkindi iteye u Rwanda | ? | ibyanzu | 183 |
| 82. Imfizi y'ingangare | ? | ikobyo | 50 |
| 83. Urwango ruvuye ku busa | Kibarake | ? | 40 |
| 84. Mbwire abantu inyundo yacuze abami | Nsabimana | impakanizi | 284 |
| 85. Urugumye urukanga umwami | Musare | ibyanzu | 134 |
| 86. Yaramutse umuvumbi imvura | Mutsinzi | ? | 16 |
| 87. Umugore mukuru | Musare | ibyanzu | 229 |
| 88. Nibwire nyir'inka | Rutinduka | ibyanzu | 131 |
| 89. Nzeru yizihiye abami | Nyamashara | ibyanzu | 57 |
| **KWA MUTARA RWOGERA.** | | | |
| 90. Ukwibyara gutera ababyeyi ineza | Nyakayonga | impakanizi | 441 |
| 91. Mpoze abarira | Mitari | ibyanzu | 107 |
| 92. Imana zitabeshya nyirazo | Bamenya | ikobyo | 80 |
| 93. Numvise urwamo rw'impundu | Nyakayonga | ? | 24 |
| 94. Zabonye uko nshaka | Bikwakwanya | impakanizi | 220 |
| 95. Icyo barusha abandi bami | Rundushya | ikobyo | 138 |
| 96. Isambu yera abami | Bikwakwanya | ikobyo | 187 |
| 97. None nabuze umurezi nirege | Rurezi | impakanizi | 167 |
| 98. Ineza y'umwami | Bikwakwanya | ibyanzu | 175 |
| 99. Turi mu bibanza | Muzerwa | ? | 28 |
| 100. Urugo yivugiyemo ibihugu | Rurezi | ? | 65 |
| 101. Twabona ingoro | Bamenya | ikobyo | 62 |
| 102. Mbwire umwami uko abandi bami bantumye batumikira | Rurezi | ikobyo | 104 |
| 103. Ntambe ineza y'umuhatsi | Mutsinzi | ikobyo | 116 |
| 104. Naraye mu mpaka z'inzira | Mutsinzi | ? | 28 |
| 105. Ndatire amahanga umuheto | Mutsinzi | ? | 24 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 106. Nshire umugabe impundu | Mutsinzi | ? | 22 |
| 107. Nimirije mwurire imbere | Mutsinzi | ? | 47 |
| 108. Umwami ni we ukura ahaga | Rutinduka | ikobyo | 46 |
| 109. Ruhanga rwivuze ibihugu | Ntibanyendera | ikobyo | 46 |
| 110. Umuvumo cyane wica nk'icumu | Rwamakaza | ikobyo | 113 |
| 111. None ahawe umuvuro Bidugu | Rwamakaza | ikobyo | 113 |
| 112. Abami bacu bagira Imana itsinze | Bikwakwanya | ikobyo | 161 |
| 113. Ubukombe buteretswe n'iyeze | Ringuyeneza | ikobyo | 149 |
| 114. Ntambire ingoma | Kibarake | ikobyo | 79 |
| 115. Cyubahiro mfizi ikwiye inka | Rwamakaza | ikobyo | 169 |
| 116. Mpakanire Bugondo | Bikwakwanya | ikobyo | 96 |
| 117. Nivugire ingoma | Mutsinzi | ibyanzu | 61 |
| 118. Iyo barushije amahanga umutungo | Rwamakaza | impakanizi | 193 |
| 119. Ruhanga ruganje abahinza | Nyirakunge | ikobyo | 194 |
| **KWA KIGELI RWABUGIRI** | | | |
| 120. None imana itumije abeshi | Mutsinzi | ikobyo | 78 |
| 121. Twabona umurwa utsinze | Bamenya | ikobyo | 120 |
| 122. Mbaze abantu icyo bahora umwami | Bamenya | ikobyo | 100 |
| 123. Ubwami bugira ubwoko | | | |
| 124. Mvugire umwami amacumu | Singayimbaga | ikobyo | 150 |
| 125. Ngambirize amahanga | Sekarama | ? | 22 |
| 126. Rusumbamahanga | | | |
| 127. Nshimire Mabega amabara | Kirorero | ? | 24 |
| | ? | ? | 30 |
| 128. Itabaro ribasha umwami | Nyakayonga | ikobyo | 172 |
| 129. Naje kubara inkuru | Bamenya | impakanizi | 179 |
| 130. Mbwire nyir'inka izi | | | |
| 131. Bahiriwe n'urugendo | Sekarama | ibyanzu | 119 |
| 132. Umwami w'imigisha | ? | ikobyo | 80 |
| | Sekarama | impakanizi | 214 |
| | Singayimbaga | ikobyo | 156 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 133. Nsubize umwami mu rushya | Nyakayonga | ikobyo | 251 |
| 134. Naje kubika u Burundi | Sekarama | ikobyo | 177 |
| 135. Umwami wimye atari mwango | Muhatsi | ikobyo | 153 |
| 136. Mbyarize umwami inyamibwa | Muzerwa | ? | 31 |
| 137. None imana iduhaye kuvuza impundu | Nyakayonga | ikobyo | 263 |
| 138. Nta washobora igihugu nk'umwami | Munyanganzo | ibyanzu | 199 |
| 139. Bambariye inkuru nkomati | Munyanganzo | impakanizi | 204 |
| 140. Mbyukire mu ruganda | Sekarama | ikobyo | 196 |
| 141.Icumu umwami atera abanzi | Rubumba | ibyanzu | 105 |
| 142. Nkumbuye i bwami | Bamenya | impakanizi | 160 |
| 143. Zihorana ishya | Singayimbaga | ? | 115 |
| 144. Umunsi mbarirwa inkuru | Munyanganzo | ikobyo<br>ikobyo | 205 |
| 145. Nkurire ingoma ubwatsi | Nyirakunge | ikobyo | 187 |
| 146. Nakubiwe n'iminsi imusozi | Bamenya | ikobyo<br>? | 89 |
| 147. Ntambe ineza none iciye amahari imihigo | Sekarama | impakanizi | 379 |
| 148. Umwami inka zikunze | Munyanganzo | impakanizi | 175 |
| 149. Ndate ubugabo | Ndandari | ikobyo | 85 |
| 150. Liturema amagara | Sekarama | ikobyo | 42 |
| 151. Ndaje nkubwire umurasano | Nyirakunge | ikobyo | 178 |
| 152. Ndose induru | Senkabura | ? | 21 |
| 153. Nicaye ntagabanye | Gashungero | ikobyo | 162 |
| 154. Ndaje nkubambure | Senkabura | impakanizi | 171 |
| 155. Urugo rugwije imbaga | Ngurusi | Ibyanzu | 73 |
| 156. Ndi umuyoboke w'abami | Ngurusi | Ibyanzu | 67 |
| 157. Abaramya umwami utari uwabo | Muzerwa | ? | 31 |
| 158. Numvise imyama y'ingoma | Singayimbaga | ikobyo | 237 |
| 159. U Rwanda iyo rwasheshe ikigugu | Senkabura | ? | 34 |
| 160. Inka ziragiwe n'inkuba | Munyanganzo | ? | 90 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **KWA YUHI MUSINGA** | | | |
| 161. Iyo zishokewe n'intwari | Munyanganzo | ikobyo | 105 |
| 162. Ikimbwiye imana | | | |
| yamwimitse | Sekarama | ? | 23 |
| uko yasaga mwebwe | | | |
| bimika | | | |
| 163. Ninkabone inka | | | |
| zagabwe | ? | ikobyo | 225 |
| 164. Mburanire umwami | | | |
| 165. Kurya u Rwanda | Karera | ikobyo | 130 |
| rwahoranye abami | Senkabura | ibyanzu | 45 |
| b'ubugabo | | | |
| 166. Iteka ry'imana | | | |
| 167. Nkurire ingoma ubwatsi | Segacece | ? | 205 |
| 168. Mbonye umurwa | Masozera | ? | 32 |
| w'abami | | | |
| 169. Kizi nzaba mpari | Karera | ikobyo | 204 |
| impanga y'abami | | | |
| yashize | Munyanganzo | ikobyo | 86 |
| **KWA MUTARA RUDAHIGWA** | | | |
| 170. Ndabukire imana | | | |
| yunamuye | | | |
| u Rwanda | Sekarama | impakanizi | 308 |
| 171. Ruhanga rutsindiye | | | |
| igihugu | | | |
| 172. Imfura z'abagabo | Karera | impakanizi | 331 |
| 173. None wibutse abanyu | | | |
| 174. Nungutse ijambo | Gahuriro | ikobyo | 229 |
| ry'umwami | Karera | ibyanzu | 99 |
| 175. Umpe icyanzu | Gahuriro | impakanizi | 192 |
| 176. None utabarutse neza | | | |
| | Gahuriro | ikobyo | 98 |
| | Munyagaju | ikobyo | 111 |

## Utonde rw'abasizi b'ibisigo nyabami byashoboye kumenyekana n'umubare w'ibisigo basize

- Bagorozi = 9
- Bamenya =7
- Bikwakwanya = 5
- Gahuriro = 3
- Gashungero =1
- Kagaju =2
- Karimunda =1
- Karera =4
- Karorero =1
- Kibarake =3
- Linguyeneza =1
- Masozera =1
- Mitari =1
- Mazimpaka =4
- Mbaraga =1
- Mirama =3
- Muganza =2
- Muguta =8
- Muhabura =3
- Muhatsi =1
- Munyangaju =1
- Munyanganzo =7
- Musare =12
- Mutsinzi =8

- Muzerwa =3
- Ngogane =2
- Ntibanyendera =3
- Nyamashara =1
- Nyirarumaga =2
- Rukomo =2
- Rurezi =4
- Senzige =1
- Sekarama =9
- Singayimbaga =4
- Ndamira =1
- Ngurusi =2
- Nyabiguma =4
- Nyamugenda =1
- Nzabonariba =3
- Rukungu =1
- Rutinduka =2
- Sebukangaga =1
- Semidogoro =2
- Ndandari =1
- Nsabimana =3
- Nyakayonga =5
- Nyirakunge =3
- Rubumba =1
- Rundushya =1
- Rwamakuza =4
- Segacece =1
- Senkabura =4
- Abatazwi = ibisigaye

**Ikitonderwa:** Ubusizi buravukanwa, akenshi bwababaga ari uruhererekane mu muryango, ku buryo. Umusizi yabyaraga abasizi.

***Urugero:***

- Nzabonariba yabyaye Bagorozi, Bagorozi abyara Mbaraga, Ngogane na Kibarake.
- Karimunda yabyaye Musare, Musare abyara Nyakayonga.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa mbere A

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 45)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

- Ubushobozi bwo gusesengura igisigo nyabami n'ibitekerezo by'ingabo.
- Ubushobozi bwo gusobanura no gukoresha iminozanganzo.
- Ubushobozi bwo kurondora ingeri z'ubuvanganzo nyabami n'uturango twazo.
- Ubushobozi bwo guhanga umuvugo ugaragaramo iminozanganzo.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

## I. Kumva no gusesengura igitekerezo k'ingabo

### A. Ibibazo ku mwandiko

1. **Usomye umwandiko ubona igitero k'imigogo cyarabaye ku ngoma y'uwuhe mwami?**
   Igitero k'imigogo cyarabaye ku ngoma y'umwami Kigeli IV Rwabugiri.
2. **Iyo urebye ubona mu ntangiriro y'urugamba rwa kabiri i Nyagakoni, Abanyankore baranesheje Abanyarwanda. Ni iki cyatumye Abanyarwanda bagira ubutwari bwo gukomeza urugamba kugeza barutsinze?**
   Icyatumye Abanyarwanda bagira ubutwari bwo gukomeza urugamba

kugeza barutsinze ni uko aho bari bari mu ngando bari kumwe n'umwami. Igihe Abanyankore babakubise inshuro bagasubira inyuma bakajya mu ngando bagize amakenga batekereza ko urugamba rubereye mu ngando irimo umwami bishobora gukora ishyano maze bemera guhara amagara bisuka ku banyankore batitaye ku mbunda bari bafite.

3. **Andika ibintu byibura bibiri bigaragaza ko Rwabugiri yari intwari.**
   Ibintu bibiri bigaragaza ko Rwabugiri yari intwari ni uko yatabaranye n'ingabo ze ndetse akisha ababisha benshi akoresheje imbunda yatse umubisha. Ikindi kandi igihe bamubwiye ko hari umuzungu w'Umwongereza uje gutabara Ntare, ntiyagize ubwoba ahubwo yiyemeje ko agomba kurwana na we n'ubwo abatware be batamwemereye.
4. **Ni abahe banyankore barokotse urugamba rwa kabiri i Nyagakoni?**
   Abanyankore barokotse igitero k'i Nyagakoni ni umurari umwe wari waciye indi nzira ukarasukira ku ngando y'Abashakamba n'iya Ndushabandi.
5. **Ni iki abatware bakoze kugira ngo Rwabugiri ave mu ngando ajye igatsibo?**
   Kugira ngo Rwabugiri ave mu ngando abatware batwitse ingando maze Rwabugiri abonye umwotsi aremera baramuheka bamujyana i Gatsibo.
6. **Ni iyihe mitwe y'ingabo za Rwabugiri ivugwa mu mwandiko?**
   Mu mwandiko haravugwamo Uruyange, Abashakamba, Ndushabandi, Nyaruguru n'Inganguraruro.
7. **Tahura mu mwandiko zimwe mu ngingo z'amateka n'iz'umuco.**

| **Ingingo z'amateka** | **Ingingo z'umuco** |
|---|---|
| Igitero k'imigogo cyabaye mu gihe abazungu bari barageze mu Rwanda. Ibyo bigaragazwa n'umuzungu w'umudage Von Goetzen uvugwa mu mwandiko. | Ingabo zivuye mu gitero zajyaga guhiga imbere y'umwami n'umugabekazi, zikivuga ibigwi n'ibirindiro. Mu mwandiko, igitero k'imigogo kirangiye, ingabo z'u Rwanda zahigiye umugabekazi Nyiramibamwe. |
| Amateka y'uko u Rwanda rwigeze gukoronizwa n'Abadage, u Bugande bugakoronizwa n'abongereza. Biragaragazwa n'aho mu mwandiko bavuga ngo "Rwabugiri ntiyari azi ko yavuye mu Gihugu ke yagenzurwaga n'Abadage, agatera mu cy'Abongereza bo bari bamaze imyaka mu Buganda". | Mu muco umwami yarahekwaga: Rwabugiri yahetswe bamwambutsa uruzi rwari rwuzuye anahekwa bamuvana mu ngando bamujyana i Gatsibo. |
| Mu mwandiko barakomoza ku ntambara yo ku Rucunshu aho bavuga ko Rucunshu aho bavuga ko imbunda Rwabugiri yarashishije Abanyankore mu gitero k'imigogo yabitswe ibwami ikaza guhira ku Rucunshu mu ipfa rya Mibambwe IV Rutarindwa. | Kwiyereka no kugororera intwari: urugamba rurangiye umugaba w'ingabo yariyeretse anagororerwa inka ebyiri. |
| Rwabugiri yatuye i Gatsibo | Gutata igihugu mbere yo kugitera |

8. **Uhereye ku byo wize mu bitekerezo by'ingabo n'igice k'igitero k'imigogo umaze gusoma, vuga ibiranga igitekerezo k'ingabo**.
Ibitekerezo by'ingabo byavugaga ingabo z'umwami n'ibitero zagabye ariko bakongeraho amakabyankuru. Ibitekerezo by'ingabo birangwa n'inkuru y'imirwano ishyamiranyije ingabo z'impande ebyiri. Igitero k'Imigogo twasomye ,imirwano ishyamiranyije Abanyankore n'Abanyarwanda.

## B. Inyunguramagambo

1) Sobanura amagambo akurikira ari mu mwandiko:
   a) **Kugwa gitumo:** gutungura umuntu ukamugeraho atakwiteguye akenshi arigukora ibyo atashakaga ko umenya.
   b) **Ibitsimbanyi:** abantu bari bashinzwe gushaka ibyo kugaburira ingabo ku rugamba no kubizigemurira.
   c) **Igikondorero:** igice cy'umwambaro ukenyerwa urenga ku mushumi.
   d) **Babarindimurira:** bituruka ku nshinga "kurindimura" isobanura gutuma ibintu cyangwa abantu bari hamwe banyanyagira.
   e) **Gukubitwa inshuro:** uburyo ingabo z'u Rwanda zakoreshaga bwo gusubira inyuma kugira ngo zibone uko zihindukirana abanzi bazo.
2) Kora interuro ukoresheje amagambo akurikira: ibitsimbanyi, igikondorero, kurindimura.
   a) **Ibitsimbanyi:** Ku rugamba ibitsimbanyi byakoze umurimo wabyo neza kuko ingabo zitishwe n'inzara.
   b) **Igikondorero:** Amafaranga yarafite yayabitse mu gikondorero.
   c) **Kurindimura:** Yagomoroye amazi ayarindimurira mu gishanga.
3) Rwabugiri bamuhetse mu ngobyi. Andika igwizanyito z'ijambo ingobyi.
   Igwizanyito z'ijambo ingobyi:
   – **Ingobyi** bahekamo umwana.
   – **Ingobyi** bahekagamo umwami, umugeni hamwe na hamwe muri iki gihe bahekamo abarwayi.
   – **Ingobyi:** uruhu rw'ivunja.
   – **Ingobyi:** isambu umuntu yigengaho.
   – **Ingobyi:** ikirere cya nyuma kimeze nk'igikobokobo gifubika umwanana w'igitoki igihe cyana.
   – **Ingobyi:** akantu kameze nk'agahu gafubika umwana uri mu nda ya nyina yavuka kakamukurikira.

# II. Ibibazo ku gisigo "Ukwibyara" no ku buvanganzo nyabami

## A. Soma iki gice k'igisigo "Ukwibyara" nyuma usubize ibibazo byakibajijweho.

Ku Rutambamitavu,
Muri intwari zitarutana,

Muri bene iteka ritahava,
Muri bene umutungo mwiza
Mwaraduhatse muraturemaza,
Mutwubakira amarembo y'intungane
Tubita intura Rwanda
Nta byikamize urakimana
Wadukamiye amata angana imvura,
Ntitugira umuvuro

Tubyuka dusenga
Ugasukiranya urugwiro
Sango, ba so na ba sogokuru,
Bakwangiye isange
Ngo abazakwanga

Uzabakuze umusanzu n'umuganda,
Abagusigaranye imbuto n'intanga
Bakuraze izi ntarama
Zo ku Rutambamyato
No ku Rutambabiru

## Ibibazo n'ibisubizo.

**1. Tahura imwe mu minozanganzo iri muri icyo gice k'igisigo kandi uyisobanure.**

- **Injyana ishingiye ku isubirajambo**

*Urugero:*

**Muri** intwari zitarutana,
**Muri** bene iteka ritahava,
**Muri** bene umutungo mwiza
Ijambo muri ririsubiramo ku ntangiriro y'imikarago itatu.

- **Igereranya**

*Urugero:* Wadukamiye amata angana imvura
Amata yagereranyijwe n'imvura bashaka kuvuga ko ari menshi.

- **Injyana ishingiye ku isubirajwi**

*Urugero:* Sango, ba so na ba sogokuru
Ijwi s ririsubiramo kenshi mu mukarago umwe.

- **Iyitirira**

*Urugero:* Ku Rutambamitavu
Ku rutambamitavu ni ibwami, aho inyana zitamba zisimbagurika, hari ubukire, umutungo. Ibwami bahise i Rutambamitavu kuko haba inka nyinshi zihora zifite imitavu.

– **Umubangikanyo wuzuza/nsobanuzi:**

***Urugero:*** Nta byikamize urakimana
Wadukamiye amata angana imvura.

Umukarago wa kabiri urasobanura, uravuga impamvu y'ibyo bavuze mu mukarago wa mbere.

– (...)

**2. Igisigo "Ukwibyara" kiri mu buhe bwoko bw'ibisigo? Kubera iki? Andika ubundi bwoko bw'ibisigo uzi.**

Igisigo "Ukwibyara" ni igisigo k'impakanizi kubera ko gikurikiranya abami uko bagiye bazungurana ku ngoma kandi kikagira inyikirizo ari yo mpakanizi. Iyo nyikirizo ni "Na we musenge, musagurire, mumuhe urubanza mureke abanze".

Ubundi bwoko bw'ibisigo ni ibyanzu n'ikobyo.

**3. Igisigo "Ukwibyara" kiri mu buhe bwoko bw'ubuvanganzo? Kubera iki? Andika izindi ngeri ziri muri ubwo buvanganzo.**

Igisigo "Ukwibyara" kiri mu buvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami.

- Kiri mu buvanganzo kuko gikoresha iminozanganzo itandukanye yerekana ko uwagisize yagihimbiye mu nganzo.
- Kiri mu buvanganzo nyarwanda kuko cyahimbwe n'Abanyarwanda kandi mu rurimi rw'Ikinyarwanda.
- Kiri mu buvanganzo nyemvugo kubera ko cyahimbwe mbere y'uko kwandika kugera mu Rwanda. Ikindi kandi mu gisigo "Ukwibyara", harimo uturango twinshi tw'ubuvanganzo nyemvugo (isubiramo ry'amagambo, ikoreshwa ry'amagambo akunda gukoreshwa mu mvugo.)

Izindi ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami ni ubwiru, ubucurabwenge, ibitekerezo by'ingabo, ibitekerezo nyabami cyangwa by'imiryango ikomeye, amazina y'inka n'ibyivugo.

**4) Hanga umuvugo utarengeje imikarago cumi n'itanu, ku nsanganyamatsiko wihitiyemo, ugerageza gukoreshamo iminozanganzo itandukanye.**
Aha umwarimu areba niba imivugo yahanzwe yubahirije uturango tw'umuvugo.

## Imyitozo nsindagirabushobozi

– Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.

– Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu ashobora kubavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora indi myitozo y'inyongera ijyanye na buri mutwe. Iyi myitozo nsindagirabumenyi umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

*Urugero rw'imyitozo yabaha:*

1. **Sesengura uturango tw'ikeshamvugo turi muri iyi mikarago y'igisigo "Ukwibyara"**
   - Wa Mwami w'i Buzitaga, Nzogera
     Wa Mwami w'I Butaziga, Nyonga (196-197)
     **Injyana ishingiye ku isubirajambo**
   - Wa Mwami wahabwa Karinga
     Akayambika karindwi (201-202)
     **Injyana ishingiye ku isubirajwi: ka**
   - Ni uruharo rwambereye ikibuza!
     Amage yo guhora mpingiriza arantinza. (Umukarago 363-364)
     **Umubangikanyo wuzuza/nsobanuzi:** Umusizi aratanga ingingo mu mukarago ubanza ukurikiyeho akayisobanura.
   - Kurya mucurwa n'inyundo ziramye (Umukarago30)
     **Ishushanya** → Abantu ntibacurwa n'inyundo barabyarwa.
     Cyanwa azanye ikeyi (umukarago 234)
     **Iyitirira** → **Cyanwa**: Ntare. Ntare bamwise Cyanwa kubera ko intare igira icyanwa.
   - Mwameze ibiganza bitatugwabiza
     Mugira amaguru atugabira (Umukarago 34-355)
     **Ishushanya** → ibiganza ntibimera kandi amaguru ntagaba bisobanura mufite amaboko adutunze. Ni ishushanya ryakoreshejwe.
   - **Bo mu mirinzi ya Cyarubazi:** mu miko ya Rwamiko
   - **Iyitirira** → **Mu mirinzi ya Cyarubazi:** mu miko ya Rwamiko
2. **Ibitekerezo by'ingabo birangwa n'iki?**
   Ibitekerezo by'ingabo birangwa n'uko biba bivuga ibitero by'ingabo z'ibwami, uko byatangiye, imigendere yabyo, uko byarangiye ndetse n'imyiyereko y'ingabo zigeze ibwami.

Kuri ibi bibazo, umwarimu ashobora kongeraho ibindi akurikije uko yabonye abanyeahuri basubije ibibazo by'isuzuma.

### Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo byayo

Soma neza igisigo hanyuma usubize ibibazo byakibajijweho

## Naje kubara inkuru

1. Naje kubara inkuru
   Yaraye i Murori
   Kwa Nyiramuyaga na Muhaya
   Murorwa yacyuye amahano
5. Za Busunzu zirayishoka,
   Ikabamburwa n'ibihunyira

Ruhangwambone rwa
Ruhoramagambo,
Umuswa urayanitse mu kigunda;
Yapfuye urwa Ruvuzo.
Yo yigeraga impfizi ya Makuka.
Ikayigera i Buringeri
Yacitse nka Mushunguzi
Yaguye mu rukubo rw'impabe,
Yatsinzwe nka Kalihejuru.
Naje ntabara impuha
Impundu ziravuga umurenge
Mu mirambi ya Kigali
Ziranamije ku Mutaragasani
Kandi mbara inkuru ntikuke
Y'uko wakukiye Muteli, Mutabazi,
Ugatema ibyaro amajosi.
Ngiyo ya sugi
Irasogombwa amahanga
Irahiga iz'amakeba
Nkavuga imyasiro
Wasiye Nyamilinga,
Mirindi ya Rumeza,
Wayambikiye agashungo
Iyo ngoma yawe.
Nimuyihe rugari
Yibonereho Ruhangwambone
Nyibaze ay'icyo kirara
Kitagira umuraza
Mu mirambi ya Rubaho.
Cyaroye kikica umukenya
Kimbwire undi waryiswe iryo zina
Akazisazira nyuma.
Na ndetse we Ruhangwambone,
Rwa Ruzambone
Ubu udateze amarengero
Ugacurisha imihoro?
Nimuyihe rugari
Yibonereho Ruhangwambone!
Nyibaze; ko amazina yari menshi,
Mukarora mukisunga iriheze
Rya Ruhararaburozi rwa Mpinga?
Yo mu guha impaka uwatwambuye
Yuhi
Imvano yava kuki?
Ntiziko Rugaju
Ariwe waduteye imbeho n'isuri.
Maze tugasanganywa Imana
Ibura mwabo ikabona twebwe?
Iyacu ni Rubanguka
Rwacyamuye ibihugu
Ni we "Rugira" wahonokaga mu
Buhinda.
Na none niberwe
Ayigire indoto,
Ayitegeke nka Rwuma
Maze ive mu rweguriro zirishe.
Nirembe ayigire insezo
Ayisenyere ijabiro ijabo rishire
Izaza akuya kayirenze
Yicuza ayo yakoze,
Ikungagizwa mu myiri bayinyaze!
Nimuyihe rugari
Yibonere Ruhangwambone!
Izaza yumva amatare
Ayivuga mu mutwe
Mu mpinga ya Butare
Amatwi yazibiranye mu miryango,
Mutukura itekanye na Mukeshajabiro
Nimuyihe rugari
Yibonereho Ruhangwambone!
Izaza ishorejwe amacumu
Mu mpinga ya Gatsibo;
Amacumu yabaye inkwaruro
Maze ishime ko itagira
I Bwangaguhuma kwa Gahaya.
Ubwo yisunze izina ritagira
amarengero
Amajyo azayibera amabuye.
Nimuyihe rugari yibonere
Ruhangwambone!
Izaza yumva insengo
Zivuga iwacu mu ngoro

Umuryasenge uyirya
Yabuze amaboko
Yo kwishima mu gihumbi;
Izaba yayakonje Mutukura,
Yayageretse ku ya Mutaga w' i Nkanda!
Ruhangwambone nimuyihebe
Nta nkandagiro yizeye!
Nimuyihe rugari
Yibonereho Ruhangwambone!
Mbese wowe ntiwahagiye?
Kuy'i Butembabuto kwa Materamato
Yaje gutegura ino
Matungo ayigira intindo?
Nimuyihe rugari
Yibonereho Ruhangambone!
Mbese wowe ntiwahagiye?
Kuy'i Buganyanza kwa Kivugabagore?
Yahanzwe no kuvuga rimwe
Akarimi kayo kagwa mu matsa!
Uzarebe aho izingiye Mizinge:
Ntikizirikana ay'imusozi.
Mba ndi ishami ryabaye Nyirarugaju!
Nimuyihe rugari
Yibonere Ruhangwambone!
Mbese wowe ntiwahagiye?
Ku y'i Busobanyamakaraza
Iri ni ishavu ringana aya mazi
Rikayirara mu muroha
Yarahebye n'abayiyagira
Ngo bayihe ubuhura
Igumye iganye na Ntenga
Bateze inyenga.
Rero simbeshya
Ni ko ntanga abagabo benshi ba mikore:
Rukabuza arumva na Myambi.
Sinzakaraba no kwa Rujyo:
Makomere arabizi na Makuka,
Na Rukaniramiheto
Simbeshya: uzahagira ku rw'i Bumpaka
Uzatwika ari umugero
Rugina ikarwubika
Rugahinduka umugina.

## I. Inyunguramagambo

1) **Sobanura amagambo akurikira ukoresheje inkoranya cyangwa icyo ashatse kuvuga mu mwandiko: imyasiro, isugi, umugina, intindo.**
   - **Imyasiro** (Myasiro): ingabo yishe umubisha wa karindwi. Ijambo ryo mu bisigo rivuga ingabo y'intwari. Imyasiro mu gisigo "Naje kubara inkuru" ni ijambo riva ku nshinga "kwasira" kurata ibikorwa by'agatangaza.
   - **Isugi:** umuntu cyangwa inka bitaranduzwa no gupfusha nyina, umwana cyangwa inyana. Igikoresho kitararara na hato cyangwa kitarameneka. Bivugwa nko ku ruho, ku cyansi, ku gicuba no ku gisabo. Igikoresho kitarakoreshwa na rimwe. Umukobwa utarendwa na rimwe. Umuntu cyangwa ikintu kitaranganwa inenge cyangwa ubusembwa. Mu mwandiko ni Karinga umusizi yita isugi ari ugushaka kuvuga ko itaratsindwa na rimwe.
   - **Intindo:** ikirundo k'ibintu byinshi. Mu gisigo bishatse kuvuga ikirundo k'isaso yo kuryamaho.
   - **Umugina:** ubutaka bwisumbuye ubundi bukarema ikirundo. Ahantu hapfa imegeri cyangwa ibihumyo cyangwa ibindi bintu bisa na byo. Mu gisigo bishatse kuvuga imva, igituro.

**2. Sobanura amagambo akurikira uhereye ku cyo ashatse kuvuga mu mwandiko**

1) **I Murori:** ni i Ndorwa
2) **Nyiramuyaga:** ni umugore w'imvuzi ya menshi uwo rero akaba nyina wa Gahaya ari we Nyiragahaya. Muhaya ni Gahaya bikavuga Muyaga (imvuzi ya menshi). Guhaya bivuga gusingiza ariko umusizi akabihindura kuvuga menshi.
3) **Murorwa:** ingoma y'ingabe y'i Ndorwa
4) **Za busunzu:** ibyana by'ingoma
5) **Ikabamburwa n'ibihunyira:** igakangurwa n'ibihunyira
6) **Ruhangwambone:** ni Murorwa (icyo batumbiriye)
7) **Ruhoramumagambo:** ni Gahaya(imvuzi ya menshi)
8) **Mfizi ya Makuka:** Karinga ingoma y'ikirenga
9) **Ikayigera iburingeri:** ikayizika mu mazi rwagati aho idashobora kwizikura
10) **Yacitse nka Mushunguzi:** yaragirijwe nka Sera (ingoma y'ingabe ya kera yo mu Mubari mu karere k'Icyanya cy'Akagera)
11) **Mu rukubo** ni nko gufungirwa mu kintu kimeze nk'uruziga ntushobore kuhigobotora
12) **Naje ntabara impuha:** naje ndahagurukijwe no kuvuga impuha
13) **Muteri:** Karinga. Muteri biva ku nshinga "gutera" Karinga rero ikaba rutezi rutera amahanga
14) **Mutabazi:** ni Rwabugiri umusizi yise umutabazi
15) **Ibyaro:** amahanga
16) **Gusogomba:** gushotora umuntu ugira ngo murwane
17) **Irahinga:** irararimbagura irahingagura.
18) **Nimuyihe rugari:** ni muyishyire mu rubuga
19) **Yibonereho:** igire amagorwa igwe mu kaga.
20) **Ruhangwambone:** ni Murorwa. Ni umuzimizo uva ku "guhanga imbone"bivuga gutumbira.
21) **Rubaho:** ahantu h'ikizenga ho mu Ndorwa (hakundaga kubera intambara)
22) **Ruhuzambone:** Murari se wa Gahaya Murosora. Ruhuzambone ni umuntu ureba imirari.
23) **Uba udateze amarengero:** uba udafite amahungiro.
24) **Imihoro:** aha biravuga intwaro zose barwanishaga.
25) **Ruhararaburozi:** Rugaju. Umusizi amwise atyo kuko bavuga ko yaroze Yuhi IV Gahindiro.
26) **Mberwe:** kuberwa bivuga ubundi kumererwa neza. Hano bivuga kwitega ikintu kibi amakuba.
27) **Rwuma:** ingoma y'ingabe y'i Bungwe (muri Gikongoro) yanyazwe na Mutara I Semugeshi.
28) **Mu rweguriro:** aho inka zegukira zikutse.
29) **Insezo:** imfubyi (ibure nyirayo, umwami wayo)

30) **Ikungagizwa mu myiri:** itwawe mu minyago.
31) **Amatare:** amabuye.
32) **Mu mpinga ya Butare:** mu mpinga ya Nyarubuye.
33) **Mutukura:** Karinga.
34) **Mukeshajabiro:** umwari.
35) **Amacumu yabaye inkwaruro:** amacumu yihese kubera kwica.
36) **I Bwangaguhuma:** i Ndorwa.
37) **Amajyo azayibera amabuye:** nta buhungiro na busa izabona.
38) **Umuryasenge:** umubu.
39) **Izaba yakonje:** izaba yayahinahinnye (amaboko).
40) **Mutaga w'i Nkanda:** ni Mutaga III Sebitungwa wishwe ku bwa Cyilima II Rujugira. Yaguye i Nkanda (muri komini Nshiri, Gikongoro) aho Mutaga yari yarashinze umurwa we.
41) **Ntiwahagiye:** ntiwarebeye.
42) **Ku y'i Butembabuto:** ku ngoma y'i Bugesera. Hano umusizi yafatiye.
43) ku "kugesa uburo" kugesa yabyiza gutema.
44) **Mataremato:** Nsoro.
45) **Matungo:** umwami nyir'ibintu byose.
46) **I Buvuganyanzara:** i Bungwe. Umusizi yafatiye ku nzara z'ingwe.
47) **Kivugabagore:** Nyagakecuru ari we Benginzage wari umugabekazi w'i Bungwe. Agomba kuba yari igishegabo, ari we rero wategekaga ako gahugu.
48) **Yahanzwe no kuvuga rimwe:** yagize ngo iravuga rimwe (aha bivuga kugerageza kurwana).
49) **Mu matsa:** mu ntangiriro.
50) **Mizinge:** Rukurura, ingoma y'ingabe y'i Gisaka (cyanyazwe na Mutara II Rwogera).
51) **Ntikizirikana ay'imusozi:** ntigitekereza ibyo kubaho, yibagiwe ibyo kubaho; ntikiriho.
52) **Ishavu ringana aya mazi:** ishavu ryinshi cyane nk'amazi y'i Kivu.
53) **Mu muroha:** mu nda irangaye.
54) **Ubuhura:** ubuki bw'impura.
55) **Igumye iganye na Ntega:** ikomeze agahinda kayice hamwe na Kabego nyirayo. Aha birerekana ko iki gisigo gihimbwa Kabego yari akiriho atarapfa.
56) **Bateze inyenga:** bategereje kujya mu mva.
57) **Mikore:** umurashi (aha ni umwami).
58) **Rukabuza:** uhagurukana ingoga, imbaraga.
59) **Nkozimyambi:** uhagurukanye imyambi.
60) **Sinzakaraba:** sinziyunga na rimwe, sinteze kugirana ubumwe.
61) **Rujyo:** uwo ni wa mwami w'i Ndorwa agereranya n'ikimene k'ikibindi. Ni ikimuga.
62) **Rukamiramiheto:** umurezi (ubanga) w'imiheto.

63) **Umugero:** urugo rushinzwe vuba.
64) **Rugina:** Karinga. Umusizi yayise atyo kuko bayisigaga amaraso ngo itarara, idasaduka.

## II. Ibibazo ku gisigo

1. **Uhereye ku turango tw'ibisigo nyabami wize urasanga iki gisigo ari ubuhe bwoko? Kubera iki?** Iki gisigo kiri mu bwoko bw'ibisigo by'ibyanzu. Ubusanzwe ijambo "Icyanzu" rivuga agasesero ko mu rugo kazwi na bene urugo, katari irembo rizwi na bose, ribonwa na bose. Mu bisigo "icyanzu" ni nk'inyikirizo iri mu gisigo igenda igaruka. Iryo jambo "icyanzu" ni ryo ryitiriwe ubwoko bw'ibyo bisigo. Ibyo bisigo ni birebire ariko si birebire cyane nk'ibisigo by'impakani. Mu bisigo by'ibyanzu hazamo amazina y'abami bamwe na bamwe kandi nta kugomba kubakurikiranya mu njyabihe kimwe no mu bisigo by'impakanizi.
2. **Iki gisigo cyasizwe na nde? Andika ibindi bisigo yasize**. Igisigo "Naje kubara inkuru" cyahanzwe na Sekarama ka Mpumba. Yari umusizi w'umuhanga. Yasize ibisigo nyabisigo n'utundi dusa n'utuganiro :
   – Insina zateye amahane.
   – Urukumbuzi rwa Sekarama.
   – Inzuki zo kwa Muhigirwa.
   – Nacumuye iki Mwimanyi.
   – Intege z'ubusaza za Sekarama.
   – Sekarama asaba Sebagangari umwambaro.
4. **Andika imvano y'iki gisigo?** Kigeli IV Rwabugiri yateguraga igitero k'i Ndorwa yari yisubije ubwigenge yari yanyazwe na Yuhi IV Gahindiro, Sekuru wa Rwabugiri. Igikomangoma k'i Ndorwa cyari cyatumye kuri Rwabugiri kimubwira kiti: "Ndi umwami w'i Ndorwa kandi nkitwa Rugaju". Ibyo bashakaga kwibutsa ko Yuhi IV Gahindiro ari we wari warigaruriye i Ndorwa akicwa na Rugaju rwa Mutimbo (bavuga ko hari ibyo yari yamuteze) none kandi i Ndorwa ikaba, inyazwe Gahindiro, inyazwe na Rugaju. Iyo rero ni imvugo ishushanya. Iki gisigo cya Sekarama ni nk'igisubizo cy'ubwo butumwa. Rwabugiri amaze gutsinda i Ndorwa, Sekarama yamutuye na none ikindi gisigo kitwa "Bahiriwe n'urugendo".
5. **Ruvuzo ivugwa ku mukarago wa kenda iributsa iki mu mateka?** Erekana ahantu hatatu umusizi ahamya ko inkuru abara ari ukuri. Ni Rukombamazi ingoma y'ingabe y'Ubugesera.

   Iyo ngoma Mibambwe Mutabazi Sentabyo yayinyaze Nsoro IV Nyamugeta. Bene iyo ngoma yari kimwe mu birangabwami. Kimwe muri ibyo birangabwami harimo n'imfizi. Nsoro yari afite imfizi yitwaga Rushya. Na yo ubwo yaranyazwe. Twakwibaza uko Nsoro Nyamugeta byaje kumugendekera muri ibyo bihe. Yabanje guhungira i Gisaka kwa Kimenyi

IV Getura. Bari bafitanye isano. Nyuma yashatse kugaruka n'ingabo ze ngo yigarurire igihugu ke. Ni bwo afashwe aricwa.Twavuga ko ari bwo u Bugesera bwegamye burundu ku Rwanda. U Bugesesera, bwose kuko Ntare IV Rugamba w'i Burundi yari yafashe igice cy'amajyepfo y'u Bugesera, kikanahera gityo.

## III.Ikeshamvugo mu gisigo

Shaka mu gisigo aho umusizi yakoresheje ikeshamvugo rikurikira:

1. Ihuzanyito
2. Ihuzazina
3. Igereranya

## Igisubizo:

### 1) Ihuzanyito

I Murori (rg.1. ) bivuga i Ndorwa, kurora no kurorwa inyito ni imwe.b) Iyitirira Mpinga (rg. 49) bivuga Mutimbo.
Umusizi yakoresheje umuzimizo w'iyitirira. Tuzi ko Rugaju yari uwa Mutimbo. Ubundi umutimbo byavugaga umupfumu w'ibwami waraguzaga impinga (akantu kameze nk'akabehe bakubishagaho utuntu tw'utugufa. Izina nisange «impinga» umusizi yaryambuye indomo arihindura izina bwite "Mpinga". Mu gukoresha imizimizo y'iyitirira umusizi yafashe umurimo wo kuraguza impinga awitirira igikoresho "impinga".

### 2) Ihuzazina

Yatsinzwe nka Karihejuru. (umukarago 14)
- Karihejuru ni Nyabahinda ingoma y'ingabe yo mu karere ka Nduga katsinzwe na Mibambwe I Sekarongoro I Mutabazi I.
Hano umusizi yakoze umuzimizo ushingiye ku ihuzazina "Karihejuru" bivuga ikintu kiri mu bicu, hejuru na "Nyabahinda" bijyana ku nkuba ihindira hejuru mu bicu.

### 3) Igereranya

Iri ni ishavu ringana aya mazi
Yapfuye urwa Ruvuzo
Yacitse nka Mushunguzi
Yatsinzwe nka Karihejuru.

# 1B Umuco nyarwanda: Ubukwe bwa kinyarwanda

**(Umubare w'amasomo: 21)**

| |
|---|
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
| – Gusesengura umwandiko uvuga ku bukwe mu muco nyarwanda, guhanga no gukina imisango y'ubukwe.<br>– Gusesengura ibinyazina nyereka na mbanziriza. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yagombye kuba azi imwe mu mihango ijyanye n'ubukwe ashobora gutangukanya ikinyazina n'andi moko y'amagambo mu Kinyarwanda. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| Ubuzima bw'imyororokere (ni ngombwa ko umwarimu afasha abanyeshuri guhuza ubuzima bw'imyororokere no gushaka kw'abashyingiwe.) |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi… |
| **Amagambo fatizo:** ubukwe bwa kinyarwanda, gusaba, gukwa, gutebutsa, ikinyazina nyereka, ikinyazina mbanziriza. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri gice

| Igice | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| Umwandiko : Ubukwe bwa kinyarwanda. | |
| Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 5 |
| Intera ya kabiri : Gusesengura umwandiko | Amasomo 4 |
| Intera ya gatatu : Kungurana ibitekerezo | Amasomo 4 |
| Intera ya kane : Ibinyazina nyereka na mbanziriza | Amasomo 6 |
| Isuzuma | Amasomo 2 |

**Umwandiko: Ubukwe mu muco nyarwanda**

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 49)

**Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri araba ashobora:
– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
– Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
– Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku bukwe bwa kinyarwanda, igitabo cy'umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku nsanganyamatsiko y'ubukwe cyangwa akababaza ibibazo ku mashusho ari mu bitabo byabo.

***Urugero rw'ibibazo byo mu buzima busanzwe yababaza n'ibisubizo byabyo:***

a) **Ni ibihe birori mukunda kwitabira?** Aha abanyeshuri batanga ibisubizo bitandukanye: ubukwe, isabukuru y'amavuko...
b) **Ni ba nde muri mwe batashye ubukwe?** Benshi basubiza ko babutashye
c) **Mu bukwe, ni ba nde baba barimo?** Mu bukwe haba harimo abashyitsi n'abasangwa.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "Ubukwe mu muco nyarwanda"

### 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece:

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "Ubukwe mu muco nyarwanda" barangiza akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

***Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:***

a) **Ni umuryango wa nde wakiriye abashyitsi?** Ni umuryango wa Rugendo.
b) **Umuryango wa Rugendo wakiriye abashyitsi bo mu muryango wa nde?** Umuryango wa Rugendo wakiriye abashyitsi bo mu muryango wa Bazinura.

c) **Umukwe mukuru yasabaga iki?** Umukwe mukuru yasabaga umugeni.
d) **Umugeni wasabwaga yitwa nde?** Umugeni wasabwaga yitwa Mukandahiro.

### 2.2. Gusoma baranguruye:

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko "Ubukwe mu muco nyarwanda" mu ijwi riranguruye umwumwe, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa, usomye nabi akamukosora. Umwarimu aritegereza uko abanyeshuri bagenda bagaragaza umuco wo kwitabira gusoma.

### 3. Gusobanura umwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusomera umwandiko mu matsinda yabo no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda no gushimira abagize buri tsinda nyuma yo kumurika ibyo bumvikanyeho. Umwarimu afasha abanyeshuri kunoza ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho n'umukono ugaragara kandi babisoma mu ijwi riranguruye, kugira ngo bafashe abafite ubumuga.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

## I. Inyunguramagambo

***a) Urugero rw'amagambo n'ibisobanuro byayo:***

1) **Amaso si aya:** nta bwo ari ubwa mbere nkubonye.
2) **Igikatsi:** ibyatsi bengesheje ibitoki maze bakabikamuramo umutobe wose. Bivugwa kandi ku kintu cyose cyashizemo amazi.
3) **Kudashakira ubwinshi mu mazi:** kudashyira amazi menshi mu kintu.
4) **Kondora umuntu:** guha umuntu wazahajwe n'inzara cyangwa uburwayi amafunguro atuma agarura agatege.
5) **Ishyo ry'inka:** inka nyinshi.
6) **Inyana zirara imfizi mu mahembe:** inyana zigeze igihe cyo kwima.
8) **Uruhanga ruharaze imvi:** umutwe urimo imvi
9) **Tuzabagerere mu ko mwatwujurijemo:** tuzabakorera nk'ibyo mwadukoreye. Uko mwatwakiriye neza namwe ni ko tuzabakira.
10) **Inkingi yitwa kanagazi:** inkingi yo mu nzu ya kinyarwanda yashyigikiraga uruhamo rw'umuryango.

***b) Umwitozo w'inyunguramagambo***

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo uri mu bitabo byabo. Abagenera igihe bagomba gukora uwo

mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bakawukosorera hamwe. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze. Nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

## Ibibazo n'ibisubizo:

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro wumvikanisha icyo ashaka gusobanura:
   a) **Kondora:** Yararwaye cyane none bamuha imbuto zo kumwondora.
   b) **Igikatsi:** Benze ibitoki ibikatsi barabikamura cyane none amaganura yabyo ntaryoshye.
   c) **Uruhimbi:** Nimutereke ayo mata ku ruhimbi.
   d) **Ishyo ry'inka:** Batangiye borora inka imwe none bageze ku ishyo.
2. Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira impuzanyito zayo:
   a) Uyu mwana yabyirutse afite **imbaraga**. Uyu mwana yabyirutse afite **imbaduko**.
   b) Yakoze uko ashoboye kose nta cyo **namugaya**. Yakoze uko ashoboye kose nta cyo **namuveba**.
   c) Kera **umushumba** ni we wahamagaraga umwisi ngo aze kwita inka amazina. Kera **umutahira** ni we wahamagaraga umwisi ngo aze kwita inka amazina.
3. Mu kinyatuzu gikurikira harimo amagambo makumyabiri n'abiri (22) y'imihango cyangwa y'ibikoresho byo mu bukwe. Tahuramo ayo magambo, uva hasi ujya hejuru, uva hejuru ujya hasi, uva iburyo ujya ibumoso, uva ibumoso ujya iburyo, uberamye.

| | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | B | I | S | H | Y | I | N | G | I | R | A | N | W | A |
| G | N | O | N | M | L | L | N | U | N | D | I | I | H | M |
| U | U | D | M | Z | N | G | V | T | E | E | S | M | Z | A |
| S | W | T | O | I | O | L | M | E | G | G | T | P | C | J |
| H | D | B | W | N | D | G | R | B | U | A | I | A | D | Y |
| Y | V | A | B | I | G | C | A | U | M | T | Y | N | W | A |
| I | S | U | K | A | K | O | U | T | U | E | H | O | Y | M |
| N | K | I | J | O | P | U | R | S | A | P | S | B | V | B |
| G | U | K | W | A | K | J | R | A | U | M | U | K | W | E |
| I | N | K | W | A | N | O | Z | U | N | I | M | R | S | R |
| R | A | G | N | A | R | U | M | U | R | Y | U | T | U | E |
| W | N | U | M | U | S | A | N | G | W | A | O | W | V | I |
| A | B | A | S | U | G | U | T | E | K | E | S | H | A | N |
| U | T | Z | C | A | Z | I | G | A | B | M | A | R | U | K |
| K | U | R | A | M | U | K | A | N | Y | A | Y | Z | A | A |

**Ayo magambo ni aya:**

1. Gushyingirwa
2. Gusaba
3. Gukwa
4. Gutebutsa
5. Gutwikurura
6. Kuramukanya
7. Indongoranyo
8. Inkwano
9. Ibishyingiranwa
10. Amajyambere
11. Kurambagiza
12. Umuranga
13. Umushyitsi
14. Umusangwa
15. Gutekesha
16. Inzoga
17. Isuka
18. Umukwe
19. Umugeni
20. Inka
21. Impano
22. Impeta

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko:

1. **Ni uwuhe mushyitsi uvugwa wari uje?**
   Umushyitsi uvugwa wari uje ni umukwe mukuru wari uri kumwe n'abandi bashyitsi.
2. **Umukwe mukuru ageze kwa Rugendo yasanze bakoranijwe n'iki? Ese koko icyo bavuga mu mwandiko ni cyo cyari cyabakoranije? Sobanura igisubizo cyawe?**
   Yasanze bari mu busabane busoza umwaka. Icyo bavuga mu mwandiko si cyo cyari cyabakoranyije. Nta bwo bari mu busabane busoza umwaka ahubwo bari biteguye abashyitsi baje gusaba umukobwa.
3. **Ni iyihe nteruro igaragaza ko umukwe mukuru yishimiye amazimano babakirije?**
   Interuro igaragaza ko umukwe mukuru yishimiye inzoga babakirije ni "Uwenze iyi nzoga mutwakirije, igikatsi yagitsikamiye neza ntiyashakiye ubwinshi mu mazi".
4. **Uwavuga ko uyu mwandiko ufitanye isano no gucyocyorana yaba yibeshye? Tanga ingero ebyiri ziherekeza igisubizo cyawe**.
   Uwavuga ko uyu mwandiko ufitanye isano no gucyocyorana ntiyaba yibeshye.

***Ingero ebyiri z'aho mu mwandiko hagaragara gucyocyorana:***

- Umwana ati: "Umukoresha wange ntacyo muveba ampemba neza, ariko ubu iyo irese ndayikama igahumuza, iyo nyishoye ntirumanga, ikindi kandi iyo ndyamye mama yangaburiye ndara mpaze ariko nkitwa ingaramakirabi. Ibyo nabihaze unzamuye mu ntera wanshakira nkitwa umugabo."
- Murakoze, hari umukobwa wacu waje mu Kivugiza ahamara iminsi itatu agaruka abasore baho baramuteye inda. Ku bw'iyo mpamvu nge numva tutabashyingira umukobwa wacu.
- Arakoze uriya ugaragaje icyo yita ko ari ikibazo. Cyakora ndagira ngo mbamare impungenge. Uwo mukobwa ndamuzi. Yaje mu muryango wacu ahorose pe! Turamwondora agaruka abyibushye mukeka ko bamuteye inda.

Si inda yatewe ahubwo yarahageze ibiryo by'iwacu biramuyoboka, anywa inshyushyu, anywa ikivuguto arabyibuha. Ahubo ubu na Virijiniya tubasaba none naza akahamara kabiri azabyibuha abatazi uko tugabura bazavuga ko yaje atwite.

5. **Ni iyihe mihango y'ubukwe bwa kinyarwanda ivugwa muri uyu mwandiko? Yandike uyikurikiranya uko ikurikirana.**
   Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda ivugwa muri uyu mwandiko ni iyi: kurambagiza, gufata irembo, gusaba no gukwa, gutebutsa no gushyingira
6. **Ni he mu mwandiko bagaragaza ko uwo muhungu yari ageze mu gihe cyo gushaka koko?**
   Aho mu mwandiko bagaragaza ko uwo muhungu yari ageze mu gihe cyo gushaka koko ni aho ababyeyi b'umuryango wari wateranye bavuze ngo: "Uwo mwana hari hageze ngo akubwire icyo ngicyo! Twabonaga ibigwi bye tukumva yavuga iryo jambo".
7. **Ni iki kigaragaza ko uwo muhungu yari afite ishyushyu ryo kumenya igisubizo umuryango we uri bumuhe?**
   Ikigaragaza ko uwo muhungu yari afite ishyushyu ryo kumenya igisubizo umuryango we uri bumuhe ni uko avuye ku kazi yari afite ishyaka ryo gusanga se ngo amuhe igisubizo k'ikifuzo yari yamugejejeho.
8. **Ni iki kigaragaza ko umusore bamuhaye uburenganzira bwo kwishakira umugeni? Ese na kera ubwo burenganzira bwababagaho? Byagendaga bite?**
   Iki kigaragaza ko umusore bamuhaye uburenganzira bwo kwishakira umugeni ni uko bamubajije izina ry'uwo yarambagije akaribabwira. Kera ubwo burenganzira ntibwababagaho. Umubyeyi ni we warambagirizaga umuhungu we.
9. **Uyu mwandiko urangira batubwira ko hazakurikiraho uwuhe muhango uzwi mu bukwe bwa kinyarwanda? Uwo muhango uba ugamije iki? Ni iyihe mihango itavugwa mu mwandiko iwukurikira?**
   Uyu mwandiko urangira batubwira ko hazakurikiraho umuhango uzwi mu bukwe bwa kinyarwanda wo gutebutsa. Gutebutsa ni ukujyana inzoga aho wasabye umugeni kubaza umunsi bazagushyingiriraho. Imihango ikurikira gutebutsa ni ugushyingirwa, gutwikurura, gutekesha, kuramukanya.

**Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko**

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 54)

*Intego zihariye:*

– Kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.
– Kugaragaza ingingo z'umuco nyarwanda ziri mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

## Imitangire y'isomo

### 1. Isubiramo

Umwarimu abwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "Ubukwe mu muco nyarwanda" umwumwe bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

### 2. Isesengura

Bari mu matsinda, umwarimu araha abanyeshuri ibibazo bibafasha gusesengura umwandiko.

***Urugero rw'ikibazo yabaha:***

- Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
- Garagaza ingingo z'umuco nyarwanda ziri mu mwandiko.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gusesengura umwandiko. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu ahitamo itsinda rimwe rikajya imbere kugaragaza ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, nyuma bakaza kuzuza ibyo iryo tsinda ryakoze bayobowe n'umwarimu, bikandikwa ku kibaho no mumakayi yabo.

### Ibibazo n'urugero rw'ibisubizo bashobora kwandika:

1) **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?** Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ni iy'ubukwe bwo gusaba no gukwa.
2) **Garagaza ingingo z'umuco nyarwanda ziri mu mwandiko. Ingingo z'umuco zigaragara mu mwandiko:**
   – Mu bukwe bwa kinyarwanda habonekamo: umusangwa mukuru, umukwe mukuru n'ushinzwe amagambo.
   – Igikatsi: mu muco nyarwanda abaturanyi bahanaga igikatsi.
   – Gusaba umugeni: mu muco gusaba/gusabwa umugeni si iby'ababyeyi b'abana gusa ahubwo ni iby'umuryango mugari inshuti n'abavandimwe.
   – Mu muco habagaho gufata irembo maze uwagiye gusaba irembo agasiga ikibindi n'isuka by'imfatarembo.

– Mu muco nyarwanda, kugira ngo umukobwa n'umuhungu bashakane byabanzirizwaga n'imihango myinshi: kurambagiza, gufata irembo, gusaba, gutebutsa. Iyo ni yo mihango y'umuco igaragara mu mwandiko. Mu muco, buri muhango, muri iyo ivuzwe hejuru, ujyana n'inzoga ziwuherekeje zitangwa n'ushaka umugeni. Gusa iyo mihango ikurikirwa n'indi nk'uwo gushyingiranywa, gutekesha no kuramukanya/guca mu irembo.

## Umwitozo

- Mukurikirane imisango y'ubukwe hanyuma mujore uburyo abakinankuru baganira.

Aha abanyeshuri bakurikira umuhango w'ubukwe ku byuma mbonwa cyangwa ndangururamajwi maze bakajora umuhango w'ubukwe bakurikiranye bari mu matsinda atandukanye, nyuma bakaza gushyira hamwe ibyo bajoye kuri ubwo bukwe bafashijwe n'umwarimu.

### Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo no kujya impaka

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 55)

***Intego zihariye:***

– Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe no kugira icyo avuga kubitekerezo bya bagenzi be.
– Kuvuga adategwa kandi ashize amanga.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

## Imitangire y'isomo

### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo  bibafasha kwibuka isomo baheruka kwiga n'ibyari birikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:***

a) **Ni wuhe mwandiko twize  ubushize?** Ubushize twize umwandiko witwa "Ubukwe mu muco nyarwanda".
b) **Uwo mwandiko uravuga iki?** Uwo mwandiko uravuga uko ubukwe bwa kinyarwanda bwakorwaga.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana  ibitekerezo bagereranya uko ubukwe bwa kinyarwada bwakorwaga n'uko bukorwa muri iki gihe.

### 2. Kungurana ibitekerezo:

Umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo  kibafasha kungurana ibitekerezo.

Mu rwego rwo gufasha abatumva neza cyangwa abatabona, umwarimu arabasaba gusoma icyo kibazo no kucyandika ku kibaho. *«Gereranya uko imihango y'ubukwe yakorwaga kera n'uko ikorwa muri iki gihe. Ni akahe kamaro k'imihango y'ubukwe muri iki gihe?»*

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda yabo bakaganira ku bwoko, ku mihango y'ubukwe bagereranya ubukwe bwa kera n'ubw'ubu ndetse bakanavuga akamaro k'imihango y'ubukwe muri iki gihe.

Umwanditsi w'itsinda yandika ibitekerezo bitanzwe kugira ngo baze kubigeza ku bandi. Umwarimu agenzura amatsinda yose areba ko bungurana ibitekerezo mu bwumvikane, nta muvundo. Iyo barangije, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikajya imbere rikavuga ibyo ryagezeho abandi bakurikiye, kandi batanga ibitekerezo umwumwe bishimangira cyangwa binenga ibyo bagenzi babo batanze. Iyo ibyo birangiye abanyeshuri bafatanya n'umwarimu kunoza ibitekerezo byatanzwe bikandikwa.

***Urugero rw'ibyo bakwandika bikubiye muri iyi mbonerahamwe:***

| Uko imihango y'ubukwe yakorwaga kera | Uko imihango y'ubukwe ikorwa muri iki gihe |
|---|---|
| Habagaho umuranga. | Abashaka gushyingiranywa ni bo bishimanira. |
| Kurambagiza byakorwaga n'ababyeyi. | Kurambagiza bikorwa n'umuhungu. |
| Bakwaga inka. | Bakwa inka cyangwa amafaranga. |
| Ibyavugwaga mu misango y'ubukwe byababaga ari ukuri. | Ibivugwa mu misango y'ubukwe ibyinshi aba ari ukubeshya bagira ngo baryoshye ibiganiro. (Urugero: mu musango w'ubukwe twasomye aho bavuze ngo umukobwa yagiye Kivugiza avayo abasore baho baramuteye inda, umukwe mukuru akavuga ko atari inda bamuteye ahubwo ko bamugaburiye neza akabyibuha abamubonye bakibwira ko atwite.) |
| Imihango y'ubukwe, buri wose wabaga wihariye umunsi wawo. | Imihango yo gusaba, gukwa, gushyingirwa, gutwikurura ahenshi bayikora ku munsi umwe. |
| Habagaho gutinya, aho umugeni yashyingirwaga akamara igihe runaka adasohoka, azinduka kare butaracya agakubura ntihagire umubona kugeza igihe azatinyuka agasohoka akajya mu mirimo ya buri munsi. | Umukobwa ashyingirwa uyu munsi bwacya agasurwa cyangwa agasura. Iyo adasuye aba ari ahagaragara umushaka wese amubona. |

Akamaro k'imihango y'ubukwe muri iki gihe ni ugushimisha abayikurikirana no guhesha agaciro ababyeyi n'abana.

## Umukoro

Mukine imisango y'ubukwe mwigana abakinankuru bavugwa muri bene iyo mihango.

Abanyeshuri, bari mu matsinda, bahanga imisango y'ubukwe hanyuma bakayikina bigana abakinankuru. Umwarimu agenzura uko amagambo yakoreshejwe n'uko bakina.

## Intera ya kane: Ibinyazina

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 56)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nteruro zivuye mu mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:

– Gutahura mu nteruro cyangwa mu mwandiko ibinyazina.
– Gusesengura no gukoresha mu nteruro ikinyazina nyereka.
– Gusesengura no gukoresha mu nteruro ikinyazina mbanziriza.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

## Imitangire y'isomo

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho interuro yavanye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo ibinyazina bitandukanye akabicaho akarongo, agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo aciyeho akarongo nyuma akababaza ibibazo biganisha ku binyazina no kubikoraho ubushakashatsi.

***Urugero rw'interuro yababazaho***

1. **<u>Uyu</u>** munsi ndagira ngo ngukwere nk'uko nsanzwe ngukwera.
2. Arakoze **<u>uriya</u>** ugaragaje **<u>icyo</u>** yita ko ari ikibazo.
3. Ubundi wazaga **<u>wenyine</u>** cyangwa ukazana n'abantu **<u>babiri</u>**.

### 2. Isesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ane akababwira gusubiza ibibazo bibafasha gusobanura inshoza y'ibinyazina.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) Ikinyazina n'iki?

b) Andika amoko y'ibinyazina.
c) Uturemajambo tw'ibinyazina ni utuhe?
d) Gira icyo uvuga ku binyazina nyereka.
e) Gira icyo uvuga ku binyazina mbanziriza.

Umwarimu agabanya amatsinda ibyo bibazo. Itsinda rya mbere risubiza a na b, itsinda rya kabiri rigasubiza c, itsinda rya gatatu rigasubiza d, itsinda rya kane rigasubiza e. Umwarimu abwira abanyeshuri kujya gukorera ibyo bibazo mu isomero, akabarangira ibitabo by'ikibonezamvugo bibafasha kubisubiza.

Iyo barangije kubikora, umwarimu abahuriza hamwe mu ishuri, amatsinda akamurika ibyo yakoze ahereye ku ryambere kugeza ku rya kane. Iyo itsinda rimaze kugaragaza ibyo ryakoze, umwarimu ararishimira, agafasha abanyeshuri bagize andi matsinda kunoza ibisubizo iryo tsinda ryatanze. Ibisubizo binoze byandikwa ku kibaho no mu makayi.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

## I. Inshoza y'ikinyazina

Ikinyazina ni ijambo risobanura izina. Gishobora kugaragira izina cyangwa kikarisimbura. Ibinyazina birimo amoko menshi bitewe n'ingingo bibumbatiye n'imikoreshereze yabyo mu nteruro.

Ibinyazina bimwe bishobora kugira indomo, ibindi ntibiyigire, bishobora kugira ibicumbi, ibindi ntibibigire, bishobora kugira umusuma, ibindi ntibiwugire ariko byose bigahurira ku ndangakinyazina zikubiye mu nteko cumi n'esheshatu.

Mu mpine, indomo ni D, igicumbi ni C, indangakinyazina ni Rkzn, umusuma ni S.

***Ingero:***

| Ikinyazina | Indomo | Indangakinyazina | Igicumbi | Umusuma |
|---|---|---|---|---|
| uyu | u | yu | - ø | - |
| wenyine | - | u | e | nyine |
| babiri | - | ba | biri | - |
| uriya | - | u | riya | - |
| icyo | i | ki | o | - |

**Uyu** ni ikinyazina gifite igicumbi ø ariko ntigifite umusuma.
**Wenyine** ni ikinyazina kidafite indomo.
**Babiri** ni ikinyazina kidafite indomo n'umusuma
**Uriya** ni ikinyazina kidafite indomo n'umusuma
**Icyo** ni ikinyazina kidafite umusuma
Akaremajambo katabura ku kinyazina ni **indangakinyazina** (Rkzn).

## II. Amoko y'ibinyazina

Hakurikijwe uko bikoreshwa mu nteruro n'ingingo bibumbatiye, ibinyazina bifite amoko atandukanye: Hari ibishobora kubanziriza izina cyangwa inshinga, hakaba ibijya hagati y'amazina abiri afitanye isano, hakaba ibishobora gukurikira izina. Muri ibyo binyazina dusangambo:

- Ikinyazina nyereka
- Ikinyazina mbanziriza
- Ikinyazina ngenera
- Ikinyazina ngenga
- Ikinyazina ngenera ngenga (Ikinyazina k'inyunge)
- Ikinyazina ndafutura (ndasigura)
- Ikinyazina kibaza cyangwa mbaza
- Ikinyazina mboneranteko (ndanganteko)
- Ikinyazina nyamubaro
- Ikinyazina mpamagazi

## III. Inteko z'ikinyazina

Ibinyazina bigira inteko cumi n'esheshatu zigaragazwa n'indangakinyazina zikurikira:

| **Inteko** | **Indangakinyazina** |
|---|---|
| 1. | u |
| 2. | ba |
| 3. | u |
| 4. | i |
| 5. | ri |
| 6. | a |
| 7. | ki |
| 8. | bi |
| 9. | i |
| 10. | zi |
| 11. | ru |
| 12. | ka |
| 13. | tu |
| 14. | bu |
| 15. | ku |
| 16. | ha |

**Impugukirwa:**

- Inteko ya mbere n'iya gatatu, indangakinyazina ni u. Mu nteko ya mbere havugwamo umuntu, mu nteko ya gatatu havugwamo ikintu.
- Inteko ya kane n'iya kenda indangakinyazina ni i.
- Bitewe n'ubwoko, ibinyazina bishobora kugira inteko cumi n'ikenda: **nt.17 ku, nt.18 mu, nt.19 i** zisanisha mu nteko ya 16.

## 1. Ikinyazina nyereka

### a) Inshoza y'ikinyazina nyereka n'uturango twacyo

Ikinyazina nyereka ni ijambo ryerekana irindi jambo rigaragiye. Ikinyazina nyereka kibanziriza buri gihe ijambo kigaragiye cyangwa kikarisimbura. Tugendeye ku ngingo yo kwereka bibumbatiye, ibinyazina nyereka bigabanyijemo amatsinda atandatu atandukaniye ku bicumbi.

Ibicumbi by'ikinyazina nyereka ni : -ø, -no, -o, -riya, -rya, -âa.

### b) Intego y'ibinyazina nyereka

| Inteko | Igicumbi -ø | Igicumbi -no | Igicumbi - o | Igicumbi -riya | Igicumbi rya | Igicumbi -âa |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | uyu: u-yu- ø | uno: u-no | uwo: u-u-o | uriya:u-riya | urya: u-rya | wâa: u-âa |
| 2. | aba: a-ba-ø | bano: ba-no | abo: a-ba-o | bariya:ba-riya | barya: ba-rya | bâa: ba-âa |
| 3. | uyu: u-yu-ø | uno: u-no | uwo: u-u-o | uriya:u-riya | urya:u- rya | wâa: u-âa |
| 4. | iyi: i-yi-ø | ino: i- no | iyo: i-i-o | iriya:i-riya | irya:i- rya | yâa:a-âa |
| 5. | iri: i-ri-ø | rino: ri-no | iryo: i-ri-o | ririya:ri-riya | rirya :ri- rya | ryâa:ri-âa |
| 6. | aya:a-ya-ø | ano:a-no | ayo:a-a-o | ariya:a-riya | arya:a- rya | yâa: a-âa |
| 7. | iki: i-ki-ø | kino: ki-no | icyo:i-ki-o | kiriya:ki-riya | kirya:ki- rya | cyâa: ki-âa |
| 8. | ibi: i-bi-ø | bino:bi-no | ibyo:i-bi-o | biriya:bi-riya | birya:bi- rya | byâa:bi-âa |
| 9. | iyi: i-yi-ø | ino:i-no | iyo:i-i-o | iriya:i-riya | irya:i- rya | yâa: i-âa |
| 10. | izi: i-zi-ø | zino: zi-no | izo:i-zi-o | ziriya:zi-riya | zirya:zi- rya | zâa:zi-âa |
| 11. | uru: u-ru-ø | runo:ru-no | urwo:u-ru-o | ruriya :ru-riya | rurya:ru- rya | rwâa:ru-âa |
| 12. | aka: a-ka-ø | kano:ka-no | ako:a-ka-o | kariya:ka-riya | karya:ka- rya | kâa:ka-âa |
| 13. | utu: u-tu-ø | tuno: tu-no | utwo:u-tu-o | turiya:tu-riya | turya:tu- rya | twâa: tu-âa |
| 14. | ubu: u-bu-ø | buno:bu-no | ubwo:u-bu-o | buriya:bu-riya | burya:bu- rya | bwâa:bu-âa |
| 15. | uku: u-ku-ø | kuno:ka-no | uko:u-ku-o | kuriya:ku-riya | kurya:ku- rya | kwâa:ku-âa |
| 16. | aha: a-ha-ø | hano:ha-no | aho:a-ha-o | hariya:ha-riya | harya:ha- rya | hâa:ha-âa |

## 2. Ikinyazina mbanziriza

### a) Inshoza y'ikinyazina mbanziriza n'uturango twacyo

Ikinyazina mbanziriza ni ijambo risimbura izina ryagombye kuba icyuzuzo k'inshinga. Ikinyazina mbanziriza kigira buri gihe isaku nyejuru kandi kikabanziriza buri gihe inshinga. Iyo ni yo mpamvu bakita mbanziriza.

### b) Intego y'ikinyazina mbanziriza

| Inteko | Indanga-Kinyazina | Ibinyazina | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|
| **1.** | u | uwô | u-u-ô | u→w/-J |
| **2.** | ba | abô | a-ba-ô | a→ø/-J |
| **3.** | u | uwô | u-u-ô | u→w/-J |
| **4.** | i | iyô | i- i-ô | i→y/-J |
| **5.** | ri | iryô | i-ri-ô | i→y/-J |
| **6.** | a | ayô | a-a-ô | a→y/-J |
| **7.** | ki | icyô | i-ki-ô | i→y/-J ky→cy mu myandikire |
| **8.** | bi | ibyô | i-bi-ô | i→y/-J |
| **9.** | i | iyô | i-i-ô | i→y/-J |
| **10.** | zi | izô | i-zi-ô | i→ø/-J |
| **11.** | ru | urwô | u-ru-ô | u→w/-J |
| **12.** | ka | akô | a-ka-ô | a→ ø /-J |
| **13.** | tu | utwô | u-tu-ô | u→w/-J |
| **14.** | bu | ubwô | u-bu-ô | u→w/-J |
| **15.** | ku | ukô | u-ku-ô | u→ø/-J |
| **16.** | ha | ahô | a-ha-ô | a→ø /-J |
| **17.** | ku | ukô | u-ku-ô | u→ø /-J |
| **18.** | mu | umwô | u-mu-ô | u→w/-J |
| **19.** | i | iyô | i-i-ô | i→y/-J |

**Impugukirwa:**

Ikinyazina mbanziriza mu nyandiko isanzwe gisa n'ikinyazina nyereka cyo mu itsinda rya gatatu (uwo). Aho bitandukaniye ni uko mu mvugo no mu nyandiko yubahirije ubutinde n'amasaku, ikinyazina nyereka kigira isaku ryo hasi na ho ikinyazina mbanziriza kigahorana isaku ryo hejuru.

Irindi tandukaniro ni uko ikinyazina nyereka kigaragira izina cyangwa kikarisimbura naho ikinyazina mbanziriza kikabanziriza inshinga kandi kigasimbura izina ryabera iyo nshinga icyuzuzo.

*Ingero:*

**Uwo** mukobwa nafatiye irembo ni Virijiniya.
**Uwo:** ikinyazina nyereka
**Uwô** nafatiye irembo yitwa Virijiniya.
**Uwô:** Ikinyazina mbanziriza

## Umwitozo

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo buri wese ku giti ke, nyuma bagakosorera hamwe ibisubizo bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara.

*Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:*

**Vuga ubwoko bw'ibinyazina biri mu nteruro nurangiza ubisesengure:**

1. Abashumba bazijyana uko babitegetswe.
   **Uko:** ikinyazina mbanziriza u-ku-ô u→ø/-J
2. Baraza babwira Gahindiro bati: "Twanywanye n'izo nka turatabaye tuge kuzigarura.
   **Izo:** ikinyazina nyereka i-zi-o i→ø/-J
3. Ndagira ngo munyemerere ngende hakibona nsange abo basaza mbabwire ko mwampaye umugeni.
   **Abo:** ikinyazina nyereka a-ba-o a→ ø/-J
4. Wa musangwa mukuru amwemerera gutaha.
   **Wa:** ikinyazina nyereka u-aa u→w/-J
5. Urwo rugo rw'umwami ni urwô yubatse i Gatsibo.
   **Urwô:** Ikinyazina mbanziriza u-ru-ô u→w/-J

### Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa mbere B

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa mbere B. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Ubukwe bwa Kinyarwanda bugira imihango izwi mu Kinyarwanda ari yo: kurambagiza, gufata irembo, gusaba, gukwa, gutebutsa, gushyingirwa, gutwikurura, gutekesha no kuramukanya.
– Ikinyazina nyereka kibumbatiye ingingo yo kwerekana izina kigaragiye cyangwa gisimbuye kandi kigira amatsinda atandatu ari yo uyu, uno, uwo, uriya, urya, wa. Ikinyazina mbanziriza kibanziriza inshinga kandi kenda gusa n'ikinyazina nyereka cyo mu itsinda rya uwo. Itandukaniro rigaragarira mu mvugo no mu nyandiko yubahiriza ubutinde n'amasaku. Ikinyazina nyereka kigira isaku ryo hasi na ho ikinyazina mbanziriza gihorana isaku ryo hejuru kandi buri gihe gisimbura izina ryabera icyuzuzo inshinga.

## Ubumenyi bw'inyongera

– **Imikoreshereze y'ibinyazina nyereka:**

Ibinyazina byo mu itsinda "uyu" bikoreshwa berekana ikintu kegereye uvuga n'ubwirwa. Ibinyazina byo mu itsinda "uwo" bikoreshwa berekana ikintu kegereye ubwirwa. Ibinyazina byo mu itsinda "uno" bikoreshwa berekana ikintu kegereye uvuga. Ibinyazina byo mu itsinda "uriya" bikoreshwa berekana ikintu kitaruye uvuga n'ubwirwa. Ibinyazina byo mu itsinda "urya" bikoreshwa berekana ikintu kigeze kuvugwaho n'uvuga n'ubwirwa. Ibinyazina byo mu itsinda "wâa" bikoreshwa berekana ikintu kiziranyweho na nyakuvuga ndetse na nyakubwirwa.

– Ikinyazina nyereka gishobora kubanzirizwa n'akajambo nga- kacyongerera inyito yo gutsindagira.

*Ingero:* Nguriya: **nga**-u-riya, ngiyo: **nga**-i-i-o, ngakariya: **nga**-a-ka-riya
…a→ ø/-J i→ y/-J

– Ikinyazina mbanziriza mu nteko ya 17 mu mikoreshereze yacyo gisimburwa n'icyo mu nteko ya 16 byose bikoreshwa ku kuvuga ahantu.

*Urugero:* Ntibavuga " Ukô negamye (ku nzu)" bavuga "Aho negamye" (ku nzu)".

### Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa mbere B

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 61)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

– Ubusobozi bwo gusesengura umwandiko.
– Ubushobozi bwo guhanga no gukina imisango y'ubukwe.
– Ubushobozi bwo gusesengura ibinyazina nyereka na mbanziriza.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Muri uyu mwandiko, umukwe mukuru ni nde? Yari yagiye gukora iki mu Bwanacyambwe?** Umukwe mukuru muri uyu mwandiko ni Mugabo. Yari yagiye gusaba umugeni i Bwanacyambwe.
2. **Ni iyihe mihango y'ubukwe ivugwa mu mwandiko? Andika indi mihango y'ubukwe itavuzwe mu mwandiko**. Imihango y'ubukwe ivugwa mu mwandiko ni: kurambagiza, gusaba no gukwa. Indi mihango y'ubukwe ni ugufata irembo, gutebutsa, gushyingirwa, gutwikurura, gutekesha no kuramukanya.

3. **Ni ibiki bigaragaza ko abari bazindukiye gusaba umugeni bakiriwe neza aho bari bazindukiye?** Ibigaragaza ko abari bazindukiye gusaba umugeni bakiriwe neza aho bari bazindukiye ni uburyo babakiranye urugwiro: babahaye ikicaro, babatekerera itabi babazimanira inturire n'inkangaza.
4. **Ni izihe nkwano uwagiye gusaba umugeni yakoye?** Yakoye isuka ya rugori n'inyana y'ibihogo.
5. **Tahura mu mwandiko ingingo z'umuco.**

## Ingingo z'umuco ziri mu mwandiko:

- **Gutekera itabi:** mu muco nyarwanda itabi ryari rifite agaciro gakomeye. Barizimaniraga abashyitsi ndetse bataha bakababapfunyikira iryo banywera mu nzira ni ryo bashyira abo basize mu rugo. Mu mihango y'ubukwe itabi ryatangwaga nk'agashinguracumu kuri ubu bita akanozangendo. Iryo tabi ryagombaga gushyirwa ababatumye maze rikaba ikimenyetso cy'uko aho bazindukiye babafashe neza kandi ko n'ubutumwa bwababajyanye babusohoje neza. Umugani w'Ikinyarwanda uvuga ngo "icyo umutima ushaka amata aguranwa itabi" ugaragaza ko itabi ryari rifite agaciro kanini mu buzima bwa buri munsi kandi ryari rikunzwe cyane. Muri iki gihe itabi ntirigitangwa mu bukwe ndetse ntirikinakunzwe cyane kuko abantu bamaze kumenya ko ryangiza ubuzima.
- **Umuco wo kwakira abashyitsi:** kwakirana urugwiro abashyitsi no kubazimanira na byo biri mu muco nyarwanda.
- **Intango n'ibicuma:** ni ibikoresho byo mu muco. Mu mwandiko bagira bati "Intango bayitereka hagati yacu , bazana ibicuma by'inzagwa babitunyanyagizamo turara inkera."
- **Umuco wo gutumira:** mu muco nyarwanda baratumiranaga ni yo mpamvu mu mwandiko umusaza Gatana yabwiye umukecuru kohereza umwana gutumira Karera. Umwana batumaga gutumira yabwiraga umutumirwa ngo "muze iwacu bababwire". Utumiwe yabaga azi ko nta kindi bagiye kumubwira uretse kumuha inzoga.
- **Kurara inkera:** Mu muco abantu bararaga inkera bataramye bukarinda bucya badahagaritse. Habagaho rero igitaramo gisanzwe cyatangiraga ku mugoroba kikarangira ijoro rigeze igati, hakaba n'igitaramo kidasanzwe; igitaramo k'inkera cyatangiraga ku mugoroba kigakesha ijoro. Intore zakoraga igitaramo k'inkera kitwaga «inkera y'imihigo». Icyo gitaramo kigishaga intore kumenya kuganira, kuvuga neza, gushira umususu no gushyomoka. Mu mwandiko rero baraye banywa burinda bucya bavuga ko baraye inkera.

## II. Inyunguramagambo

1. Simbuza amagambo aciyeho umurongo andi ari mu mwandiko bihuje inyito.
   a) Twavuye mu bukwe tugera mu rugo **<u>bwije</u>**.
   Twavuye mu bukwe tugera mu rugo **<u>umunsi uciye ikibu</u>**.

b) Si byiza ko uriya mugabo **<u>anywa urwagwa cyane</u>**.
Uriya mugabo **<u>ararukanda</u>**.
c) Nagiye gusura sogokuru nsanga **<u>ashaje</u>**.
Nagiye gusura sogokuru nsanga **<u>asheshe akanguhe</u>**.
d) Yabonye abajura bamukurikiye maze si ukwiruka yiruka **<u>asiga imvura n'umuyaga</u>**.
Yabonye abajura bamukurikiye maze si ukwiruka yiruka **<u>amasigamana</u>**.

2. Koresha mu nteruro ijambo rikurikira ku buryo wumvikanisha icyo risobanura: kurara inkera.
**Kurara inkera:** mu gitaramo k'imihigo intore zararaga inkera.
3. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko: Inkangaza, inturire, intango, umukangara.
**Inkangaza:** urwagwa rurimo ubuki.
**Inturire:** inzoga y'amasaka bavanze n'ubuki.
**Intango:** ikibindi kinini kera baterekagamo inzoga bagashingamo imiheha abantu bakanywa.
**Umukangara:** inyana uhabwa n'uwo waragiriye inka.

## III. Ikibonezamvugo

1. Tahura mu nteruro zikurikira ibinyazina nyereka n'ibinyazina mbanziriza nurangiza werekane ubwoko bwabyo, uturemajambo twabyo, amategeko y'igenamajwi n'inteko birimo.
   a) Icyo gihugu kirakize pe!
   b) Ngurwo muri make urugendo rwacu.
   c) Wabonye aho bashushubikanya inkwano?
   d) Muteme biriya biti amashami mucane habone.
   e) Nimufate ririya gunira muterure iriya ntango.
   f) Iyo baraye, yari inkera y'imihigo.

### Igisubizo:

Ibinyazina nyereka n'ibinyazina mbanziriza, ubwoko bwabyo, uturemajambo twabyo, amategeko y'igenamajwi n'inteko birimo bikubiye muri iyi mbonerahambwe.

| Ikinyazina | Ubwoko bwacyo | Uturemajambo | Amategeko y'igenamzjwe | Inteko kirimo |
|---|---|---|---|---|
| Icyo | Ikinyazina nyereka | i-ki-o | i→y/-J ky → cy mu myandikire. | nt.7 |
| Ngurwo | Ikinyazina nyereka | nga-u-ru-o | u→w/-J | nt.1 |
| Ahô | Ikinyazina mbanziriza | a-ha-ô | a→ø/-J | nt.16 |
| Biriya | Ikinyazina nyereka | bi-riya | - | nt.2 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Ririya | Ikinyazina nyereka | ri-riya | - | nt.5 |
| Iriya | Ikinyazina nyereka | i-riya | - | nt.9 |
| Iyo | Ikinyazina mbanziriza | i-i-ô | i→y/-J | nt.9 |

## IV. Ihangamwandiko

Umwandiko "Ubukwe mu muco nyarwanda" warangiye umukwe mukuru avuga ko azagaruka gutebutsa. Komeza uwo mwandiko ugerageza kwerekana uko umuhango wo gutebutsa wagenda.

Aha umwarimu areba niba koko ibyo abanyeshuri banditse bikurikije uko umuhango wo gutebutsa wakorwaga akabafasha kunonosora igisubizo gikwiye kikandikwa ku kibaho.

## Imyitozo nsindagirabushobozi

– Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
– Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora imyitozo y'inyongera n'ibisubizo. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

***Urugero rw'imyitozo yabaha:***

**Tandukanya ikinyazina mbanziriza n'ikinyazina nyereka cyo mu itsinda rya uwo, utange n'ingero.**

Ikinyazina mbanziriza mu nyandiko isanzwe gisa n'ikinyazina nyereka cyo mu itsinda rya kabiri (uwo). Aho bitandukaniye ni uko mu mvugo no mu nyandiko yubahirije ubutinde n'amasaku, ikinyazina nyereka kigira isaku ryo hasi na ho ikinyazina mbanziriza gihorana isaku ryo hejuru.

Irindi tandukaniro ni uko ikinyazina nyereka kigaragira izina cyangwa kikarisimbura naho ikinyazina mbanziriza kikabanziriza inshinga iri mu buryo bw'insano kandi kigasimbura izina ryabera iyo nshinga icyuzuzo.

***Ingero:***

**Ako** kana nabonye kirukaga. **Ako:** Ikinyazina nyereka.
**Ako** nabonye kirukaga. **Akô:** Ikinyazina mbanziriza.
**Uwo** mukobwa nabonye yari umugeni we. **Uwo:** Ikinyazina nyereka
**Uwo** nabonye yari umugeni we. **Uwô:** ikinyazina mbanziriza.

Kuri ibi bibazo, umwarimu ashobora kongeraho ibindi akurikije uko yabonye abanyeshuri basubije ibibazo by'isuzuma.

## Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo

**A. Vuga ubwoko bw'ibinyazina biri mu nteruro zikurikira unagaragaze intego yabyo**

1. Bano bahigi bakomerekejwe n'imbogo.
   →**bano**: ikinyazina nyereka **ba-no**
2. Rwa ruzi rubaririrwa mu Burundi.
   →**rwa**: ikinyazina nyereka **ru-a** u→ w /-J
3. Ibyo bigori byumye vuba.
   →**byo**: ikinyazina nyereka **bi-o** i→ y/-J
4. Barya barimu ni abacu?
   →**Barya**: ikinyazina nyereka **ba-rya**
5. Izo twaguze zaraduhenze cyane.
   →**Izo**: ikinyazina mbanziriza. **i-zi-ô** i→ ø/-J

**B. Himba interuro eshatu uzikoreshemo ibinyazina mbanziriza bitandukanye.**

1. Uwo nahasanze ntiyankemuriye ikibazo
2. Izo natetse ni imboga nasoromye.
3. Icyo yatemye ni cya giti cy'umuvumu.

# 2 Uburinganire n’ubwuzuzanye

**(Umubare w’amasomo: 14)**

| **Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| – Gusesengura umwandiko uvuga ku buringanire n’ubwuzuzanye no gusesengura ibinyazina ngenera na ngenga. |
| **Ubumenyi bw’ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yakagombye kuba azi intego y’ikinyazina muri rusange amategeko y’igenamajwi kandi ashobora gutandukanya ikinyazina n’andi moko y’amagambo mu Kinyarwanda. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| - Uburezi budaheza: Ni ngombwa ko umwarimu atsindagira ikibazo kijyanye n’uburezi budaheza kiri mu mu bibazo byo kumva umwandiko.<br>- Uburinganire n’ubwuzuzanye: Kubera ko umwandiko usesengurwa ushingiye kuri iyi nsanganyamatsiko, umwarimu agomba gukora ku buryo abanyeshuri bungurana ibitekerezo ku buryo buhagije kugira ngo bacengerwe n’iyo nsanganyamatsiko nsanganyamasomo. |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw’Ikinyarwanda, ubushakashatsi,…. |
| **Amagambo fatizo:** uburinganire, ubwuzuzanye, ikinyazina ngenera, ikinyazina ngenga. |
| Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye: Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibice bikubiye muri uyu mutwe n’umubare w'amasomo ya buri gice

| Igice | Umubare w’amasomo |
|---|---|
| Umwandiko: Uburinganire n’ubwuzuzanye mu muco nyarwanda. Uyu mwandiko uzigishwa mu ntera enye zikurikira: | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 4 |
| Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko | Amasomo 2 |
| Intera ya gatatu: Kujya impaka no guhanga umwandiko ntekerezo | Amasomo 2 |

| | |
|---|---|
| Intera ya kane: Ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga<br>Isuzuma | Amasomo 4<br>Amasomo 2 |

## Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 63)

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:

– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
– Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
– Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

#### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko ugiye gusomwa.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje ibibazo byo mu buzima busanzwe:***

a) **Akenshi urugo ruba rugizwe na ba nde?** Akenshi urugo ruba rugizwe n'umugabo, umugore n'abana.
b) **Iyo umugore n'umugabo ndetse n'abana bunganirana muri byose tuvuga ko urwo rugo ruteye rute?** Tuvuga ko urwo rugo rurimo uburinganire n'ubwuzuzanye.
c) **Mushingiye ku mateka muzi cyangwa ibyo mwaganiriwe n'ababyeyi banyu kera abagize umuryango barunganiranaga muri byose?** Oya. Umugore yagiraga akazi ke, umugabo akagira ake ndetse hakaba n'akazi kagenewe abana.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda.

## 2. Gusoma

### 2.1 Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda", abasabe kuwusoma bucece, nyuma ababaze ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?** Haravugwamo Kagabo, sekuru, umugore w'umuturanyi na mwarimu wa Kagabo.
b) **Kagabo ageze mu rugo yasanze sekuru n'umuturanyi bakora iki?** Yasanse bareba tereviziyo
c) **Kagabo yarangwaga n'iki?** Kagabo yarangwaga no kugira amatsiko yamuteraga kubaza ibibazo binyuranye.

### 2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.
Umunyeshuri umwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika, umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, arajya anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma aragenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### 2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda

Barangije gusoma barangurura, umwarimu arabwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye abasabe gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe wandika ibizubizo bumvikanyeho muri buri tsinda.

Umwarimu aragenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe mu matsinda atandukanye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda no gushimira abagize buri tsinda nyuma yo kumurika ibyo bumvikanyeho.

Umwarimu arafasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.

*Urugero rw'ibisubizo bishoboka*

## I. Inyunguramagambo

1) **Guterura ikiganiro:** gutangira kuganiriza abantu, gutangira ikiganiro.
2) **Gukumira:** kubuza gukora igikorwa runaka.
3) **Itabaro:** ku rugamba.
4) **Gukura se:** gusimbura se.
5) **Urugerero:** aho ingabo cyangwa intore zitorezaga.
6) **Kwiyoberanya:** kwihindura ukundi.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo akomeye umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bagakora umwitozo w'inyunguramagambo ukurikira, uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo umwitozo urangiye umwarimu ahitamo itsinda rimwe rikajya kumurika ibisubizo ryumvikanyeho, andi matsinda afatanije na mwarimu akabafasha kunonosora ibisubizo bikandikwa ku kibaho.

### Umwitozo n'igisubizo cyawo:

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro: gukumira, guterura ikiganiro, kwigira nyoni nyinshi, gukura umuntu.
   a) **Gukumira:** Ni byiza gukumira icyaha kitaraba.
   b) **Guterura ikiganiro:** Ni uko uwo mwanya baterura ikiganiro ku buringanire n'ubwuzuzanye.
   c) **Kwigira nyoni nyinshi:** Umwarimu asanze umunyeshuri asakuza mu ishuri nuko ahita yigira nyoni nyinshi.
   d) **Gukura umuntu:** Ndabaga umukowa w'intwari yagiye ku rugerero gukura se.
2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo mu mwandiko bihuje inyito.
   a) **Umugore** ntiyahabwaga agaciro kangana n'ak'umugabo mu muco nyarwanda. **Umutegarugori** ntiyahabwaga agaciro kangana n'ak'umugabo mu muco nyarwanda.
   b) Mu Rwanda, **nyina w'umwami** yategekanaga n'umwami. Mu Rwanda **umugabekazi** yategekanaga n'umwami.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Ni uwuhe munyarubuga mukuru muri uyu mwandiko? Kubera iki?** Umukinankuru mukuru muri uyu mwandiko ni Kagabo. Kubera ko ari we insanganyamatsiko rusange ishingiyeho.
2. **Tanga ingero nibura ebyiri zigaragaza ko uburinganire n'ubwuzuzanye hari aho bwagaragaraga ku ngoma ya cyami**. Umwami yimanaga

n'umugabekaki bagafatanya gufata ibyemezo. Intebe y'abasizi ya mbere yari umutegarugori.

3. **Uwavuga ko uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango butari buhari mu muco nyarwanda yaba yibeshye? Sobanura igisubizo cyawe unifashishe ingero zifatika**. Ntiyaba yibeshye kuko mu muryango hari imirimo yagenerwaga igitsina gore n'indi yagenerwaga igitsina gabo. Nta mugore wagombaga kubaka, kujya ku **itabaro**, gukama inka, korora inzuki n'ibindi. Nta mugabo washoboraga koza ibikoresho byo mu rugo cyangwa se guheka umwana , guteka n'ibindi.
4. **Ese umuco nyarwanda wari ushyigikiye uburezi budaheza mu bijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye? Sobanura igisubizo cyawe utanga urugero.** Oya umuco nyarwanda ntiwari ushyigikiye uburezi budaheza mu bijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye kubera ko ababyeyi bahaga umwanya wa mbere abana b'abahungu ngo bage ku ishuri; abakobwa bagasigaraga mu rugo bafasha ba nyina imirimo yo mu rugo.
5. **Ni gute Ndabaga yabashije kujya gukura se ku rugamba? Sobanura igisubizo cyawe wifashishije ubundi bumenyi wasomye cyangwa wabwiwe**. Yabanje kwiyoberanya. Yimenesheje amabere, anitoza imirimo y'abahungu ajyayo yiyita ko ari umuhungu.
6. **Ni iki kigaragaza ko mu muco nyarwanda hari aho umugore yasuzugurwaga?** Bigaragazwa n'imwe mu migani yacibwaga ngo "Umugore arabyina ntasimbuka, uruvuze umugore ruvuga umuhoro"
7. **Tanga indi migani igaragaza ikinyuranyo n'iyakoreshejwe mu mwandiko ivuga umugore nabi**. Umugore ni umutima w'urugo,
8. **Ni iki kigaragaza ko Kagabo yagiraga ikinyabupfura?** Ikibigaragaza ni uburyo bwo gushimira ugize icyo amusobanurira.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 66)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Gusobanura uruhare rw'umuco mu buringanire n'ubwuzuzanye nk'uko bigaragara mu mwandiko.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashobora kugaragaza imyitwarire ijyanye no kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye no gushyira mu bikorwa ibyo yize ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye no kugaragaza imyitwarire iteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

## 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?** Ni umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda.
b) **Wavugaga kuki muri rusange?** Wasobanuraga uko uburinganire n'ubwuzuzanye byagaragaraga mu muco nyarwanda wo hambere.

## 2. Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura.

### 2.1. Kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko

Umwarimu araha abanyeshuri ikibazo kibafasha kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.

***Urugero rw'ikibazo yabaha:***

**Muri rusange uyu mwandiko uravuga kuki?** Uravuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.

### 2.2. Gushaka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Arabivuga mu ijwi riranguruye anabyandike ku kibaho kugira ngo afashe abatumva niba bahari.

***Urugero rw'ibibazo yababaza bituma bavuga ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko:***

- Kagabo yasanze sekuru n'umuturanyi he, bakora iki?
- Ikiganiro cya Kagabo na sekuru cyatangiye amubaza iki?
- Uburinganire n'ubwuzuzanye byari biteye bite mu buyobozi?
- Uburinganire n'ubwuzuzanye byari biteye bite mu mirimo yo mu rugo?
- Ni iki kigaragaza, mu muco nyarwanda, ko umugore atahabwaga agaciro akwiriye?

Umwarimu arabwira buri tsinda kwishakamo umwe uza kwandika igisubizo bumvikanyeho akanakimurikira abandi banyeshuri.

Nyuma y'uko buri tsinda rimuritse igisubizo ryumvikanyeho umwarimu arajya asaba abandi kurishimira.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu arafasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye.

*Urugero rw'igisubizo gikwiye:*

Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni izi zikurikira:

– Kagabo asanga sekuru n'umuturanyi mu ruganiriro bareba tereviziyo.
– Kagabo abaza sekuru niba uburinganire n'ubwuzuzanye byahozeho mu muco nyarwanda.
– Sekuru amusubiza ko ku ngoma ya cyami uburinganire n'ubuzuzanye byahozeho kuko umwami yayoboranaga n'umugabekazi.
– Sekuru amubwira ko mu mirimo yo mu rugo hatagaragaraga uburinganire n'ubwuzuzanye kubera ko buri mu ntu mu rugo hari imirimo yabaga imugenewe n'itamugenewe.
– Mwarimu aha Kagabo ingero z'imigani migufi igaragaza ko mu muco nyarwanda umugore atahabwaga agaciro.

## Intera ya gatatu: Kujya impaka no guhanga umwandiko ntekerezo ku buringanire n'ubwuzuzanye

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 66)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri arashobora :

– Kujya impaka ku nsanganyamatsiko yahawe ajora ibitekerezo bya bagenzi be mu bwubahane.
– Gutinyuka kuvugira mu ruhame.
– Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba agaragaza imyitwarire iteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inyandiko zinyuranye zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.

### 1. Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

*Urugero rw'ibibazo yabaza:*

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka gusesengura umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.
b) **Uwo mwandiko wasorezaga ku yihe ngingo y'ingenzi?** Wasorezaga ku ngingo itanga ingero z'imigani migufi igaragaza ko mu muco nyarwanda umugore atahabwaga agaciro.

### 2. Kujya impaka

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kujya impaka ugaragara mu

gitabo cyabo, abasabe no kuwandika ku kibaho kugira ngo n'abafite ikibazo cyo kutumva bawusome.

Umwarimu aribukiranya n'abanyeshuri uko ikiganiro mpaka gikorwa nyuma asabe abanyeshuri kwishakamo uri buze kuyobora icyo kiganiro mpaka. Abasigaye barajya mu matsinda atatu, itsinda rya mbere riragibwamo n'abashyigikiye icyo insanganyamatsiko ivuga. Itsinda rya kabiri riragibwamo n'abari buze gutanga ibitekerezo binyuranya n'icyo insanganyamatsiko ivuga. Abasigaye ari na bo benshi baraba ari indorerezi.

Umwarimu asaba uyobora ikiganiro mpaka kugitangiza akurikije uko bibukiranije imiyoborere yacyo.

Umwarimu arakomeza gukurikirana uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo byabo n'uko bubaha ibitekerezo bya bagenzi babo.

Abanyeshuri baratanga ibitekerezo binyuranye ku mpande zombi uyoboye ikiganiro arajya abyandika mu nshamake.

Nyuma yo kurangiza gutanga ibitekerezo binyuranye muri ya matsinda abiri umunyeshuri uyoboye ikiganiro arasomera abandi ibyo bitekerezo byatanzwe, asabe abanyeshuri b'indorerezi kugira icyo bavuga ku bitekerezo bya bagenzi babo no guhitamo itsinda ryatanze ibitekerezo bifatika bigaragaza ko uruhande barimo ari rwo ruvuga ibifite ukuri kurusha urundi.

Nyuma y'ikiganiro mpaka, umwarimu arajora ubukesha bw'abanyeshuri mu biganiro mpaka anabagire inama ku myitwarire ikwiye kuranga abantu bajya impaka.

### 3. Umukoro wo guhanga umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri guhanga umwandiko ntekerezo kunsanganyamatsiko ivuga "hanga umwandiko ntekerezo ugereranya uburezi budaheza dufite mu Rwanda muri iki gihe n'uburezi buheza bwo mu muco nyarwanda."

Umwarimu arabaha igihe cyo kubikora nikirangira abasabe kubimuha abikosore akurikije amabwiriza agenga ihimbamwandiko ntekerezo.
Nyuma yo kubikosora umwarimu arahitamo imyandiko ibiri ya mbere ifite amanota meza n'ibiri ya nyuma ikozwe nabi asabe ba nyirayo kuyisomera magenzi babo no kuyijorera hamwe.

Umwarimu afatanije n'abanyeshuri baragaragaza impamvu imyandiko ya nyuma ikozwe nabi banagerageze gukosorera hamwe imiterere yayo haba mu bitekerezo no mu misusire.

Abanyeshuri baragaragaza ibitekerezo binyuranye byagombaga kugaragara muri uwo mwandiko ntekerezo wo ku nsanganyamatsiko ivuga ku ishusho y'umugore n'ishusho y'umugabo mu muco nyarwanda.

## Intera ya kane:Ikinyazina ngenga n'ikinyazina ngenera

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 67)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nteruro zivuye mu mwandiko, umunyeshuri arashobora:

– Gusobanura uturango tw'ikinyazina ngenga/ngenera no kugaragaza intego zabyo.
– Gusesengura no gukoresha mu nteruro ikinyazina ngenga/ngenera.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo.

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho interuro yavanye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo ibinyazina ngenga n'ibinyazina ngenera akabicaho akarongo, agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo aciyeho akarongo nyuma akababaza ikibazo kiganisha kuri ibyo binyazina bagiye kwiga.

***Urugero rw'interuro n'ikibazo yababazaho:***

- Umwihariko **w**'umuco **w**'Abanyarwanda **wo** kudakora imirimo itabagenewe.
- Kuva ubu **nge** ngiye guharanira uburenganzira **bwa** buri **wese** sinzongera guharira mushyiki wange imirimo imwe n'imwe ngo ni **we** igenewe, tuzajya dufatanya mu **byo** ari **byo byose**.

***Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:***

**Vuga imiterere y'amagambo yanditse atsindagiye.**

Amwe mu magambo atsindagiye abanjirije inshinga kandi afite umumaro wa ngenga. Andi magambo aciyeho akarongo ari hagati y'amazina abiri cyangwa hagati y'izina n'inshinga iri mu mbundo. Ayo magambo aragenera izina rya mbere irya kabiri.

Umwarimu arabwira abanyeshuri ko amagambo aciyeho akarongo abanjirije inshinga kandi afite umumaro wa ngenga ari ibinyazina ngenga naho amagambo aciyeho akarongo agenera izina rya mbere irya kabiri ari ibinyazina ngenera .

Umwarimu arabwira abanyeshuri kujya mu matsinda ane anyuranye. Amatsinda abiri ya mbere ayasabe gushaka izindi nteruro zinyuranye zigaragaramo ibinyazina ngenga. Andi abiri ayasabe gushaka interuro zinyuranye zirimo ibinyazina ngenera .

### 2. Isesengura

Umwarimu arasaba abanyeshuri yahaye gukora ku binyazina ngenga n'abo yahaye ibinyazina ngenera kujya gukora ubushakashatsi bugamije kugaragaza uturango

twabyo, kugaragaza intego yabyo no kubikorera imbonerahamwe bashingiye ku nteko z'amazina. Arabaha igihe cyo kubikora.

Igihe yabahaye kimaze kurangira, umwarimu ahereye ku matsinda yakoze ku binyazina ngenga, arasaba buri tsinda kugeza ku bandi ibyo ryumvikanyeho abafashe kubikorera ubugororangingo. Amatsinda yakoze ku binyazina ngenga arangije kumurika ibyo yagezeho bigakorerwa inshamake, harakurikiraho amatsinda yakoze ku binyazina ngenera.

***Urugero rw'umwanzuro w'ibyava mu bushakashatsi:***

## 1. Ikinyazina ngenga

### a) Inshoza y'ikinyazina ngenga n'uturango twacyo

Ikinyazina ngenga gihagararira uvuga, uvugwa, abavugwa, ikivugwa, ubwirwa, ababwirwa, ubwirwa n'abavugwa. Iki kinyazina muri ngenga ya mbere mu bumwe n'ubwinshi kerekana uvuga, muri ngenga ya kabiri mu bumwe n'ubwinshi bikerekana ubwirwa naho muri ngenga ya gatatu kikerekana uvugwa cyangwa ikivugwa ariko kikigaragaza mu nteko z'amazina. Ibinyazina ngenga bigira ngenga eshatu; iya mbere n'iya kabiri mu bumwe no mu bwinshi na ngenga ya gatutu yigaragariza mu nteko 19.

***Ingero:***

Leta ni **<u>yo</u>** ikunze gufata iya mbere
**<u>Nge</u>**, **<u>mwe</u>** n'abandi batari aha

### b) Intego y'ikinyazina ngenga

Intego y'ikinyazina ngenga ni Rkzn-C. Ikinyazina ngenga kigira ibicumbi bitatu; igicumbi **–e** muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe n'ubwinshi, igicumbi **–ê** muri ngenga ya gatatu mu nteko ya mbere n'igicumbi **–ô** muri ngenga ya gatatu kuva mu nteko ya kabiri kugeza mu ya 19.

| **Ingero:** | **Intego** |
|---|---|
| **<u>Nge</u>** ndaza. | nge: n-gi-e i→ Ø/-J |
| **<u>Mwe</u>** muzaza ejo. | mwe: mu-e u→ w/-J |
| Uyu **<u>we</u>** ntazaze. | we: u-ê u→ w/-J |
| Iki giti **<u>cyo</u>** nzagitema. | cyo: ki-ô i→y/-J ky →cy mu myandikire. |

**Impugukirwa:**

- Igicumbi **-ô** gifite isaku nyejuru gihinduka **–o** ifite isaku nyesi iyo ikinyazina kibanjirijwe n'impakanyi nta. Urugero: nta **bo** mbona: ba-o a→ø/-J
- Igicumbi **–o** gifite isaku nyesi gikoreshwa mu mwanya w'igicumbi **–e** gifite isaku nyesi mu kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya kabiri y'ubumwe gifite umusuma –we.

  ***Urugero:*** **wowe** uziga u-o-we .u → w/-J
- Si ngombwa buri gihe ko ikinyazina ngenga giherekeza izina hari igihe kigaragaza cyarisimbuye.

  ***Urugero:*** **Abantu twese** turashishikarizwa kurwanya indwara z'ibyorezo.
  **Twese** turashishikarizwa kurwanya indwara z'ibyorezo.
- Ikinyazina ngenga gikoresha imisuma ikurikira: **-we**, **–bwe**, **nyine**, **-mbi** na **–se**. Iyo cyafashe umusuma bamwe bakakita ikinyazina **ngenga mpamya.**
- **Imisuma** -**we** na –**bwe**: Iyi misuma ikorana n'ikinyazina ngenga kiri muri ngenga ya mbere n'iya kabiri. Nta ngingo nshya yongerera ikinyazina.
- **Umusuma** –**nyine**: ufite ingingo y'umuntu utagira undi bari kumwe cyangwa se y'ikintu kitagira ikindi biri kumwe. Wiyunga n'ikinyazina ngenga muri ngenga zose.
- **Umusuma** –**mbi**: ufite ingingo y'abantu babiri bafatiwe hamwe cyangwa se ibintu bibiri bifatiwe hamwe. Wiyunga n'ikinyazina ngenga gikoreshejwe mu bwinshi gusa.
- **Umusuma** –**se**: ufite ingingo yo gukomatanya abantu cyangwa ibintu ntiwiyunga na rimwe n'ikinyazina ngenga gikoreshejwe muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe. Muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe bitabaza inteko ya mbere yo muri ngenga ya gatatu.

  ***Urugero:*** nge wese nanyagiwe, wowe wese wanduye…
- Ikinyazina ngenga gishobora kwiyunga n'akabimbura **nya-**. Icyo gihe usanga kigaragiye izina kigatsindagira ingingo ribumbatiye.

  ***Ingero:*** umugabo **nyawe** ni ukunda umurimo, ukuri **nyako** ntiguteranya…
- Ikinyazina ngenga gishobora kwiyunga n'akabimbura **nyira**- bikabyara izina ry'urusobe rifite inyito y'umuntu utunze ikintu.

  ***Urugero:*** (nyiri urugo araje) **nyirarwo** araje, (nyiribintu ntaraza) **nyirabyo** ntaraza...
- Ikinyazinangenga gishobora gukorana n'icyungo "**na**" n'ingereranya "**nka**" bikiyunga cyangwa ntibyiyunge. Ikinyazina ngenga kiyunga n'icyungo cyangwa ingereranya iyo gikoreshejwe muri ngenga ya mbere n'iya kabiri gusa.

*Urugero:* nange, natwe, nawe, namwe, nkamwe, nkange...

### c) Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenga

| Ngenga | Ikinya zina ngenga | Ikinyazina kibanjirijwe na | | Ikinyazina + umusuma | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | na | nka | -we,-bwe | -nyine | -mbi | -se |
| Ng.1bu | ge/nge | nage/nge | nkage/ nkange | gewe/ ngewe | n/genyine | - | - |
| Ng.1bw | twe | natwe | nkatwe | twebwe | twenyine | twembi | twese |
| Ng.2bu | we | nawe | nkawe | wowe | wenyine | - | - |
| Ng.2bw | mwe | namwe | nkamwe | mwebwe | mwenyine | mwembi | mwese |
| Ng.3nt.1 | wê | na wê | nka wê | - | wenyine | - | wese |
| Ng.3nt.2 | bô | na bô | nka bô | - | bonyine | bombi | bose |
| Ng.3nt.3 | wô | na wô | nka wô | - | wonyine | - | wose |
| Ng.3nt.4 | yô | na yô | nka yô | - | yonyine | yombi | yose |
| Ng.3nt.5 | ryô | na ryô | nka ryô | - | ryonyine | - | ryose |
| Ng.3nt.6 | yô | na yô | nka yô | - | yonyine | yombi | yose |
| Ng.3nt.7 | cyô | na cyô | nka cyô | - | cyonyine | - | cyose |
| Ng.3nt.8 | byô | na byô | nka byô | - | byonyine | byombi | byose |
| Ng.3nt.9 | yô | na yô | nka yô | - | yonyine | - | yose |
| Ng.3nt.10 | zô | na zô | nka zô | - | zonyine | zombi | zose |
| Ng.3nt.11 | rwô | na rwô | nka rwô | - | rwonyine | - | rwose |
| Ng.3nt.12 | kô | na kô | nka kô | - | konyine | - | kose |
| Ng.3nt.13 | twô | na twô | nka twô | - | twonyine | twombi | twose |
| Ng.3nt.14 | bwô | na bwô | nka bwô | - | bwonyine | bwombi | bwose |
| Ng.3nt.15 | kô | na kô | nka kô | - | konyine | - | kose |
| Ng.3nt.16 | hô | na hô | nka hô | - | honyine | hombi | hose |
| Ng.3nt.17 | kô | na kô | nka kô | - | - | - | - |
| Ng.3nt.18 | mô | na mô | nka mô | - | - | - | - |
| Ng.3nt.19 | yô | na yô | nka yô | - | - | - | - |

## 2. Ikinyazina ngenera

### a) Inshoza y'ikinyazina ngenera n'uturango twacyo

Ikinyazina ngenera cyunga ijambo n'irindi ririkurikira. Kibumbatiye ingingo yo gutunga, kugira, guteganyiriza no kugenera.

– **Gutunga cyangwa kugira:**

*Urugero:* urugo rwa Kagabo, ibiti byo mu ishyamba, inzu ya Bugingo…

– **Guteganyiriza cyangwa kugenera:**

***Urugero:***

Amazi yo kunywa, umwaka wa munani, igihe cyo gukora, Umujyi wa Kigali…

Ikinyazina ngenera gikoreshwa muri ngenga ya gatatu gusa. Ikinyazina ngenera kigira indomo iyo gisimbuye ijambo cyagombye kunga n'irindi. Iyo ikinyazina ngenera kibanjirije ijambo riteruwe n'inyajwi igicumbi cyacyo baragikata.

### b) Intego y'ikinyazina ngenera

Intego y'ikinyazina ngenera iteye itya: Rkzn-C cyangwa D-Rkzn-C. Ikinyazina ngenera kigira ibicumbi bibiri: igicumbi **–a** n'igicumbi **-ô**

**Igicumbi –a** (kigaragaza nyiri ikintu)

| Ingero | Intego |
|---|---|
| Umwana **wa** Kabagema. | u-a u→ w/-J |
| Imiti **ya** Muganga. | i-a i→ y/-J |
| Mu nzu **mwa** Kanuma. | mu- a u→ w/-J |
| Abana **ba** Kabagema. | ba-a a→ ø/-J |
| **Aba** Kabagema. | a-ba-a a→ ø/-J |
| **Iya** Muganga. | i-i-a i→ y/-J |

**Igicumbi –ô** (gikora imbere y'indangahantu n'imbere y'imbundo)

| Ingero | Intego |
|---|---|
| Umwana **wo** mu mugi. | u-ô u→w/-J |
| **Uwo** mu mugi. | u-u- ô u→w/-J |
| Umuti **wo** mu ishyamba. | u- ô u→ w/-J |
| Amata **yo** kunywa. | i- ô i→ y/-J |
| Ahantu **ho** kubaka. | ha- ô a→ø/-J |
| **Aho** kubaka. | a-ha- ô a→ø/-J |
| **Ibyo** kugurisha ni ibi. | i-bi-ô i→y/-J |

### c) Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera

| **Ngenga** | **Ikinyazina ngenera kidafite indomo** | | **Ikinyazina ngenera gifite indomo** | |
|---|---|---|---|---|
| | **ba** | **bô** | **aba** | **abô** |
| Ng.3nt.1 | wa | wô | uwa | uwô |
| Ng.3nt.2 | ba | bô | aba | abô |
| Ng.3nt.3 | wa | wô | uwa | uwô |
| Ng.3nt.4 | ya | yô | iya | iyô |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Ng.3nt.5 | rya | ryô | irya | iryô |
| Ng.3nt.6 | ya | yô | aya | ayô |
| Ng.3nt.7 | cya | cyô | icya | icyô |
| Ng.3nt.8 | bya | byô | ibya | ibyô |
| Ng.3nt.9 | ya | yô | iya | iyô |
| Ng.3nt.10 | za | zô | iza | izô |
| Ng.3nt.11 | rwa | rwô | urwa | urwô |
| Ng.3nt.12 | ka | kô | aka | akô |
| Ng.3nt.13 | twa | twô | utwa | utwô |
| Ng.3nt.14 | bwa | bwô | ubwa | ubwô |
| Ng.3nt.15 | kwa | kô | ukwa | akô |
| Ng.3nt.16 | ha | hô | aha | ahô |
| Ng.3nt.17 | kwa | kô | ukwa | ukô |
| Ng.3nt.18 | mwa | - | - | - |
| Ng.3nt.19 | - | - | - | - |

## Imyitozo n'ibisubizo

1. **Garagaza amoko y'ibinyazina biri muri izi nteruro unagaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwemo.**
   a) Uwa Kamali ni we wambwiye amakuru yose.
      **Uwa:** ikinyazina ngenera u-u-a u→ w/-J
      **we:** ikinyazina ngenga u-ê u→ w/-J
      **yose:** ikinyazina ngenga gifite umusuma se i-o-se i→ y/-J
   b) Imirima yo guhinga bafite ni minini yose.
      **yo:** ikinyazina ngenera i-ô i→ y/-J
      **yose:** ikinyazina ngenga gifite umusuma se i-o-se i→y/-J
2. **Ikinyazina ngenera kigizwe n'amatsinda angahe? Tanga ingero zisobanura igisubizo cyawe.**

Ikinyazina ngenera kigizwe n'amatsinda abiri. Ikinyazina ngenera gifite indomo n'ikidafite indomo. Muri buri tsinda hakabamo amatsina abiri: igifite igicumi -ô n'igifite igicumbi -a

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa kabiri

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kabiri. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Uburinganire n'ubwuzuzanye mu gihe cya cyami bwahozeho mu muco nyarwanda kubera ko umwami yimanaga n'umugabekazi bagafatanya gufata

ibyemezo.Uwavuga ko uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango butari bunoze ntiyaba yibeshye kuko mu muryango hari imirimo yagenerwaga igitsina gore n'indi yagenerwaga igitsina gabo. Nta mugore wagombaga kubaka, kujya ku itabaro, gukama inka, korora inzuki n'ibindi. Nta mugabo washoboraga koza ibikoresho byo mu rugo cyangwa se guheka umwana, guteka n'ibindi.

- Ikinyazina ngenga gihagararira uvuga, uvugwa, abavugwa, ikivugwa, ubwirwa, ababwirwa, ubwirwa n'abavugwa. Iki kinyazina muri ngenga ya mbere ubumwe n'ubwinshi kerekana uvuga, muri ngenga ya kabiri ubumwe n'ubwinshi bikerekana ubwirwa naho muri ngenga ya gatatu kikerekana uvugwa cyangwa ikivugwa ariko kikigaragaza mu nteko. Ibinyazina ngenga bigira ngenga eshatu; iya mbere n'iya kabiri mu bumwe no mu bwinshi na ngenga ya gatutu yigaragaza mu nteko 19.
- Ikinyazina ngenga gikoresha imisuma ikurikira: **-we** ,**–bwe**, **nyine**, **- mbi** na **–se**. Iyo cyafashe umusuma bamwe bakakita ikinyazina ngenga mpamya. Ikinyazina ngenga gishobora kandi kwiyunga n'akabimbura **nya**- **nyira**, icyungo **na** n'ingereranya **nka**. Intego y'ikinyazina ngenga ni **Rkzn-C**. Ikinyazina ngenga kigira ibicumbi bitatu; igicumbi **–e** muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe **–ê** muri ngenga ya gatatu mu nteko ya mbere n'igicumbi **–ô** muri ngenga ya gatatu kuva mu nteko ya kabiri kugeza mu ya 19.
- Ikinyazina ngenera cyunga ijambo n'irindi ririkurikira. Kibumbatiye ingingo yo gutunga, kugira, guteganyiriza no kugenera. Intego y'ikinyazina ngenera iteye itya: **Rkzn-C** cyangwa **D-Rkzn-C**. Ikinyazina ngenera kigira ibicumbi bibiri: igicumbi **–a** n'igicumbi **-ô**.

## Ubumenyi bw'inyongera

Ikinyazina ngenga gishobora kwisanisha n'amazina mu nteko zitandukanye kandi kikaba cyasimbura izina.

***Ingero:***

Abagabo bose ni imyugariro
Bose ni imyugariro
Izo ntebe zombi ziravunitse
Zombi ziravunitse

## Uburinganire n'ubwuzuzanye mu gihe cya kera n'icy'ubu

| Kera | Ubu |
|---|---|
| Nta mugore wagiraga ijambo mu rugo. | Umugore afite ijambo mu rugo rwe. |
| Nta mugore watangaga igitekerezo mu iteraniro. | Umugore atanga igitekerezo mu iteraniro. |
| Hari ibyo abagore bari babujijwe kurya. | Nta kintu na kimwe umugabo yemerewe kurya umugore atakemerewe. |

| | |
|---|---|
| Umugore ntiyasangiraga n'umugabo. | Umugore asangira n'umugabo ku meza. |
| Nta mugabo wabaga ingumba, kutabyara byari iby'umugore gusa. | Umugabo ashobora kuba ingumba nk'uko umugore yaba ingumba. |
| Kubyara abakobwa cyangwa abahungu byatangwaga n'umugore, bityo umugore ubyaye igitsina kimwe akabyitirirwa. | Kubyara umukobwa cyangwa umuhungu bitangwa n'umugabo, nta mugore utanga igitsina cy'umwana. Umugore ubyaye igitsina kimwe ntabyitirirwa. |

**Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa kabiri**

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 72)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
- Ubushobozi bwo gusesengura ibinyazina ngenera na ngenga no kubikoresha mu mvugo no mu nyandiko.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma ya wo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Kubera iki Mwanankundi avuga ko mu gihe ke umugabo yari yarahinduye umugore igikoresho?** Mu gihe cya Mwanankundi umugabo yari yarahinduye umugore igikoreso kubera ko atagira ijambo mu rugo, yari umuja mu rugo. Ibyiza byose byaharirwaga umuhungu na se, ibibi byose bigaharirwa umukobwa na nyina. Nta mugabo witwaga ikirumbo, kurumba byaharirwaga abagore. Umwana wabaga ikirumbo yitwaga uwa nyina, yarumbuka akitwa uwa se. Agakosa gato kabonekaga ku mugore, yasezererwaga atagira n'umwambaro ndetse yaba afite abana b'abakobwa bakabamukurikiza.
2. **"Amurisha iki, amubuza kiriya…" Umugabo ni we wabuzaga umugore kurya ibintu runaka. Mu muco nyarwanda ni iki uzi umugore yari abujijwe kurya? Yari akibujijwe kubera iki?** Mu muco nyarwanda umugore yari abujijwe kurya inyama z'ihene. Bavugaga ko aziriye yamera ubwanwa.
3. **Mwanankundi yamenye iby'uburinganire n'ubwuzuzanye ryari? Yasanze bimeze bite?** Mwanamkundi yamenye iby'uburinganire n'ubwuzuzanye ageze mu ishuri, aho yamenye ko umugabo n'umugore bashobora kurira ku meza amwe no gusangira inzoga, akamenya ko umugore agira ijambo nk'umugabo kandi ko ashobora gutambutsa igitekerezo ke mu bandi.

4. **Ni ubuhe bujiji bugaragara mu mwandiko, Abanyarwanda bari bafite ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere?** Abanyarwanda bari bafite ubujiji bw'uko iyo umugabo n'umugore bashakanye ntibabyare aba ari umugore utabyara ko nta mugabo uba ingumba. Bari bazi ko kubyara umukobwa cyangwa umuhungu bituruka ku mugore, kandi bari bazi ko umugore ubanje kubyara umukobwa adashobora kubyara umuhungu.
5. **Ugendeye ku bivugwa mu mwandiko, gereranya uko uburinganire n'ubwuzuzanye bwari bumeze mu gihe cya Mwanankudi n'uko bumeze muri iki gihe**.

| **Ku gihe cya Mwanankundi (Kera)** | **Muri iki gihe** |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye mu gihe cya Mwanankudi. | Uburinganire n'ubwuzuzanye muri iki gihe. |
| Nta mugore wagiraga ijambo mu rugo. | Umugore afite ijambo mu rugo rwe. |
| Nta mugore watangaga igitekerezo mu iteraniro. | Umugore atanga igitekerezo mu iteraniro. |
| Hari ibyo abagore bari babujijwe kurya. | Nta kintu na kimwe umugabo yemerewe kurya umugore atakemerewe. |
| Umugore ntiyasangiraga n'umugabo | Umugore asangira n'umugabo ku meza. |
| Nta mugabo wabaga ingumba, kutabyara byari iby'umugore gusa. | Umugabo ashobora kuba ingumba nk'uko umugore yaba ingumba. |
| Kubyara abakobwa cyangwa abahungu byatangwaga n'umugore, bityo umugore ubyaye igitsina kimwe akabyitirirwa. | Kubyara umukobwa cyangwa umuhungu bitangwa n'umugabo, nta mugore utanga igitsina cy'umwana. Umugore ubyaye igitsina kimwe ntabyitirirwa. |

## II. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko: inkanda, ingumba, kugenda amara masa.
   a) **Inkanda:** umwambaro w'abagore ukozwe mu ruhu rw'inka nkuru, bakarwambara ku gice cyo hepfo uhereye mu rukenyerero ukageza mu mavi.
   b) **Ingumba:** umuntu cyangwa inyamanswa yaciye imbyaro imburagihe.
   c) **Kugenda amara masa:** kugenda ubusa, kugenda nta kintu ufite.
2. Koresha mu nteruro amagambo akurikira ku buryo bwumvikanisha icyo asobanura: ingumba, kugenda amara masa, kurondogora.
   a) **Ingumba:** babyaye umwana umwe bagishakana ntibongera kubyara , abantu bibaza uwabaye ingumba muri bo byarayoberanye.
   b) **Kugenda amara masa:** bagiye amara masa nk'aho nta kintu bagira!
   c) **Kurondogora:** yakomeje kurondogora ambwira ibibazo bye ngezaho ndamureka ndigendera.

3. Simbuza amagambo atsindagiye imbusane zayo.
   a) Uyu mwana ni **imfura** iwabo.
   b) Abana b**'abagavu** bakunda kurya cyane.
   c) Nta **muja** wasuzuguraga umuhatse.

**Igisubizo**

a) Uyu mwana ni **bucura** iwabo.
b) Abana b'**ingimbi** bakunda kurya cyane.
c) Nta **mugaragu** wasuzuguraga umuhatse.

## III.Ikibonezamvugo

Tahura mu gika gikurikira ibinyazina birimo, uvuge ubwoko bwabyo, ugaragaze intego yabyo, amategeko y'igenamajwi n'inteko zabyo.

Aho nageze mu ishuri, abahanga bambwiye ko umugabo ashobora kuba ingumba. Ibyo byarantangaje cyane kuko nari nzi ko nta mugabo ugumbaha. Nabonye umugabo n'umugore barira ku meza bombi kandi basangira agacuma k'inzoga birantangaza! Kubarambira si nge ubitera biterwa n'agaciro iki kiganiro gifite. Nyamara agahinda maranye iyi iminsi yose nkagaragaje kose bwakwira bugacya! Ibyo mbabwiye byose mwari mwarabyirengagije none ubu ndizera ko muzamfasha gushaka umuti w'ingorane zose twaganiriye.

**Ibinyazina, ubwoko bwabyo, intego , amategeko y'igenamajwi n'inteko**

| Ibinyazina | Ubwoko bwabyo | intego | Amategeko y'igenamajwi | Inteko |
|---|---|---|---|---|
| Ahô | Ikinyazina mbanziriza | a-ha-ô | a→ ø/-J | nt. 16 |
| Ibyo | Ikinyazina nyereka | i-bi-o | i→ y/-J | nt.8 |
| Bombi | Ikinyazina ngenga | ba-o-mbi | i→ ø/-J | nt.2 |
| Ka | Ikinyazina ngenera | ka-a | a→ø/-J | nt.12 |
| Nge | Ikinyazina ngenga | n-gi-e | i→ ø/-J | ng.1 |
| Iki | Ikinyazina nyereka | i-ki -ø | - | nt.7 |
| Iyi | Ikinyazina nyereka | i-yi - ø | - | nt.4 |
| Yose | Ikinyazina ngenga | i-o-se | i→ y/-J | nt.4 |
| Kose | Ikinyazina ngenga | ka-o-se | a→ ø/-J | nt.12 |
| Ibyô | Ikinyazina mbanziriza | i-bi-ô | i→ y/-J | nt.8 |
| Byose | Ikinyazina ngenga | bi-o-se | i→ y/-J | nt.8 |
| Wa | Ikinyazina ngenera | u-a | u→ w/-J | nt.3 |
| Zose | Ikinyazina ngenga | zi-o-se | i→ ø/-J | nt. 10 |

### Imyitozo nsindagirabushobozi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

***Urugero rw'imyitozo yabaha:***

**Ibinyazina biri mu nteruro zikurikira ni ubuhe bwoko? Bisesengure.**

a) Abagore bakoraga imirimo yo mu rugo bonyine.
b) Abo bana bamenye uburinganire n'ubwuzuzanye.
c) Icyo namusubije yakemeye.

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Yo:** ikinyazina ngenera | i-o | i→ y/-J | nt.4 |
| **Bonyine:** ikinyazina ngenga | ba-o-nyine | a→ ø/-J | nt.2 |
| **Abo bana:** ikinyazina nyereka | a-ba-o | a→ ø/-J | nt.2 |
| **Icyô:** Ikinyazina mbanziriza | i-ki-ô | i→ y/-J mu myandikire | nt.7 |

Umwarimu ashobora kongeraho ibindi akurikije uko yabonye abanyeshuri bakoze ibibazo by'isuzuma.

### Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo

Tahura muri izi nteruro ikinyazina ngenera cyangwa ngenga ugisesengure kandi ugaragaze amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

1. Tuzatangira amasomo mu kwezi kwa mbere.
   →Kwa: ikinyazina ngenera    kwa: ku-a    u→w/-J
2. Ibitabo by'amasomo y'uburezi ni byinshi.
   →Bya: ikinyazina ngenera    bya: bi-a    i→y/-J
   Ya: ikinyazina ngenera    ya: a-a    a→y/-J
3. Abasare bo mu kivu ntibaroba udufi duto.
   →Bo: ikinyazina ngenera    ba- o    a→ø/-J
4. Twese twige ikinyarwanda.
   →Twese: ikinyazina ngenga    tu-e-se    u→w/-J
5. Aho bahurira hose bararamukanya.
   →Hose: ikinyazina ngenga    ha- o-se    a→ø/-J

# 3 Ubuzima
## (Umubare w'amasomo: 21)

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| – Gusesengura umwandiko w'imbwirwaruhame ivuga ku ndwara z'ibyorezo n'ingamba zo kuzirinda, gutegura no kuvuga ikiganiro mbwirwaruhame.<br>– Gusesengura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura (ndasigura). |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yagombye kuba azi uko zimwe mu ndwara zandura; ashobora gutangukanya ikinyazina n'andi moko y'amagambo mu Kinyarwanda; ashobora kandi gutandukanya imbwirwaruhame n'andi moko y'imyandiko yize ndetse no gutandukanya ikinyazina n'andi moko y'amagambo.. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| Ibidukikije. Umwarimu akora ku buryo atsindagira ikibazo kivuga ku bidukikije kiri mu bibazo byo kumva umwandiko. |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi…. |
| **Amagambo fatizo:** imbwirwaruhame, indwara y'icyorezo, ikinyazina ngenera ngenga, ikinyazina ndafutura. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri gice

| **Igice** | **Umubare w'amasomo** |
|---|---|
| **Umwandiko : Indwara z'ibyorezo**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko<br>Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko<br>Intera ya gatatu: Ikiganiro mbwirwaruhame | <br>Amasomo 6<br><br>Amasomo 2<br>Amasomo 5 |

| | |
|---|---|
| Intera ya kane: Ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura<br>Isuzuma | Amasomo 6<br><br>Amasomo 2 |

## Umwandiko: Indwara z'ibyorezo

(Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 75)

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:
- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kwitabira gusoma no kubishishikariza abandi.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ahari umwandiko bagiye gusoma akababaza ibibazo bibafasha kumva icyo asobanura no kuvumbura ibikubiye mu mwandiko yifashishije ayo mashusho. Usibye ayo mashusho yo mu gitabo, umwarimu ashobora no kwifashisha ibindi bibazo byo mu buzima rusange biganisha ku mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje ibibazo byo mu buzima rusange:***

a) **Mu kubaka cyangwa kugirira isuku ibikorwa rusange akenshi hifashishwa izihe mbaraga?** Akenshi hifashishwa imbaraga z'umuganda.
b) **Umuganda ukorwa ryari**? Ukorwa buri gihe iyo bibaye ngombwa ariko hakaba n'umuganda rusange ukorwa mu cyumweru cya nyuma cy'ukwezi.
c) **Nyuma y'umuganda rusange hakorwa iki**? Hakorwa ibiganiro ku nsanganyamatsiko iba yatoranijwe.
d) **Ibyo biganiro bikorwa bite**? Hari umuntu uba wateguye ikiganiro akakigeza ku bari bitabiriye umuganda.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bene ibyo biganiro byitwa imbwirwaruhame, akaboneraho kubabwira ko bagiye gusoma imbwirwaruhame.

## 2. Gusoma

### 2.1 Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko “Indwara z’ibyorezo” abasabe kuwusoma bucece nyuma ababaze ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

*Urugero rw’ibibazo yababaza:*

a) **Abaturage bari bahujwe n’ikihe gikorwa?** Bari bahujwe n’igikorwa cy’umuganda.
b) **Uwo muganda wabereye he?** Wabereye mu Murenge wa Munanira.
c) **Ni nde utanga ikiganiro?** Ni umuyobozi w’Ikigo Nderabuzima cya Munanira.
d) **Aravuga ku ki muri rusange?** Aravuga ku ndwara z’ibyorezo.

### 2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu arabanza asome umwandiko aranguruye agaragaza isesekaza nk’umuntu uri gutanga ikiganiro mbwirwaruhame. Mbere yo gusoma arasaba abanyeshuri gukurikira uko asoma.

Arangije gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye abasabe gusoma umwandiko baranguruye bigana uko yasomye. Aha arahitamo umwe mu itsinda uza gusoma aranguruye abandi bo mu yandi matsinda bakurikira mu bitabo byabo. Iyo arangije igika asimburwa na mugenzi we wo mu rindi tsinda akomereza aho yari ageze. Bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye. Aha kandi umwarimu aritegereza uko abanyeshuri bagenda bagaragaza umuco wo kwitabira gusoma.

Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda gushakishiriza hamwe ibisobanuro by’amagambo mashya kandi basubiza n’ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe wandika ibizubizo bumvikanyeho muri buri tsinda.

Umwarimu aragenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe mu matsinda atandukanye.

Nyuma y’iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda no gushimira abagize buri tsinda nyuma yo kumurika ibyo bumvikanyeho.

Umwarimu arafasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.

*Urugero rw'ibisubizo bishoboka*

## I. Inyunguramagambo

1) **Kwibasira imbaga:** gufata abantu benshi cyane.
2) **Gufata ingamba:** gushaka uburyo bwo kurwanya ikintu runaka.
3) **Uburyo butaziguye:** uburyo budaciye kure.
4) **Uburyo buziguye:** uburyo buciye kure.
5) **Indiri:** aho ikintu kiba (kirara).
6) **Intandaro:** inkomoko y'ikintu runaka.
7) **Ibiribwa bihumanye:** ibiribwa byanduye bidafite ubuziranenge.
8) **Kwizimba mu magambo:** kuvuga menshi ugatinda.
9) **Kwiva inyuma:** gukorana umurava.
10) **Guhashya mu maguru mashya:** kurwanya ikintu hakiri kare.
11) **Amazi atararenga inkombe:** hakiri kare.
12) **Gucurwa inkumbi n'indwara:** kwicwa n'indwara.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo.

*Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo*

Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo akurikira yo mu mwandiko: amazi atararenga inkombe, indiri, gufata ingamba, uburyo butaziguye, ibiribwa bihumanye, kwibasira imbaga.

a) Ibiziba n'ibihuru ni **indiri** y'imibu itera malariya.
b) Bariye **ibiribwa bihumanye** none barwariye rimwe.
c) Iyo umuntu afashwe n'uburwayi ni byiza kumujyana kwa muganga vuba **amazi atararenga inkombe**.
d) Abanyarwanda bose bakwiye **gufata ingamba** zo gukingiza abana bakivuka.

## II. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1. **Ni ryari tuvuga ko indwara ari icyorezo?** Bavuga ko indwara ari icyorezo iyo iza **yibasira** imbaga ku buryo haboneka umubare munini cyangwa umubare udasanzwe w'abagaragaza iyo ndwara mu gace runaka ndetse no mu gihe runaka.
2. **Mu mwandiko batubwira ko indwara z'ibyorezo zishobora kudindiza iterambere ry'igihugu. Bisobanure nibura wifashishije ingero ebyiri**. Bene izo ndwara zihitana abantu benshi icyarimwe kandi mu gihe gito, zigakenesha umuryango, ikindi kandi Leta izitangaho amafaranga menshi ikora ubushakashatsi bugamije kuzirwanya, zidahari ayo mafaranga yashorwa mu bindi bikorwa remezo.

3. **Ni uruhe ruhare ibidukikije bishobora kugira mu kwanduza indwara z'ibyorezo? Tanga ingero ebyiri z'indwara z'ibyorezo zakwandurira mu bidukikije?** Bishobora gukwirakwiza agakoko gashobora kunyura mu dusimba no mu zindi nyamaswa cyangwa mu kirere gaciye mu ivumbi cyangwa mu bitonyanga by'imvura. Ingero: igituntu, amacinya...
4. **Uhereye ku bumenyi rusange usanzwe ufite, tanga urugero rw'indwara y'icyorezo umuntu ashobora kwanduza mugenzi we:**
   a) amukozeho: → Ebora
   b) amusomye: → igituntu
   c) bakoranye imibonano mpuzabitsina: → SIDA
   d) mu gihe cyo konsa:→ SIDA, ebora...
   e) mu gihe cyo kubyara: →SIDA
   f) mu gutanga amaraso: →SIDA
5. **Uhereye aho utuye garagaza ingamba eshatu Leta y'u Rwanda ifata mu kurwanya indwara z'ibyorezo**. Gukoresha ubushakashatsi ku ndwara z'ibyorezo, kugura imiti, gukoresha ubukangurambaga bw'abajyanama b'ubuzima mu kwirinda izo ndwara...
6. **Ni gute abaturage twakunganira Leta kugira ngo igere kuri izo ngamba?** Ni ugusenyera umugozi umwe tuzirwanya twivuye inyuma, hagaragara ibimenyetso runaka by'imwe mu ndwara z'ibyorezo, tukajya twitabira gutangira amakuru ku gihe kugira ngo Leta y'u Rwanda ifate ingamba zo kuyihashya mu maguru mashya.
7. **Abaturage bo bafata izihe ngamba kugira ngo barwanye indwara z'ibyorezo?** Bafata ingamba zo kugirira isuku ibiribwa kuko bishobora kuba intandaro y'ikwirakwira ry'indwara y'icyorezo. Niba kandi hari ibiribwa bazi byahumanye, bakarwanya icuruzwa ryabyo. Gukoresha inzitiramibu, kwirinda imibonano mpuzabitsina idakingiye, kwirinda kurya ibiribwa bidafite ubuziranenge, gukoresha ibikoresho bisukuye, ikindi kandi twirinde guhumanya ibidukikije.
8. **Ni iyihe nama wagira umuntu wagaragaje indwara y'icyorezo?** Uwagaragaweho ibimwenyetso by'indwara y'icyorezo, namugira inama yo kwihutira kujya kwa muganga kugira ngo akurikiranwe amazi atararenga inkombe kuko gutinda byatuma yanduza benshi, akari kera ikanamucura inkumbi.
9. **Ku bwawe urabona uyu mwandiko ari bwoko ki? Ugamije iki?** Uyu mwandiko ni ikiganiro mbwirwaruhame. Ugamije gushishikariza abaturage kurwanya indwara z'ibyorezo.
10. **Abaturage babwirwa bari bahujwe n'ikihe gikorwa? Vuga inyungu zinyuranye zishobora gukomoka kuri icyo gikorwa**. Bari bahujwe n'igikorwa cy'umuganda. Icyo gikorwa gishobora kubaka ibikorwa remezo no kubibungabunga.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 79)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:
- Kuvuga insanganyamatsiko no kuvuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashobora kugaragaza imyitwarire ijyanye no kwirinda indwara z'ibyorezo.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kubibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?** Ni umwandiko w'ikiganiro ku ndwara z'ibyorezo.
b) **Wavugaga kuki muri rusange?** Wasobanuraga indwara z'ibyorezo icyo ari cyo, uko zandura, ukagaragaza n'ingamba zo kuzirinda.

### 2. Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura.

### Ibibazo byo gusesengura umwandiko

### a) Kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko

Umwarimu aha abanyeshuri ikibazo kibafasha kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.

***Urugero rw'ikibazo yabaha:***

Muri rusange uyu mwandiko uravuga ku ki?
→Uravuga ku ndwara z'ibyorezo.

### b) Gushaka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Arabivuga mu ijwi riranguruye anabyandike ku kibaho kugira ngo afashe abatumva niba bahari.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

Utanga ikiganiro ni gute agenda akurikiranya ibyo abwira abaturage? Arahera ku ki agakurikizaho iki? Asoreza kuki?

Umwarimu abwira buri tsinda kwishakamo umwe wandika igisubizo bumvikanyeho akanakimurikira abandi banyeshuri.

Nyuma y'uko buri tsinda rimuritse igisubizo ryumvikanyeho umwarimu azajya asaba abandi kurishimira.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye.

*Urugero rw'igisubizo gikwiye:*

Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni izi zikurikira:

- Indwara z'ibyorezo icyo ari cyo.
- Zimwe mu ndwara z'ibyorezo.
- Uko indwara z'ibyorezo zandura.
- Ingamba zo kwirinda indwara z'ibyorezo.

## Intera ya gatatu: Imbwirwaruhame

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 79)

*Intego zihariye:*

– Gusobanura uturango tw'imbwirwaruhame.
– Gutanga inshoza y'imbwirwaruhame.
– Gusobanura uko bategura n'uko batanga ikiganiro mbwirwaruhame.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'inyandiko mbwirwaruhame inyuranye.

## Imitangire y'isomo

### 1. Isubiramo

Umwarimu yandika ku kibaho zimwe mu nteruro yakuye mu mwandiko baheruka gusoma, akabaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku isomo bagiye kwiga

*Urugero:*

"Muyobozi w'Umurenge,
Bayobozi b'utugari n'imidugudu,
Baturage b'Umurenge wa Munanira, nimugire amahoro!
Nk'uko byari biteganijwe, nyuma y'igikorwa cy'umuganda cyabaye uyu munsi, tugiye kuganira ku ndwara z'ibyorezo n'ingamba zo kuzirinda."

a) **Aka gace karagaragaza ko uyu mwandiko ari bwoko ki?** Karagaragaza ko ari ikiganiro.
b) **Ni iki kibigaragaza?** Biragaragazwa n'uko batangira basuhuza.

## 2. Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga imbwirwaruhame. Arabashyira mu matsinda anyuranye, abasabe gusoma umwandiko w'imbwirwaruhame basomye cyangwa se undi mushya, abahe ibibazo bibafasha gutahura inshoza, imbata n'uturango tw'imbirwaruhame.

***Urugero rw'ibibazo yabaha:***

**Uwo mwandiko urangwa n'iki? Garagaza ibice byawo. Buri gice kirangwa n'iki? Ku bwanyu murumva utanga ikiganiro ari iki yagombye kumenya mbere yo kugitanga? Yagombye kwitwara ate mu gihe agitanga?**

Nyuma yo kubaha ibi bibazo, umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, abarangira imfashanyigisho zinyuranye, bakabikorera ubushakashatsi mu matsinda anyuranye.

Igihe yabahaye nikirangira, umwarimu azasaba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho abafashe kubinonosora, ibyo bumvikanye bajye babyandika ku kibaho.

***Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:***

### 1. Inshoza y'imbwirwaruhame

Imbwirwaruhame ni ijambo umuntu ategura akarigeza ku bantu benshi bakirinda kumurogoya, ahubwo bakamutega amatwi. Imbwirwaruhame ishobora kuba ndende cyangwa ngufi bitewe n'intego yayo. Uvuga imbwirwaruhame na we agomba kuyitegura agahuza ibitekerezo bye bwite n'insanganyamatsiko y'umunsi, kandi akiyubaha ubwe, akubaha n'abamuteze amatwi. Imbwirwaruhame zivuga ku nsanganyamatsiko zinyuranye: izibwiriza iby'idini, izivuga ibya poritiki, izo kwizihiza iminsi mikuru, izikangurira abantu igikorwa runaka... Ni yo mpamvu imbwirwaruhame zishobora kuvugirwa ahantu hanyuranye nko mu nsengero, mu ishuri, mu nzu mberabyombi n'ahandi.

### 2. Uturango n'imbata y'imbwirwaruhame

Imbwirwaruhame igizwe n'ibice bine: umutwe, intangiriro, igihimba n'umwanzuro.

## Intangiriro

Mu ntangiriro uvuga imbwirwaruhame atangira asuhuza abo yageneye ikiganiro ahereye ku banyacyubahiro bahari uko bagenda basumbana mu byubahiro byabo.

***Urugero:***

"Muyobozi w'Umurenge,

Bayobozi b'utugari n'imidugudu,
Baturage b'Umurenge wa Munanira, nimugire amahoro!"

Aka ni na ko karango ka mbere k'imbwirwaruhame. Mu ntangiriro kandi ni ho utanga ikiganiro agaragaza ibyo ari buze kuvugaho asa n'utera amatsiko abari buze kumutega amatwi ndetse no kubumvisha akamaro k'icyo kiganiro agiye kubagezaho. Iki gice ntikigomba kuba kirekire.

**Umutwe**

Umutwe ni igice kibanza k'imbwirwaruhame kigaragaza insanganyamatsiko n'uyivuga.

**Igihimba**

Iki gice ni cyo gice fatizo k'imbwirwaruhame. Ni muri iki gice utanga ikiganiro avuga ingingo yateguye kuvugaho. Ni ngombwa ko izo ngingo azikurikiranya neza ashingiye ku buremere bwazo. Ibi bituma abamutega amatwi bishimira gukomeza kumwumva kuko aba yahereye ku ngingo zibafitiye akamaro cyane. Iyo bibaye ngombwa ko hari ingero zitangwa, uvuga imbwirwaruhame akoresha ingero zijyanye n'abo abwira cyangwa aho avugira. Kubera ko iki gice gishobora kuba kirekire, utanga ikiganiro mbere yo kujya ku yindi ngingo ashobora kugenda akoresha amagambo yo gukangura abo abwira (Bayobozi, Babyeyi, Nshuti, Bavandimwe ...)

**Umwanzuro/ Umusozo**

Muri iki gice utanga imbwirwaruhame asoza yibutsa abamuteze amatwi ingingo z'ingezi baganiriyeho kugira ngo basigarane ishusho y'ikiganiro. Ni muri iki gice kandi ashobora kugaragaza ibyifuzo, ingamba, inama... bitewe n'imiterere y'ikiganiro. Niba yashishikarizaga abantu kurwanya ibiyobyabwenge arasoza agaragaza ingamba zafatwa mu kubirwanya. Muri iki gice kandi utanga ikiganiro asoza ashimira abari bamuteze amatwi.

## 3. Amabwiriza agenga imbwirwaruhame

## Ibyitabwaho mbere yo gutanga imbwirwaruhame

Mbere yo gutanga ikiganiro mbwirwaruhame ugitegura agomba kumenya ibi bikurikira:

- Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira imbwirwaruhame abo ari bo.
- Ni iki bashobora kumva? Bari mu kihe kigero k'imyaka? Bakora iki? Ni iki bahuriyeho?
- Gutegura imbwirwaruhame.
- Kumva neza insanganyamatsiko y'imbwirwaruhame byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri iyo nsanganyamatsiko.
- Gukusanya ibyo azavuga mu ngingo zinyuranye z'imbwirwaruhame ashingiye ku byo yasomye cyangwa yabajije abandi.
- Gushaka intego z'ikiganiro ke akanakora imbata y'ikiganiro ke.

## Imyitwarire y'utanga ikiganiro mbwirwaruhame

Utanga ikiganiro mbwirwaruhame agomba kuba:

- Afite isuku; yambaye neza; ni ukuvuga imyambaro idakojeje isoni.
- Kumenya guhagarara neza imbere y'abandi nta mususu.
- Kuvuga imbwirwaruhame ye adategwa.
- Kuraranganya amaso mu bo abwira, kirazira kubatera umugongo no kuba imbata y'urupapuro.
- Kurangurura ijwi kugira ngo imbwirwaruhame yumvikane.
- Kuvuga atarandaga cyane ngo batarambirwa kandi ntiyihute cyane mu mvugo kugira ngo ibyo avuze birusheho kumvikana.
- Kwirinda imvugo nyandagazi.
- Kugenda atanga ingero zihuye n'ikigero cy'abo abwira cyangwa se icyo bakora.

**Ikitonderwa:**

Imbwirwaruhame itegurwa yandikwa, ikavugwa isomwa. Nta guhimbiraho kuko bituma uvuga ashobora gukora amakosa nubwo tutakwirengagiza ko hari abantu bagira impano yo kuvugira mu ruhame; ariko si ibya bose.

## Intera ya kane: Umwitozo wo kujora no guhanga imbwirwaruhame

(Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 81)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mbwirwaruhame yumvise, umunyeshuri araba ashobora:
– Kujora imbwirwaruhame yumvise cyangwa yasomye.
– Gutegura no kuvuga imbwirwaruhame.
– Gutinyuka kuvugira mu ruhame.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, iradiyo na kaseti iriho ikiganiro mbwirwaruhame.

### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

***Urugero rw'ibibazo yabaza:***

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka kwiga imbwirwaruhame.
b) **Twabonye ko irangwa n'iki?** Twabonye ko irangwa n'uko uyitanga atangira asuhuza abo agezaho ikiganiro akababwira ikiganiro agiye kubagezaho.

### 2. Kujora imbwirwaruhame

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kumva imbwirwaruhame  kuri radiyo, nyuma bakaza kuyijora bakurikije uko bize ibiranga imbwirwaruhame.

Arafungura iradiyo asabe abanyeshuri gukurikira ikiganiro. Mu gihe abanyeshuri bari bube bakurikira ikiganiro umwarimu aragendagenda mu banyeshuri akurikirana imyitwarire yabo n'uburyo bashishikarira kumva ikiganiro.
Nyuma yo kumva ikiganiro, umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bituma bungurana ibitekerezo mu kujora ikiganiro bumvise.

***Urugero rw'ibibazo:***

a) Ni gute uwatanze ikiganiro yavugaga?
b) Ijwi rye se ryumvikanaga?
c) Imvugo ye yari iteye ite?
d) Ese ingero yatangaga zihuye n'abo yabwiraga?
e) Yatangiye ate?
f) Ni gute yakurikiranyaga ibitekerezo bye?
g) Yashoje ate?
h) Muri rusange murasanga ikiganiro ke yagitanze ate?

Nyuma yo kubasomera ibi bibazo bibafasha kujora imbwirwaruhame, umwarimu arabyandika ku kibaho abone guha abanyeshuri urubuga rwo kungurana ibitekerezo. Icyo bari bwumvikaneho barajya bacyandika ku kibaho.

## 3. Umukoro: Guhanga imbwirwaruhame

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishyira mu kigwi cy'umujyanama w'ubuzima bandike ikiganiro mbwirwaruhame ku ndwara y'igituntu, bakigenere abaturage b'umudugudu runaka.

Umwarimu arabaha igihe cyo kubikora nikirangira asabe buri mu nyeshuri kugeza kuri bagenzi be imbwirwaruhame ye.

Uko buri munyeshuri arangije kuvuga imbwirwaruhame ye, umwarimu asaba abandi banyeshuri kuyijora.

Nyuma yo guhetura abanyeshuri bose, umwarimu arafatanya na bo kugaragaza imbwirwaruhame ikwiye bashingiye ku byo bagendaga bajora.

***Urugero rw'imbwirwaruhame ishoboka:***

Bayobozi b'umudugudu wacu,
Baturage b'umudugudu wacu, mbanje kubasuhuza. Nimugire amahoro! Uyu munsi nazinduwe no kugira ngo mbaganirire kuri imwe mu ndwara z'ibyorezo zitwugarije kugira ngo dufate ingamba zo kuyirwanya. Turaganira ku ndwara y'igituntu. Turaza kurebera hamwe icyo ari cyo, uko yandura n'uko ikwirakwira, nyuma tuze kureba ingamba zikwiye kugira ngo tuyihashye.

Igituntu ni indwara yandurira mu mwuka duhumeka. Iyo kitavuwe, umuntu umwe mu bakirwaye ashobora kwanduza abandi bantu benshi. Igituntu giterwa n'agakoko bita "bacille de Koch", kikaba cyandura cyane ndetse gishobora no guhitana umuntu iyo atipimishije kare ngo afate imiti neza. Abantu bose ntibandura kimwe, kuko

batagira ubudahangarwa bw'umubiri bungana. Igituntu cyandurira ahantu aho ari ho hose umuntu ahuriye n'ukirwaye, ariko cyane cyane ahantu hatari umwuka mwiza uhagije nko muri gereza, kwa muganga, mu cyumba, mu ishuri, mu kazi n'ahandi. By'umwihariko abantu bazahazwa cyane n'igituntu ni ababana n'agakoko gatera SIDA, abadafata indyo yuzuye, kimwe n'abarwayi ba diyabeti. Impamvu ni uko ubudahangarwa bw'abo bw'umubiri buba budakomeye cyane.

Bayobozi, baturage w'umudugudu wacu bimwe mu bimenyetso by'igituntu ni ibi bikurikira: gukorora birengeje ibyumweru bibiri, kugira umunaniro, umuriro ndetse ukanabira ibyuya cyane cyane nimugoroba, no kugira ikizibakanwa cyangwa kunanuka. Niba ugaragaje kimwe muri ibi bimenyetso ihutire kwisuzumisha ku ivuriro rikwegereye. Ikindi kandi niba ubana n'umuntu urwaye igituntu ukagira kimwe mu bimenyetso na bwo ihutire kwisuzumisha ku ivuriro rikwegereye. Niba mufite umurwayi w'igituntu hakaba hari abana batarengeje imyaka itanu y'amavuko ugomba kubasuzumisha n'iyo baba batagaragaza ibyo bimenyetso.
Ikindi nababwira ni uko imiti y'igituntu igomba gufatirwa kwa muganga kugira ngo utibagirwa kuyifata rimwe na rimwe maze bikakuviramo igikatu. Igituntu k'igikatu ni igituntu gisanzwe kiba cyaravujwe nabi bityo aho kugira ngo imiti yice udukoko, ahubwo tukarushaho gukara. Urwaye icyo gituntu k'igikatu aba ashobora kucyanduza abandi. Icyo gikatu gituruka ku kudafata imiti neza y'igituntu no kwanduzwa n'umuntu usanzwe arwaye igituntu k'igikatu. Imiti y'igituntu k'igikatu ifatwa mu gihe kiri hagati y'amezi 20 na 24. Muri rusange igituntu cyanduzwa n'ukirwaye utivuza neza mu gihe avuga, aseka, akorora cyangwa se yitsamuye, yohereza udukoko dutera igituntu.

Bayobozi, sinarangiza ntabamenyesheje ko igituntu ari yo ndwara ya mbere y'icyorezo ikunze kwibasira ababana n'ubwandu bw'agakoko ka SIDA, nitwirinda SIDA tuzagabanya n'igituntu. Ikindi ndasaba umuntu wese wibonyeho ibimenyetso by'igituntu kwipimisha ku ivuriro rimwegereye, twirinde guha akato umurwayi w'igituntu, kuko iyo atangiye gufata imiti ntaba agishobora kwanduza abandi. Ahubwo mwegere umufashe gukomeza imiti nk'uko bikwiye. Tanga amakuru ku ivuriro niba uyafite, hamenyekane umurwayi wimutse kugira ngo bakomeze kumukurikirana neza ntahagarike imiti. Kingura buri munsi amadirishya y'icyumba cy'umurwayi w'igituntu igihe kinini gishoboka, kugira ngo hinjire umwuka mwiza uhagije, maze wirukane udukoko dutera igituntu. Mbashimiye uko mwanteze amatwi, murakoze.

## Intera ya gatanu: Ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura (ndasigura)

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 81)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri araba ashobora:
- Gusobanura uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga / ndafutura (ndasigura) no kugaragaza intego zabyo.
- Gusesengura no gukoresha mu nteruro ikinyazina ngenera ngenga/ ndafutura(ndasigura).

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

## Imitangire y'isomo

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho interuro yavanye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo ibinyazina ngenera ngenga n'ibinyazina ndafutura akabicaho akarongo, agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo aciyeho akarongo nyuma akababaza ibibazo biganisha kuri ibyo binyazina bagiye kwiga.

***Urugero rw'interuro n'ibibazo yababazaho***

1. Tugiye guharanira kubungabunga ubuzima **bwacu** duhashya indwara z'ibyorezo.
2. Niba kandi hari ibiribwa tuzi byahumanye, bayobozi murashishikarizwa kubuza icuruzwa **ryabyo**.
3. Ibyo bituma mbere na mbere hamenyekana imvano y'indwara n'uburyo **bwayo** bwo gukwirakwira.
4. Nge, mwe, n'**abandi** batari aha, turasabwa rero kutananiza Leta y'u Rwanda.
5. Hari ibyorezo **bindi** biterwa n'udukoko.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:***

a) **Amagambo ari mu nteruro eshatu za mbere ahuriye ku yihe nyito?**
   Ahuriye ku nyito yo kwerekana utunze n'icyo atunze.
b) **Murabona akomatanya ibihe binyazina mwize?**
   Akomatanya ibinyazina ngerera n'ibinyazina ngenga.
c) **Amagambo aciyeho akarongo mu nteruro ebyiri za nyuma yo ahuriye ku yihe nyito?**
   Ahuriye ku nyito yo kugaragaza ibitazwi neza.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko amagambo ari mu nteruro eshatu zibanza ari ibinyazina ngenera ngenga naho ayo mu nteruro ebyiri zisoza ari ibinyazina ndafutura.

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ane anyuranye. Amatsinda abiri ya mbere ayasabe gushaka izindi nteruro zinyuranye zigaragaramo ibinyazina ngenera ngenga. Andi abiri ayasabe gushaka interuro zinyuranye zirimo ibinyazina ndasigura.

## 2. Isesengura

Umwarimu arasaba abanyeshuri yahaye gukora ku binyazina ngenera ngenga n'abo yahaye ibinyazina ndasigura kujya gukora ubushakashatsi bugamije kugaragaza uturango twabyo, kugaragaza intego yabyo no kubikorera imbonerahamwe bashingiye ku nteko z'amazina. Arabaha igihe cyo kubikora.

Igihe yabahaye kimaze kurangira, umwarimu ahereye ku matsinda yakoze ku binyazina ngenera ngenga, arasaba buri tsinda kugeza ku bandi ibyo ryumvikanyeho abafashe kubikorera ubugororangingo. Amatsinda yakoze ku binyazina ngenera ngenga arangije kumurika ibyo yagezeho bigakorerwa inshamake, harakurikiraho amatsinda yakoze ku binyazina ndafutura.

Nyuma y'uko amatsinda yose arangije umwarimu atanga imyitozo yo gutahura mu nteruro no gusesengura ibinyazina ngenera ngenga n'ibinyazina ndafutura.

***Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:***

## 1. Ikinyazina ngenera ngenga

### a) Inshoza n'uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga

Ikinyazina ngenera ngenga ni ikinyazina ngenera cyongeweho cyangwa kiyunze n'ikinyazina ngenga. Ikinyazina ngenera ngenga kerekana nyiri ikintu n'icyo atunze. Iki kinyazina gikurikira izina ariko gishobora no kurisimbura. Ibinyazina ngenera ngenga ni byinshi cyane kubera ko buri ngenga iba ishobora kwiyunga n'izindi zose kandi mu nteko zose.

***Ingero:***

Inka **yabo** yarabyaye.
**Iyabo** yarabyaye.

### b) Intego y'ikinyazina ngenera ngenga

Intego y'ikinyazina ngenera ngenga ni **Rkzn-C-Rkzn-C** cyangwa **(D)- Rkzn-C-Rkzn-C**

***Urugero:***

1. Amakosa **yabo: a-a-ba-o** (a→ y/-J, a→ ø/-J)
2. Inyana **yayo: i-a-i-o** (i→y/-J)

3. Utwatsi **twazo: tu-a-zi-o** (u→w/-J, i→ø/-J)
4. **Uwawe** yaje: **u-u-a-u-e** (u→w/-J)
5. **Urwawe** rurubatswe **u-ru-a-u-e** (u→w/-J)
6. **Iyayo** ironka **i-i-a-i-o** (i→y/-J)

Ikinyazina ngenera ngenga kigizwe n'ikinyazina ngenera kiyunze n'ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bwinshi indangakinyazina **tu-** na **mu-** zihinduka **cu-** na **nyu-** , impindurantego za -**twe** na -**mwe**. Izi mpindurantego ntizisesengurwa.

***Urugero:***

Umurima wacu: u-a-cu u→w/-J
Igiti cyanyu: ki-a-nyu i→y/-J ky→cy mu myandikire

Iyo ikinyazina ngenera ngenga kigizwe n'ikinyazina ngenera kiyunze n'ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya gatatu mu nteko ya mbere igicumbi cya ngenera n'indangakinyazina ya ngenga biburizwamo.

***Urugero:***

Umwana we: u- ø- ø -ê u→w/-J
Abana be: ba- ø- ø -ê a→ø/-J
Abe ndabazi: a-ba- ø- ø -ê a→ø/-J

### c) Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera ngenga

| Inteko | Ng.1(bu) | Ng.1(bw) | Ng.2(bu) | Ng.2(bw) | Ng.3(bu) | Ng.3(bw) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| nt 1 | wange (uwange) | wacu (uwacu) | wawe (uwawe) | wanyu (uwanyu) | we (uwe) | wabo (uwabo) |
| nt 2 | bange | bacu | bawe | banyu | be | babo |
| nt 3 | wange | wacu | wawe | wanyu | we | wabo |
| nt 4 | yange | yacu | yawe | yanyu | ye | yabo |
| nt 5 | ryange | ryacu | ryawe | ryanyu | bye | ryabo |
| nt 6 | yange | yacu | yawe | yanyu | ye | yabo |
| nt 7 | cyange | cyacu | cyawe | cyanyu | ke | cyabo |
| nt 8 | byange | byacu | byawe | byanyu | bye | byabo |
| nt 9 | yange | yacu | yawe | yanyu | ye | yabo |
| nt 10 | zange | zacu | zawe | zanyu | ze | zabo |
| nt 11 | rwange | rwacu | rwawe | rwanyu | rwe | rwabo |
| nt 12 | kange | kacu | kawe | kanyu | ke | kabo |
| nt 13 | twange | twacu | twawe | twanyu | twe | twabo |
| nt 14 | bwange | bwacu | bwawe | bwanyu | bwe | bwabo |
| nt 15 | kwange | kwacu | kwawe | kwanyu | kwe | kwabo |
| nt 16 | hange | hacu | hawe | hanyu | he | habo |

**Ikitonderwa:** Iyi mbonerahamwe ishobora kongerwamo izindi nteko za ngenga ya gatatu bigakunda.

## Imyitozo

Nyuma y'uko amatsinda yose arangije umwarimu atanga imyitozo yo gutahura mu nteruro no gusesengura ibinyazina ngenga n'ibinyazina ngenera.

### Imyitozo n'ibisubizo

Muri izi nteruro ca akarongo ku binyazina ngenera ngenga ugaragaze n'intego yabyo

a) Uyu mugore akunda abana be.
→be: **ba- ø-ø-ê** a→ ø/-J

b) Uwawe ni ukumenya mu makuba.
→uwawe: **u-u-a-u-e** u→ w/-J

c) Ibyo nagutije wabigize ibyawe?
→ibyawe: **i-bi-a-u-e** i→ y/-J, u→ w/-J

d) Agakwavu ke kari kumwe n'utwana twako.
→ ke: **ka- ø-ø-ê** a→ ø/-J
→ twako:tu-a-ka-o u→w/-J, a→ ø/-J

e) Ahantu hacu ni ho hadahinzwe gusa.
→hacu:ha-a-cu a→ ø/-J

## 2. Ikinyazina ndafutura

### a) Inshoza n'uturango by'ikinyazina ndafutura

Ikinyazina ndafutura ni ijambo rijyana n'izina ntirisobanure ku buryo bwumvikana neza uvugwa, abavugwa, ikivugwa cyangwa ibivugwa ari na ho cyavanye izina ryacyo ryo kwitwa ndafutura cyangwa ndasigura.

Ikinyazina ndafutura kirimo ikigufi n'ikirekire. Ikinyazina kigufi nta ndomo kigira ariko ikinyazina ndafutura kirekire kigira indomo.

### b) Intego y'ikinyazina ndafutura

Intego rusange y'ikinyazina ndafutura kigufi ni indangakinyazina n'igicumbi. Naho ikinyazina ndafutura kirekire intego yacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi.(**Rkzn-C** cyangwa **(D)-Rkzn-C**.
Ibicumbi by'ikinyazina ndafutura byigabanyijemo amatsinda abiri: **-ndi** (ibanguka) na **-:ndi** (itinda)

**-ndi ibanguka**
Igicumbi –ndi kibanguka gikorana gusa n'indangakinyazina zigizwe n'inyajwi kandi nta ndomo kigira.

***Urugero:***

RK-C
**Undi** muntu: u- ndi
**Indi** misozi: i- ndi

**Andi** mata: a- ndi

**-:ndi gitinda**

Igicumbi :-ndi gitinda gikorana n'indangakinyazina zo mu nteko ya 1 kugeza mu ya 17, buri gihe kiba gifite indomo.

***Ingero:***

Uwundi mugabo: u-u-:ndi (u-u-undi) u→ w/-J
Abandi bana:a-ba-:ndi (a-ba-andi) a→ ø/-J
Iyindi mirima: i-i-:ndi( i-i-indi) i→ y/-J

Ubutinde bubanziriza igicumbi -:ndi twabwerekanishije utudomo tubiri. Iyo igicumbi -:ndi gifatanye n'indangakinyazina ubwo butinde bufatana n'inyajwi zisa buri gihe n'inyajwi z'izo ndangakinyazina. Ni yo mpamvu usanga hari abashaka koroshya isesengura aho kugaragaza ubutinde ugasanga indangakinyazina zigizwe n'inyajwi bazitwerera inyerera bakabigenza batya:

Uwundi muti: u-wu-ndi
Iyindi nzu: i-yi-ndi
Ayandi mazi: a-ya-ndi
Icyo gihe inyajwi y'imbere **i** na **a** yo hagati bitwererwa **y** na ho **u** y'inyuma igatwererwa **w**.

**Impugukirwa:**

Ikinyazina ndafutura gifite igicumbi gitinda -:ndi gitakaza indomo iyo gikurikiye ijambo kigaragiye (gikoreshejwe inyuma yaryo) cyangwa iyo gikoreshejwe hagati y'ingereranya "nka" n'ijambo ribaza cyangwa se gikurikiwe n'ijambo ribaza gusa.

**Urugero:** Umusozi **wundi:** ø-u-:ndi (ø-u-undi) u→ w/-J
Ibiryo **bindi:** ø-bi-:ndi (ø-bi-indi) i→ ø/-J
Nka **wundi** nde? ø-u-:ndi (ø-u-undi) u→ w/-J

## c) Imbonerahamwe y'ikinyazina ndafutura

| **Inteko** | **Ibicumbi** | |
|---|---|---|
| | -ndi | -:ndi |
| **1** | undi | uwundi |
| **2** | - | abandi |
| **3** | undi | uwundi |
| **4** | indi | iyindi |
| **5** | - | irindi |
| **6** | andi | ayandi |
| **7** | - | ikindi |
| **8** | - | ibindi |
| **9** | indi | iyindi |
| **10** | - | izindi |

| | | |
|---|---|---|
| **11** | - | urundi |
| **12** | - | akandi |
| **13** | - | utundi |
| **14** | - | ubundi |
| **15** | - | ukundi |
| **16** | - | ahandi |
| **17** | - | ukundi |

## Imyitozo

Nyuma y'uko amatsinda yose yakoze ku kinyazina ndafutura arangije, umwarimu atanga imyitozo yo gutahura mu nteruro no gusesengura ibinyazina ngenga n'ibinyazina ngenera.

## Imyitozo n'ibisubizo

1. **Ikinyazina ndafutura ni iki?** Ikinyazina ndafutura ni ijambo rijyana n'izina cyangwa rikarisimbura ariko ntirisobanure neza iryo jambo rigaragiye.
2. **Kigabanyijemo amatsinda angahe?** Ikinyazina ndafutura kigabanijemo amatsinda abiri: itsinda rifite igicumbi kibanguka (-ndi) n'irifite igicumbi gitinda (-:ndi)
3. **Sesengura ibinyazina ndafutura bikurikira ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi ya ngombwa:**
   a) **<u>Akandi</u>** kagega.: →akandi: a-ka-a-:ndi a→ ø/-J
   b) Karangwa yigize **<u>uwundiwundi</u>**: →uwundiwundi u-u-:ndi-Φ-u-:ndi u→ w/-J
   c) Inka **zindi** zihe waguze? : →zindi: ø-zi-:ndi
   d) **Irindi** ryinyo ryakutse.: →irindi: i-ri-:ndi i→ ø/-J

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa gatatu

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatatu. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Indwara bayita icyorezo iyo iza yibasira imbaga ku buryo haboneka umubare munini cyangwa umubare udasanzwe w'abagaragaza iyo ndwara mu gace runaka ndetse no mu gihe runaka. Mu rwego rwo kwirinda indwara z'ibyorezo ni ngombwa gufata ingamba zo kugirira isuku ibiribwa kuko bishobora kuba intandaro y'ikwirakwira ry'indwara z'ibyorezo. Niba kandi hari ibiribwa byahumanye ni ngombwa kurwanya icuruzwa ryabyo. Gukoresha inzitiramibu, kwirinda imibonano mpuzabitsina, kwirinda kurya ibiribwa bidafite ubuziranenge, no gukoresha ibikoresho bisukuye. Ikindi kandi ni ukwirinda guhumanya ibidukikije kuko ibyo byose ari intandaro y'indwara z'ibyorezo zishobora kudindiza iterambere kuko zihitana abantu benshi icyarimwe kandi mu gihe gito, zigakenesha umuryango. Byongeye kandi Leta y'u Rwanda

izitangaho amafaranga menshi ikora ubushakashatsi bugamije kuzirwanya, zidahari ayo mafaranga yashorwa mu bindi bikorwa remezo.

– Imbwirwaruhame ni ijambo rihuza abantu benshi ariko bagatega amatwi umwe gusa, bakirinda kumurogoya, ahubwo bakamutega amatwi.
– Ikinyazina ngenera ngenga ni ikinyazina ngenera cyongeweho cyangwa kiyunze n'ikinyazina ngenga. Ikinyazina ngenera ngenga kerekana nyirikintu n'icyo atunze. Intego y'ikinyazina ngenera ngenga ni Rknz-C-Rknz-C cyangwa (D)-Rknz-C-Rknz-C. Ikinyazina ngenera ngenga kigizwe n'ikinyazina ngenera kiyunze n'ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bwinshi indangakinyazina **tu-** na **mu**-zihinduka **cu-** na **nyu**.
– Iyo ikinyazina ngenera ngenga kigizwe n'ikinyazina ngenera kiyunze n'ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya gatatu mu nteko ya mbere igicumbi cya ngenera n'indangakinyazina ya ngenga biburizwamo.
– Ikinyazina ndafutura kijyana n'izina kandi cyo cyonyine ntigisobanura, ku buryo bwumvikana, izina kigaragiye. Hariho ikinyazina ndafutura kigufi n'ikirekire. Bitandukanira ku ntego rusange zabyo. Ibicumbi by'ikinyazina ndafutura byigabanyijemo amatsinda abiri; **-ndi** (ibanguka) na **-:ndi** (itinda). Igicumbi **–ndi** kibanguka gikorana gusa n'indangakinyazina zigizwe n'inyajwi kandi nta ndomo kigira. Igicumbi **-:ndi** itinda gikorana n'indangakinyazina zo mu nteko ya 1 kugeza mu ya 17, buri gihe kiba gifite indomo. Ikinyazina ndafutura gifite igicumbi gitinda **-:ndi** gitakaza indomo iyo gikurikiye ijambo kigaragiye (gikoreshejwe inyuma yaryo) cyangwa iyo gikoreshejwe hagati y'ingereranya **nka** n'ijambo ribaza cyangwa se gikurikiwe n'ijambo ribaza gusa.

## Ubumenyi bw'inyongera

Ikinyazina ndafutura gishobora kwisubiramo. Icyo gihe n'indangakinyazina yisubiramo.

***Urugero:*** Yigize undiwundi: u-ndi- ø-u-:ndi (u-ndi- ø-u-undi) u→w/-J
Yigize uwundiwundi: u-u-:ndi-ø-u-:ndi (u-u-undi- ø-u-undi) u→w/-J
Ayandiyandi: a-a-:ndi- ø-a-:ndi (a-a-andi- ø-a-andi) a→y/-J

### Imbonerahamwe yabyo

| nt. | -nd+-:ndi | -: nd+-:ndi |
|---|---|---|
| 1. | undiwundi | uwundiwundi |
| 2. | - | abandibandi |
| 3. | undiwundi | uwundiwundi |
| 4. | indiyindi | iyindiyindi |
| 5. | - | irindirindi |
| 6. | andiyandi | ayandiyandi |
| 7. | - | ikindikindi |
| 8. | - | ibindibindi |

| | | |
|---|---|---|
| 9. | indiyindi | iyindiyindi |
| 10. | - | izindizindi |
| 11. | - | urundirundi |
| 12. | - | akandikandi |
| 13. | - | utunditundi |
| 14. | - | ubundibundi |
| 15. | - | ukundikundi |
| 16. | - | ahandihandi |

**Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu**

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 87)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

– Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
– Ubushobozi bwo gutegura no kuvuga ikiganiro mbwirwaruhame.
– Ubushobozi bwo gusesengura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura (ndasigura).

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

## I Kumva no gusesengura umwandiko

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?** Muri uyu mwandiko haravugwamo indwara ya malariya, ikiyitera n'uko yakwirindwa.
2. **Kubera iki mu myaka yashize abarwayi bapfaga cyane?** Mu myaka yashize abarwayi barapfaga cyane kubera amavuriro make, mato, akennye, abarwayi bagapfa ari benshi.
3. **Twakora iki ngo turwanye imibu ikururwa n'urutoki n'ibiti bya avoka?** Twakora isuku munsi y'ibiti no munsi y'insina , tukirinda kujugunya ibikopo n'injyo aho tubonye hose kuko birekamo amazi, imibu igateramo amagi.
4. **Ni izihe ngamba wafata kugira ngo urwanye malariya?** Kugira ngo ndwanye malariya nafata ingamba zikurikira:
- Kuyivuza neza kandi ntararemba.
- Gukora isuku ntema ibihuru bikikije urugo.
- Kwirinda ibizenga by'amazi impande y'urugo.
- Kuryama mu nzitiramubu iteye umuti.
5. **Aho utuye abantu iyo barwaye babigenza gute?** Aha abanyeshuri basubiza ibisubizo bitandukanye bakurikije aho batuye.

## II. Inyunguramagambo

1. Koresha mu nteruro amagambo akurikira: imivovo, intanzi z'urugo, injyo, kuzahara.

   **Imivovo:** yatemye igitoki maze imivovo yari ifashe ku mutumba ayikuraho ayisasiza insina.

   **Intanzi z'urugo:** usanga mu ntanzi z'urugo hari umwanda ku bantu batagira isuku.

   **Injyo:** yasanze ikibindi ke cyaramenetse hasigaye injyo gusa.

   **Kuzahara:** abana be ntibagira urutege kubera ko bazahajwe na marariya.

2. Sobanura amagambo akurikira: ikigugu, icyorezo

   **Ikigugu:** imyaka yasaziranye, imaze igihe yeze. Mu mwandiko, indwara kuba ku muntu ikigugu ni ukumutindaho.

   **Icyorezo:** indwara ifata abantu benshi icyarimwe mu gihe gito.

## III.Ikibonezamvugo

1. Tahura ibinyazina biri mu nteruro zikurikira nurangiza uvuge ubwoko bwabyo kandi ubisesengure ugaragaza intego yabyo, amategeko y'igenamajwi n'inteko birimo.
   a) Ikindi cyakorwa n'uko urwaye marariya yayivuza neza.
   b) Abanyarwanda twese tumaze kumenya akamaro k'amavuriro mu gihugu cyacu.
   c) Abavuzi bagerageza kuvura marariya, inzoka n'izindi ndwara.
   d) Umutwe we uhora umubabaza.
   e) Ibindi bikurura imibu ni amazi aretse yose.
   f) Marariya ivuwe neza irakira; imiti yayo irahari.
   g) Nta kindi cyamaraho imibu uretse kuyisenyera.

| Ibinyazina | Ubwoko bwabyo | Intego | Amategeko y'igenamajwi | Inteko/ngenga |
|---|---|---|---|---|
| Ikindi | Ikinyazina ndafutura/ ndasigura | i-ki-:ndi | - | nt.7 |
| Twese | Ikinyazina ngenga | tu-e-se | u→ w/-J | ng.1bw |
| Ka | Ikinyazina ngenera | ka-a | a→ ø/-J | nt.12 |
| Cyacu | Ikinyazina ngenera ngenga | ki –a-cu | i→ y/-J ky → cy mu myandikire. | nt.7 |
| Izindi | Ikinyazina ndafutura/ ndasigura | i-zi-:ndi | - | nt.10 |
| We | Ikinyazina ngenera ngenga | u- ø- ø-ê | u→ w/-J | nt.3 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Ibindi | Ikinyazina ndafurura/ ndasigura | i-bi-:ndi | - | nt.8 |
| Yose | Ikinyazina ngenga | a-o-se | a→ y/-J | nt.6 |
| Yayo | Ikinyazina ngenera ngenga | i-a-i-o | i→ y/-J | nt.4 |
| Kindi | Ikinyazina ndafutura/ ndasigura | ø-ki-:ndi/ ø-ki-indi | - | nt.7 |

## IV. Imbwirwaruhame

**a)** Imbwirwaruhame ni iki?
Imbwirwaruhame ni ijambo umuntu ategura akarigeza ku bantu benshi bakirinda kumurogoya, ahubwo bakamutega amatwi. Imbwirwaruhame ishobora kuba ndende cyangwa ngufi bitewe n'intego yayo.

**b)** Vuga ibyitabwaho mbere yo gutanga imbwirwaruhame.

- Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira imbwirwaruhame abo ari bo.
- Icyo bashobora kumva ikigero k'imyaka yabo, icyo bakora, icyo bahuriyeho...
- Gutegura imbwirwaruhame.
- Kumva neza insanganyamatsiko y'imbwirwaruhame byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri iyo nsanganyamatsiko.
- Gukusanya ibyo azavuga mu ngingo zinyuranye z'imbwirwaruhame ashingiye ku byo yasomye cyangwa yabajije abandi.
- Gushaka intego z'ikiganiro ke akanakora imbata yacyo.

### Imyitozo nsindagirabushobozi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora imyitozo y'inyongera. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

***Urugero rw'imyitozo yabaha:***

Sesengura ibinyazina biciyeho umurongo ugaragaza intego , amategeko y'igenamajwi n'inteko.

a) Gutema ibiti by'avoka si wo muti **wo** kwirinda imibu idutera marariya, gusukura munsi **yabyo** ni byo bya ngombwa.

b) Nta **wundi** urwaye, **bose** ni bazima.

c) Inka <u>**ze**</u> zarororotse.
d) Nagezeyo nsanga **ibyo** nakekaga atari <u>**byo**</u> ahubwo ari <u>**ibindibindi**</u>.

## Ibisubizo:

| Ibinyazina | Intego | Amategeko y'igenamajwi | Inteko/ngenga |
|---|---|---|---|
| Wo | u-o | u→ w/-J | nt.3 |
| Yabyo | i-a-bi-o | i→ y/-J | nt.9 |
| Wundi | ø -u-:ndi/ ø -u-undi | u→ w/-J | nt1 |
| Bose | ba-o-se | a→ ø/-J | nt.2 |
| Ze | zi- ø - ø-ê | i→ ø/-J | nt.10 |
| Ibyo | i-bi-ô | i→ ø/-J | nt.8 |
| Byo | bi-o | i→ ø/-J | nt.8 |
| Ibindibindi | i-bi-:ndi- ø -bi-:ndi/<br>i-bi-indi- ø -bi-indi | **i**→ ø/-J | nt.8 |

### Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo

1) **Erekana ikinyazina ugiceho umurongo, uvuge n'ubwoko bwacyo.**
   a) Si na <u>byo</u> byatumye twitanya (**byo**= ikinyazina ngenga)
   b) Ni <u>ya</u> nyamunyo <u>yo</u> mu rubibi. (**ya**= ikinyazina nyereka, **yo**=ikinyazina ngenera)
   c) Bwira <u>uriya</u> mukobwa azane <u>ayandi</u> mabuye twubake. (**uriya**= ikinyazina nyereka, **ayandi**=ikinyazina ndasigura)
   d) <u>Ba</u> bana <u>bawe</u> <u>bandi</u> bari mu yihe ntara? (**ba**= ikinyazina nyereka, **bawe** =ikinyazina ngenera ngenga, **bandi** = ikinyazina ndasigura)
   e) <u>Uwo</u> nabwiye yakoze <u>undi</u> mwitozo yahawe? (**uwo**= ikinyazina mbanziriza, **undi**= ikinyazina ndasigura)
   f) Ndabona <u>abandi</u> basore baje. (**abandi** = ikinyazina ndasigura)
   g) Ugurire wa mukecuru akandi kebo. (**wa**= ikinyazina nyereka, **akandi** = ikinyazina ndasigura)
2) **Vuga ubwoko bw'ibinyazina biciyeho akaronga ugaragaze n'uturemajambo twabyo n'amategeko y'igenamajwi.**
   a) Ibyawe <u>byose</u> nabibwiwe n'abantu batatu. (byose=ikinyazina ngenga bi-o-se i→y/-J)
   b) <u>Wowe</u> n'<u>uriya</u> muri abavandimwe <u>be</u>. (wowe= ikinyazina ngenga, u-o-we u→w/-J, uriya=ikinyazina nyereka u-riya, be=ikinyazina ngenera ngenga ba- ø- ø-e a→ø/-J)
   c) Umupira <u>wange</u> bawugurishije. Wange= ikinyazina ngenera ngenga u-a-n-gi-e u→w/-J, i→ ø/-J)

# 4 Umuco w'amahoro

## (Umubare w'amasomo: 14)

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| – Gusesengura umwandiko uvuga ku gukumira no kurwanya jenoside; gusesengura no gukoresha ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yagombye kuba azi bumwe mu burenganzira bw'ikiremwamuntu, ashobora kandi gutandukanya ikinyazina n'andi moko y'amagambo. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo. Umwarimu akora ku buryo umwandiko n'ibibazo byawo bisesengurwa ku buryo umunyeshuri asigarana ubukesha bwo kwitabita kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo. |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi… |
| **Amagambo fatizo:** jenoside, ikinyazina kibaza, ikinyazina mboneranteko. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri gice

| Igice | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **Umwandiko :Gukumira no kurwanya jenoside.** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 4 |
| Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko | Amasomo 2 |
| Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyingiro n'umukoro | Amasomo 2 |
| Intera ya kane: Ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko | Amasomo 4 |
| Isuzuma | Amasomo 2 |

## Umwandiko: Gukumira no kurwanya jenoside

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 89)

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:
- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha uko bikwiye mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

#### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu ashobora kubaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga; akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma. Ahangaha mwarimu agomba kwita ku banyeshuri bafite ikibazo cyo kutumva neza cyangwa n'icyo kutabona neza kugira ngo abahe ubufasha bukwiriye. Ashobora no kwifashisha bagenzi babo kugira ngo badasigara inyuma mu masomo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje ibibazo byo mu buzima busanzwe:***

a) **Mu Rwanda ni ikihe cyaha ndengakamere cyahabaye mu mwaka wa 1994?** Mu Rwanda habaye jenoside yakorewe Abatutsi.
b) **Ni iki cyakozwe kugira ngo ihagarikwe?** Habaye urugamba rwo kuyihagarika no kudasibanganya ibimenyetso.

**Aramutse akoresheje amashusho, dore urugero rw'ibibazo yabaza.**

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Kuri aya mashusho turahabona urwibutso rwa jenoside.
b) **Kuki rwubatswe?** Uru rwibutso rwubatswe mu rwego rwo gukumira no kurwanya jenoside ngo itazongera kubaho ukundi, kudasibanganya ibimenyetso no kugaragaza amateka.
c) **Mukurikije ibyabaye mu Gihugu cyacu, ni ibihe byakorwa kugira ngo ubwo bwicanyi ndengakamere butazongera kubaho ukundi?** Dushingiye ku byabaye

mu Rwanda, hari ibyo mbona byakorwa kugira ngo ubwo bwicanyi ndengakamere butazongera kubaho ni byinshi, muri byo harimo kurwanya no gukumira jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku gukumira no kurwanya jenoside.

## 2. Gusoma umwandiko

### 2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko **"Gukumira no kurwanya jenoside"** abasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni iki kivugwa muri uyu mwandiko?** Ikivugwa muri uyu mwandiko ni jenoside.
b) **Muri uyu mwandiko haravugwamo izihe jenoside?** Haravugwamo jenoside yakorewe Abatutsi n'iyakorewe Abayahudi.
c) **Jenoside irangwa n'iki?** Jenoside irangwa n'ubwicanyi ndengakamere bwibasira imbaga y'abantu bugamije kuyimaraho kandi igategurwa na Leta.

### 2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.
Umunyeshuri umwumwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo. Nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, arajya anagenzura uko bitabira gusoma. Mu gihe basoma aragenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### 2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda

Barangije gusoma baranguruye, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye. Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe wandika ibisubizo bumvikanyeho muri buri tsinda. Akanabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'abanyeshuri n'uw'amatsinda yakoze.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye. Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu akababafasha kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'ibisubizo bishobora kuva mu matsinda***

## I. Inyunguramagambo

### Sobanura amagambo akurikira:

1) **Kurimbura abantu:** ubundi kurimbura igiti ni ukugikurana n'imizi, gushinguza ikintu mu butaka ukagitembagaza. Kurimbura abantu rero ni ugutsemba abantu, kwicira abantu kubamara.
2) **Kwibasira umuntu:** kubonerana umuntu umukorera ibintu bibi ubutaruhuka cyangwa kwikoma umuntu.
3) **Ubumuntu:** kamere muntu.
4) **Gutesha agaciro umuntu:** kumwambura ubumuntu, gusubiza umuntu inyuma mu kamaro cyangwa mu gushima.
5) **Guta agaciro:** gusubira inyuma mu kamaro cyangwa mu gushimwa.
6) **Kubura agaciro:** kubura uburyo; kwigira imburamumaro.
7) **Umugambi mubisha:** inama yo gukora ikintu cy'ubugome.
8) **Guhana umugambi:** kumvikana n'umuntu ku kintu mushaka gukora, ku buryo cyangwa ku gihe kizakorwa.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya  mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Abagenera inkoranya y'Ikinyarwanda n'igihe bagomba gukora uwo mwitozo.

Icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe. Umwe mu bagize buri tsinda ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryagezeho, nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanonosora  ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

## Ibibazo n'ibisubizo:

1. Koresha aya magambo ukore interuro ukurikije inyito afite mu mwandiko: **ubumuntu, kwibasira, agaciro**.
   - Si byiza kwambura abandi **ubumuntu**.
   - Uriya mugabo **yibasiwe** n'ubukene.
   - Karake yataye **agaciro** aho bamwirukaniye ku kazi.

2. Andika impuzanyito z'aya magambo yanditse atsindagiye ziri mu mwandiko:
   (a) Ni ngombwa gutabara abantu bibasiwe na jenoside **bidatinze**. (**mu maguru mashya**)
   (b) Mudacogora **yaboneranywe** n'abajura. (yibasiwe)

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Jenoside ni iki?** Jenoside ni ubwicanyi bwibasira imbaga y'abantu bafite icyo bahuriyeho, bugamije kuyirimbura hashyirwa mu bikorwa umugambi uba warateguwe.
2. **Kuki jenoside itandukanye n'ubundi bwicanyi?** Jenoside itandukanye n'ubundi bwicanyi kubera ko haba hari umugambi n'ubushake byo kurimbura abantu bazira icyo bari cyo; bukaba bukorwa na Leta kuko ari yo ifite uburyo n'ubushobozi bwo kurimbura itsinda ry'abantu runaka.
3. **Kuvuga ko jenoside ari icyaha kidasaza bishatse kuvuga iki?** Kuvuga ko jenoside ari icyaha kidasaza ni ukuvuga ko gihanirwa aho ari ho hose ku isi n'igihe icyo ari cyo cyose.
4. **Intambwe jenoside inyuramo kugira ngo igerweho ni zingahe? Zivuge uzikurikiranyije**. Intambwe jenoside inyuramo kugira ngo igerweho ni umunani.
   Izo ntambwe ni izi: gutandukanya abaturage babacamo ibice; guhabwa izina ryihariye hatangwa inyigisho z'urwango; kwamburwa ubumuntu; gutegura abazayikora banigishwa hanashakwa ibikoresho; kwibasira abatagira aho babogamiye; kugaragaza abagomba kwicwa bakora urutonde; kwica hagamijwe kubamaraho; guhakana no kwibasira abatangabuhamya.
5. **Vuga nibura uburyo butatu bwo gukumira jenoside bugaragara mu mwandiko**.
   Ubuyo bwo gukumira jenoside ni ugushyiraho itegeko muri buri gihugu rihana buri wese wambura ubumuntu mugenzi we; kwirinda ivangura iryo ari ryo ryose; kwigisha uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
6. **Ni iyihe nama wagira buri muntu mu rwego rwo kwirinda no kurwanya jenoside?**
   Mu rwego rwo kwirinda no kurwanya jenoside buri wese akwiye gukunda mugenzi we, kumva ko ari ikiremwa k'Imana no kwamagana ubuyobozi bucamo ibice abaturage.
7. **Garagaza uburyo bunyuranye bwo gukumira no kurwanya jenoside butavuzwe mu mwandiko**. Aha umwarimu areba niba uburyo abanyeshuri batanze bushoboka akabafasha kubunonosora.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 92)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:
- Kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Gusobanura ingaruka za jenoside ku buzima bw'igihugu nk'uko bigaragara mu mwandiko no kugaragaza isomo akuye mu mwandiko no gushishikariza abandi kuyirwanya.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'indi myandiko ivuga ku gukumira no kurwanya jenoside.

### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?** Ni umwandiko uvuga ku gukumira no kurwanya jenoside.

b) **Wavugaga kuki muri rusange?** Muri rusange wavugaga ku ntambwe jenoside ikorwamo n'uburyo bwo kuyikumira no kuyirwanya.

### 2. Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko, akabasaba no kubyandika ku kibaho kugira ngo haramutse harimo abatumva neza babisome. Nyuma y'icyo gikorwa abasaba kugerageza kubyunguranaho ibitekerezo bari mu matsinda kandi bifashisha umwandiko n'izindi mfashanyigisho.

***Urugero rw'ibibazo byo gusesengura umwandiko:***

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?
4. Ukurikije umwandiko ni izihe ngaruka jenoside yagira ku buzima bw'Igihugu uhereye kuri jenoside yakorewe Abatutsi?

Umwarimu abaha igihe n'ibindi bikenewe, agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, akanatanga ubufasha aho bukenewe. Iyo barangije gusubiza ibyo bibazo, umwarimu abasaba kumurika ibyo babonye mu matsinda. Uko buri tsinda rimaze kumurika mwarimu n'abanyeshuri b'ayandi matsinda bararishimira.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, abanyeshuri bafatanya na mwarimu kunonosora ibisubizo byatanzwe. Nyuma ibisubizo bikwiye bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'igisubizo gikwiye:***

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko?** Insanganyamatsiko ni ukurwanya no gukumira jenoside.
2. **Ingingo z'ingenzi zigaragaragara mu mwandiko:**
   - Igisobanuro cya jenoside;
   - Abayitegura n'intambwe zo kuyishyira mu bikorwa;
   - Ingamba n'inama zo kuyirwanya no kuyikumira.
3. **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?** Isomo nkuye muri uyu mwadiko ni uko nta muntu n'umwe ukwiye kwita undi amazina atari aya kimuntu. Ikindi kandi jenoside ni icyaha kidasaza, icyaha kigomba kurwanywa byimazeyo.

4. **Ingaruka za jenoside:**

   Ingaruka za jenoside ni nyinshi, uhereye ku yabaye mu Rwanda, ku buzima bw'igihugu icyo ari cyo cyose utavuze cyane ku bumwe bw'igihugu ishegesha ubuzima bw'igihugu bwose.
   - Mu miyoborere myiza: abayobozi b'ingirakamaro benshi baricwa, bamwe bagafungwa abandi bagahunga;
   - Mu butabera: abacamanza benshi baricwa abandi bagahunga, ... bityo inkiko zikabura abacamanza b'umwuga;
   - Mu mibereho myiza: amashuri, amavuriro birasenywa n'ababikoramo bakicwa cyangwa bagafungwa abandi bagahunga kubera uruhare baba baragize muri ubwo bwicanyi ndengakamere.
   - Mu byerekeye ubukungu: ubuhinzi n'ubworozi bisubira inyuma cyane, umusaruero ukabura, amabanki agahomba, ubucuruzi, ubwikorezi byose bigwa hasi.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyingiro n'umukoro

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 92)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasesenguye, umunyeshuri arashobora:
- Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe ajora ibitekerezo bya bagenzi be mu bwubahane.
- Gutinyuka kuvugira mu ruhame ashize amanga kandi adategwa.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba agaragaza imyitwarire yo gukunda Igihugu no kuvugisha ukuri.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri , inyandiko zivuga kuri gahunda ya "Ndi umunyarwanda" n'imbuga za interineti.

## Imitangire y'isomo

### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

*Urugero rw'ibibazo yabaza:*

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka gusesengura umwandiko uvuga ku gukumira no kurwanya jenoside.

b) **Uwo mwandiko wasorezaga ku yihe ngingo y'ingenzi?** Wasorezaga ku ngingo yo kurwanya jenoside, gufatira ibihano mpuzamahanga ibihugu n'abaturage bagaragaweho **umugambi mubisha** wa jenoside no kubitangaza.

### 2. Kungurana ibitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma insanganyamatsiko yo kungurana ibitekerezo.

*Urugero rw'insanganyamatsiko yo kungurana ibitekerezo:*

Uruhare rwa gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu gukumira no kurwanya Jenoside".

### 3. Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cyabo, akabasaba no kuwandika ku kibaho kugira ngo n'abafite ikibazo cyo kutumva bawusome.

Umwarimu aribukiranya n'abanyeshuri uko ikiganiro nyunguranabitekerezo gikorwa nyuma abasabe kwishakamo uri buze kuyobora icyo kiganiro. Umwarimu arabaha igihe n'ibikenewe kugira ngo ikiganiro mpaka kibe gifite ingingo zifatika. Umwanya watanzwe nurangira, umwarimu arasaba uyobora ikiganiro kugitangiza akurikije uko bibukiranije imiyoborere yacyo. Umwarimu arakomeza gukurikirana uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo byabo n'uko bubaha ibitekerezo bya bagenzi babo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu arafasha abanyeshuri gufata umwanzuro ukwiye.

### 4. Umukoro

**Guhanga umuvugo ku gukumira no kurwanya Jenoside**

- Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma insanganyamatsiko igaragara mu bitabo byabo. Uwo mwitozo bawusomera mu matsinda mu ijwi riranguruye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutabona babashe kuwumva. Abasaba no kuwandika ku kibaho kugira ngo nihaba hari abatumva neza na bo bawusome.

**Ubushakashatsi:**

– Umwarimu areba niba abanyeshuri bashoboye kugaragaza abandi bashakashatsi bavuze kuri jenoside n'ibyo bavuzeho, akabafasha kunonosora ibisubizo

## Intera ya kane: Ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 93)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

– Gusobanura uturango tw'ikinyazina kibaza/mboneranteko no kugaragaza uturango n'intego zabyo.
– Gusesengura no gukoresha mu nteruro ikinyazina kibaza/ mboneranteko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo.

## Imitangire y'isomo

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho interuro yavanye mu mwandiko/ myandiko baheruka kwiga zirimo ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko, akabicaho akarongo, agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo aciyeho akarongo nyuma akabaha ibibazo bibafasha gukora ubushakashatsi kuri ibyo binyazina.

***Urugero rw'interuro:***

a) Ni **izihe** ngamba zafatwa mu gukumira no kurwanya jenoside?"
b) Jenoside zabaye ku isi ni **zingahe**?
c) Ufashe **uwuhe** mugambi wo kurwanya jenoside?
d) **Za** mayibobo ntizikunda ishuri.
e) **Ba** mama bakwiye kwita ku burere bw'abana babo.

## Ibibazo by'ubushakashatsi

a) Vuga imiterere y'amagambo atsindagiye ari mu nteruro eshatu za mbere ugerageze no gushaka uturango n'intego zayo.
b) Vuga imiterere y'amagambo atsindagiye ari mu nteruro enye za nyuma ugerageze no gushaka uturango n'intego zayo.

Umwarimu agabanya amatsinda ibyo bibazo. Amatsinda amwe asubiza **a** andi matsinda agasubiza **b**. Umwarimu abwira abanyeshuri kujya gukorera ibyo bibazo mu isomero, akabarangira ibitabo by'ikibonezamvugo bibafasha kubisubiza.

Iyo barangije kubikora, umwarimu abahuriza hamwe mu ishuri, amatsinda akamurika ibyo yakoze ahereye ku rya mbere kugeza ku rya kane. Iyo itsinda rimaze kugaragaza ibyo ryakoze, umwarimu ararishimira, agafasha abanyeshuri bagize andi matsinda kunoza ibisubizo iryo tsinda ryatanze. Ibisubizo binoze byandikwa ku kibaho no mu makayi.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

## 1. Ikinyazina kibaza

### a) Inshoza y'ikinyazina kibaza

Ikinyazina kibaza ni ijambo rigaragira izina, ririherekeza, riribanziriza cyangwa rikarisimbura; kikaba kibumbatiye ingingo yo gushaka kumenya ibisobanuro, inkomoko n'ingano.

### b) Uturango tw'ikinyazina kibaza

Ikinyazina kibaza gishobora kugira indomo cyangwa ntikiyigire.
**Ikinyazina kibaza gifite igicumbi –he?**

Kijyana n'izina cyangwa n'inshinga kikaribanziriza cyangwa kikarisimbura kandi kikaribazaho ikintu. Kibaza kidasobanuza neza kandi gikunda kukorana n'indomo.

**Ikinyazina kibaza gifite igicumbi –ngahe?**
Kibaza ibisobanuro bijyanye n'ingano y'umubare w'abantu cyangwa ibintu. Gikorana n'inteko z'ubwinshi gusa usibye mu nteko ya 12.

***Ingero:***
Ni **izihe** ngamba zikwiye gufatwa? Ni ingamba **zihe** zikwiye gufatwa?
Ni **izihe** zindi zafatwa?

Ikinyazina kibaza –**ngahe?** kibaza umubare w'abantu, inyamaswa cyangwa ibintu ariko kigakora mu bwinshi gusa uretse mu nteko ya cumi na kabiri, igicumbi –**ngahe?** gishobora gukoramo ariko kikavuga inshuro, ntikigira indomo.

Hari n'ikindi kinyazina kibaza gikorana n'inteko zivuga ahantu; ni ukuvuga mu nteko ya 16, 17, 18, 19. Kigira igicumbi **ê**. (yagiye he? ha-ê)

### c) Intego y'ikinyazina kibaza

Intego y'ikinyazina kibaza ni **D-Rkzn-C** cyangwa **Rkzn-C**

***Ingero:***

Ni **uwuhe** mugambi wafashe?

Ni **iyihe** mushaka?

Ni **he** ugiye?

Ushaka amafaranga **angahe**?

| **Ikinyazina kibaza** | **Intego** | **Itegeko** |
|---|---|---|
| Uwuhe? | u-wu-he? | Nta tegeko. |
| Iyihe? | i-yi-he? | Nta tegeko. |
| Angahe? | a-ngahe? | Nta tegeko. |

Ikinyazina kibaza –**he?** kirekire kigira intego y'indomo, indangakinyazina n'igicumbi. Ikigufi kigira indomo n'indangakinyazina kimwe n'ibindi bisigaye.

**d) Imbonerahamwe y'ikinyazina kibaza**

| **Igicumbi / Inteko** | **-he?** | | **- ngahe?** |
|---|---|---|---|
| | **Ikigufi** | **Ikirekire** | |
| Nt. 1 | wuhe? | uwuhe? | |
| Nt. 2 | bahe? | abahe? | bangahe? |
| Nt. 3 | wuhe? | uwuhe? | |
| Nt.4 | yihe? | iyihe? | ingahe? |
| Nt.5 | rihe? | irihe? | |
| Nt.6 | yahe? | ayahe? | angahe? |
| Nt.7 | kihe? | ikihe? | |
| Nt.8 | bihe? | ibihe? | bingahe? |
| Nt.9 | yihe? | iyihe? | |
| Nt.10 | zihe? | izihe? | zingahe? |
| Nt.11 | ruhe? | uruhe? | |
| Nt.12 | kahe? | akahe? | |
| Nt.13 | tuhe? | utuhe? | tungahe? |
| Nt.14 | buhe? | ubuhe? | bungahe? |
| Nt.15 | kuhe? | ukuhe? | kungahe |
| Nt.16 | hahe? | ahahe? | hangahe? |

## 2. Ikinyazina ndanganteko cyangwa mboneranteko

### a) Inshoza y'ikinyazina mboneranteko

Ikinyazina mboneranteko ni ijambo rigaragaza kandi rigaha inteko amagambo/ amazina bijyanye adahinduka, ryerekana ubwinshi bwayo, gitubura/ gikuza cyangwa gitubya amagambo kigaragiye.

### b) Uturango tw'ikinyazina mboneranteko

Icyo kinyazina kiza buri gihe imbere y'izina giherekeje.

Iki kinyazina kiboneka mu nteko zimwe na zimwe ari zo nt. 2;7;8;10;11;12;13 na 14 ku bayikoresha batubya.

Iki kinyazina gikora imbere y'amazina bwite cyangwa amazina rusange adafite indomo n'indangazina. Iyo gikoranye n'izina rifite indomo, iyo ndomo iratakara.

**c) Intego y'ikinyazina mboneranteko**

***Ingero:***

**Ba** (data): ba-aa a→ø/-J
**za** (magabo): zi-aa i→ø/-J
**Ba** (Gatete): ba-aa a→ø/-J
**Ba** (Karisa):ba-aa a→ø/-J

Ikinyazina mboneranteko/ ndanganteko kigira uturemajambo tubiri indangakinyazina n'igicumbi kimwe gusa **–a** gihorana ubutinde.
Indangasano yacyo iboneka bitewe n'inteko kirimo.

***Ingero:***

Nt.13. **Twa** Muhoza tuzaza ryari kudusura? Twa: tu-aa u→w/-J
Nt. 2. **Ba** Rukundo baragukumbuye cyane. Ba: ba-aa a→ø/-J
Nt.10. **Za** Ruhogo ziracyuwe. Za: zi-aa i→ø/ -J

**d) Imbonerahamwe y'ikinyazina mboneranteko**

| Inyito / Inteko | Ubwinshi | Gupfobya/ gutubya | Gutubura/ gukuza | Kugaya |
|---|---|---|---|---|
| Nt.2. | Baa Humura | - | - | - |
| Nt.7. | - | Cyaa Rugero | Cyaa Juru | - |
| Nt.8. | Byaa Mahane | Byaa Gato | Byaa Mahane | - |
| Nt.10. | Zaa dodo | Zaa Mugabo | - | Zaa masore |
| Nt.11. | - | Rwaa Nzovu | Rwaa Karisa | - |
| Nt.12. | - | Kaa Rukundo | - | - |
| Nt.13. | Twaa Buregeya. | Twaa Buregeya | - | - |
| Nt.14. | Bwaa Manzi | Bwaa Manzi | - | - |

## Imyitozo

Nyuma y'uko amatsinda yose arangije umwarimu atanga imyitozo yo gutahura mu nteruro no gusesengura ibinyazina kibaza n'ibinyazina mboneranteko kugira ngo arebe niba intego z'isomo zagezweho. Iyi myitozo ikorwa na buri wese ku giti ke.

## Imyitozo n'ibisubizo

1) **Shaka muri izi nteruro zikurikira ikinyazina kibaza unerekane intego n'itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe.**
   a) Abo bana ni bangahe? → bangahe? : ba-ngahe.

b) Bandi bahe se bamufasha kwigira? → bahe?: ba-he.
c) Izo mushaka ni izihe? → izihe?: i-zi-he.
d) Ya miryango wasanze ari ingahe? → Ingahe?: i-ngahe.
f) Ni uwuhe uhisemo ko mukorana uyu mukoro? →uwuhe?: u-wu-he.

2) **Kora interuro eshatu zirimo ikinyazina kibaza.**

***Urugero rw'interuro:***

Uzaba uri **he** ejo mu gitondo ko ngushaka?
Ufite imyaka ingahe ko mbona ukiri muto cyane?
Ni izihe jenoside uzi zabaye ku isi?

3) **Shaka muri izi nteruro ikinyazina mboneranteko, werekane intego n'itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe**.
   a) Ba Ruberanziza bazaze bafate bya bindi byarabonetse. **Ba: ba-a** a→Φ/-J
   b) Ba bana bo kwa Gakwerere bigize za masore ngo ntibaba mu cyaro.
      **Ba: ba-a** a→Φ/-J **Za:zi-a**; i→Φ/-J
   c) Bwa Petero na twa Kirezi burirata. **Twa: tu-a** u→w/-J

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa kane

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Jenoside ni ubwicanyi bwibasira imbaga y'abantu bafite icyo bahuriyeho, bugamije kuyirimbura hashyirwa mu bikorwa umugambi uba warateguwe. Jenoside itandukanye n'ubundi bwicanyi kubera ko haba hari umugambi n'ubushake byo kurimbura abantu bazira icyo bari cyo; bukaba bukorwa na Leta kuko ari yo ifite uburyo n'ubushobozi bwo kurimbura itsinda ry'abantu runaka. Kandi jenoside ni icyaha kidasaza. Hari intambwe za jenoside zikurikira: gutandukanya abaturage babacamo ibice; guhabwa izina ryihariye hatangwa inyigisho z'urwango; kwamburwa ubumuntu; gutegura abazayikora banigishwa hanashakwa ibikoresho; kwibasira abatagira aho babogamiye; kugaragaza abagomba kwicwa bakora urutonde; kwica hagamijwe kubamaraho; guhakana no kwibasira abatangabuhamya. Bumwe mu buryo bwo gukumira jenoside ni ugushyiraho itegeko muri buri gihugu rihana buri wese wambura ubumuntu mugenzi we; kwirinda ivangura iryo ari ryo ryose; kwigisha uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Uburyo bwo kurwanya jenoside aho yagaragaye ni ugukumira igurwa ry'intwaro kuri ibyo bihugu, kubifatira ibihano mpuzamahanga; kubitangaza, gutabara abibasiwe hashyirwaho ingabo mpuzamahanga ngo zitabare mu maguru mashya no guca umuco wo kudahana.
– Ikinyazina kibaza ni ijambo rigaragira izina, ririherekeza, riribanziriza cyangwa rikarisimbura; kikaba kibumbatiye ingingo yo gushaka kumenya ibisobanuro,

inkomoko, ingano, akarere izina ririmo. Ikinyazina kibaza ni ijambo rigaragira izina (riribanziriza) cyangwa rikarisimbura; kikaba kibumbatiye ingingo yo gushaka kumenya ibisobanuro, inkomoko n'ingano. Icyo kinyazina kigira ibicumbi bibiri: **-he?** na **–ngahe?** na **he?** ibaza ahantu.

– Ikinyazina mboneranteko ni ijambo rigaragaza kandi rigaha inteko amazina bijyanye adahinduka, ryerekana ubwinshi bwayo, gutubura/ gukuza, gutubya, kikanerekana uburyo. Icyo kinyazina kiza buri gihe mbere y'izina giherekeje. Iki kinyazina kiboneka mu nteko zimwe na zimwe ari zo nt. 2;7;8;10;11;12;13 na 14 ku bayikoresha batubya. Iki kinyazina gikora imbere y'amazina bwite cyangwa amazina rusange adafite indomo n'indangazina. Iyo gikoranye n'izina rifite indomo, iyo ndomo iratakara.

## Ubumenyi bw'inyongera

Mu Kinyarwanda, hari andi magambo yitwara nk'ikinyazina kibaza kuko yifitemo inyito yo kubaza. Ayo ni nka: **ki?**, **nde?**, **te?**, **ese?**, **ryari?**, **mbese?** Ayo magambo yitwa amagambo mbaza kuko atisanisha n'amazina bijyanye.

***Ingero:***

Uyu ni mwana **ki**?
Uzabigeraho **ute**? (Ingirwanshinga)
Jenoside yatangiye **ryari**?
**Ese (mbese)** urahari?

Aya magambo abaza abarizwa mu migereka cyangwa mu magambo adahinduka (ese, nde,...); by'umwihariko ijambo "**-ki**" ryitwara nk'ikinyazina iyo ryasimbuye izina; rishobora kujya mu nteko zose ariko ntirigaragaze intego y'ikinyazina isanzwe.

***Urugero:***

Umuki? U-mu-ki nt 1&3
Abaki? A-ba -ki nt. 2
Uruki? U-ru-ki nt.11
Ese aravuga amaki? A- ma- ki nt. 6

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa kane

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 97)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

– Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
– Ubushobozi bwo gusesengura no gukoresha ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Erekana undi mutwe waha uyu muvugo ugendeye ku gika cya cumi kugeza ku cya cumi na rimwe**. Uyu mwandiko nawita: Ejo hazaza nihategurwe.
2. **Hitamo igisubizo gikwiye**
   Uyu muhanzi yashakaga kugaragaza:
   a) Uburenganzira bw'umwana?
   b) **Ihohoterwa rya muntu?**
   c) Nta gisubizo?
3. **Ugendeye ku mutwe mushya wahaye uyu muvugo, tanga umukarago wa nyuma wawo**. Ejo hazaza tuhategure.
4. **Hariho amoko menshi y'ihohoterwa, vuga ihohoterwa umuhanzi avuga mu mikarago ya 31– 35**. Ni ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
5. **Sobanura:**
   a) Bari kuvangira ejo hazaza.
   *Batuma urubyiruko rutagera ku cyo rukwiye kiza.*
   b) Nyiri ishyamba uvugwa mu mukarago wa 73.
   *Ni intare.*

## II. Inyunguramagambo

1) **Sobanura amagambo akurikira:**
   a) **Isano:** icyo abantu bapfana.
   b) **Gusirimuka:** guhindura isura cyangwa uburanga kubera imyambarire cyangwa imyisigire.
   c) **Kunoga icyayi:** gusarura icyayi, kugisoroma.
   d) **Guhezwa:** gukumirwa.
   e) **Guca akenge:** gukura ukamenya icyatsi n'ururo.
   f) **Gucyaha:** guhana umuntu.
   g) **Gushereka:** guhisha.
2) **Kora interuro ngufi ukoresheje iri jambo: igitambo**.
   Kamanzi yabaye igitambo cya se kuko se ni we wari ugiye gupfa.
3) **Simbuza ijambo ryanditse ritsindagiye irindi bivuga kimwe riri mu mwandiko**.
   Muhizi yahuye n'**umwami w'ishyamba** mu ishyamba ry'Akagera. (intare)

## III.Ikibonezamvugo

1) Sobanura ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko, unatange urugero kuri buri kinyazina.

Ikinyazina kibaza ni ijambo rigaragira izina, ririherekeza, riribanziriza cyangwa rikarisimbura; kikaba kibumbatiye ingingo yo gushaka kumenya ibisobanuro, inkomoko, ingano.

***Urugero:***

Uyu mwana ni **uwuhe**? Ufite amafaranga **angahe**? Ugiye **he**?

Ikinyazina mboneranteko ni ijambo rigaragaza kandi rigaha inteko amagambo/ amazina bijyanye adahinduka, ryerekana ubwinshi bwayo, gitubura/ gikuza, gitubya, kijya cyangwa kerekana uburyo.

**Ba** Kamari na **ba** Petero bari mu itsinda ryo kurwanya jenoside.

**Za** jenoside zabaye ku isi ni zingahe?

2) **Ikinyazina mboneranteko gitandukaniye he n'ikinyazina kibaza? Bitandukanye ushingiye ku turango twabyo**. Ikinyazina mboneranteko kijya mu nteko zimwe na zimwe ariko ikinyazina kibaza gishobora kujya mu nteko zose. Ushingiye ku turemajambo ikinyazina mboneranteko kigira uturemajambo tubiri gusa: indangakinyazina n'igicumbi-a. Naho ikinyazina kibaza gishobora kugira indomo, indangakinyazina n'ibicumbi binyuranye.
3) **Erekana ibicumbi by'ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko**. Ibicumbi by'ikinyazina kibaza ni –he? –ngahe? na –ê.
   Ikinyazina mboneranteko cyo kigira igicumbi kimwe ari cyo –aa.
4) **Erekana mu nteruro zikurikira ikinyazina mboneranteko n'ikinyazina kibaza maze werekane intego n'itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe**.
   a) Ba Mahane bagiye gushora ku wuhe musozi?
   b) Za nka za ba Mihayo zagiye hehe?
   c) Za jenoside zabaye ku isi ni zingahe?
   d) Ni izihe ngamba wafata kugira ngo ugere kuri za gahunda nziza?
   e) Bya dodo byo kwa ba Gasake biraryoha.

| **Ikinyazina kibaza** | **Intego** | **Itegeko ry'igenamajwi** |
|---|---|---|
| Wuhe | wu-he | - |
| Zingahe | zi-ngahe | - |
| Izihe | i-zi-he | - |
| **Ikinyazina mboneranteko** | **Intego** | **Itegeko ry'igenamajwi** |
| Ba | ba-a | a→ø/-J |
| Za | zi-a | i→ø/-J |
| Bya | bi-a | i→y/-J |

## Imyitozo nsindagirabushobozi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora imyitozo y'inyongera. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

***Urugero rw'imyitozo yabaha:***

1) **Ni ubuhe buryo bwo gukumira no kurwanya jenoside butavuzwe mu mwandiko wizwe?** Uburyo bwo gukumira no kurwanya jenoside butavuzwe mu mwandiko ni:
   - Kubaka inzibutso za jenoside no kuzitaho;
   - Kwigisha uburenganzira bw'ikiremwamuntu;
   - Gutabara abakorewe jenoside cyangwa ababa barimo kuyikorerwa no guhana abayikoze cyangwa abagerageza kuyikora no kuyamamaza;
   - Gushyiraho amategeko ahana jenoside no kuyashimangira;
   - [...]
2) **Ca umurongo ku binyazina bibaza biri mu nteruro zikurikira unagaragaze uturemajambo twabyo**.
   a) Abo bana ni <u>bangahe</u>? →bangahe: ba-ngahe?
   b) Wa mukobwa we nakubujije <u>kangahe</u> gutongana? →kangahe: ka-ngahe
   c) Kundi <u>kuhe</u> se wansabye? →kuhe: ku-he?
   d) Abo wahasanze ni <u>abahe</u>? →abahe: a-ba-he?
   e) Ya mafaranga yasanze ari <u>angahe</u>? →angahe: a-ngahe?

## Imyitozo y'inyongera

1) **Erekana ibinyazina mu nteruro zikurikira ubicaho umurongo unavuge amoko yabyo.**
   a) Uzantahirize <u>ba</u> bakobwa b'impanga <u>bo</u> hakurya kwa <u>ba</u> Karangwa.
   → **ba** : Ikinyazina nyereka **bo** : Ikinyazina ngenera **ba** : Ikinyazina ndanganteko.

b) Abana <u>b'</u>i Butare bigize <u>za</u> masore ngo ntibakubura kandi tugomba kubahiriza uburinganire.

→**b'**: Ikinyazina ngenera **za**: Ikinyazina mboneranteko

c) Wa rumasa we ngo ni rwa mukara, ejobundi nzakujyana ku isoko kukugurisha!

**rwa**: Ikinyazina ndanganteko

d) <u>Ibindi</u> biribwa byaguzwe na <u>bwa</u> Gakwisi.

→**Ibindi:** Ikinyazina ndafutura **bwa**: Ikinyazina ndanganteko.

2) **Garagaza intego y'ibyo binyazina byo mu mwitozo wabanje**

a) **ba:** ba-a a→ø/-J

b) **bo:** ba- o a→ø/-J

c) **ba:** ba-a a→ø/-J

d) **b':** ba (-a) a→ø/-J

e) z**a:** zi- a i→ø/-J

f) **rwa:** ru-a u→w/-J

g) **ibindi:** i-bi :-ndi -

h) **bwa:** bu-a u→w/-J

# 5 Iterambere

## (Umubare w'amasomo: 14)

| |
|---|
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
| – Gusesengura umwandiko uvuga ku guhanga umurimo kugamije kwigira no gusesengura ikinyazina nyamubaro n'ikinyazina mpamagazi. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yagombye kuba azi imwe mu mirimo umuntu yakwihangira, ashobora gutandukanya ikinyazina n'andi moko y'amagambo mu Kinyarwanda. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| **Umuco wo kuzigama:** Umwarimu akora ku buryo atsindagira ibibazo kivuga ku muco wo kuzigama wabaye inkomoko yo gukungahara kwa Mahoro mu mwandiko "Mahoro akungahara"<br>**Uburinganire n'ubwuzuzanye:** Mu bibazo byo kumva umwandiko ni ngombwa ko mwarimu atsindagira uruhare Mahoro n'umugore we bagize bafatanije mu guteza imbere urugo rwabo.<br>**Kubungabunga ibidukikije:** Umwarimu agomba gutsindagira uburyo imbabura za canamake zivugwa mu mwandiko wa "Mahoro akungahara" zabungabunze ibidukikije. |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi… |
| **Amagambo fatizo:** guhanga umurimo, ikinyazina nyamubaro, ikinyazina mpamagazi. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri gice

| Igice | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **Umwandiko: Mahoro akungahara**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko<br>Intera ya kabiri : Gusesengura umwandiko<br>Intera ya gatatu : Kungurana ibitekerezo | <br>Amasomo 2<br><br>Amasomo 2<br>Amasomo 2 |

| | |
|---|---|
| Intera ya kane: Ikinyazina nyamubaro n'ikinyazina mpamagazi<br>Isuzuma | Amasomo 4<br>Amasomo 2 |

## Umwandiko: Mahoro akungahara

(Igitabo cy'umunyeshuri urup. rwa 100)

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:
– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
– Gusobanura amagambo akomeye ari mu  mwandiko.
– Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri kirimo imyandiko ivuga ku iterambere, igitabo cy'umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

## Imitangire y'isomo

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu ashobora kubaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga; akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma. Ahangaha mwarimu agomba kwita ku banyeshuri bafite ikibazo cyo kutumva neza cyangwa n'icyo kutabona neza kugira ngo abahe ubufasha bukwiriye. Ashobora no kwifashisha bagenzi babo kugira ngo badasigara inyuma mu masomo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje ibibazo byo mu buzima busanzwe:***

a) **Ni ibihe bibazo byugarije Abanyarwanda mu Rwanda?** Mu Rwanda hari ibibazo byugarije Abanyarwanda birimo ubukene, ubujiji, inzara iterwa n'ihindagurika ry'ikirere...
b) **Ni iki cyakorwa kugira ngo turwanye ubukene?** Igikwiye gukorwa ni ukwihangira imirimo, tugakura amaboko mu mifuka...

**Aramutse akoresheje amashusho, dore urugero rw'ibibazo yabaza.**

a) **Ni iki mubona kuri iyi shusho ya mbere?** Kuri iyi shusho ya mbere hari abagabo babiri bari gucukura amabuye y'amakoro. Iruhande rwabo hari ikirundo kinini cy'amabuye arunze mu murima.

b) **Ni iki mubona ku ishusho ya kabiri?** Kuri iyi shusho ya kabiri hari umugabo uhagaze imbere y'inzu y'umuturirwa n'imodoka y'ikamyo ipakiye ifunze.
c) **Mukurikije ibyo mubona ni iki cyabaye kugira ngo uyu mugabo abe umukire?** Kugira ngo uyu mugabo abe umukire yihangiye umurimo ava ku gucukura amabuye none atunze imodoka.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku kwihangira umurimo.

## 2. Gusoma umwandiko

### 2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "**Mahoro akungahara**" abasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni iki kivugwa muri uyu mwandiko?** Ikivugwa muri uyu mwandiko ni ukwihangira umurimo.
b) **Muri uyu mwandiko haravugwamo abahe bagabo?** Haravugwamo Mahoro n'umugabo bakoranaga bajya kwaka inguzanyo muri banki.
c) **Ni ibihe bikorwa bivugwa muri uyu mwandiko?** Ibikorwa bivugwa muri uyu mwandiko ni ugucukura amabuye, guca inshuro, gukora canamake....

### 2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.
Umunyeshuri umwumwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo. Nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, arajya anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma aragenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### 2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda

Barangije gusoma baranguruye, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye. Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe wandika ibisubizo bumvikanyeho muri buri tsinda. Akanababasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'abanyeshuri n'uw'amatsinda yakoze.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.
Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu akabafasha kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'ibisubizo bishobora kuva mu matsinda***

## I. Inyunguramagambo

### Sobanura amagambo akurikira:

1) **Kokamwa n'ubukene:** ni uguhora umuntu akennye adatera imbere.
2) **Kutagira urwara rwo kwishima:** gukena bikabije.
3) **Gucocera:** kwambara ibirere cyane cyane igihe umuntu agiye gukora ikintu cyamwanduriza imyambaro, kwambara imyambaro yashaje cyane.
4) **Guhora muri bomboribombori:** guhora mu mahane.
5) **Kunuma:** guceceka ntukome.
6) **Kwiyuha akuya:** kunanirwa kubera ko wakoze cyane.
7) **Kwicira isazi mu jisho:** gucika intege ubitewe no gusonza.
8) **Guca inshuro:** gukora umurimo uri buhemberwe ibiribwa, gukorera icyo uri burye.
9) **Canamake:** imbabura cyangwa iziko bitamara inkwi.
10) **Kubwira umuntu inzozi:** kumubwira ibintu bidashoboka; kumurondorera ibyo warose.
11) **Igishoro:** ibintu cyangwa imari umuntu ashyira mu bucuruzi kugira ngo bizunguke.
12) **Kutagira na mba:** kubura byose, kugira ubusa.
13) **Korosora uwabyukaga:** kubwira umuntu gukora cyangwa kugira icyo na we yifuzaga.
14) **Umuturirwa:** inzu ndende irimo amazu menshi agerekeranye.
15) **Gusonga:** guhwanya ikenda gupfa, kongerera umuntu ibyago cyangwa ububabare yari yisanganiwe n'ibindi.
16) **Kudandaza:** gucuruza utuntu duke. Urugero: Ubucuruzi bwe ntibufashije; acuruza udusabune n'ibibiriti n'akunyu.
17) **Kwitahira:** kwitaba Imana.

## Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Abagenera inkoranya y'Ikinyarwanda n'igihe bagomba gukora uwo mwitozo.

Icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe. Umwe mu bagize buri tsinda ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryagezeho, nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byava mu matsinda:***

1) Andika interuro imwe kuri buri jambo ushingiye ku nyito rifite mu mwandiko:
   a) **Kudandaza:** Ubucuruzi bwa Karake busigaye bucumbagira; ubu noneho aradandaza.
   b) **Gucocera:** Urebe abantu bacoceye maze ubahe imyenda yo kwambara.
2) **Simbuza amagambo atsindagiye ari muri izi nteruro ukoresheje amagambo ari mu mwandiko bisobanura kimwe:**
   a) Wa muhungu **yakurikiranywe** n'umuvumo wa se. /yokamwe
   b) Karake **bamuhuhuye**./bamusonze.
   c) Uyu munsi twashotse igishanga, benshi muri twe bahisemo guhinga **bambaye ibirere**. **/bacoceye**.
3) **Andika imbusane z'iri jambo, usanga muri uyu mwandiko:**
   Mahoro asigaye ari **umukungu/umutindi**

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo

1) **Amahane mu rugo kwa Mahoro yaterwaga n'iki?** Amahane mu rugo kwa Mahoro yaterwaga n'ubukene kuko abasangiye ubusa bitana ibisambo.
2) **Sobanura uburyo kujya guca inshuro kwa Mahoro ari byo byaba byaramuhesheje amahirwe**. Kujya guca inshuro kwa Mahoro ni byo byaba byamuhesheje amahirwe kuko ni ho yahuriye na mugenzi we maze amugira inama yo gukora imbabura za canamake, aba ari ho bahera bihangira umurimo basezerera inshuro batyo.
3) **Ni ibihe bikorwa Mahoro yagejeje ku baturanyi?** Ibikorwa Mahoro yagejeje ku baturanyi be ni ukubaka ishuri n'isomero, kubazanira amazi y'urubogobogo n'amashanyarazi; yongeraho n'uruganda rw'ibikoresho by'ubuhinzi ndetse n'ivuriro.
4) **Ni iyihe nama abishoboye bafata kuri Mahoro?** Inama abishoboye bafata kuri Mahoro ni uguteza imbere abandi bababafasha kwiteza imbere bubaka amashuri n'amavuriro, ariko cyane cyane bababafasha kwihangira imirimo.
5) **Ni irihe somo abatishoboye bakwigira kuri Mahoro?** Isomo abatishoboye bakwigira kuri Mahoro ni ukwihangira imirimo bakiteza imbere bakanateza imbere abandi.
6) **Uwavuga ko mu rugo kwa Mahoro hari ubwuzuzanye yaba yibeshye? Sobanura igisubizo cyawe**. Oya ntiyaba yibeshye kuko bose barunganirana;

Mahoro akora ubucuruzi bwagutse naho umugore we agakora ubucuruzi butuma akemura ibibazo byo mu rugo: ni we wahembaga abakozi bo mu rugo akanahaha, akagura imyambaro y'abana.

7) **Ni iyihe mirimo abavugwa muri uyu mwandiko bihangiye**? Abavugwa muri uyu mwandiko bihangiye imirimo inyuranye: gucura imbabura, gushyira amabara mu myenda, gucuruza, gukora isabune muri avoka ndetse n'ubwikorezi.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 104)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri arashobora:
- Kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Kugaragaza uruhare rw'iterambere mu kubungabunga ibidukikije no gukora inshamake y'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

## Imitangire y'isomo

### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma**? Ni umwandiko uvuga ku kwihangira umurimo kugamije kwigira: "Mahoro akungahara".

b) **Wavugaga kuki muri rusange**? Muri rusange wavugaga ku kwihangira umurimo kugamije kwigira kandi duteza imbere aho dutuye.

### 2. Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko, akabasaba no kubyandika ku kibaho kugira ngo haramutse harimo abatumva neza babisome. Nyuma y'icyo gikorwa abasaba kugerageza kubyunguranaho ibitekerezo bari mu matsinda kandi bifashisha umwandiko n'izindi mfashanyigisho.

***Urugero rw'ibibazo byo gusesengura umwandiko:***

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.

3. Ni gute umushinga wa Mahoro wabungabunze ibidukikije?
4. Tanga ubundi buryo bwo kwihangira umurimo butavuzwe mu mwandiko.
5. Andika inshamake y'umwandiko wasomye mu mirongo itarenze icumi

Umwarimu abaha igihe n'ibindi bikenewe, agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, akanatanga ubufasha aho bukenewe. Iyo barangije gusubiza ibyo bibazo, umwarimu abasaba kumurika ibyo babonye mu matsinda. Uko buri tsinda rimaze kumurika mwarimu n'abanyeshuri b'ayandi matsinda bararishimira.
Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, abanyeshuri bafatanya na mwarimu kunonosora ibisubizo byatanzwe. Nyuma ibisubizo bikwiye bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'igisubizo gikwiye cyava mu matsinda:***

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko?**
   Insanganyamatsiko rusange ivugwa mu mwandiko ni uguhanga umurimo ugamije kwigira.
2. **Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.**
   Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni :
   – Ubukene bukabije bwo kwa Mahoro bwatumye ajya guca inshuro mu majyaruguru;
   – Mahoro n'undi mucanshuro bihangira umurimo wa canamake maze biyemeza kuwagura bava ku gukoresha agafuni bagera ku mashini;
   Kwaka inguzanyo muri banki yo kugura ikamyo yo kugeza canamake mu tundi turere;
   – Mahoro yubaka inyubako ye bwite anageza aho atuye ibikorwa remezo byo kuzamura imibereho y'abaturage, aza no gushimirwa ahabwa igikombe, atangira no gukorera mu bihugu binyuranye;
   – Umugore we yifatanya n'abandi gukora uruganda rw'amasabune muri avoka, akayacuruza; bityo agakorera mu gihugu imbere yita ku byo mu rugo mu gihe umugabo akora ubucuruzi mpuzamahanga.
3. **Ni gute umushinga wa Mahoro wabungabunze ibidukikije?**
   Umushinga wa Mahoro wabungabunze ibidukikije kuko akora imbabura za canamake zizigama ibicanwa bikoreshwa; bityo amashyamba n'ibimera bikabungabungwa.
4. **Tanga ubundi buryo bwo kwihangira umurimo butavuzwe mu mwandiko.**
   Hari ubundi buryo bwo kwihangira imirimo butavuzwe mu mwandiko. Urugero ni:
   – Guhinga indabo no kuzicuruza;
   – Gutwara abantu bagiye mu ngendo ukoresheje imodoka;
   – Gutekera abandi bantu ibyo kurya;
   – Kubaka amashuri no kuyigishamo;
   Gushyiraho ikigo cyubaka amazu n'imihanda...
   [......]

5. **Andika inshamake y'umwandiko wasomye mu mirongo itarenze icumi**.
Urugero rw'inshamake ishobora kuboneka:

## Mahoro akungahara

Igihe Mahoro yabonye ubutindi bumurembeje, yagiye guca inshuro mu majyaruguru. Yahahuriye n'undi mucanshuro maze bajya inama yo gukora imbabura canamake bazikuye mu makoro. Ibyo byatumye baba abakungu bagura umushinga wabo bava ku gafuni bajya ku mashini mu gukora imbabura. Bageze aho bagura imodoka mu nguzanyo ya banki maze bagemurira utundi turere.

Mahoro yaje gusubira iwabo maze yiyubakira inzu, ateza imbere iwabo, ahageza ibikorwa remezo: amazi, amashanyarazi... Ahari ubutindi haba ubukungu. Ibyo byatumye ahabwa igikombe k'ishimwe. We n'umugore we baruzuzanya; umugabo akorera mu gihugu no mu mahanga naho umugore agakorera mu gihugu imbere, aho acuruza amasabuni avana muri avoka akorerwa mu ruganda rwabo agatunga urugo.

### Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 104)

***Intego zihariye:***

– Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe ajora ibitekerezo bya bagenzi be mu bwubahane, kandi avuga ahawe ijambo.
– Gutinyuka kuvugira mu ruhame adategwa.
– Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashobora, kugaragaza ibyiza (akamaro) byo guhanga umurimo agamije kwigira.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

## Imitangire y'isomo

### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

***Urugero rw'ibibazo yabaza:***

a) Ni irihe somo duheruka kwiga? Duheruka gusesengura umwandiko uvuga kuri "Mahoro akungahara".
b) Ni akahe kamaro Mahoro yagiriye aho atuye? Mahoro yazanye ibikorwa by'amajyambere: amazi meza, uruganda ruciriritse rw'amasabune,....

### 2. Kungurana ibitekerezo:

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda yabo. Ababwira gusomera umwandiko mu matsinda. Abwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko **"Mahoro akungahara".**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu bitabo byabo. Uwo mwitozo bawusomera mu matsinda n'ijwi riranguruye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutabona babashe kuwumva. Kubera ko uwo mwitozo ufite ibibazo bibiri, amatsinda amwe akora ikibazo kimwe ayandi agakora ikindi kibazo. Bayobowe n'uhagarariye itsinda, buri munyeshuri agenda avuga igitekerezo ke, umwanditsi akacyandika, nyuma bakaza kujonjoramo ibitekerezo bikwiye, bakabinonosora, bikandikwa akaba ari byo umwanditsi ajya kuvugira imbere y'abandi. Amatsinda ahuje ikibazo iyo amaze kurangiza kuvuga ibyo yabonye, abanyeshuri bafatanya n'umwarimu kungurana ibitekerezo ku byakwandikwa ku kibaho kugira ngo abanyeshuri babyandike mu makayi yabo.

**Ibibazo n'urugero rw'ingingo zishobora kugaragara mu bisubizo:**

Ganira na bagenzi bawe muvuga ubundi buryo butandukanye bwo kwihangira umurimo butavuzwe mu mwandiko no kubujyaho impaka.

**Ubundi buryo bwo kwihangira umurimo:**

- Gukorera mu makoperative hakorwa imirimo inyuranye nk'ubuhinzi, ubworozi, uburobyi...
- Gukora imishinga y'ubucuruzi inyuranye;
- Gukora ububaji;
- Gukora ububoshyi;
- [...]

## Intera ya kane: Ikinyazina nyamubaro n'ikinyazina mpamagazi

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 104)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Gusobanura uturango tw'ikinyazina nyamubaro/ mpamagazi no kugaragaza uturango n'intego zabyo.
- Gusesengura no gukoresha mu nteruro ikinyazina nyamubaro/ mpamagazi.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'integanyanyigisho.

## Imitangire y'isomo

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho interuro yavanye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo ibinyazina nyamubaro/ mpamagazi akabicaho akarongo, agasaba abanyeshuri

kuzisoma bitegereza amagambo aciyeho akarongo nyuma akababaza ibibazo biganisha kuri ibyo binyazina bagiye kwiga.

***Urugero rw'interuro n'ibibazo yababazaho***

1. Ubucuruzi nakoraga buraguka ngura za romoroki **eshanu** ntangira gukora ubwikorezi mpuzamahanga mu bihugu **bitandatu** binyuranye.
2. Yewe **wa** mugabo we? Ino hari ikibazo k'ibicanwa amashyamba abantu barayatemye barayatsemba.
3. Ese ibyo bishoboka bite **mwa** bagabo mwe ko nta n'ikigo k'imari nkorana na cyo?

**Ikibazo:**

Amagambo yanditse atsindagiye agaragaza iki? Arangwa n'iki? Nimugaragaze intego yayo.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko amagambo atsindagiye ari muri izo nteruro ari ibinyazina nyamubaro/ mpamagazi akababwira kujya mu matsinda ane anyuranye. Amatsinda abiri ya mbere ayasabe gushaka izindi nteruro zinyuranye zigaragaramo ibinyazina nyamubaro. Andi abiri ayasabe gushaka interuro zinyuranye zirimo ibinyazina mpamagazi.

### 3. Isesengura

Umwarimu arasaba abanyeshuri yahaye gukora ku binyazina nyamubaro n'abo yahaye ibinyazina mpamagazi kujya gukora ubushakashatsi bugamije kugaragaza uturango twabyo, kugaragaza intego yabyo no kubikorera imbonerahamwe bashingiye ku nteko z'amazina. Arabaha igihe cyo kubikora.

Igihe yabahaye kimaze kurangira, umwarimu ahereye ku matsinda yakoze ku binyazina ngenera ngenga, arasaba buri tsinda kugeza ku bandi ibyo ryumvikanyeho abafashe kubikorera ubugororangingo. Amatsinda yakoze ku binyazina nyamubaro arangije kumurika ibyo yagezeho bigakorerwa inshamake, harakurikiraho amatsinda yakoze ku binyazina mpamagazi.

Umwarimu afasha ayo matsinda gukora inshamake y'ibyavuye mu bushakashatsi bikandikwa ku kibaho no mu makaye yabo.

***Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:***

## 1. Ikinyazina nyamubaro

### a) Inshoza n'uturango tw'ikinyazina nyamubaro

Ikinyazina nyamubaro ni ijambo riherekeza izina cyangwa rikarisimbura kandi kikaba kibumbatiye ingingo y'umubare. Kigabanyijemo amatsinda arindwi; kuva ku mubare rimwe kugeza kuri karindwi. Imibare y'inyuma ya karindwi ni amazina

si ibinyazina nyamubaro. Bayita amazina nyamubaro kuko aba afite uturango tumwe n'utw'izina ari two indomo, indanganteko n'igicumbi.

## b) Intego y'ikinyazina nyamubaro

Ikinyazina nyamubaro kigira uturemajambo tubiri gusa: **indangakinyazina** n'**igicumbi**.

**Indangakinyazina (Rkzn):** ikinyazina nyamubaro kigira indangakinyazina nk'iz'ibindi binyazina usibye mu nteko ya cumi aho **"zi-"** ihinduka **"e-"**.

**Igicumbi (C):** ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro ni birindwi: **- mwe, - biri, - tatu**, **- ne**, **- tanu**, **- tandatu**, **- rindwi**. Mu nteko ya cumi, ibicumbi biba : **- byiri**, **- shatu**, **- nye**, **- shanu**, **- sheshatu** na –**(ri)ndwi**.

**Impugukirwa:**

– Imibare iri inyuma ya karindwi ni amazina si ibinyazina nyamubaro. Ikinyazina nyamubaro gikurikiye izina ribara kuva ku icumi, gisanishwa n'ijambo rivuga ibibarwa ari na cyo rifatwa nk'ikinyazina nyamubaro.

– ***Ingero:*** - Abana cumi na **ba**tatu.
 - Ibiti ijana na **bi**rindwi.

– Ikinyazina nyamubaro gishobora kandi kwisubiramo. Icyo gihe n'uturemajambo twacyo twisubiramo.

***Ingero:*** - Hinjire umwumwe. (u - mwe – u - mwe e→ø/-J)
 - Muzane eshateshatu. (e - shatu – e - shatu u→ø/-J)

– Ikinyazina nyamubaro gishobora kugira indomo kigakora nk'izina.

***Urugero:*** **ababiri** bishe umwe (a-ba-biri), ibyo bitabo biri ukubiri (u-ku-biri) ...

## c) Imbonerahamwe y'ikinyazina nyamubaro

| **Inteko** | **Ibicumbi** | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **-mwe** | **-biri** | **-tatu** | **-ne** | **-tanu** | **-tandatu** | **-rindwi** |
| 1/3 | umwe | - | - | - | - | - | - |
| 2 | | babiri | batatu | bane | batanu | batandatu | barindwi |
| 4 | | ibiri | itatu | ine | itanu | itandatu | irindwi |
| 5 | rimwe | - | - | - | - | - | - |
| 6 | | abiri | atatu | ane | atanu | atandatu | arindwi |
| 7 | kimwe | - | - | - | - | - | - |
| 8 | | bibiri | bitatu | bine | bitanu | bitandatu | birindwi |
| 9 | imwe | - | - | - | - | - | - |
| 10 | | ebyiri | eshatu | enye | eshanu | esheshatu | zirindwi |
| 11 | rumwe | - | - | - | - | - | - |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 12 | kamwe | - | - | - | - | - | - |
| 13 | | tubiri | dutatu | tune | dutanu | dutandatu | turindwi |
| 14 | | bubiri | butatu | bune | butanu | butandatu | burindwi |
| 15 | kumwe | - | - | - | - | - | - |
| 16 | hamwe | habiri | hatatu | hane | hatanu | hatandatu | harindwi |

## 2. Ikinyazina mpamagazi

### a) Inshoza n'uturango by'ikinyazina mpamagazi

Ikinyazina mpamagazi gituma igihamagarwa cyumva ko bashaka ko kiza cyangwa ko bashaka ko gitega amatwi ngo bakibwire. Ikinyazina mpamagazi kibanziriza izina ry'igihamagawe ndetse kikanaritesha indomo iyo riyifite. Iryo zina kandi rikurikirwa buri gihe n'ikinyazina ngenga bityo kikagira inyito itsindagiriza. Ikinyazina mpamagazi kiba muri ngenga ya kabiri gusa. Gifata ubumwe cyangwa ubwinshi bitewe n'ijambo gisobanura.

### b) Intego y'ikinyazina mpamagazi

Intego y'ikinyazina mpamagazi iteye itya: indangakinyazina **(Rkzn)** n'igicumbi **(C)**

*Ingero:*

- Ngenga ya kabiri y'ubumwe ( ng. 2 bu ) : wa : u - a u → w/ - J
- Ngenga ya kabiri y'ubwinshi ( ng. bw ) : mwa : mu - aa u → w/ - J

**Ikitonderwa:**

Igihe cyose ikinyazina mpamagazi gikurikirwa n'ikinyazina ngenga gifite igicumbi **– e** ifite isaku nyesi. Rimwe na rimwe kikabanzirizwa n'akajambo **"yewe"** gahamagara.

*Ingero:*

**Yewe wa** mwana **we**, urajya he?
**Wa** mwana **we**, watashye ko bwije!
**Mwa** banyeshuri **mwe**, ntimugasibe ishuri.

### Imyitozo

Nyuma y'uko amatsinda yose arangije umwarimu atanga imyitozo yo gutahura mu nteruro no gusesengura ibinyazina nyamubaro n'ibinyazina mpamagazi.

*Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo*

1. **Ikinyazina nyamubaro ni iki?** Ikinyazina nyamubaro ni ijambo riherekeza izina cyangwa rikarisimbura kandi kiba kibumbatiye ingingo y'umubare.

2. **Kigabanyijemo amatsinda angahe?** Kigabanyijemo amatsinda arindwi.
3. **Hari amagambo aranga umubare ariko atari ibinyazina nyamubaro. Kubera iki?** Tanga urugero. Ayo magambo aranga umubare ariko atari ibinyazina nyamubaro ahubwo ari amazina nyamubaro kuko atisanisha n'amazina bijyanye. Urugero: Kamari atunze inka umunani.
4. **Sesengura ibinyazina nyamubaro bikurikira ugaragaze amategeko y'igenamajwi aho ari ngombwa**

   a) Gatanu: →ka-tanu k→g/-GR
   b) Esheshatu → e-sheshatu
   c) Kane → ka-ne
   d) Batandatu → ba-tandatu.

5. **Ikinyazina mpamagazi bigira ngenga imwe gusa. Ni iyihe? Kubera iki**? Bigira ngenga ya kabiri mu bumwe no mu bwinshi gusa. Kuko ikiba gihamagawe ari ikibwirwa.
6. Ikinyazina mpamagazi bikoreshwa mu nteko zose ariko bikisanisha muri ngenga ya kabiri. Byemeze wifashishije ingero ebyiri zifatika. Ni byo koko; dufate ingero:

   **Mwa** bakobwa (nt. 2) mwe nimwitabire umurimo!
   **Mwa** nka (nt. 10) mwe nzaborora nange mbone ifumbire.
7. **Ca akarongo ku binyazina mpamagazi biri muri izi nteruro unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi niba ari ngombwa:**

   – Ese wa mwana yaraye aje **mwa** bagabo mwe? Mwa: mu –a u→w/ -J
   – Kandi **wa** hene we uzanteza ibibazo! Wa: u-a u→w/-J

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa gatanu

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatanu. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Kwihangira umurimo biteza imbere umuntu ku giti ke ndetse n'igihugu muri rusange kubera ko uwihangiye umurimo ateza urugo rwe imbere agateza n'abandi imbere abaha akazi ndetse agateza n'igihugu imbere acyubakira ibikorwa remezo. Kwihangira umurimo buri gihe ntibisaba igishoro cy'amafaranga.
– Ikinyazina nyamubaro kibumbatiye ingingo y'umubare. Kigabanyijemo amatsinda arindwi; kuva ku mubare rimwe kugeza kuri karindwi. Ikinyazina nyamubaro kigira uturemajambo tubiri gusa: **indangakinyazina - igicumbi Indangakinyazina (Rkzn)**: ikinyazina nyamubaro kigira indangakinyazina nk'iz'ibindi binyazina usibye mu nteko ya cumi aho **"zi-"** ihinduka **"e-"**. **Igicumbi (C)**: ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro ni birindwi: **- mwe**, **- biri**, **- tatu**, **- ne**, **- tanu**, **- tandatu**, **- rindwi**. Mu nteko ya cumi, ibicumbi biba : **- byiri, - shatu**, **- nye**, **- shanu**, **- sheshatu** na **-rindwi**.

– Ikinyazina mpamagazi gituma igihamagarwa cyumva ko bashaka ko kiza cyangwa ko bashaka ko gitega amatwi ngo bakibwire. Ibinyazina mpamagazi ni bibiri bikoreshwa mu nteko zose. Mu nteko z'ubumwe hakoreshwa "wa" naho mu bwinshi hagakoreshwa "mwa".

### Ubumenyi bw'inyongera

### Ikinyazina nyamubaro:

1. Mu nteko ya cumi (nt 10 ) habamo impindurantego, aho kuba **zi** bikaba **e**.
   ***Urugero:*** Afite imbaho **ebyiri**.
2. Mu nteko ya cumin na kabiri (nt 12) ntibifatwa nk'umubare ahubwo byafashe ingingo y'inshuro.
   ***Urugero:*** Yagiyeyo **gatatu**
3. Ikinyazina nyamubaro hari igihe gishobora no gufata indomo kigakora nk'izina.
   ***Urugero:*** **Ababiri** bishe umwe.

### Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa gatanu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 107)

### Ibigenderwaho mu isuzuma:

– Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
– Ubushobozi bwo gusesengura ikinyazina nyamubaro n'ikinyazina mpamagazi.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1) **Ukurikije icyo uyu mwandiko uvuga, tanga undi mutwe wawo**. Umutwe wawo ni "Intambwe eshanu zo kwihangira umurimo".
2) **Ni izihe nyungu zivugwa mu mwandiko zo kubona umusaruro nta n'umwe ugutekerereje?** Ni ugutera intambwe mu bukungu, ukagira umutekano n'ubwisanzure mu mibereho ya buri munsi.
3) **Ni uwuhe murimo ukwiye ugiye kwihangira umurimo akwiye gutekerezaho?** Umurimo akwiye gutekerezaho ni uw'akunda kandi utamuteye ipfunwe.
4) **Ni iki gitera kubura ishema mu bandi?** Igitera kubura ishema ni ukutagira amafaranga.
5) **Ni iki abikorera n'abakoreshwa batandukaniyeho mu iterambere?** Aha abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye.
6) **Ni he uwihangira umurimo abona amahirwe yo kubyaza umusaruro mu mishinga ye?** Ayo mahirwe ashobora guturuka ku bantu baba bifuza

gukorana na we; abaterankunga batakekwaga, mu burambe bwa nyiri ibikorwa no mu kugerageza kubyaza amahirwe yose abonetse umusaruro kugira ngo agere ku iterambere.

7) **Sobanura uko uwihangira umurimo agomba kuba umugaragu w'igihe.** Uwihangira umurimo agomba kwitoza kubahiriza igihe, akamenya agaciro k'igihe n'igikorwa kibanziriza ikindi akirinda gukorera ijisho. Kumenya ko igihe ari amafaranga kandi akabyubahiriza.
8) **Ni ibihe bintu bitatu byagufasha guhanga umurimo? (Nturenze interuro eshanu)** Ibintu byamfasha kwihangira umurimo ni: gutinyuka gushyira mu bikorwa igitekerezo cyange, kwizera iterambere ry'umurimo, kubyaza amahirwe umusaruro.

## II. Inyunguramagambo

### 1) Sobanura amagambo ari mu mwandiko

a) **Umutekano:** ukubaho mu mahoro, mu mudendezo cyangwa kugubwa neza.
b) **Kwigenera:** kwiteganyiriza ikintu ukakibikira, kwiteganyiriza uko ibintu bigomba kuzamera. Hagena Imana; urwo Imana yakugeneye ukimbagirana urwo.
c) **Kwigenga:** kwitegeka, kuba umutegeka w'ikintu/ibintu byawe cyangwa wowe ubwawe nta wugomba kumvira byanze bikunze.
d) **Urwego:** inkingi, igikoresho buririraho kigizwe n'ibiti cyangwa ibyuma bihagaze bigafatanyishwa imitambiko, ingazi; umuntu muremure kandi munini; ijuru; umuntu abandi begamira bakamukesha kubaho; umwanya umuntu afite mu kazi cyangwa se mu kindi kintu, umwanya ugaragaza ubwisumbure bw'abantu ku bandi cyangwa bw'ibintu ku bindi.
e) **Ipfunwe:** ikimwaro, isoni.
f) **Gusuzugurika:** kudahabwa icyubahiro cyangwa agaciro ukwiye bakabikugaragariza mu bikorwa cyangwa mu magambo.
g) **Gukesha**: kugira mwiza cyangwa byiza by'ihabu; kuronka ikintu ugikomoye ku kindi cyangwa binyuze ku wundi. Umugani: Bati: " Kanyamanza kugira akaguru gato", iti: "N'ako ngakesha Rusengo".
h) **Guhîira:** kungukira umuntu kw'ikintu. ***Urugero:*** Murera yaguze inka imwe none imaze kubyara inyana ndwi zise.
i) **Umugisha**: amahirwe akomoka ku Mana ahabwa umuntu.
j) **Umugaragu**: umuntu uhatswe n'undi ku nka. #Shebuja.

### 2) Kora interuro irimo amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko:

a) (umugaragu) Kamana ni umugaragu wa Kabano kubera ko ari yo ahatswe.

b) (gukesha) Ubutunzi bwe abukesha inka yahawe muri gahunda ya "Girinka Munyarwanda)
c) (kwigenera) Ni ngombwa ko abanyamuryango ba koperative bagira icyo bigenera iyo bamaze kunguka.

**3) Andika imbusane z'amagambo akurikira uyakuye mu mwandiko:**

a) **Umutware** we akunda gukorana umwete. **umugaragu**
b) Abantu benshi baba bategereje **guhabwa** akazi. **gutanga**

**4) Ukoresheje akambi, huza amagambo ahuje inyito**

| | |
|---|---|
| Ubukungu | Ikimwaro |
| Umugisha | Kutubahwa |
| Ipfunwe | Umutekano |
| Amahoro | Amahirwe |
| Gusuzugurika | Ubukire |

**Igisubizo**

Ubukungu →ubukire
Umugisha →amahirwe
Ipfunwe →ikimwaro
Amahoro →umutekano
Gusuzugurika → kutubahwa

## III. Ikibonezamvugo

1. **Tanga inshoza y'ikinyazina nyamubaro n'iy'ikinyazina mpamagazi. Ukore interuro imwe kuri buri kinyazina**. Ikinyazina nyamubaro ni ijambo riherekeza izina cyangwa rikarisimbura kandi kikaba kibumbatiye ingingo y'umubare.

***Urugero:***

Uzane n'abantu **bane** cyangwa **batanu**.
Ikinyazina mpamagazi gituma igihamagarwa cyumva ko bashaka ko kiza cyangwa ko bashaka ko gitega amatwi ngo bakibwire.

***Urugero:***

Mwa bana mwe nimuze hano tubabwire.

2. **Tandukanya ikinyazina mpamagazi n'ikinyazina nyamubaro, ushingiye ku turemajambo**. Ikinyazina mpamagazi kigira indangakinyazina n'igicumbi kandi kijya muri ngenga ya kabiri gusa naho ikinyazina nyamubaro gishobora kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi kandi kiva kuri rimwe kikagera kuri karindwi.

3. **Ukoresheje imbonerahamwe, erekana intego y'ibinyazina nyamubaro n'iy'ibinyazina mpamagazi biri mu nteruro zikurikira kandi ugaragaze itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe**.
   a. Wa mugabo we reka twihangire imirimo kuko akazi kamwe ntigahagije.
   b. Karori yaguze inka umunani, yungutse agura cumi n'eshanu.
   c. Mwa bibazo mwe muzakemurwa no kwihangira imirimo.
   d. Mwa bahungu mwe ko muguze uduhene dutatu n'inka ndwi?
   e. Wa karima we nzaguhingamo amoko abiri y'imbuto z'indobanure nange mve mu bukene.
   f. Mwa bana mwe nimufate imifungo itatitatu tugende.
   g. Wa musore we kwishyira hamwe nta ko bisa kuko ababiri bishe umwe.

| **Ikinyazina nyamubaro** | **Intego** | **Itegeko ry'igenamajwi** |
|---|---|---|
| Kamwe | ka-mwe | - |
| Eshanu | e-shanu | - |
| Dutatu | tu-tatu | t→d/-GR |
| Ndwi | ø-ndwi | - |
| Abiri | a-biri | - |
| Itatitatu | i-tatu-i-tatu | u→ ø/-J |
| Ababiri | a-ba-biri | - |
| Umwe | u-mwe | - |
| **Ikinyazina mpamagazi** | | |
| Wa | u-a | u→ø-J |
| Mwa | mu-a | u→w/-J |

## Imyitozo nsindagirabushobozi

– Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
– Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda kugira ngo bafashanye kubyumva neza. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora indi myitozo y'inyongera. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

***Urugero rw'imyitozo yabategurira:***

– Ku bagaragaje ubushobozi buke mu kumva umwandiko yabategurira ibibazo byimbitse bibafasha kumva insanganyamatsiko yizwe «Kwihangira umurimo».

*Urugero:*

1) **Ni ubuhe bwoko bw'imirimo bushobora kuboneka mu Rwanda ndetse no ku isi?** Mu Rwanda no ku isi hashobora kuboneka ubwoko bw'imirimo bwinshi kandi bunyuranye bwabumbirwa muri ibi bikurikira: ubucuruzi, ubuhinzi n'ubworozi, inganda n'ubukorikori.
2) **Erekana ibyiza byo kwihangira umurimo n'ibibazo bishobora kuvuka. Ibyiza ni byinshi ariko umuntu yavugamo bimwe:**
   - Kumenyekana no kubahwa n'abandi; kubona inyungu nyinshi ku by'ukora; kuzamuka mu mibereho y'ubuzima; kugira ibitekerezo byagutse; kwigirira ikizere no kugira ubushobozi byo kwikoresha.

   **Ingorane zishobora kuvuka ziturutse mu kwihangira umurimo:**
   - Amasaha maremare y'akazi kandi ahindagurika; kuba udashobora kumenya neza amafaranga azaboneka; umurimo ugoranye kandi usaba kwitanga kwinshi: ikiruhuko gito no kwidagadura guke; igihombo gishobora gutuma utakaza n'ibyo washoye, kuba usabwa byinshi n'abantu.

Abagaragaje ubushobozi buke mu kibonezamvuga na bo abaha indi myitozo.

*Urugero:*

1) Erekana ibinyazina nyamubaro/mpamagazi mu nteruro zikurikira ubicaho umurongo, unavuge ubwoko bwabyo, unabisesengure.
   a) Ibyana bine by'inzuki byashize byose.
   →**Bine**: ikinyazina nyamubaro bi-ne
   b) Ikindi nakubwira ni uko amanota atanu adahagije.
   →**Atanu**: ikinyazina nyamubaro a-tanu
   c) Wa mwana we izo waragiye ejobundi si umunani?
   →**Wa:** Ikinyazina mpamagazi wa: u- a u→w/-J
   d) Uzansere ibyibo bine by'amasaka.
   →**Bine**: ikinyazina nyamubaro bi- ne
   e) Utundi dutebo dutanu ntitwaguzwe.
   →**Dutanu**: Ikinyazina nyamubaro tu-tanu k→g/-GR

## Imyitozo y'inyongera

Mwungurane ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira maze umwanzuro muzawusangize bagenzi banyu mutari kumwe mu itsinda:

- Kwihangira umurimo byateza imbere umuco wo kuzigama.

# 6 Imiturire

## (Umubare w'amasomo: 14)

| |
|---|
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
| – Gusesengura umwandiko ku kamaro ko gutura mu midugudu no gusesengura inshinga agaragaza uturemajambo tw'ibanze. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yagombye kuba azi gutandukanya imiturire iboneye n'imiturire y'akajagari ndetse ashobora no gutandukanya inshinga n'andi moko y'amagambo. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| - |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi… |
| **Amagambo fatizo:** imidugudu, imiturire y'akajagari, inshinga iri mu mbundo, inshinga itondaguwe. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare n'amasomo ya buri gice

| Igice | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **Umwandiko: Akamaro k'imidugudu** | |
| Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri : Gusesengura umwandiko | Amasomo 2 |
| Intera ya gatatu : Umwitozo w'ubumenyi ngiro | Amasomo 2 |
| Intera ya kane: Uturemajambo tw'inshinga | Amasomo 4 |
| Isuzuma | Amasomo 2 |

## Umwandiko: Akamaro k'imidugudu

(Igitabo cy'umunyeshuri urup. rwa 111)

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
– Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
– Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku kamaro k'imidugudu, igitabo cy'umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu ashobora kubaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga; akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma. Ahangaha mwarimu agomba kwita ku banyeshuri bafite ikibazo cyo kutumva neza cyangwa icyo kutabona neza kugira ngo abahe ubufasha bukwiriye. Ashobora no kwifashisha bagenzi babo kugira ngo badasigara inyuma mu masomo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje ibibazo byo mu buzima busanzwe:***

a) **Abantu baba he (batura he)?** Abantu baba mu mazu.
b) **Ayo mazu aba yubatse he?** Hari amazu aba yubatse mu midugudu andi yubatse intatane.
c) **Ese ari amazu yubatse intatane n'ayubatse mu midugudu wahitamo ayahe? Kubera iki?** Nahitamo ayubatse mu midugudu kuko haba hegereye ibikorwa by'amajyambere.

**Aramutse akoresheje amashusho, dore urugero rw'ibibazo yabaza.**

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Kuri aya mashusho haragaragara udusozi tubiri duteganye kamwe kariho umudugudu wubatse neza urimo ibikorwa by'amajyambere binyuranye. Naho ku kandi hari akazu kari ku mpinga y'umusozi.

b) **Ese umwana yikoreye iki kandi ari kumwe na nde?** Umwana yikoreye akabindi, inyuma ye hari umubyeyi na we wikoreye akabindi.
c) **Kuki aba bantu bavuye kuvoma kure?** Aba bantu bavuye kuvoma kure kuko nta mazi abegereye.
d) **Ni gute bakira iki kibazo cyo kutagira amazi hafi y'iwab**o? Bagikira bubaka mu midugudu kuko mu mudugudu haba hari amazi.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku kamaro k'imidugudu.

## 2. Gusoma umwandiko

### 2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko **"Akamaro k'imidugudu"** abasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni iki kivugwa muri uyu mwandiko?** Haravugwamo ingorane z'umuryango wari utuye ku mpinga ya wonyine.
b) **Muri uyu mwandiko haravugwamo izihe ngorane?** Haravugwamo kubura amazi, kutabona aho bagurira akunyu, kuba kure yo ku mavuriro, gukererwa ishuri... Nyamara mudugudu ho bihari.

### 2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.
Umunyeshuri umwumwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo. Nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, arajya anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma aragenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### 2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda

Barangije gusoma baranguruye, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye. Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe wandika ibisubizo bumvikanyeho muri buri tsinda. Akanabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'abanyeshuri n'uw'amatsinda yakoze.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.
Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu akababafasha kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'ibisubizo bishobora kuva mu matsinda***

## I. Inyunguramagambo

**Sobanura amagambo akurikira:**

1) **Kuzibiranya umuntu mu maso:** kubuza umuntu kureba, guhumisha.
2) **Kuzamuka amara masa:** guterera ubusa, kuzamuka umusozi ufite ubusa.
3) **Kurabukwa umuntu:** kubona umuntu akanya gato ugahita umubura.
4) **Kugwa mu kantu:** gutangara cyane,
5) **Guhagurukira umuntu:** kumufatira ibyemezo bikarishye, bikaze.
6) **Mu bikingi by'irembo:** hagati mu ngiga z'ibiti bibiri binini biba bishinze kandi bireshya n'urugo mu buhagarike iburyo n'ibumoso bw'irembo (umwanya uri hagati y'ibyo biti).
7) **Kwigira indakoreka:** kunanirana.
8) **Kuvumbika umuriro:** kurundarunda umuriro cyangwa kuwushyiramo ikintu gitinda gushya ngo gishire kugira ngo utazima.
9) **Kurarana uburimiro:** kuryama udakarabye, utoze.
10) **Uburimiro:** umwanda umuntu aba afite iyo ahinguye.
11) **Igikingi cya sogokuru:** igikingi ni umusozi cyangwa igice cy'umusozi gihabwa umutunzi ngo akigire urwuri rw'inka ze.
12) **Guhimbira ku muntu:** Kumusuzugura.
13) **Kujya iyo bigwa:** kwerekera kure cyane, mu mahanga ya kure.
14) **Bimukora ku mutima:** yumva arabikunze cyane.
15) **Kwinumira:** kwicecekera.
16) **Bimwanga mu nda:** bituma adatuza, gutuma umuntu yivuguruza ku migambi yari yafashe agafata indi.
17) **Itongo ry'umuntu:** aho yigeze gutura, urugo rwasenyutse.
18) **Akabande:** igice cy'umusozi giteze buke kiri hagati y'imisozi ibiri gihererey ku nkuka kikagera ku yindi.

## Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Abagenera inkoranya y'Ikinyarwanda n'igihe bagomba gukora uwo mwitozo.

Icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe. Umwe mu bagize buri tsinda ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryagezeho, nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanonosora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

***Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo***

1. Kora interuro ukoresheje aya magambo akurikira: uburimiro, itongo,
   a) Iyo umuntu avuye guhinga atarakaraba aba afite uburimiro.
   b) Umutoni ibwami ntasiga itongo/ Urugo rwe rwarasenyutse none asigaye ataha mu itongo.
2. Uzuza iyi nteruro ukoresheje amagambo ari mu mwandiko.
   Mwibuke ………………..ejo tutazaruha tujya kurahura. (kuvumbika)
3. Andika imigani ivuga kuri aya magambo: **kumanuka**, **irembo**.
   a) Agasozi kazamutse inka kamanuka indi.
   b) Ujya mu rw'undi asiga ingeso ku irembo.
4. Tanga imbusane z'iri jambo:
   a) **Guterera** # kumanuka, gutambika, gucurama.
   b) **Gusubiza** # kunuma.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **"Kagabo uko yagendaga byagaragazaga ko afite umunaniro mwinshi kandi ibitekerezo byamurenze." Ni ibihe bitekerezo yari afite?** Ibitekerezo byari byamurenze ni iby'uko ingorane zose yaziterwaga n'iwabo bari bataritabiriye gutura mu mudugudu.
2. **Ni akahe kamaro ko gutura mu midugudu kagaragara mu mwandiko?** Akamaro kagaragaramo ni uko haba amashuri, amazi, amavuriro, umuriro w'amashanyarazi, ibicuruzwa, ubutaka bwo guhingamo buriyongera.
3. **Sobanura uburyo umuco nyarwanda ushobora gutuma abantu batitabira gutura mu midugudu**. Umuco nyarwanda ushobora gutuma abantu batitabira gutura mu midugudu kubera ko hari abantu bafata aho iwabo bari batuye nk'igicumbi cyabo.
4. **Ni gute gutura mu midugudu bishobora gutuma ubutaka bwo guhinga bwiyongera?** Gutura mu midugugu bituma ubutaka bwo guhinga bwiyongera kubera ko abantu baba batuye begeranye bahuriye ku mbuga imwe maze za mbuga basize zikongera ubutaka bwo guhinga. Mu gihe iyo batuye batatanye buri wese aba afite imbuga ye bityo bikagabanya ubutaka bwo guhinga.
5. **Sobanura uko kudatura mu midugudu bishobora kubangamira uburezi bw'abana**.
   Ni ukubera ko mu midugudu ari ho haba hari amashuri, amazi n'amashanyarazi, abana batahaturiye baba bagomba gukora urugendo

rurerure bagiye ku ishuri kandi baba banakoze urugendo bagiye kuvoma amazi. Ikindi kandi abanyeshuri ntibashobora gukora neza imikoro baba bahawe ngo bayikorere imuhira.

6. **Baziramwabo yemeye inama yagiriwe n'umuhungu we ndetse n'umugore we. Tanga interuro ebyiri zibigaragaza zivuye mu mwandiko. Sobanura icyo zishaka kuvuga**. Muzangaye guhera ariko ntimuzangaye gutinda bishaka kuvuga ko ashobora gutinda kwimuka ariko akari kera azimukira mu mudugudu.
7. **Mu by'ukuri ni iki cyatumye Baziramwabo yemera ibyo umugore we yamubwiye akihutira kujya gushaka ikibanza mu mudugudu?** Icyatumye yemera ibyo umugore we yamubwiye ni uko yibutse uko yabuze imfura ye bitewe no kudatura mu mudugudu kandi akibuka n'ibyo Umukuru w'umurenge yari yababwiye (ko mu mudugudu hakiri ibibanza bihagije).
8. **Ku bwawe wumva ari ukubera iki byorohera Leta gushyira ibikorwa remezo mu mudugudu?** Byorohera Leta gushyira ibikorwa remezo mu mudugudu kubera ko abantu baba begeranye kandi ari ku muhanda, buri mudugudu uba warateguwe ariko iyo ingo zitatanye biragorana cyane.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 114)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Kwerekana insanganyamatsiko iri mu mwandiko.
- Gusobanura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashishikarira anashishikariza abandi gutura mu midugudu, asobanura akamaro ko gutura mu midugudu kavugwa mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

### Imitangire y'isomo

**1. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma? Ni umwandiko ku kamaro k'imidugudu.
b) Ni abahe bakinankuru b'ingenzi bavugwamo? Ni Mukamana, Baziramwabo na Kagabo.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo, umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko *"Akamaro k'imidugudu"*

**2. Gusomera umwandiko mu matsinda no kuwusesengura**

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ingingo z'ingenzi zivugwamo.

Umwarimu araha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ibindi bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Arabivuga mu ijwi riranguruye anabyandike ku kibaho kugira ngo afashe abatumva niba bahari.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.
3. Ni akahe kamaro ko gutura mu midugudu katavuzwe mu mwandiko.

Nyuma yo kubaha ibibazo bibayobora, umwarimu arabwira buri tsinda kwishakamo umwe wandika igisubizo bumvikanyeho akanakimurikira abandi banyeshuri.
Nyuma y'uko buri tsinda rimuritse igisubizo ryumvikanyeho umwarimu arasaba abandi kurishimira.
Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu arafasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo bikwiye.

***Urugero rw'igisubizo gikwiye:***

1. Muri rusange insanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko ni ibyiza byo gutura mu midugudu.
2. Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni izi zikurikira:
   - Kagabo na Mukamana bagira igitekerezo cyo kubwira Baziramwabo ko bakwiye gutura mu mudugudu.
   - Kagabo na Mukamana babwira Baziramwabo ko bagomba kwimuka bakajya gutura mu mudugudu.
   - Kagabo asobanurira Baziramwabo akamaro ko gutura mu mudugudu.
   - Mukamana aha Baziramwabo ingero zifatika zituma bakwiye kwimuka bakajya gutura mu mudugudu.
   - Baziramwabo yemera inama bamugiriye yo kujya gutura mu mudugudu
3. Akamaro ko gutura mu midugudu kavuzwe mu mwandiko ni ukugira amazi hafi, amashanyarazi mu nzu n'ibindi bikorwa remezo nk'amashuri, amavuriro, amazu y'ubucuruzi no kwagura amasambu ahingwamo.

## Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 115)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko yasesenguye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Gutanga igitekerezo ke ashize amanga ashyigikira cyangwa ajora ibya bagenzi badahuje mu bwubahane kandi adategwa.
- Gushishikarira no gushishikariza abandi gutura mu midugudu.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

### Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo:**

   Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko wasomwe.
   1. **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusesengura?**
      Ni umwandiko ku kamaro k'imidugudu.
   2. **Ese mwese iwanyu aho mutuye ni mu midugudu?**
      Oya. Hari abayituyemo n'abatuye ahitaruye abandi.
   3. **Ku bwanyu mubona abatuye aheza ari abahe? Ni abo mu midugudu cyangwa abitaruye?**
      Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye noneho mwarimu abonereho kubabwira ko bagiye kubijyaho impaka.

2. **Kujya impaka**

**Gukorera mu matsinda:**

Umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kibafasha kujya impaka ku miturire.

Mu rwego rwo gufasha abatumva neza cyangwa abatabona, umwarimu arabasomera icyo kibazo anacyandike ku kibaho.

**Insanganyamatsiko:** Ari ugutura mu midugudu cyangwa gutura ahitaruye abandi, wumva ari iyihe miturire iboneye? Kubera iki ubyumva utyo?

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye. Abashyigikiye gutura mu midugudu barajya ukwabo n'abashyigikiye gutura ahitaruye bajye ukwabo.

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka amusabe gutangiza ikiganiro mpaka no kukiyobora akurikije amabwiriza bize agenga ibiganirompaka.

Mu gihe bajya impaka, umwarimu aragenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo n'imyitwarire yabo muri izo mpaka bajya.

***Urugero rw'ibitekerezo byatangwa kuri buri ruhande***

**Abashyigikiye gutura mu midugudu**

– Gutura mu midugudu bituma abahatuye begerezwa ibikorwa by'amajyambere nk'amazi, amashanyarazi, ivuriro, amashuri, amasoko,...
– Gutura mu midugudu bituma aho guhinga hatubuka kuko abatuye mu midugudu baba basangiye imbuga imwe aho kugira ngo buri wese abe afite imbuga ye ukwe.
– Gutura mu mudugudu bituma kwirindira umutekano no gutabarana byoroha kuko utewe atabarwa n'abo begeranye.
– Gutura mu midugudu bituma hirindwa ibiza bitewe no gutura mu manegeka.
– [...]

**Abashyigikiye gutura ahitaruye abandi**

– Gutura witaruye abandi bituma ibyo ukora iwawe biba ibanga mu rugo rwawe ntibimenywe na benshi kuko uba utuye wenyine, nta wumenya ibyo watetse, uko ubanye n'uwo mwashakanye, ...
– Gutura witaruye abandi bituma ubona urwuri mu buryo bworoshye,
– Gutura witaruye bituma ubona ibyo kurya ku buryo bworoshye kuko uba utuye ku isambu yawe, bikanakorohera kuyifumbira.

[...]

Nyuma yo gutanga ibitekerezo binyuranye kuri buri ruhande umwarimu asaba umuyobozi w'ikiganiro mpaka guha ijambo abandi batari mu matsinda yajyaga impaka ngo batange ibitekerezo binyuranye bashingiye ku byatanzwe n'abajyaga impaka. Nyuma yo kugira icyo babivugaho baratora uruhande rwatanze ibitekerezo byinshi kandi bifatika.

Nyuma y'ikiganiro mpaka, umwarimu arajora ubukesha bw'abanyeshuri mu biganiro mpaka anabagire inama ku myitwarire ikwiye kuranga abantu bajya impaka.

## Intera ya kane: Uturemajambo tw'inshinga

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 115)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Gusobanura inshinga n'amoko yazo.
- Kwerekana no kurondora amazina y'uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga.
- Gusesengura inshinga itondaguye agaragaza uturemajambo tw'ibanze n'amategeko y'igenamajwi.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

### Imitangire y'isomo

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho, interuro yavanye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo amoko y'inshinga anyuranye, agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo atsindagiye/ aciyeho akarongo, no gusubiza ibibazo bizerekeyeho bibaganisha ku isomo bagiye kwiga. Abaha igihe cyo kubikoraho ubushakashatsi bwimbitse barangiza bakamurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo akabafasha kubinonosora.

***Urugero rw'interuro n'ibibazo byababfasha mu bushakashatsi:***

1. Bakomeza **kugenda baganira** ariko bababaye cyane kubera kudatura mu mudugudu.
2. Ibyo mumbwiye **ni** ukuri; ngomba kwimuka mu manga.
3. Ababyeyi bacu **bari bazi kuvumbika** umuriro.

**Ibibazo**

1. Amagambo atsindagiye ari mu nteruro ya mbere agaragaza iki? Atandukaniye he?
2. Ijambo ritsindagiye riri mu nteruro ya kabiri ryo riteye rite urigereranije n'ayo mu nteruro ya mbere? Rigaragaza iki?
3. Ushingiye ku miterere yayo, tandukanya amagambo atsindagiye ari mu nteruro ya gatatu.
4. Aya magambo yose atsindagiye ni bwoko ki? Gerageza kugaragaza intego zayo.

### 2. Isesengura

Abaha igihe cyo kubikoraho ubushakashatsi bwimbitse barangiza bakamurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo akabafasha kubinonosora.

Umwarimu asaba abanyeshuri gushingira ku bisubizo batanze haruguru maze batange inshoza, amoko y'inshinga n'uturemajambo tw'ibanze. Umwarimu arabwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye. Itsinda rya mbere ararisaba gukora ku mbundo. Irya kabiri arisabe gukora ku nshinga isanzwe, irya gatatu rikore ku nshinga idasanzwe.

Umwarimu arasaba abanyeshuri yahaye gukora kuri buri bwoko kujya gukora ubushakashatsi bugamije kugaragaza inshoza, uturango, intego yabyo no kubikorera imbonerahamwe bashingiye kuri ngenga no ku nteko z'amazina. Arabaha igihe cyo kubikora.

Igihe yabahaye nikirangira, mwarimu asaba amatsinda kumurika ibyo yagezeho. Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yagezeho birakorerwa inshamake, harakurikireho amatsinda yakoze ku nshinga zidasanzwe.

## Dore ingero z'ibyava mu matsinda:

**1) Inshoza y'inshinga**

Inshinga ni ijambo ryumvikanisha igikorwa, imico cyangwa imimerere ya ruhamwa mu nteruro. Muri make, inshinga ni yo itanga ubutumwa mu nteruro, igaragaramo igikorwa cya ruhamwa.

**2) Amoko y'inshinga**

Mu moko y'inshinga hagaragaramo inshinga isanzwe n'inshinga idasanzwe. Inshinga isanzwe ishobora kuba iri mu mbundo cyangwa itondaguye. Ni ukuvuga ko inshinga ishobora kwigaragaza mu nteruro ari:

- Inshinga idasanzwe bita nkene cyangwa mburabuzi.
- Inshinga isanzwe iri mu mbundo.
- Inshinga isanzwe itondaguye.

**a) Inshinga idasanzwe**

Inshinga idasanzwe bita nkene cyangwa mburabuzi ni inshinga zidakoreshwa nk'inshinga zisanzwe kuko usanga hari ibihe bimwe na bimwe by'inshinga zidatondagurwamo. Ikindi kiziranga ni uko usanga nta zina rishobora gukomoka kuri bene izo nshinga. Ni inshinga zigizwe n'ibicumbi gusa (**-ni**, **-ri**, **-fite**, **-ruzi**, **-zi**); ntizifite imbundo zizwi ni yo mpamvu ku mikoreshereze y'imisozo yayo, usanga izo nshinga zidakorana n'imisozo **-e**, **-aga**, **-ye** na **a** mu buryo busanzwe. Cyakora iyo zikoreshejweho ingereka zishobora gusesengurwamo imisozo.

**b) Inshinga isanzwe iri mu mbundo**

Inshinga idatondaguye yitwa imbundo. Ni inshinga itagaragaza ngenga irimo. Imbundo ni ijambo ry'imberabyombi rifite imiterere nk'iy'izina n'iy'inshinga. Iyo

imbundo ifashe imiterere y'izina ibarirwa mu nteko ya 15.
***Urugero:*** kugenda (Ukugenda) kwe kwatangaje benshi.

**c) Inshinga itondaguye**

Ni inshinga igaragaza ngenga yayo, ruhamwa ndetse n'igihe itondaguwemo.

**Urugero:** Nzakora

**Ikitonderwa:** Hari bamwe na bamwe bashyira "Ingirwanshinga ; -ti,-tya,-tyo, na -te" mu moko y'inshinga zidasanzwe bitwaje ko na zo zijya muri ngenga uko ari eshatu, nyamara ingirwanshinga ni ubwoko bw'ijambo bwihariye kuko usibye kuba zigaragaza ngenga nta rindi huriro zifitanye n'inshinga kuko zitagaragaza igikorwa cyangwa imico n'imimerere ya ruhamwa.

## 3. Uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga

**a) Inshinga iri mu mbundo**

Uturemajambo fatizo tw'inshinga iri mu mbundo ni dutatu:

– indanganshinga ku-
– Umuzi (z )
– Umusozo( soz)

***Ingero:*** Gukora: ku-kor-a k→g/-GR
Gukina: ku-kin-a k→g/-GR
Kubyina: ku-byin-a k→g/-GR

Inshinga iri mu mbundo ishobora kugira utundi turemajambo nk'indangagihe -za-, ingenantego -ta- ingereka zinyuranye n'indangasano z'ibyuzuzo. Cyakora iyo tudahari mu mwanya watwo ntihasimbuzwa ø kubera ko tuba atari uturemajambo fatizo. Hari bamwe bashyira ø inyuma y'indanganshinga ku- kugira ngo bagaragaze ko indangagihe idahari nubwo kutagashyiraho nta cyo byaba bitwaye.

***Urugero:*** Gukora: ku- ø -kor-a k→g/-GR
Gukina: ku- ø -kin-a k→g/-GR
Kubyina: ku- ø -byin-a k→g/-GR

Umusozo w'inshinga iri mu mbundo ni **–a** gusa.

**b) Inshinga itondaguye**

Inshinga isanzwe itondaguye igira uturemajambo tw'ibanze tune:

- **Indanganshinga** (bamwe bita indangasano ya ruhamwa; **RSH** mu mpine,
- **Indangagihe** (Bamwe bita ingenantego y'igihe **Rgh** mu mpine),
- **Umuzi (Z)**
- **Umusozo (Soz)**.

***Urugero:***

Arahinga: a-ra-hing-a a-: **Indanganshinga** ra-: **indangagihe**
hing-:**umuzi** -a : **umusozo**

Utu turemajambo fatizo tuba tugomba kugaragara buri gihe mu nshinga. Iyo hagize akatagaragara gasimbuzwa aka kamenyetso **ø**

***Urugero:***

**Akora** i Kigali. **a- ø- kor- a**
**Mpa** iyo kayi. **ø -ø –n-ha-a** n→ m/-h, mh→ mp mu myandikire, a→ø /-J
**Vuga** neza twumvikane **ø –ø-vug-a**
**Ajyayo** buri munsi **a –ø-gi-a-(yo)** i→y /-J, gy→jy mu myandikire.

1. **Indangasano za ruhamwa (Indanganshinga) RSH**

   Indangasano ya ruhamwa ni akaremajambo k'inshinga itondaguye kerekana ngenga ibereye inshinga ruhamwa. Ni ko kagaragaza isano ruhamwa ifitanye n'inshinga. Aka karemajambo kaba gahagarariye, ukora igikorwa mu nshinga. Indangasano za ruhamwa ni 20; ni ukuvuga indangasano za ruhamwa 4 zo muri ngenga ya mbere n'iya kabiri ubumwe n'ubwinshi n'indangasano 16 zo muri ngenga ya gatatu zihagarariye inteko 16.

**Ikitonderwa:**

a) Indangasano ya ruhamwa ya ngenga ya mbere ikoreshwa iyo umuntu yivuga ubwe cyangwa abantu bivuga ubwabo.
b) Ngenga ya kabiri ikoreshwa iyo umuntu abwira undi cyangwa abandi.
c) Ngenga ya gatatu ikoreshwa iyo umuntu avuga undi cyangwa abandi, ikindi cyangwa ibindi bintu ikaba yisanisha mu nteko 16.
d) Mu nteko ya 12 n'iya 14 hari indangasano za ruhamwa ariko mu by'ukuri zidasimbura ijambo ryo muri izo nteko.

   ***Urugero:***

   **ka**rabaye, **ka**rahanyuze, **bu**rakeye...

2. **Ingenantego y'igihe (Indangagihe) Gnt**

   Ingenantego y'igihe cyangwa indangagihe ni akaremajambo gakurikira indanganshinga kakagaragaza igihe inshinga itondaguwemo.

   Ingenantego z'igihe ni: **-ø-**: iranga indagihe, -**za**-: iranga inzagihe na **-a-(â, aa):** igaragaza impitagihe

***Ingero:***

– Agenda: a- ø-gend-a
– Azagenda: a-za-gend-a
– Yagiye: (uyu munsi) a-a-gi-ye, (ejo) a-a-gi-ye, (wa mwana)a-aa-gi-ye a→y /-J

Izo ngenantego zigaragaza igihe iyo zitagaragaye mu nshinga zisimbuzwa -ø- kubera ko indangagihe ari akaremajambo fatizo k'inshinga itondaguwe.
Usibye izi ngenantego zigaragaza igihe hari izindi ngenantego zishobora kugaragara

mu nshinga zifite ibindi bisobanuro binyuranye nko guhakana, kugaragaza igikorwa gikomeza, kugaragaza ibikorwa bikurikirana…

***Ingero:***

-**ta**-: utagenda
-**ra**-: aragenda
-**ka**-: akagenda
-**ka**-**na**-: akanagenda
-**ki**-: akigenda
-**na**-: anagenda
-**i**-: wigenda
-**ra**-**ki**-**a**-:aracyagenda
-**o**-**ka**-: wokagenda
-**i**-**ku**-: wikwanga
-**e**-**ku**-: yekwiba

**Ikitonderwa:**

a) Ingenantego zishobora guhurira mu nshinga imwe zirenze imwe.
***Urugero:***
utazagenda: u-**ta**-**za**-gend-a, ataragenda: a-**ta**-**ra**-gend-a, aracyanagenda: a-**ra**-**ki**-**a**-**na**-gend-a
b) Ingenantego –i-, -ta-, -e-ku-, -i-ku- zifite inyito yo guhakana mu nshinga.
c) Ingenantego -na- ni akaremajambo k'inyibutsacyungo mu nshinga kunga ibikorwa bibiri.

***Urugero:*** Barabiterura bara**na**bijyana.

**3. Umuzi**

Umuzi ni akaremajambo shingiro k'ijambo rikenera umusozo. Ni wo shingiro ry'inyito y'ijambo. Umuzi ushobora kuba wihagije cyangwa utihagije. Umuzi wihagije ni ushobora gukoreshwa udakurikiwe n'ingereka kugira ngo inyito yawo ibone kuzura. Umuzi utihagije ni ugomba gukenera ingereka kugira ngo inyito yawo ibone kuzura. Ni bene uwo muzi bita intima. Bene iyo mizi itihagije tuzayibona nidusesengura akaremajambo kitwa ingereka mu turemajambo tw'inyongera.

Kugira ngo ubone umuzi w'inshinga ifite imigemo irenze ibiri, utondagura inshinga mu buryo bw'integeko ugakuraho umusozo.

***Ingero:*** gukora: **kor**-a, guteka; **tek**-a, kwiga: **ig**-a…

**Ikitonderwa:**

Hari inshinga16 zifite imizi y'imvugwarimwe. Bene izo nshinga iyo zishakirwa imizi bazitondagura mu mpitakare muri ngenga ya gatatu y'ubumwe bagakuraho indangasano ya ruhamwa n'umusozo – **ye**.
Izo nshinga zirazwi ni izi zikurikira:

| **Inshinga** | | **Impitagihe** | **Umuzi** |
|---|---|---|---|
| 1. | Kuba | Ya**ba**ye | **-ba-** |
| 2. | Guca | Ya**ci**ye | **-ci-** |
| 3. | Kugwa | Ya**gu**ye | **-gu-** |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 4. | Guha | Ya**ha**ye | **-ha-** |
| 5. | Gushya | Ya**hi**ye | **-hi-** |
| 6. | Gukwa | Ya**ko**ye | **-ko-** |
| 7. | Kumwa | Ya**mo**ye | **-mo-** |
| 8. | Kunnya | Ya**ne**ye | **-ne-** |
| 9. | Kunywa | Ya**nyo**ye | **-nyo-** |
| 10. | Gupfa | Ya**pfu**ye | **-pfu-** |
| 11. | Kurya | Ya**ri**ye | **-ri-** |
| 12. | Gusya | Ya**se**ye | **-se-** |
| 13. | Guta | Ya**ta**ye | **-ta-** |
| 14. | Kuva | Ya**vu**ye | **-vu-** |
| 15. | Kujya | Ya**gi**ye | **-gi-** |
| 16. | Gucya | Bwa**ke**ye | **-ke-** |

**Ikitonderwa:**

Hari inshinga zifite imigemo ibiri ariko zikora n'inshinga zirengeje imigemo ibiri. Muri zo twavuga inshinga "**gusa**" n'inshinga "**kuza**". Umuzi w'inshinga gusa ni **-s-** igira impindurantego ya **-shush-** naho umuzi w'inshinga kuza ni **-z-**.

**4. Umusozo**

Umusozo w'inshinga ni akaremajambo gasoza inshinga kakagaragaza irebero ryayo. Nk'uko twabibonye mu itondaguranshinga, irebero rivuga imitindire y'igikorwa, imikorerwe cyangwa imirangirire yacyo. Imisozo y'inshinga imwe igaragaza irebero nkomeza, indi ikagaragaza irebero nshize.

**4.1.Imisozo igaragaza irebero nshize**

Iyo misozo ni **–e** na **–ye**. Iyi misozo igaragaza igikorwa cyarangiye cyangwa ikigomba kurangira.

**a) Umusozo –e**

Umusozo –e ukunze kugaragara cyane mu ntegeko no mu nziganyo.

***Ingero:***

Mukore: mu-ø-kor-e
Mvuge: n-ø-vug-e (n→m/-v)
Nige: n-ø-ig-e
Azagende: a-za-gend-e
Atahe:a-ø-tah-e

**Amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku musozo –e**

**Umusozo –e** nta mategeko menshi aboneka ajyana na wo, amake aboneka ajyana na

wo ni ayo ku nshinga zifite imizi y'imvugwarimwe ari zo kuba, guca, kujya, kugwa, guha, gusya, gucya, gukwa, kumwa, kunywa, kunnya, gupfa, kurya, gusya, guta no kuva.

Amategeko y'igenamajwi ajyana n'izo nshinga ni aya akurikira: **a→ ø/-J, i→ø/-J, o→w/-J, u→ ø/-J, i→y/-J, e→y/-J, u→w/-J**

***Ingero:***

**Ube** umwarimu: u- ø-b**a-e** (**a**→ø/-**J**)
**Age** i Kigali: a- ø-gi**-e** **i**→ **ø/-J**
**Asye** aya masaka: a- ø-**se-e** (**e**→ **y/-J**)
**Ave** mu nzu: a- ø-**vu-e** (**u**→ **ø/-J**)
**Akwe** abone guhabwa umugeni: a- ø-k**o-e** (**o**→**w/-J**)

**Ate** ibyo afite: a- ø-**ta-e** (**a**→ **ø/-J**)
**Ace** ibyatsi: a- ø-c**i-e** (**i**→ **ø-/J**)
**Anywe** umutobe muke: a- ø-ny**o-e** (**o**→**w/-J**)
**Agwe** yubamye: a- ø-g**u-e** (**u**→**w/-J**)

**b) Umusozo –ye**

Umusozo –ye ugaragaza igikorwa cyarangiye ni na yo mpamvu ugaragara mu nshinga zitondaguwe mu mpitagihe (impitakare n'impitakera).

***Ingero:***

Narize: n-a-ra-ig-**ye** (a→ø/-J, g+y→z)
Dukoze : tu- ø-kor-**ye** (t→d/-GR, r+y→z)
(Inka) yarabiriye: i-a-ra-bi-ri-**ye** (i→y/-J)

**Amategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo –ye**

| **Itegeko** | **Uru gero** |
|---|---|
| **c+y→sh** | baramwishe: ba-a-ra-mu-**ic-ye** |
| **c+y→c** | barabicoce: ba-ra-bi-co**c-ye** |
| **d+y→z** | yaradoze: a-a-ra-do**d-ye** |
| **g+y→z** | anyonze (igare): a-ø-nyon**g-ye** |
| **sh+y→sh** | (nge) yaranoshe: a-a-ra-n-no**sh-ye** |
| **shy+y→shy** | mwarabeshye:mu-a-ra-be**shy-ye** |
| **h+y→shy** | (ibiryo) byarabishye: bi-a-ra-bi-**h-ye** |
| **k+y→ts** | baramusetse: ba-ra-mu-s**ek-ye** |
| **k+y→s** | mwaronse (ibere): mu-a-ra-on**k-ye** |
| **r+y→z** | mwarakoze: mu-a-ra-ko**r-ye** |
| **r+y→y** | mwararwaye: mu-a-ra-rwa**r-ye** |
| **r+y→j** | bwarije: bu-a-ra-i**r-ye** |
| **n+y→nny** | mwarakinnye: mu-a-ra-ki**n-ye** |

| | |
|---|---|
| **n+y→ny** | barambonye: ba-ra-n-bo**n-ye** |
| **t+y→s** | (ibijumba) byarahaswe: bi-a-ra-hat-w-ye bi-a-ra-ha**t-y**-w-e |
| **y+y→y** | twaramugaye (imyitwarire):tu-a-ra-mu-gay-ye |
| **z+y→j** | (data) yarashaje: a-a-ra-sa**z-ye** |

### 4.2. Imisozo igaragaza irebero nkomeza

Imisozo igaragaza irebero nkomeza ni **–a** na **–aga**

**a) Umusozo –a**

Umusozo –a ugaragaza ko igikorwa kigikomeza cyangwa ko kitaraba kikaba kizaba. Umusozo –a ukoreshwa cyane mu ndagihe, mu nyifurizo, mu ntegeko no mu nzagihe.

***Ingero:***

Mvuga: n-ø-vug-**a** (n→m/-v)
Ndakora: n-ra-kor-**a** (r→d/n-)
Nzakora: n-za-kor-**a**
Mpa (ikaye) : ø- ø-n-ha-**a** (n→m/-h, mh→mp mu myandikire, a→ ø/-J)
Akivuga: a-ki-vug-**a**
Murakarama: mu-ra ka-ram-**a**

**Amategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo –a**

Umusozo **–a** ugira amategeko y'igenamajwi ajyana na wo akorana na za nshinga zifite imizi y'imvugwarimwe.
Muri yo twavuga **a**→ **ø/-J**, **i**→ **ø/-J**, **o**→**w/-J**; **u**→ **ø/-J**; **i**→**y/-J**; **e**→**y/-J**; **u**→**w/-J**.

***Ingero:***

**Azamuha** (amakaye): a-za-mu-h**a-a** (**a**→ **ø/-J**)
**Araca** (ibyatsi): a-ra-c**i-a** (**i**→ **ø/-J**)
**Aranywa** (amata): a-ra-**nyo-a** (**o**→**w/-J**)
**Azava** (amaraso): a-za-**vu-a** (**u**→ **ø/-J**)
**Arajya** (i Kigali): a-ra-g**i-a** **(i**→**y/-J, gy**→**jy** mu myandikire
**Azasya** (amasaka): a-za-s**e-a** (**e**→**y/-J**)
**Azagwa** (mu ruzi): a-za-g**u-a** (u→w/-J) [...]

**b) Umusozo –aga**

Umusozo **–aga** ugaragaza igikorwa cyakorwaga mu gihe kirekire mu gihe cyashize; ugaragaza akamenyero mu gihe cyahise.

***Ingero:***

Narakoraga: n-a-ra-kor-**aga**

Yarigaga: a-a-ra-ig-**aga** (i→y/-J, a→ø/-J)
Narasyaga: n-a-ra-se-**aga** (e→y/-J)
Naravugaga: n-a-ra-vug-**aga**
Narandikaga: n-a-ra-andik-**aga** (a→ø/-J)
Nabonaga: n-a-bon-aga…

**Amategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo –aga**

Kimwe n'umusozo **–a**, umusozo **-aga** na woufite amategeko y'igenamajwi ajyana na wo akorana na za nshinga zifite imizi y'imvugwarimwe. Muri yo twavuga **a→ ø/-J**, **i→ø/-J**, **o→w/-J**, **u→ ø/-J**, **i→y/-J**, **e→y/-J**, **u→w/-J**

***Ingero:***

Yahaga (abaha ibiryo): a-a-ha-**aga** (a->y/-J, **a→ ø/-J**)
Yajyaga (yiba): a- a -gi-**aga** (a→y/-J, **i→ y/-J**, gy→jy mu myandikire)
Yamwaga (imisatsi): a- a -mo-**aga** (a→y/-J, **o→w/-J**)
Yagwaga (neza): a- a -gu-**aga** (a→y/-J, **u→w/-J**)
Yasyaga (amasaka): a- a -se-**aga** (a→y/-J, **e→y/-J**)
Yavaga (amaraso): a- a -vu-**aga** (a→y/-J, **u→ ø/-J**)
Yacaga (amasaka): a- a -ci-**aga** (a→y/-J, **i→ø/-J**)
Bakwaga (inka): ba-a-ko-**aga** (**o→w/-J**)

**c) Inshinga idasanzwe (nkene/ mburabuzi)**

Ubundi intego rusange y'inshinga itondaguye ni **RSH-Gnt-Z-Soz**, bitewe n'uko inshinga nkene zidakorana n'imisozo y'inshinga mu mwanya w'umusozo nta kamenyetso kagaragaza ko ako karemajambo kadahari. Cyakora iyo kamwe mu tundi turemajambo dutatu dusigaye katagaragaye gasimbuzwa **-ø-**. Ni ukuvuga ko uturemajambo fatizo tw'inshinga nkene ari dutatu: indangasano ya ruhamwa **(RSH)**, ingenantego y'igihe **(Rgh)** n'umuzi **(Z)**.

***Ingero:***

**Ndi** umunyeshuri: **n- ø -ri** r→d/-GR,
**Mfite** ikaye: **n- ø-fite** n→m/-f,
**Ni** umunyeshuri: **ø -ø-ni**
**Nzi** kwandika:**n- ø-zi**
Ese **uruzi** baje?: **u- ø-ruzi**

**Ikitonderwa:**

Inshinga nkene zishobora gukorana n'ingereka bityo mu gusesengurwa na zo zikagaragaza umusozo.

*Urugero:*

Uyu mwana **arazwi** cyane **a-ra-z-w-i**

**Dufitanye** igihango **tu- ø-fit-an-ye** t→d/-GR,

**Imyitozo**

Amatsinda yose arangije kumurika ibyo yagezeho no kubikorera ubugororangingo, umwarimu atanga imyitozo yo gutahura mu nteruro no gusesengura inshinga ziri mu mbundo, inshinga zitondaguye n'inshinga nkene.

*Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:*

1. **Inshinga zirimo amoko angahe?**
   Inshinga zirimo amoko atatu ari bwo inshinga iri mu mbundo, inshinga itondaguye n'inshinga nkene cyangwa idasanzwe.
2. a) **Garagaza inshinga ziri muri iyi nteruro uvuge n'amoko yazo:**
   Ni Kagabo wabaye uwa mbere mu kubwira se akamaro imidugudu ifite ku baturage.
   Inshinga ziri muri iyi nteruro n'amoko yazo ni izi :
   – Ni: inshinga nkene
   – wabaye : inshinga itondaguye
   – kubwira: inshinga iri mu mbundo
   – ifite : inshinga nkene

   b) **Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe muri izo nshinga niba ahari**.
   Uturemajambo twazo n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa:
   – ni: **ø-ø-ni**
   – wabaye **:u-a-ba-ye u→w/-J**
   – kubwira: **ku-bwir-a/ ku- ø-bwir-a**
   – ifite : **i- ø-fite**
3. **Tanga amazina y'uturemajambo tw'ibanze tugize inshinga itondaguye.**

   Uturemajambo tw'ibanze tugize inshinga ni tune ari two: indanganshinga, ingenantego, umuzi n'umusozo.
4. **Erekana intego y'inshinga ziri muri izi nteruro zikurikira unagaragaze itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe.**
   a) Amazu twubatse mu midugudu ni meza cyane.
   Twubatse: tu-a-ub-ak-ye: u→w/-J a→ø/-J k+y→ts
   Ni: ø-ø-ni
   b) Yafashe isima avanga n'umucanga mbere yo guhoma inzu ye.
   Yafashe: a-a-fat-ye a→ y/-J; t+y→sh
   Avanga: a-ø-vang-a;
   Guhoma: ku-hom-a k→g/-GR

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa gatandatu

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatandatu. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Gutura mu mudugugu ni byiza kuko bituma Leta ishobora kwegereza abaturage ibikorwa remezo binyuranye birimo umuriro n'amazi, isoko n'ibindi kandi bitayihenze cyane. Ikindi kandi bituma ubutaka bwo guhinga bwiyongera kubera ko abantu baba batuye begeranye bahuriye ku mbuga imwe mu gihe iyo batuye batatanye buri wese aba afite imbuga ye bityo za mbuga nyinshi zikavamo ubutaka bwo guhinga.

– Inshinga ni ijambo ryumvikanisha igikorwa, imico cyangwa imimerere ya ruhamwa mu nteruro. Mu moko y'inshinga hari inshinga idasanzwe bita nkene cyangwa mburabuzi n'inshinga isanzwe ishobora kuba iri mu mbundo cyangwa itondaguye. Uturemajambo fatizo tw'inshinga iri mu mbundo ni dutatu: indangashinga **ku-**, **umuzi** (Z), n'**umusozo** (Soz).

– Inshinga isanzwe itondaguye igira uturemajambo tw'ibanze tune: **indanganshinga** (bamwe bita indangasano ya ruhamwa; **RSH** mu mpine, ingenantego (ingenantego: **indangagihe Gnt** mu mpine) n'izindi ngenantego, **umuzi (Z) n'umusozo (Soz)**. Uturemajambo ngombwa tw'inshinga nkene ni indangasano ya ruhamwa, ingenantego y'igihe n'umuzi. Iyo akaremajambo fatizo katagaragara mu nshinga gasimbuzwa **-ø-**.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 123)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

– Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.

– Ubushobozi bwo gusesengura inshinga no kugaragaza amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Ni ba nde bagerwaho bwa mbere n'ingaruka z'imiturire y'akajagari? Ni izihe ngaruka bahura na zo?** Ugerwaho bwa mbere n'ingaruka z'imiturire y'akajagari ni umuntu utuye muri ako kajagari n'umuryango we.
   Ingaruka bahura na zo ni uko abatuye mu kajagari bibasirwa n' indwara, ibiza bya hato na hato, kwivuza ku buryo bugoye, umutekano muke, umwanda, ibiyobyabwenge bizahaza urubyiruko, gusenyerwa bibaye ngombwa kandi akishyura abamusenyeye. Ikindi kandi bashobora gusenyerwa n'ibiza kuko

inzu iba yarubatswe huti huti, idafite urufatiro rukomeye ndetse n'igisenge kidakomeye.

2. **Ni izihe ngaruka imiturire yo mu kajagari igira ku myigire y'abana?** Imiturire y'akajagari igira ingaruka ku myigire y'abana kuko iyo bo ubwabo batarwaye baba barwaje abo mu muryango wabo bityo bigatuma badatsinda neza kuko batabona n'uko basubira mu masomo yabo kubera ko akenshi nta mashanyarazi aba ahari.
3. **Ni zihe ngaruka z'imiturire y'akajagari cyangwa y'intatane ku gihugu?** Iyo abantu batuye mu kajagari igihugu kihatakariza byinshi. Iyo Leta ishatse gushyira aho bubatse ibikorwa remezo: imihanda, amasoko, inyubako za Leta… biba ngombwa ko basenya ya mazu. Ibyo bitwara ingufu n'amafaranga yo gutuza ba bantu bimuwe. Ikindi kandi Igihugu gifite abantu bazahajwe n'ibiyobyabwenge, barwaragurika, gihora mu bukene bitewe no kugura imiti, guhemba abaganga benshi rimwe na rimwe bavuye mu mahanga. Abo kandi kiba kitaho barwaye nta cyo baba binjiza kuko nyine baba barwaye.
4. **Ni iki cyakorwa kugira ngo imyanda ikoreshwa mu ngo na yo ibyazwe umusaruro?** Hashyirwaho uburyo bwo gutunganya imyanda akabyazwa ibindi bintu bifite akamaro nk'ifumbire, ingufu z'amashanyarazi,…
5. **Ni iki umuturage yagombye gukora kugira ngo imiturire y'akajagari icike?** Umuturage agomba kubaka ahabugenewe, yubahiriza igishushanyo mbonera kandi agakurikiza amategeko n'amateka byatanzwe. Abaturage kandi bagomba guhindura imyumvire.
6. **Ni iki Leta y'u Rwanda yo yakora kugira ngo imiturire y'akajagari icike?** Leta igomba gushyiraho urwego ruhoraho rushinzwe imiturire rubifitiye ubushobozi rukaba rwanaryozwa amakosa yaba yakozwe. Leta yashyiraho kandi igishushanyo mbonera k'igihe kirambye kandi kigasobanurirwa abaturage. Leta ikwiye kubaka amagorofa yo gutuzamo abantu bityo n'ubutaka bwo guhingamo bukiyongera.
7. **Wakora iki ku ruhande rwawe kugira ngo imiturire mibi icike?**
   Ku ruhande rwange, hari byinshi nakora kugira ngo imiturire mibi icike harimo:
   - Gushishikariza abantu gutura mu midugudu kugira ngo begere ibikorwa remezo.
   - Kubakangurira kwirinda gutura mu manegeka kugira ngo ibiza bitabasenyera cyangwa bikabangiriza.
   - Kubakangurira gukora cyane kugira ngo batere imbere babashe kubaka ahabugenewe kandi bakurikize igishushanyo mbonera.
   - Kugira inama urubyiruko rudafite ubushobozi buhagije kujya kubaka iwabo mu cyaro aho gutera akajagari mu mugi…
   - Gusaba Leta kugena ahantu mu migi hakubakwa amazu aciriritse kuri gahunda.

8. **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko**?
   Insanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko ni uruhare rw'imiturire mu mibereho y'abaturage.
9. **Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko?**
   Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni:
   – Igisobanuro k'imiturire yo mu kajagari n'imiturire yo ku mudugudu;
   – Muhire ahura na Gahongayire impuguke mu by'imiturire;
   – Ibibi byo gutura mu kajagari: (indwara; ubukene, ubujiji...) n'ibyiza byo gutura mu mudugudu nko kubona hafi ibikorwa remezo binyuranye.
   – Ingamba zafatwa na Leta kugira ngo imiturire ibe ikwiye;
   – Inama zigirwa buri wese ku byerekeye imiturire.
10. **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**
    Isomo nkuye muri uyu mwandiko ni ukubaka mfite uruhushya rushingiye ku mategeko kuko bishobora gutuma ntasenyerwa. (Aha abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye.)

## II. Inyunguramagambo

1) **Sobanura amagambo akurikira ukurikije umwandiko arimo**
   a) **Akajagari:** ni ahantu bahumbitse imbuto, abantu cyangwa ibintu byinshi byandagaye kandi bivangavanze cyangwa bidakurikije gahunda; ikintu gisangiwe cyangwa gihuriweho n'abantu benshi bagikoresha uko babonye. Ubwo rero imyubakire yo mu kajagari ni amazu yubatse adakurikije gahunda yashyizweho na Leta.
   b) **Umudugudu:** ni amazu yubatse akurikije gahunda ya Leta ahateganyijwe.
   c) **Ibanze:** ugukora ikintu ubimbuye, igikorwa k'ikubitiro.
   d) **Inkangu:** ahantu haridutse hagacika bitewe n'amazi menshi y'imvura.
   e) **Kutajya imbiîzi:** kutumvikana.
   f) **Ingûme:** ikintu kidakunda kuboneka.
   g) **Icuraburindi:** umwijima.
   h) **Basaritswe:** bituruka ku nshinga gusarika. Bivuga gukomeretsa umuntu cyangwa inyamanswa bidakomeye. Gusarikwa n'ikintu bivuga kuzahazwa na cyo.
   i) **Ishyanga:** imahanga
   j) **Imvururu:** umutekano muke, amahane.
   k) **Urufatiro:** mu bwubatsi, ni igice k'inzu kijya mu butaka.
   l) **Kuryoora/ kuryôora:** guhanwa cyangwa kugirirwa nabi kubera uwo wagiriye nabi cyangwa icyo wangije, kubura icyari cyarakugiriye akamaro.
   m) **Kuryooza:** kuziza umuntu iki n'iki.
2) **Koresha mu nteruro amagambo akurikira: Kuryozwa, urufatiro, ingume, akajagari.**
   a) **Kuryozwa:** Uyu mugabo azaryozwa ibyabandi yangije.
   b) **Urufatiro:** Inzu ifite urufatiro rw'amabuye irakomera.

c) **Ingume:** Mu gihe k'iki amazi aba ingume.
d) **Akajagari:** Si byiza gutura mu kajagari.

3) **Andika impuzanyito z'amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira:**
   a) Abantu baba mu **icuraburindi** bazahazwa n'abajura.
      Abantu baba mu **mwijima** bazahazwa n'abajura
   b) Aho gutura **ishyanga** natura mu gihugu cyange.
      Aho gutura **imahanga** natura mu gihugu cyange.
4) **Uzurisha interuro amagambo ukuye mu mwandiko akwiye ukurikije icyo interuro isobanura**.
   a) Ubu nange ngomba...............abantu gutura mu midugudu. **Gukangurira**.
   b) Kubaka inzu iyo ari yo yose ugomba gukurikiza ................agenga imyubakire mu Rwanda. **Amategeko**.
   c) Kugira ngo dutere imbere tugomba kuba turi............, tutarwaragurika. **inziramuze**.
   d) Abantu bo mu cyaro iyo baje mu ................bagendana ubwoba kubera ubwinshi bw'imodoka zinyuranamo. **mugi**.

## III. Ikibonezamvugo

1. **Inshinga yo mu Kinyarwanda ni iki**?
   Inshinga ni ijambo ryumvikanisha igikorwa, imico cyangwa imimerere ya ruhamwa mu nteruro.
2. **Amoko y'inshinga ni ayahe**? Mu Kinyarwanda hari inshinga idasanzwe/ nkene cyangwa mburabuzi imbundo cyangwa inshinga isanzwe (itondaguye).
3. **Ni utuhe turemajambo fatizo tw'inshinga iri mu mbundo?** Uturemajambo fatizo twayo ni dutatu: indangashinga (RSH) ku-, umuzi (Z), n'umusozo (Soz).
4. **Inshinga isanzwe itondaguye igira uturemajambo tw'ibanze tungahe?** Uturemajambo twayo ni tune: **indanganshinga**/ indangasano ya ruhamwa (**RSH** mu mpine), **ingenantego** y'igihe (indangagihe) (**Gnt** mu mpine), umuzi **(Z) n'umusozo (Soz)**.
5. **Koresha imbonerahamwe werekane intego z'inshinga zigaragara mu nteruro zikurikira n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**
   a) Hari igishushanyo k'imikoreshereze y'ubutaka Leta yatanze.
   b) Bamwe mu baturage bahaye abandi inka kugira ngo na bo bave mu bukene bubake amazu akwiye.
   c) Gutura intatane bizahenda Leta si byiza kuko haba amafaranga akoreshwa mu buryo bw'imfabusa.

**Igisubizo:**

| Inshinga | RSH | Gnt | C | Soz | Itegegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|---|
| Hari | ha- | -ø- | -ri- | - | nta tegeko |
| Yatanze | a- | -a- | -tang- | -ye | a→y / -J g+y→z |
| Akwiye | a- | -ø- | -kwir- | -ye | r+y→y r→ø/-y |
| Bahaye | ba- | -a- | -ha- | ye | a→ø/-J |
| Kugira | ku- | -ø- | -gir- | a | nta tegeko |
| Bave | ba- | -ø- | -vu- | e | u→ø/-J |
| Bizahenda | bi- | -za- | -hend- | a | nta tegeko |
| Haba | ha- | -ø- | -ba- | a | a→ø/-J |

## Imyitozo nsindagirabushobozi

– Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
– Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora imyitozo y'inyongera. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bararagaje ubushobozi buke.

***Urugero rw'imyitozo yabaha:***

Koresha imbonerahamwe werekane intego z'inshinga zigaragara mu nteruro zikurikira n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu nshinga itondaguye igaragaza uturemajambo tw'ibanze (kandi unerekane amazina yatwo).

a) Kampayana yaravuze ngo amategeko n'amateka yose akenewe yamaze gutorwa.
b) Abanyarwanda bagomba kubahiriza amategeko azagenga imyubakire mu Rwanda, kuko bizarinda abantu guhura n'ingaruka zo kugwirwa n'amazu no gusenyerwa bitewe no kubaka ahantu hatemewe.
c) Uriya muhungu yakoye igishashi kabombo anubaka inzu y'ikitegererezo.

| Inshinga | RSH | Gnt | C | Soz | Itegegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|---|
| Yaravuze | a- | -a-ra- | -vug- | ye | a→y/-J / g+y→z |
| Yamaze | a- | -a- | -mar- | ye | a→y/ -J r+y→z |
| Bagomba | ba- | -ø- | -gomb- | a | nta tegeko |
| Azagenga | a- | za | -geng- | a | nta tegeko |
| Bizarinda | bi- | -za- | -rind- | a | nta tegeko |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Guhura | ku- | -ø- | -ur- | a | k→g/ -GR |
| Yakoye | a- | -a- | -ko- | ye | a→y / -J |

## Imyitozo y'inyongera

1) Koresha iyi nshinga: "**kwiga**" mu ndagihe y'igikomezo.
   Karori **arakiga** mu mwaka wa mbere. / Sinari nzi ko **ukiga** hano mu mwaka wa gatatu.
2) Koresha iyi nshinga: "**kubaka**" mu nzagihe mu ndango ihakana.
   Ngewe **sinzubaka** nta gishushanyo mbonera nkurikije. / Kanamugire **ntazubaka** muri uyu mugi kuko akunda kwibera mu cyaro we n'umuryango we.
3) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu nshinga zitsindagiye muri izi nteruro:
   a) Kamana **arakina** umupira **yabanze** ejo
   b) **Tuge dukunda kurya** ibiryo **bifite** ubuziranenge.

## Ibisubizo

– Arakina: a-ra-kin-a
– Yabanze: a- a-bang-ye a→y/-J g+y→z
– Tuge: tu- ø -gi-e i→y/-J gy→jy jy + e = ge mu Kinyarwanda
– Dukunda: tu- ø-kund-a t→d/-GR
– Kurya: ku-ri-a i→y/-J
– Bifite: bi -ø -fite

# 7 Ubwikorezi

## (Umubare w'amasomo: 14)

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| – Gusesengura umwandiko ku bwikorezi mu iterambere no guhanga umwandiko ntekerezo.<br>– Gusesengura inshinga agaragaza uturemajambo twose tw'inshinga no gusesengura ingirwanshinga. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yagombye kuba azi gutandukanya uburyo bunyuranye bukoreshwa mu bwikorezi ndetse ashobora no kugaragaza uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga itondaguye. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| **Ibidukikije:** Umwarimu akora ku buryo umwitozo wo kungurana ibitekerezo uri mu gitabo cy'umunyeshuri utuma nibura buri munyeshuri asobanukirwa n'ingaruka z'ubwikorezi ku bidukikije. |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi… |
| **Amagambo fatizo:** ubwikorezi, akano, ingereka, indangasano z'ibyuzuzo. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

### Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare n'amasomo ya buri gice

| Igice | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **Umwandiko: Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri : Gusesengura umwandiko | Amasomo 2 |
| Intera ya gatatu : Umwitozo w'ubumenyi ngiro : Kungurana ibitekerezo | Amasomo 2 |
| Intera ya kane: Umwandiko ntekerezo | Amasomo 2 |
| Intera ya gatanu : Uturemajambo tw'inshinga twungirije | Amasomo 2 |

| | |
|---|---|
| Intera ya gatandatu : Ingirwanshinga<br>Isuzuma | Amasomo 2<br><br>Amasomo 2 |

## Umwandiko: Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 128)

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
– Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
– Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu ashobora kubaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga; akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma. Ahangaha mwarimu agomba kwita ku banyeshuri bafite ikibazo cyo kutumva neza cyangwa icyo kutabona neza kugira ngo abahe ubufasha bukwiriye. Ashobora no kwifashisha bagenzi babo kugira ngo badasigara inyuma mu masomo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje ibibazo byo mu buzima busanzwe:***

a) **Ni ibihe bintu u Rwanda rukenera kohereza mu mahanga?** Ibintu u Rwanda rukenera kohereza mu mahanga ni ibikomoka ku nyamaswa n'ibikomoka ku bihingwa ndetse n'amabuye y'agaciro...
b) **Ese u Rwanda hari ibintu rukura mu mahanga?** Yego, u Rwanda ruhakura ibintu byinshi birimo ibiribwa, ibikomoka kuri peterori n'ibintu biba bikenewe mu nganda cyangwa mu bwubatsi, imyenda...
c) **Ni gute ibyo bintu bigera mu Rwanda?** Ibyo u Rwanda rubibona hakoreshejwe ubwikorezi bunyuranye; ari ubwo ku butaka, mu mazi no mu kirere.

d) **Ese hari aho ubwikorezi n'iterambere bihurira?** Ubwikorezi bujyana n'iterambere kuko iyo ubwikorezi buteye imbere hakoreshwa ibinyabiziga bigezweho n'ibikorwa remezo bikwiye nta kabuza abaturage bagira imibereho myiza n'ubukungu bwabo bukazamuka.

**Aramutse akoresheje amashusho, dore urugero rw'ibibazo yabaza.**

a) **Ni iki mubona kuri iyi shusho?** Kuri iyi shusho haragaragara amakamyo ya rukururana.
b) **Ese murabona yaba yikoreye iki kandi aherereye he?** Turabona yaba yikoreye ibikomoka kuri peterori kandi aharereye ku mupaka.
c) **Hitabazwa iki kugira ngo ibintu bive mu mahanga bitugereho mu Gihugu?** Hitabazwa ubwikorezi.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku ruhare rw'ubwikorezi mu iterambere ry'igihugu.

**2. Gusoma umwandiko**

**2.1. Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko **"Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere ry'igihugu"**, abasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Muri uyu mwandiko haravugwamo iki?** Haravugwamo akamaro k'ubwikorezi mu buhinzi no mu bucuruzi.
b) **Ni ibihe byiza by'ubwikorezi bivugwa mu mwandiko?** Ibyiza by'ubwikorezi buvugwa mu mwandiko ni ukwihutisha ibivuye mu buhinzi n'ibindi bintu binyuranye.

**2.2. Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwumwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo. Nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, arajya anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma aragenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

**2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda**

Barangije gusoma baranguruye, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye. Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe wandika ibisubizo bumvikanyeho muri buri tsinda. Akanabasaba gusoma umwandiko

no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'abanyeshuri n'uw'amatsinda yakoze. Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu akababafasha kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'ibisubizo bishobora kuva mu matsinda***

## I. Inyunguramagambo

### a) Sobanura amagambo akurikira:

1) **Kudindira:** gutinda ku cyo wakoraga bitewe n'ikintu kigutunguye bigatuma ukererwa nturangize cyangwa ntugere ahantu wagombaga kugera mu gihe gikwiye; guhagarara gukura mu gihe iki n'iki cy'ubuzima.
2) **Kurangura:** kugura ibintu byo gucuruza, kugurira rimwe ibintu byinshi.
3) **Guhomba:** gucuruza ukabura inyungu n'igice cy'ayo washoye cyangwa yose.
4) **Ibyambu:** ahantu abantu baca bambuka umugezi, ikiyaga, kwaba kugenda ku maguru, mu bwato cyangwa banyuze ku kiraro. Ku nkengero y'inyanja aho ibintu bishyikira cyangwa byambukira. Urugero: Aba bagabo bakunda kujya gufata imodoka ku cyambu k'i Mombasa.
5) **Kwitabira:** kugarura ijwi kw'ikintu ryikubiseho. Kwemera ibitekerezo by'abandi ukanabigiramo uruhare. Guhagurukira umurimo cyangwa imigirire iyi n'iyi.
6) **Gushora imari:** gushora imari rero ni ugushyira amafaranga menshi ahantu cyangwa mu bintu ugamije kunguka.
7) **Inkingi ya mwamba:** inkingi y'inzu bateraho ingiga y'igiti bashoreraho amaburiti. Mu mwandiko ni ukuvuga ikintu k'ingirakamaro cyane, ibintu byinshi bifite akamaro bishamikiyeho.

### b) Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo uri mu bitabo byabo. Abagenera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze, nyuma umwarimu n'abandi banyeshuri bakanononsora

ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi. Ibyo bisubizo kandi babisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo n'abatabona ku kibaho babyumve.

***Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:***

1) Kora interuro ku magambo akurikira, ukurikije uko asobanura mu mwandiko:
   a) **Kudindira:** Ubwubatsi bwe **bwaradindiye** bitewe n'ibikoresho byamushiranye.
   b) **Guhenda:** Yagiye kugura uburo, asanze **budahenda** ararangura.
   c) **Kwitabira: Kwitabira** ibivuzwe byose ni ubupfayongo.
2) Tanga ikinyuranyo cy'amagambo ahuye n'aya ari mu mwandiko: Karake **yungutse** ibihumbi bitanu kuri uyu munsi. /yahombye.

## II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1) **Sobanura ubwikorezi icyo ari cyo. Bukorwa mu buhe buryo?** Ubwikorezi ni uburyo bwo gukura abantu cyangwa ibintu ahantu ubijyana ahandi. Hari ubwikorezi bwo ku butaka, mu mazi no mu kirere.
2) **Sobanura uko ubwikorezi bugira uruhare mu buhinzi ushingiye hu mwandiko**. Ubwikorezi bugira uruhare ku muhinzi mu kugura ibikoresho, imbuto no kugurisha ya myaka ye ku isoko, kuko akenera uburyo bworoshye butuma ageza ku isoko umusaruro we nk'imodoka, kuko kubyikorera ku mutwe byamugora kuruta uko yaba afite imodoka ye. Iyo ari byinshi kandi adafite imodoka byamutwara igihe kitari gito bityo bikadindiza ibikorwa bye n'umusaruro we ukagenda ugabanuka. Ikindi kandi, umuhinzi ufite imodoka ye bwite akoresha mu bwikorezi bw'umusaruro we yunguka kurusha ukoresha iz'abandi bityo n'iterambere ry'abo bahinzi bombi rizatandukana bishingiye ku bwikorezi bakoresha.
3) **Ni gute ubwikorezi bugira uruhare mu bucuruzi?** Umucuruzi yunguka bitewe n'uburyo yaranguye cyangwa yageze aho arangurira. Niba ari mu mahanga bizamusaba gukoresha uburyo bunyuranye bw'ubwikorezi bw'ibintu bushobora gukorerwa ku butaka. Iyo ubwikorezi bwihuse arunguka, bwatinda agahomba.
4) **Ni izihe mpamvu zivugwa mu mwandiko zituma igihugu gikora ubwikorezi runaka?** Impamvu zituma hakorwa ubwikorezi runaka ni ukohereza no gutumiza ibintu mu mahanga.
5) **Ni gute igihugu gishobora kudindizwa n'ubwikorezi?** Iyo igihugu kitegereye inyanja gisabwa igihe kinini, imisoro n'abakozi byinshi kuko bica ku mipaka cyangwa ku bibuga by'indege binyuranye. Gishobora kandi kudidindizwa no kuba cyakoresha uburyo n'inzira bitagendanye n'igihe bityo ibikenewe ntibigere aho bigenewe ku gihe nyacyo.
6) **Sobanura ukuntu ubwikorezi ari imwe mu nkingi z'iterambere mu Gihugu cyacu?** Iyo ibikoresho by'ubwikorezi cyangwa se inzira z'ubwikorezi

ziyongereye iyoherezwa n'itumizwa ry'ibicuruzwa mu mahanga na ryo ririyongera kandi rigakorwa ku buryo buhendutse. Amadovizi ariyongera, ba mukerarugendo bakiyongera. Abashoramari na bo bariyongera. Bityo rero ubwikorezi ni inkingi ikomeye mu bucuruzi, bumwe mu masoko y'iterambere, butuma imibereho y'umuntu ku giti ke iba myiza, igihugu kikazamuka.

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 131)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Kwerekana insanganyamatsiko iri mu mwandiko.
- Gusobanura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashishikarira anashishikariza abandi kubungabunga ibikorwa remezo birebana n'ubwikorezi ashingiye ku bivugwa mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu,

### Imitangire y'isomo

#### 1. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije ku mwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?** Ni umwandiko "Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere".
b) **Ni iki kivugwa mu mwandiko?** Ikivugwa mu mwandiko ni ukuntu umuhinzi cyangwa umucuruzi ufite imodoka atera imbere vuba kurusha utayifite. Ikindi kandi ashobora kumenya amakuru mbere bigatuma abantu barushaho kumwizera kuko abagezaho ibyo bakeneye mu gihe nyacyo.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo, umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko "*Uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere ry'igihugu*".

#### 2. Gusomera umwandiko mu matsinda no kuwusesengura

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ingingo z'ingenzi zivugwamo. Umwarimu araha abanyeshuri ibibazo bibafasha

kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ibindi bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Arabivuga mu ijwi riranguruye anabyandike ku kibaho kugira ngo afashe abatumva niba bahari.

**Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ibisubizo:**

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko?** Insanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko ni uruhare rw'ubwikorezi mu iterambere ry'igihugu.
2. **Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.** Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni:
   - Igisobanuro n'ubwoko by'ubwikorezi;
   - Uruhare rw'ubwikorezi mu buhinzi: bukoreshwa mu kugura ibikenewe (ibikoresho byo mu rugo, inyongeramusaruro) no kugurisha imyaka;
   - Uruhare rw'ubwikorezi mu bucuruzi: bufasha kumenya uko ibiciro by'ahandi byifashe no kugeza ibicuruzwa ku baguzi mu gihe nyacyo bityo ikizere kikiyongera;
   - Inganda zitera imbere; ingorane zituruka ku bwikorezi bukozwe nabi cyangwa se igihugu kiri kure y'inyanja: kudindiza iterambere...;
   - Ukuntu ubwikorezi ari kimwe mu nkingi z'iterambere ry'ubukungu bw'igihugu ndetse n'isi muri rusange.
3. **Ni akahe kamaro k'ubwikorezi katavuzwe mu mwandiko? ( Tanga zimwe mu ngero)** Aha abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye umwarimu akareba niba bikwiye.
4. **Ni gute wabungabunga ibikorwa remezo kugira ngo ubwikorezi bukorwe neza?** Hari ibyo nakora kugira ngo ubwikorezi bukorwe neza, muri byo harimo kutangiza imihanda no kuyitaho, kudakoresha ibinyabiziga bishaje bishobora kwangiza no gutinza ibintu mu nzira, gutera no kwita ku biti bitewe mu nkengero z'umuhanda, kwita ku bibuga by'indenge no gushyigikira iyaguka ryabyo ndetse no guhanga ibindi bijyanye n'igihe; kurinda umutekano wo ku muhanda nkangurira abantu kutaragira mu muhanda n'abana kudakiniramo,....
5. **Wifashishije umwandiko, vuga uburyo bunyuranye bukoreshwa mu bwikorezi ushakishirize hamwe na bagenzi bawe ubundi buryo butavuzwe mu mwandiko**. Umwarimu arareba niba abanyeshuri batanga uburyo bunyuranye (ubwikorezi bwo mu mazi, mu kirere, ku butaka...)

## Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 131)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko yasesenguye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Gutanga igitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe ajora ibitekerezo bya bagenzi be mu bwubahane.
- Gutinyuka kuvugira mu ruhame kandi adategwa.
- Kuvuga no kugaragaza imbata n'uturango tw'umwandiko ntekerezo no kuwuhanga.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba agaragaza imyitwarire iteza imbere ubwikorezi.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku bwikorezi.

### Imitangire y'isomo

**1. Isubiramo**

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

***Urugero rw'ibibazo yabaza:***

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka gusesengura umwandiko uvuga ku ruhare rw'ubwikorezi mu iterambere.

b) **Uwo mwandiko wasorezaga ku yihe ngingo y'ingenzi?** Wasorezaga ku ngingo ivuga ku ngorane zituruka ku gutura kure y'inyanja n'ibyiza byo gutura hafi yayo. Kuko ibituye kure ibicuruzwa birahenda kubera imisoro inyuranye naho ibihaturiye birahenduka kubera ko imisoro iba ari mike.

**2. Kungurana ibitekerezo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri aranabasaba kwandika insanganyamatsiko ku kibaho kugira ngo afashe abatumva neza kuwubona no kuwusobanukirwa.

### Umwitozo wo kungurana ibitekerezo

Ubwikorezi bufite ibyiza ku buzima bw'umuntu. Byerekane kandi unabisobanure mu buryo burambuye ushingiye ku bumenyi ufite no ku bushakashatsi wakoze.

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo. Uwo arajya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi mu bwubahane. Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga

ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo. Bikandikwa ku kibaho.

**Dore urugero rw'ibitekerezo**

**Ibyiza by'ubwikorezi ku buzima bw'umuntu**

Guteza imbere ubuhahirane bityo imibereho igatera imbere (imirire, imyambarire...).
Guteza imbere imiturire (ibikoresho bitumizwa mu mahanga).
Gutumiza imiti mu mahanga ikenerwa mu kuvura indwara.
Imibanire y'abantu itera imbere kuko ingendo ziba zoroshye.
[... ]

## Intera ya kane: Umwandiko ntekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 131)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko yasesenguye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
– Gutahura inshoza n'uturango by'umwandiko ntekerezo.
– Guhanga umwandiko ntekerezo.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

### Imitangire y'isomo

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko baheruka gusesengura maze akabaha ibibazo bakoraho ubushakashatsi bari mu matsinda.

**2. Isesengura**

Umwarimu asaba banyeshuri kwitegereza imiterere y'umwandiko bamaze gusoma akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo bikurikira:
Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura kandi werekana inshoza n'uturango twawo.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

**Inshoza y'umwandiko ntekerezo n'uturango twawo**

Ni umwandiko ugambiriye gutanga ibitekerezo ariko noneho bigomba gusobanurwa, hagaragazwa n'ingero ndetse n'ibipimo by'imibare n'ubundi bumenyi. Uwandika bene uwo mwandiko agomba kuwuha intego, kuwushakira ingingo fatizo, kuwuha umujyo n'umwanzuro.

Ibyo bituma umwanditsi ashobora kwerekana aho ava n'aho ajya. Uwandika kandi atanga ibisobanuro bifatika kuri buri gitekerezo atanze, akerekana ko hari abandi babibonye nka we, akagaragaza n'inkomoko y'ibyo avuga; kuko aba agambiriye ko babyemera. Icyo gitekerezo gishobora kuba kerekeye imibereho rusange y'abantu, ubukungu, amadini cyangwa imyemerere, imitekerereze n'ibindi.

- **Ihimbamwandiko ni iki?** Ni uburyo bwo guhanga inyandiko bugamije guhanura, gutanga inama n'ibitekerezo bwite, gushyigikira cyangwa kunenga ikintu runaka cyangwa kwigisha.
- **Uhimba umwandiko agomba kwita kuki kugira ngo agire umwandiko mwiza?** Agomba kwita ku mbata y'umwandiko no ku mabwiriza agenga ihangamwandiko.

**Imbata y'umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo uba ugizwe n'ibice bine by'ingenzi: umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

**Umutwe**

Ni interuro ngufi iba ihina insanganyamatsiko yatanzwe. Igomba kuba ifitanye isano n'ibivugwa mu mwandiko.

**Intangiriro cyangwa interuro**

Ni cyo gice kibanza cy'umwandiko kiba ari integuza y'ibivugwa. Iba ari nto kandi ntiba itangwamo ingero. Itera amatsiko ku bigiye kuvugwa.

**Igihimba cyangwa indamburangingo**

Ni igice cy'umwandiko kiba kibumbatiye ubutumwa bw'umwandiko muri rusange. Iki gice ni cyo uwandika aramburamo buri ngingo akurikije insanganyamatsiko yagennye. Biba byiza iyo uhanga agenda yumvikanisha ukuri yifashishije ingingo rusange n'izizungirije, buri ngingo igenda ifata igika cyayo. Ibika bikwiye gukurikirana ku buryo bw'inyurabwenge.

**Umusozo cyangwa umwanzuro**

Aha uhimba avuga mu nshamake ku ngingo rusange atanga umuti n'inama kugira ngo abazasoma umwandiko we bazagire ingingo bagenderaho.

**Ikitonderwa:**

Uhanga umwandiko akora interuro zuzuye kandi zemewe, akoresha utwatuzo dukwiye n'ingingo zikaba zisobanutse. Ntihagomba kubamo kandi imvugo ya giseseka cyangwa nyandagazi.

**Amabwiriza yo guhanga umwandiko ntekerezo**

Uhanga umwandiko agomba gukurikiza ibi: gusesengura no kumva neza insanganyamatsiko; gukusanya ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe; gutoranya

ingingo z'ingenzi no gukora imbata. Iyo ibyo birangiye, hakurikiraho kwandika urasa ku ntego kandi ukurikiza inyurabwenge, injyabihe, imbata n'amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda. Igikorwa gisoza ni ukwandika umwandiko unoze.

Uwiyemeje guhanga umwandiko agenzura ko hubahirijwe ibi:
isuku n'imigaragarire y'umwandiko, ni ukuvuga ko uwandika agaragaza umutwe w'umwandiko, kureka umwanya iburyo n'ibumoso by'urupapuro, kudasiribanga, kuba nta mirongo ibusanye n'indi.

**Imbata y'umwandiko** igomba kuba yigaragaza ukurikije umwandiko; mbese byigaragaza ko ari umutwe, interuro, indamburangingo n'umusozo.
Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda igomba kubahirizwa, hitabwa ku mategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

**Inozamvugo/ ikeshamvugo:** mu ihangamwandiko amagambo ntahinwa.

***Urugero:***

kdi/kandi, cg/cyangwa, Kgli/Kigali... Mu ihangamwandiko kandi imibare n'inyuguti ntibivangwa usibye imibare ivuga itariki y'umwaka. Ntihagomba kurangwamo interuro nyobyamvugo nk'interuro zubatse nabi cyangwa imigani.

***Urugero:***

Ndavuze ati:" Tugende vuba , tuve aha!" bavuga: Ndavuze nti:" Tugende vuba, tuve aha!"
**Uburebure bw'umwandiko:** uwandika agomba kubahiriza indeshyo y'umwandiko yasabwe gukora; yita ku mubare w'amagambo cyangwa w'imirongo yasabwe gukora.

**Umukoro wo guhanga umwandiko**

Nyuma y'isomo umwarimu asaba abanyeshuri guhanga umwandiko ntekerezo bakazawukosorera hamwe mu isomo rizakurikiraho.

Rambura iyi nsanganyamatsiko, uyihangemo umwandiko ntekerezo wubahiriza uturango twawo. Utarengeje ibihande bibiri by'urupapuro.

Uruhare rw'ubwikorezi mu bucuruzi.

Mu kuwukosora umwarimu areba niba abanyeshuri bubahirije insanganyamatsiko bahawe kandi umwandiko ukaba ugaragaza uturango tw'umwandiko ntekerezo.

## Intera ya gatanu: Uturemajambo tw'inshinga twungirije

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 133)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

– Kwerekana no kurondora amazina y'uturemajambo twungirije tw'inshinga.
– Gusesengura inshinga agaragaza uturemajambo twayo twose no kuyikoresha mu nteruro yerekana amategeko y'igenamajwi yakoreshejwemo.
– Gutahura ingirwanshinga mu yandi magambo, kuyikoresha mu nteruro no kugaragaza intego n'uturango twayo.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'igitabo k'ikibonezamvugo.

### Imitangire y'isomo

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yandika ku kibaho interuro zavuye mu mwandiko bize akabasaba kwitegereza amagambo yanditse atsindagiye batahura imiterere yayo.

***Urugero rw'interuro:***

a) **Nimushyigikire** ubwikorezi kuko bufite akamaro.
b) **Ntidukorere** abandi nabi.
c) Ibyo byose **biterwa** n'ubwikorezi ukoresha **bushobora** gutinda cyangwa se **kubanguka**.

**2. Isesengura:**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera ubushakashatsi mu matsinda bagerageza gusubiza ibibazo byababajijwe kuri izo nteruro. Abaha igihe cyo kubikora cyagera akabasaba kuzaza kumurika ibyavuye mu matsinda akabafasha kubinonosora bigakorerwa inshamake ikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

**Ibibazo byababafasha mu bushakashatsi:**

Ongera usome interuro ziri haruguru maze werekane intego z'amagambo atsindagiye. Uretse indanganshinga, ingangagihe, umuzi n'umusozo, shaka utundi turemajambo twungirije tugize inshinga itondaguye.

### Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:

**Inshoza y'uturemajambo twungirije**

Uturemajambo twungirije ni uturemajambo dushobora kugaragara mu nshinga

iyo bibaye ngomwa kugira ngo tuyihindurire inyito. Bene utwo turemajambo iyo tutagaragaye ntidusimbuzwa ø. Utwo turemajambo ni akano, indangasano y'icyuzuzo n'ingereka.

***Urugero:***

**Ntitubikore:** nti-tu-ø-bi-kor-e: **nti**-: akano; **-tu-:** indangangenga; bi: indangasano y'icyuzuzo; -**kor**-:umuzi; -**ir**: ingereka; -**e**: umusozo.

a) **Akano (KN/TN)**

Akano ni akaremajambo kaza imbere y'indanganshinga. Hari bamwe bakita mbanza, imbanzirizangenga, imbimburiranteko, interuranteko cyangwa inyomekwambere. Izi nyito zose zihuriye ku kuba zerekana ko aka karemajambo gafata umwanya w'imbere.

**Imbonerahamwe yako**

| **Akano** | **Urugero** | **Uturemajambo** |
|---|---|---|
| **Ni**-: gakoreshwa iyo bateganya (kagira isaku nyejuru) cyangwa bategeka (kagira isaku nyesi). | Nibasora | **ni**-ba-ø-sor-a |
| | Nubabona | **ni**-u-ø-ba-bon-a i→ø/-J |
| | Nimubikore | **ni**-mu-ø-bi-kor-e |
| **Si**-: gakora muri ngenga ya mbere y'ubumwe mu guhakana. | Sinumva | **si**-n-ø-umv-a |
| | Sinzakwa iriya shashi | **si**-n-za-ko-a o→w/-J |
| **Nti:** gakoreshwa mu guhakana muri ngenga zose usibye iya mbere y'ubumwe. | Ntimwariye | **nti**-mu-a-ri-ye u→w/-J |
| | Ntituziba imisoro | **nti**-tu-za-ib-a a→ø/-J |
| | Ntuzirengagize amahoro. | **nti**-u-za-ii-reng-ag-ir-y-e i→ø/-J; a→ø/-J; r+y→z |

Utuno rero turimo amoko atatu: agategeka, akaziganya n'agahakanya nk'uko bigaragara muri yi mbonerahamwe.

## Imyitozo

Abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bagezeho kuri iki gice , umwarimu abaha umwitozo kugira ngo arebe niba bakurikiye ibyavuye mu istinda.

***Urugero rw'umwitozo n'igisubizo:***

1) **Akano ni iki? Karimo ubwoko bungahe?**
   Akano ni akaremajambo k'inshinga kaza imbere y'indanshinga. Kagira ubwoko butatu: agategeka, akaziganya n'agahakanya nk'uko bigaragara

2) **Erekana intego z'inshinga zanditse mu mukara tsiri maze werekane akano**.
   a) **Nimumugirire** ikizere kuko ari inyangamugayo.
   b) **Simba** mu bantu birengagiza inshingano zabo.
   c) Karangwa **ntiyibye** inka ya Nkuranga.
   d) Uhiga umugabo **ntiyamira**.

***Urugero rw'igisubizo:***

| **Inshinga** | **Akano** | **Utundi turemajambo** |
|---|---|---|
| Nimumugirire | ni- | mu-mu-gir-ir-e |
| Simba | si- | n-ø-ba-a n→m/-b |
| Ntiyibye | nti- | a-ø-ib-a a→y/-J |
| Ntiyamira | nti- | a-ø-am-ir-a a→y/-J |

**b) Indangacyuzuzo/ Inyibucyacyuzuzo/ Indangasano y'icyuzuzo (RSUZ)**

Indangacyuzuzo ni akaremajambo kajya mu nshinga kagasimbura kandi kakibutsa icyuzuzo k'iyo nshinga. Kibutsa ngenga cyangwa inteko by'ijambo ribereye inshinga icyuzuzo.

Indangacyuzuzo ziri ukubiri; hari izisanzwe n'indangacyuzuzo ngaruka.

**Imbonerahamwe:**

| **Indangacyuzuzo zisanzwe** | | **Interuro** | **Uturemajambo** |
|---|---|---|---|
| Ngenga ya mbere | **-n-** | Azankorera uriya mutwaro. | a-za-n-kor-ir-a i→e/ Co- |
| | | Arambara ejo.<br>Aranyubaha pe? | a-ra-amb-ar-a a→ø/-J<br>a-ra-n-ubah-a n→ny/-J |
| | **-tu-** | Twe aradukunda cyane. | a-ra-tu-kund-a t→d/-GR |
| | | Twe aratwubaha rwose. | a-ra-tu-ubah-a u→w/-J |
| Ngenga ya kabiri | **-ku-** | Wowe azaguhana. | a-za-ku-han-a k→g/-GR |
| | **-ba-** | Mwe azabahana. | a-za-ba-han-a |
| Ngenga ya gatatu nt.1 | **-mu-** | We aramubara. | a-ra-mu-bar-a |
| nt.2 | **-ba-** | Bo arababara. | a-ra-ba-bar-a |
| nt.3 | **-wu-** | Wa murima arawubara. | a-ra-wu-bar-a |
| nt.4 | **-yi-** | Ya nka arayigura. | a-ra-yi-gur-a |
| nt.5 | **-ri-** | Rya gare ararigura. | a-ra-ri-gur-a |
| nt.6 | **-ya-** | Ya masaka arayagura. | a-ra-ya-gur-a |
| nt.7 | **-ki-** | Cya kirima arakigura. | a-ra-ki-gur-a |
| nt.8 | **-bi-** | Bya bigori arabigura | a-ra-bi-gur-a |
| nt.9 | **-yi-** | Ya nk turayibaga. | tu-ra-yi-bag-a |

| | | | |
|---|---|---|---|
| nt.10 | **-zi-** | Inka araziragira. | a-ra-zi-ragir-a |
| nt.11 | **-ru-** | Ururabo ararukata. | a-ra-ru-kat-a |
| nt.12 | **-ka-** | Ka karima aragafite. | a-ra-ka-fite k→g/-GR; |
| nt.13 | **-tu-** | Twa dufi aradufashe. | a-ra-tu-fat-ye t→d/-GR; t+y→sh |
| nt.14 | **-bu-** | Bwa bwato arabwishyura. | a-ra-bu-ishyur-a u→w/-J |
| nt.15 | **-ku-** | Kwa kuguru arakureka. | a-ra-ku-rek-a |
| nt.16 | **-ha-** | Aha araharunda. | a-ra-ha-rund-a |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Indangacyuzuzo ngaruka yerekana igikorwa kigaruka kuri ruhamwa.** | **-ii-/-iy-** | Uwera arikunda. | a-ra-ii-kund-a a→ø/-J |
| | | Bariya bana barikunda. | ba-ra-ii-kund-a a→ø/-J |
| | | Aba bantu bariyica. | ba-ra-iy-ic-a a→ø/-J |
| | | Uratwibwira nuhagera. | u-ra-tu-ii-bwir-a u→w/-J |

Abashakashatsi bamwe bemeza ko indangacyuzuzo ngaruka iba **-iy-** iyo umuzi w'inshinga utangiwe n'inyajwi na -**ii**- iyo umuzi utangiwe n'ingombajwi. Abandi (urugero: A. Coupez) bakemeza ko ari **-iy-** gusa ko **-ii-** itabaho.

**Imyitozo**

Umwarimu aha abanyeshuri umwitozo ukurikira agasaba buri wese kuwukora ku giti ke kugira ngo arebe niba ibyamuritswe kuri iki gice byumvikanye

***Urugero rw'umwitozo n'igisubizo***

1. **Inyibutsacyuzuzo ni iki?** Inyibutsacyuzuzo ni akaremajambo kajya mu nshinga kagasimbura kandi kakibutsa icyuzuzo k'iyo nshinga.
2. **Inyibutsacyuzuzo ziri muri ngenga zingahe?** Inyibucyacyuzuzo ziri muri ngenga eshatu uretse inyibutsacyuzuzo ngaruka buri gihe iba ari **"-ii-** cyangwa **-iy-"**.
3. **Erekana inyibutsacyuzuzo zigaragara mu nshinga ziri mu nteruro zikurikira:** Mbere yo kwikorera ku giti cyawe ugomba kubanza kubyibazaho cyane.

| **Inshinga** | **Indanganshinga** | **Inyibutsacyuzuzo** | **Utundi turemajambo** |
|---|---|---|---|
| Kwikorera | Ku- | **-ii-** | -kor-ir-a |
| Kubyibazaho | Ku- | **-bi-ii-** | -bar-y-a |

**c) Ingereka (GRK)**

Ingereka ni akaremajambo kajya hagati y'umuzi/ intima n'umusozo by'inshinga kakayizanira ingingo nshya. Iyo umuzi wiyunze n'ingereka bibyara igicumbi gishya kitwa: **intima**.

Ingereka zikoreshwa mu ikomoranshinga rishingiye ku guhimba inshinga nshya ifatiye ku mizi y'andi magambo. Hari uburyo bubiri: ikomoranshinga **mvazina** n'ikomoranshinga **mvanshinga**.

1. **Ikomoranshinga mvazina**

   Ikomoranshinga mvazina ni uguhimba inshinga nshya uhereye ku bicumbi by'amazina asanzwe mu rurimi.

***Urugero:***

| Amazina/Igicumbi | Ingereka | Inshinga | Intego |
|---|---|---|---|
| Ibiryo | **-h-** | kuryoha | ku-ri-o-h-a i→y/-J |
| -bi/-ke | | kubiha/gukeha | ku-bi-h-a/ku-ke-h-a k→g/-GR; |
| Ingumba | | kugumbaha | ku-gumba-h-a |
| Urumuri | **-k-** | kumurika | ku-muri-k-a |
| Amahari | | guharika | ku-hari-k-a |
| Ifoto | **-r-** | gufotora | ku-foto-r-a |
| Umukungu | **-ah-ar-** | gukungahara | ku-kungu-ah-ar-a u→ø/-J k→g/-GR; |
| Umutindi | | gutindahara | ku-tindi-ah-ar-a i→ø/-J k→g/-GR; |

Iri komoranshinga rikoresha ingereka zikurikira: **-h-;-k-; -r-; -ah-ar-**.

2. **Ikomoranshinga mvanshinga**

   Iri komoranshinga rishingiye ku guhimba inshinga nshya uhereye ku mizi y'inshinga zisanzwe mu rurimi. Ibyo bituma dusangamo ingereka z'amoko menshi. Ayo moko agabanyijemo ibyiciro: **ingereka zijyana** n'imizi gusa zihora imbere zitwa **ingereka ngeno** n'iziboneka ahabonetse hose zitwa **ingereka gikwira**. Muri buri kiciro habamo ingereka nyacyuzuzo n'ingereka ntacyuzuzo. Ingereka kandi ziha intima intego ituma bikoreshwa mu magambo; izo ngereka zitwa "**imbonezantima**".

a) **Ingereka zihora zibanziriza izindi**

**Ingereka nsubira**

Izi ngereka ziha inshinga inshoza y'igikorwa kisubiramo inshuro zirenze imwe.

***Ingero z'ingereka nsubira:***

| Umuzi /intima | Ingereka nsubira | Inshinga nshya | Intego |
|---|---|---|---|
| -mes- | **-uur-** | Kumesuura | ku-mes-uur-a |
| -kom- | | Gukomora | ku-kom-uur-a<br>u→o/ co- |
| -bag- | **-ar-ur-** | Kubagarura | ku-bag-ar-ur-a |

| | | | |
|---|---|---|---|
| -vun- | **-ag-ur-** | Kuvunagura | ku-vun-ag-ur-a |
| -cir- | | Guciragura | ku-cir-ag-ur-a |
| -vug- | | Kuvugagura | ku-vug-ag-ur-a |
| -ri- | **-ag-ag-ur-** | Kuryagagura | ku-ri-ag-ur-a<br>i→y/ -J |
| -ci- | | Guciragura | ku-cir-ag-ur-a |
| -kubit- (-kub-it-) | | Gukubitagura | ku-kubit-ag-ur-a |
| -cur- | **-ang-** | Gucuranga | ku-cur-ang-a |
| -kom- | | Gukomanga | ku-kom-ang-a |
| -sib- | | Gusibanga | ku-sib-ang-a |

**Ingereka ngirura/ ngiruka**

Ingereka ngirura ni akaremajambo gaha inshinga inyito ibusana n'ibumbatiwe n'igicumbi.

***Ingero:***

| **Umuzi** | **Ingereka** | **Inshinga nshya** | **Intego** |
|---|---|---|---|
| -dod- | -uur- | Kudodora | ku-dod-uur-a u→o/Co- |
| -fung- | | Gufungura | ku-fung-uur-a k→g/-GR |
| -het- | | Guhetura | ku-het-uur-a k→g/-GR |
| -ta- | | Gutoora | ku-ta-uur-a a + u→o |
| -hug- | -uk- | Guhuguka | ku-hug-uk-a k→g/-GR |
| -jij- | | Kujijuka | ku-jij-uk-a |
| -dod- | | Kudodooka | ku-dod-uk-a u→o/Co- |

**Ingereka z'inyabune**

Ingereka z'inyabune ni uturemajambo dukunda kugendana ari tune zikiyomeka ku ntima (Intima ni umuzi utihagije/udafite inyito yumvikana, ikagira inyito iyo yiyunze n'ingereka z'inyabune cyangwa imbonezantima.) Izi nyabune zishobora kugenda ari enye, eshatu cyangwa ebyiri.

***Ingero z'inyabune***

| Urugero rw'igicumbi cyangwa umuzi utihagije | Ingereka z'inyabune | Inshinga nshya (urugero) | Intego |
|---|---|---|---|
| *han-;*hag-;*bamb-*z-;*cur-; *eg-; *jand-; *gar-;*ub-; *heng-... (harafatwa urugero rumwe). | **-am- (-uk-)** | Guhanama | ku-*han-am-a k→g/-GR; |
| | **-ik-** | Guhanika | ku-*han-ik-a k→g/-GR; |
| | **-uk-** | Guhanuka | ku-*han-uk-a k→g/-GR; |
| | **-ur-** | Guhanura | ku-*han-ur-a k→g/-GR; |

| | | | |
|---|---|---|---|
| *ramb- | **-ik-** | Kurambika | ku-*ramb-ik-a |
| | **-uuk-** | Kurambuuka | ku-*ramb-uuk-a |
| | **-uur-** | Kurambuura | ku-*ramb-uur-a |
| *tob- | **-am-** | Gutobama | ku-*tob-am-a k→g/-GR; |
| | **-ik-** | Gutobeka | ku-*tob-ik-a k→g/-GR; |
| *cuk- | **-uuk-**<br>**-uur-** | Gucukuuka<br>Gucukuura | ku-*cuk-uk-a k→g/-GR;<br>ku-*cuk-uur-a k→g/-GR; |
| *hir- | **-ik-** | Guhirika | ku-*hir-ik-a k→g/-GR; |
| *ter- | **-ik-**<br><br>**-ur-** | Gutereka<br><br>Guterura | ku-*ter-ik-a i→e/Ce- k→g/-GR;<br>ku-*ter-ur-a k→g/-GR; |
| *tah- | **-uuk-**<br>**-uur-** | Gutahuka<br>Gutahuura | ku-*tah-uuk-a k→g/-GR;<br>ku-tah-uur-a k→g/-GR; |

**Ingereka ngirika**

Ingereka ngirika ivuga ko igikorwa kibumbatiwe n'igicumbi k'inshinga gishoboka cyangwa se kitaruhanyije kugerwaho.

***Ingero:***

| Umuzi | Ingereka | Inshinga nshya | Intego |
|---|---|---|---|
| -hing- | **-ik-** | Guhingika | ku-hing-ik-a k→g/-GR |
| -reb- | | Kurebeka | ku-reb-ik-a |
| -bon- | | Kuboneka | ku-bon-ik-a i→e/Co- |
| -gur- | | Kugurika | ku-gur-ik-a |
| -mir- | | Kumirika | ku-mir-ik-a |

***Ingero:*** Uyu murima **urahingika**. u-ra-hing-ik-a

Wivunika **numvise**. n-ø-umv-it-ye t+y→s

Bya bigori **byaheredutse**. bi-a-her-it-uk-ye i→e/Ce- i→y/-J t→d/-GR k+y→ts

**Ingereka gikwira/ zijya ahabonetse hose**

1. **Ingereka ngirana: -an-**
   Iyi ngereka igira inshoza y'ibanze yo gukorera icyarimwe.

***Urugero***

Gukundana: ku-kund-an -a

Gukorana: ku-kor-an-a k→g/-GR

2. **Ingereka ngirira: -ir-**
   Igira inshoza yayo y'ibanze ni ugukora mu mwanya w'undi.

***Urugero***

| | | |
|---|---|---|
| Gukinira: ku-kin-ir-a | k→g/-GR | |
| Gukorera: ku-kor-ir-a | k→g/-GR | i→e/Co- |

3. **Ingereka ngirisha: -ish-/-sh-**

   Ingereka ngirisha igira inyito y'ibanze ni ukwifashisha ikintu ukora ikindi, **-sh-** ikorana gusa n'imizi y'imvugwarimwe mu gihe **-ish-** ikorana n'imizi isanzwe.

***Urugero:***

| | |
|---|---|
| Guhingisha: ku-hing-ish-a | k→g/-GR |
| Gukosha: ku-ko-sh-a | k→g/-GR |

4. **Ingereka ngiza :-y-**
   Iyi ngereka igira inshoza y'ibanze yo gutera ikintu kubaho cyangwa kubitegeka.

***Urugero:***

| | |
|---|---|
| Gukubuza: ku-kub-ur-y-a | r+y→z. |
| Kubyaza: ku-byar-y-a | r+y→z. |

5. **Ingereka ngirwa: -w-/-bw-**
   Iyi ngereka yerekeza amaherezo y'igikorwa kuri ruhamwa aho kuyerekeza ku cyuzuzo. -**bw**- ikorana n'imizi y'imvugwarimwe mu gihe -**w**- ikorana n'imizi isanzwe.

***Urugero:***

| | |
|---|---|
| Gukubitwa:ku-kubit-w-a | k→g/-GR |
| Kwigwa:ku-ig-w-a | u→w/-J |
| Gukobwa: ku-ko-bw-a | k→g/-GR |
| Gutabwa: ku-ta-bw-a | k→g/-GR |

## Imyitozo

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitozo ukorwa na buri mu nyeshuri ku giti ke.

*Urugero rw'umwitozo n'igisubizo*

1. Garagaza amazina y'uturemajambo n'intego by'inshinga ziri mu nteruro zikurikira:
   a) Agati kateretswe n'Imana ntigahungabanwa n'umuyaga.
   b) Urugiye kera ruhinyuza intwari.
   c) Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.
   d) Muzamumbwirire rwose ntazampemukire.
   e) Wa muhungu we wikwikorera ibi bintu byose, tumizaho igare.
   f) Witumiza ibintu mu mahanga bitujuje ubuziranenge.
   g) Nuhura na Petero uzanabimwibutse.
   h) Uyu muntu agomba kuhampingishiriza bidatinze.

*Urugero rw'ibisubizo*

| **Inshinga** | **KN** | **RSH** | **Gnt** | **RUZ** | **C** | **Grk** | **Soz** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Kateretswe | - | **-ka-** | - | - | **-ter-** | **-ik-w-** | **-ye** |
| Ntigahungabanwa | **nti-** | **-ka-** | - | - | **-*hung-** | **-ab-an-w-** | **-a** |
| Katagurutse | - | **-ka-** | **-ta-** | - | **-guruk-** | - | **-ye** |
| Ntikamenya | **nti-** | **-ka-** | - | - | **-meny-** | - | **-a** |
| Muzamumbwirire | - | **-mu-** | **-za-** | **- m u -n-** | **-bwir-** | **-ir-** | **-e** |
| Ntazampemukire | **nti-** | **-a-** | **-za-** | **-n-** | **-*hem-** | **-uk-ir-** | **-e** |
| Wikwikorera | - | **-u-** | **-i-ku-** | **-ii-** | **-kor-** | **-ir-** | **-a** |
| Tumizaho | - | - | - | - | **-tum-** | **-ir-y-** | **a/ho** |
| Witumiza | - | **-u-** | **-i-** | - | **-tum-** | **-ir-y-** | **-a** |
| Bitujuje | - | **-bi-** | **-ta-** | - | **-uzur-** | **-y-** | **-ye** |
| Nuhura | **-ni-** | **-u-** | - | - | **-hur-** | - | **-a** |
| uzanabimwibutse | - | **-u-** | **- z a -na-** | **-bi-mu-** | **-ib-** | **-uk-y-** | **-e** |
| Agomba | - | **a-** | - | - | **-gomb-** | - | **-a** |
| kuhampingishiriza | - | **-ku-** | - | **-ha-n-** | **-hing-** | **- i s h - i r -ir-y-** | **-a** |
| Bidatinze | - | **-bi-** | **-ta-** | - | **-tind-** | **-y-** | **-e** |

2. **Erekana intego n'itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe mu nshinga ziri muri izi nteruro:**
   a) Kaburame ni umucuruzi ukunda gutabara abantu mu Itumba ntibicwe n'inzara.
   b) Ntuzamundamukirize gusa uzanamumpere aya mafaranga ho intashyo.

| Inshinga | Intego | Itegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|
| Gutabara | Ku-ø-tabar-a | k→g/-GR |
| Ntibicwe | nti-ba-ic-w-e | a→ø/-J |
| Ntuzamundamukirize | nti-u-za-mu-n-ram-uk-ir-ir-y-e | i→ø/-J; r→d/n-; r+y→z |
| Uzanamumpere | u-za-na-mu-n-ha-ir-e | n→m/-h; mh→mp mu myandikire a+i→e |

3. **Uhereye ku ngero wihitiyemo rondora kandi werekane uturemajambo twose tw'inshinga. Ese ni tungahe?**

***Ingero:***

Se yarahamuguriye ariko ntazahamwubakira.
**Yarahamuguriye**
a-a-ra-ha-mu-gur-ir-ye
– **a:** indangashinga;
– **-a-ra-:** ingenantego (indangagihe);
– **-ha-mu:** indangacyuzuzo;
– **-gur-:** umuzi/ igicumbi;
– -**ir-:** ingereka ngirira;
– **-ye:** umusozo.

**Ntazahamwubakira**
nti-a-za-ha-mu-ub-ak-ir-a
– **nti**-:akano;
– **-a**-: indanganshinga;
– -**za**-: ingenantego (indangagihe);
– **-ha-mu**-: indangacyuzuzo;
– **ub-:** umuzi/igicumbi;
– **-ak-ir**-: ingereka;
– **-a**: umusozo
Uturemajambo twose tw'inshinga ni turindwi.

## Intera ya gatandatu: Ingirwanshinga

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 141)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
– Gutahura inshoza n'uturango tw'ingirwanshinga..
– Gusesengura ingirwanshinga.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

## Imitangire y'isomo

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho interuro zavuye mu mwandiko bize akabasaba kwitegereza amagambo yanditse atsindagiye batahura imiterere yayo.

***Urugero rw'interuro:***

Karangwa arasubiza ati: "Mbese mujya kumbaza icyo kibazo mushingiye ku ki?" Abandi bati: "Ese ni ko basubiza umuntu mukuru?"

### 2. Isesengura:

Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera ubushakashatsi mu matsinda bagerageza gusubiza ibibazo byababajijwe kuri izo nteruro. Abaha igihe cyo kubikora cyagera akabasaba kuza kumurika ibyavuye mu matsinda, akabafasha kubinonosora, bigakorerwa inshamake, ikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

**Ibibazo byabafasha mu bushakashatsi:**

Amagambo atsindagiye muri izi nteruro abumbatiye ngingo ki? Ni bwoko ki?
Ese hari andi bisangiye ubwoko? Nimushake intego zayo.

Abasaba gukora ubushakashatsi bari mu matsinda, akabaha igihe cyo kubukora, cyagera bakamurika ibyavuye mu matsinda akabafasha kubinonosora bigakorerwa inshamake ikandikwa ku kibaho.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

1) **Inshoza y'ingirwanshinga n'uturango twayo**

   Ingirwanshinga ni ijambo rigira inshoza y'ibinyazina nyereka n'ikinyazina kibaza n'iy'uburyo bugereranya. Ingirwanshinga igira kandi intego y'indagihe isanzwe y'ikirango gusa. Ingirwanshinga irangwa no kuba ifite indangasano ya ruhamwa isa n'iy'inshinga.

2) **Amoko y'ingirwanshinga n'intego yazo**

   Ingirwanshinga zifite indanganshinga zisa n'iz'inshinga zisanzwe naho igice cyakwiswe umuzi nko ku nshinga zisanzwe, ku ngirwanshinga kitwa igicumbi kuko usanga gifitanye isano n'intego y'ikinyazina nyereka. Ingirwanshinga ni enye:- ti, -tya, -tyo, -te

**a) – ti:**

Ingirwanshinga **– ti** ni yo yonyine igaragaza ko nta sano ifitanye n'ibinyazina. Yerekana cyangwa ivuga amagambo atari aya nyakuvugwa cyangwa se aya nyakuvuga iyo asubirwamo.

***Ingero:*** - Yezu/Yesu ati :"Nimureke abana bato bansange" Ati: a – ti

- Uti iki? Uti: u – ti
- Muti yaje? Muti: mu – ti
- Bati nawe naze ? Bati: ba – ti

**b) – tya:**

Ingirwanshinga – **tya** ifitanye isano n'ikinyazina nyereka cyo mu itsinda rya mbere **aba** ariko ikaba ifite ingingo isobanura ukuntu.

***Ingero:*** 1. Nakoze ntya. Ntya: n – tya

2. Genza utya utabizambya. Utya: u – tya

3. Wubake gutya bitagwa. Gutya: ku – tya k→g / - GR

4. Izo nkweto ziteye zitya ni bwo buryo bwazo. Zitya: zi – tya

**c) – tyo:**

Ingirwanshinga – **tyo** ifitanye isano n'ikinyazina nyereka cyo mu itsinda rya kabiri **abo** ariko ikaba yo ifite ingingo yo gusobanura ukuntu.

***Ingero:***

1. Burya uteye utyo? Utyo: u – tyo
2. Mubimenye neza ko duteye dutyo. Dutyo: tu – tyo t→d / - GR
3. Ntubyandike gutyo bitatunanira kubisoma. Gutyo: ku – tyo k →g / - GR
4. Amata avuze atyo araryoha. Atyo: a – tyo

**d) – te:**

Ingirwanshinga – **te** ifitanye isano n'ikinyazina kibaza – **he**? Ariko yo ifite ingingo yo gusobanuza ukuntu.

***Ingero:*** 1. Nkore nte ngo yemere? Nte? n – te

2. Baririmbye bate? Bate? ba – te

3. Wabyanditse ute ko bidasomeka? Ute? u – te

4. Uyu mugati waguzwe gute? Gute? ku – te k→ g/-GR

**Imbonerahamwe y'ingirwanshinga**

| **Ngenga/inteko** | | **Ibicumbi by'ingirwanshinga** | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | **-ti** | **-tya** | **-tyo** | **-te?** |
| Ngenga ya 1 | y'ubumwe | nti: n-ti | ntya: n-tya | ntyo: n-tyo | nte? n-te |
| | y'ubwinshi | tuti:tu-ti | dutya | dutyo | dute? |
| Ngenga ya 2 | y'ubumwe | uti | utya | utyo | ute? |
| | y'ubwinshi | muti | mutya | mutyo | mute? |
| Ngenga ya 3 | nt. ya 1 | ati | atya | atyo | ate? |
| | 2. | bati | batya | batyo | bate? |
| | 3. | uti | utya | utyo | ute? |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | 4. | iti | itya | ityo | ite? |
| | 5. | riti | ritya | rityo | rite? |
| | 6. | ati | atya | atyo | ate? |
| | 7. | kiti | gitya | gityo | gite? |
| | 8. | biti | bitya | bityo | bite? |
| | 9. | iti | itya | ityo | ite? |
| | 10. | ziti | zitya | zityo | zite |
| | 11. | ruti | rutya | rutyo | rute? |
| | 12. | kati | gatya | gatyo | gate? |
| | 13. | tuti | dutya | dutyo | dute? |
| | 14. | buti | butya | butyo | bute? |
| | 15. | kuti | gutya | gutyo | gute? |
| | 16. | hati | hatya | hatyo | hate? |

**Ikitonderwa:**

Mu by'ukuri intego y'ingirwanshinga ni **RSH-C** ariko hari abandi bashakashatsi bake bemeza ko ingirwanshinga zigira uturemajambo dutatu ariko ugasanga utwo turemajambo tudasobanutse neza.

***Urugero:***

**Iziremeye ku musozo –ø**

Uyu musozo ugira intego y'ikinyazina nyereka gifite igicumbi –ø ukenda no kugira inshoza yacyo. Ijambo uremye uterura amagambo atari aya nyakuvuga cyangwa se aya nyakuvuga iyo asubirwamo.

***Ingero:***

Umuporisi **ati:**"Izi modoka ntizujuje ubuziranenge, muzivane aha". Ati: a-ti-ø
Ndavuze **nti**: "Ngwino". Nti: n-ti-ø

**Iziremeye ku musozo –a**

Zigira umusozo wenda kugira intego n'inshoza y'ikinyazina nyereka –ø kandi igira inshoza y'uburyo bwegereye uvuga " nk'uku".

***Urugero:***

Nugira **utya** iragenda. Utya: u-ti-a  i→y/-J

**Iziremeye ku musozo –o**

Ingirwanshinga igira umusozo –o; uyu musozo ugira intego n'inshoza by'ikinyazina nyereka –o. Ijambo uremye ugira inshoza y'uburyo bwegereye ubwirwa cyangwa uwibutswa "nk'uko".

*Ingero:*

Nimukore **mutyo** ni byo byiza. Mutyo: mu-ti-o i→y/-J
Nuko wa mugabo aherayo **atyo**. Atyo: a-ti-a i→y/-J

**Iziremeye ku musozo –e?**

Izi ngirwanshinga zigira umusozo ufite intego n'inshoza by'ikinyazina kibaza –he?. Iyi ngirwanshinga igira inshoza y'uburyo bubaza.

*Ingero:*

Urwego rw'ubwikorezi buhagaze **bute** mu Rwanda? Bute: bu-ti-e i→ø/-J
Abasoreshwa babyumva **bate**? Bate: ba-ti-e i→ø/-J

## Imyitozo

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitozo ukorwa na buri mu nyeshuri ku giti ke.

*Urugero rw'umwitozo n'igisubizo*

1. **Sobanura ingirwanshinga icyo ari cyo**. Ingirwanshinga ni ijambo rigira inshoza y'ibinyazina nyereka, y'ikinyazina kibaza n'inshoza y'uburyo bugereranya.
2. **Sesengura ingirwanshinga ziri muri izi nteruro maze werekane itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe**.
   a) Ubwikorezi buteye bute mu Rwanda?
   b) Tugomba gusora dute? Muge musora mutya.
   c) Jya ugenza utyo natwe dukora dutya.
   d) Nkurunziza ati: "Ubukene bw'akarande si isezerano"

| Ingirwanshinga | Intego | Itegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|
| Bute | bu-te | |
| Dute | tu-te | t→d/-GR |
| Mutya | mu-tya | |
| Dutya | tu-tya | t→d/GR |
| Ati | a-ti | |

3. **Kosora izi nteruro aho biri ngombwa:**

   a) Turavuga ati:"Tugende mu nzira twita ku mategeko yo mu muhanda". Turavuga tuti: "Tugende mu nzira twita ku mategeko yo mu muhanda."
   b) Mbwirira Karori ati:"Uragenda ejo mu gitondo". Mbwirira Karori uti: "Uragenda ejo mu gitondo"

c) Abana bagombaga kubigenza gute kugira ngo batsinde amasomo yabo? Abana bagomba kubigeza bate kugira ngo batsinde amasomo yabo?

4. Kora interuro ebyiri zirimo ingirwanshinga: imwe muri ngenga ya mbere y'ubumwe n'indi muri ngenga ya gatatu mu nteko ya mbere.
   – Naravuze nti: "Uzambabarire ntuzanteze rubanda".

Karangwa yaravuze ati: "Tuzateza imbere ubwikorezi bw'imbere mu Gihugu no hanze yacyo".

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa karindwi

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa karindwi. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Ubwikorezi ni uburyo bwo gukura abantu cyangwa ibintu ahantu ubijyana ahandi. Hari ubwikorezi bwo ku butaka, mu mazi no mu kirere. Ubwikorezi bugira uruhare mu buhinzi nko mu kugura ibikoresho, imbuto no kugurisha imyaka ku isoko kuko umuhinzi akenera uburyo bworoshye butuma ageza ku isoko umusaruro we. Ubwikorezi bugira uruhare mu bucuruzi kuko umucuruzi yunguka cyangwa ahomba bitewe n'uburyo yaranguye cyangwa yageze aho arangurira. Ubwikorezi bugomba kwitabwaho kuko kugira ngo igihugu gitere imbere kigomba gutumiza no kohereza ibintu mu mahanga cyangwa agateza ubukerarugendo imbere.

– Umwandiko ntekerezo ni umwandiko ugambiriye gutanga ibitekerezo ariko noneho bigomba gusobanurwa, kugaragazwa n'ingero, ndetse n'ibipimo by'imibare n'ubundi bumenyi. Uwandika bene uwo mwandiko agomba kuwuha intego, kuwushakira ingingo fatizo, kuwuha umujyo n'umwanzuro. Uyu mwandiko kandi ugira imbata igizwe n'ibice bine by'ingenzi: umutwe, intangiriro, igihimba, umusozo.

– Inshinga igira uturemajambo tw'inyongera ari two: akano (ni-/nî, si-, nti-), indangacyuzuzo, ingereka: ingereka zihora imbere ( ingereka z'inyabune, ingereka nsubira, ingereka ngirura/ ngiruka na ndekacyuzuzo), ingereka gikwira ari zo: ingereka ngirana, ngirira, ngirwa, ngiza na ngirisha. Haba ikomoranshinga mvazina na mvanshinga. Haba kandi ingereka mbonezantima zikorana n'imizi itihagije. Hari amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku turemajambo tw'inyongera ku nshinga.

– Ingirwanshinga ni ijambo rigira inshoza y'ibinyazina nyereka n'ikinyazina kibaza n'iy'uburyo bugereranya. Ingirwanshinga igira inyibutsangenga muri ngenga zose n'umuzi (**-ti,-tya,-tyo** na **-te**). Ingirwanshinga igira kandi intego y'indagihe isanzwe y'ikirango gusa.

## Ubumenyi bw'inyongera

**Uko basanisha ingirwanshinga**

Ingirwanshinga yisanisha nk'uko inshinga yisanisha.

***Ingero***

| **Ntibavuga ngo** | **Bavuga ngo** |
|---|---|
| Wabigenje gute? | Wabigenje **u**te? |
| Ni ute wabigenje? | Ni gute wabigenje? |
| Babikoze gute? | Babikoze **ba**te? |
| Yabimenye gute? | Yabimenye **a**te? |
| Ni ate yabimenye | Ni gute yabimenye? |
| Iki giti kimeze gute? | Iki gite kimeze **gi**te? |
| Ibi biryo byamenetse gute? | Ibi biryo byamenetse **bi**te? |

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa karindwi

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 145)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

- Ubushobozi bwo gusubiza ibibazo ku mwandiko yasomye.
- Ubushobozi bwo gusesengura inshinga no kuvuga amazina y'uturemajambo twose no gusesengura ingirwanshinga.
- Ubushobozi bwo guhanga umwandiko ntekerezo yubahiriza imbata yawo.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1) **Sobanura umusoro uva ku bwikorezi icyo ari cyo**. Umusoro uva mu bwikorezi ni amafaranga Leta isaba umuturage ku mutungo we hashingiwe ku itegeko, igamije kurangiza inshingano zayo, hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese nta ngurane y'ako kanya ku byikorewe.
2) **Ni ibihe bikorwa bivugwa mu mwandiko bigaragaza ko u Rwanda n'ibindi bihugu bishishikajwe no guteza imbere ubwikorezi?** Ibikorwa bigaragaza ko u Rwanda n'ibindi bihugu bishishikajwe no guteza imbere ubwikorezi ni uyu mushinga wo kubaka umuhanda wa gari ya moshi rufatanyije na Tanzaniya n' u Burundi.
3) **Uretse ibikorwa bivugwa mu mwandiko, tanga ibindi byerekeye izindi nzira z'ubwikorezi u Rwanda rwashyizemo ingufu?** Ibindi bikorwa u Rwanda rwashizemo ingufu ni ukuvugurura no kwagura imihanda ihuza

intara nuturere ndetse no gushyira kaburimbo mu mihanda itayirimo, gushyira ibyombo bigezweho mu biyaga bigari byo mu Rwanda, ...

4) **Baca umugani mu Kinyarwanda ngo "abishyize hamwe ntakibananira". Ese uyu mugani hari aho uhuriye n'ibivugwa mu mwandiko?** Yego, harahari kuko u Rwanda nirufatanya na Tanzaniya n'u Burundi uyu muhanda wa gari ya moshi uzashoboka; ari na yo mpamvu byose bigomba gukora inama no gufatanya.
5) **Ni gute umuhanda uvugwa mu mwandiko uzagira uruhare mu buzima bw'Igihugu?** Umuhanda uvugwa mu mwandiko uzagira uruhare rukomeye mu buzima bw'Igihugu mu koroshya ingendo z'abantu n'ubwikorezi bw'ibintu biva ku Nyanja y'Ubuhinde biza mu Rwanda. Imirimo itanga amafaranga iziyongera bito n'imisoro ituruke ku bintu binyuranye nk'aho bafatira amafunguro,... Ubuhahirane buziyongera hagati y'abaturage b'ibi bihugu.
6) **Ni ibihe bibuga bivugwa mu mwandiko? Biherereye mu zihe ntara? Ese byose birakora?**
   Ibibuga bivugwa mu mwandiko ni Ikibuga Mpuzamahanga cya Kanombe n'Ikibuga Mpuzamahanga cya Bugesera.
   Icya Kanombe kiri mu Mujyi wa Kigali naho icya kabiri kiri mu Ntara y'Iburasirazuba.
   Oya, ubu igikora ni icya Kanombe.
7) **Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko?** Insanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko ni ukuntu u Rwanda rwitaye ku bwikorezi n'inyungu bufite. (Akamaro k'ubwikorezi)
8) **Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.** Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni:
   – Imirimo y'ubwikorezi n'umusoro ubuturukaho;
   – Iby'inama zo muri Tanzaniya zirebana n'inyigo y'umuhanga wa gari ya moshi DIKKM;
   – Ihatanirwa ryo kubaka umuhanda wa gari ya moshi DIKKM;
   – Inshingano za "ATL" nk'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Ingendo z'Indege;
   – Ibintu n'imirimo bisonerwa umusoro ku nyongeragaciro.
9) **Ni uruhe ruhare rw'ubwikorezi mu buhahirane hagati y'ibihugu?** Ubuhahirane hagati y'ibihugu bushoboka kubera ubwikorezi, bitabaye ibyo buri gihugu cyajya gitungwa kandi kigakoresha ibyo gifite imbere gusa. Ibyo rero aho isi igeze bisa n'aho bidashoboka. Kubera ubwikorezi hoherezwa kandi hagatumizwa ibintu mu mahanga, abantu bakagenda bagiye guhaha cyangwa kuvoma ubwenge kandi koko ubwenge burarahurwa kandi umugabo umwe agerwa kuri nyina.

## II. Inyunguramagambo

1) Ibisobanuro by'aya magambo ukurikije umwandiko wasomye.
   a) **Ingurane:** icyo umuntu atanga bakamuha ikindi binganya gaciro.
   b) **Imizigo:** ijambo ry'iritirano rivuga imitwaro umuntu ashobora kwikorera; urwandiko; umugogoro; ingoyi; akazi.
   c) **Guheruka:** kuba uri inyuma cyangwa kuza ubwa nyuma, guhaba. # kubanza; gutangira; kuba hashize igihe kigufi ikintu iki n'iki kibaye cyangwa ukoze ikintu iki n'iki.
   d) **Umushinga:** ikintu cyose kibumbye mu ibumba cyumye cyangwa kibisi ariko kitaratwikwa, ibitekerezo byo gutekereza ibyo umuntu azakora.
   e) **Gutsura:** gusunika ikintu kikigirayo gato.
   f) **Guhatanira:** gukotanira ikintu runaka; kurwanira.
   g) **Kuvugurura:** gusubizamo imbaraga, gusubiramo kugira ngo ibintu bitungane.
   h) **Gusonera:** gukorera umuntu ikintu adashoboye kwikorera ubwe ubitewe no kumugirira impuhwe cyangwa kubababarira ntagikore yabigombaga. Korohera umuntu ukamuzibukiriza inabi wari wamuteganyirije ubitewe n'impuhwe cyangwa imbabazi.
   i) **Gusora:** gutanga amafaranga y'ikoro rya Leta; gutanga amafaranga menshi kandi utishimye. Kuvuga ibyo wumvise byose ukabigira uteranya.
   j) **Gusuura:** kugenderera umuntu ujyanywe no kurora uko ameze, ko ari amahoro. Guha umuntu uwagize ibyago; kureba. Kurenga urubibi rw'aho wagombaga kugarukira. Uruzi rwasuye, abantu bararutinya. Gukora ikintu cyangwa kubaho kwacyo bigatuma hateganywa byiza cyangwa ibibi, amahirwe cyangwa ibyago.
   k) **Kunyura:** guca ahantu, gushimisha umuntu ukamugera ku mutima.
   l) **Kugenda:** kuva ahantu ukajya ahandi ukoresheje amaguru utambuka ; kuba gifite uburebure bujya ahantu bugakomeza bukagarukira aha n'aha ; kwitwara kw'ikintu iki n'iki. # Kugaruka.
   m) **Umuhanda:** inzira yagutse cyane baharurira kugendwa n'ibyuma bitwara abantu n'ibintu ahanini gihuza uturere cyangwa imigi cyangwa kigatandukanya amazu yo mu mugi. Impuzanyito: ibarabara, ubwoko bw'igiti, urugozi rw'ishyamba rwurira ibiti cyangwa rukarandaranda ku butaka.
   n) **Gukaruruka:** kureka amakare ugatuza ; kongeza umurego mu byo wakoraga.
   o) **Insimburangingo:** ibintu bijya mu mwanya w'ibice bimwe na bimwe biba byangiritse cyangwa bitakiriho. Urugero : imbago bagenderamo.
2) **Kora interuro ku magambo akurikira, ukurikije uko asobanura mu mwandiko:**
   a) Ingurane: Iyo hari ibikorwa by'inyungu rusange bikorewe mu murima w'umuturage, Leta imugenera **ingurane**.

   b) Guhatanira: Ubu igikorwa cyose abagishaka bose bagomba **kugihatanira**, kigahabwa uhize abandi.

3) Tanga amagambo ari mu mwandiko afite ikinyuranyo cy'aya magambo yanditse atsindagiye:
   a) Si byiza **kunyereza imisoro** kandi uzi neza ko ari yo iteza abenegihugu bose imbere. (**gusora**)
   b) Si byiza **gusubira inyuma**, ugomba kugera iyo ujya ukimenyera amakuru nyayo ku biciro. (**kugenda**)

## III. Ikibonezamvugo

1) **Erekana uturemajambo twungirije inshinga igira? Ese inshinga itondaguye igira uturemajambo tungahe? Andika amazina yatwo**. Inshinga igira uturemajambo twungirije ari two: akano, inyibutsacyuzuzo n'ingereka. Inshinga itondaguye ishobora kugira uturemajambo turindwi ari two: akano, indanganshinga, ingenantego, indangacyuzuzo, umuzi, ingereka n'umusozo.
2) **Hari ubwoko bungahe bw'ingereka mu nshinga itondaguye?** Mu nshinga hari ubwoko bubiri bw'ingenzi ari bwo ingereka gikwira n'ingereka zifata umwanya w'imbere.
3) **Ingirwanshinga ni iki? Garagaza uturango twayo?** Ingirwanshinga ni ijambo rigira inshoza y'ibinyazina nyereka n'ibinyazina kibaza n'iy'uburyo bugereranya. Ingirwanshinga irangwa no kugira indangangenga n'igicumbi kandi ijya muri ngenga zose, inagira inyito y'ikinyazina nyereka n'intego y'indagihe isanzwe n'imisozo –ø; -a; -o; -e.
4) **Ukoresheje imbonerahamwe, sesengura inshinga itondaguye n'ingirwanshinga ugaragaza amazina y'uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe**.
   a) Kamanzi ati: "Mu bucuruzi bwange, nkoresha abantu benshi".
   b) Ese Petero arakishonjesha iyo bamubwiye kujya mu mirimo isaba ingufu?
   c) Za ngabo zaracumbukuye, ubu zigeze hakurya ya Nyabarongo.
   d) Kera Abanyarwanda bamesheshaga imigwegwe. Ese ubu baracyakora batyo?

## Dore urugero rw'ibisubizo:

### A. Uturemajambo tw'inshinga n'amategeko y'igenamajwi

| Inshinga | KN | RSH | Gnt | RSUZ | C | GRK | Soz | Amategeko |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Nkoresha | - | **-n-** | **ø-** | - | **-kor-** | **-ish-** | **-a** | i→e/Co- |
| arakishonjesha | - | **a** | **ra-ki-** | **ii-** | **-sonz-** | **-ish-** | **-a** | i→y/-J a→ø/-J i→e/Co- s→sh (ihuzashusho) |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Bamubwiye | - | **-ba-** | **ø-** | **mu-** | **-bwir-** | - | **-ye** | r + y → y |
| Isaba | - | **-i-** | **ø-** | - | **-sab** | - | **-a** | - |
| zaracumbukuye | - | **-zi-** | **a-ra-** | - | **-cumb-** | **-uk-ur-** | **-ye** | i→ø/-J r + y → y |
| Zigeze | - | **-zi-** | **ø-** | - | **-ger-** | - | **-ye** | r + y → z |
| bamesheshaga | - | **-ba-** | **a-** | - | **-mes-** | **-ish-** | **-aga** | a→ø/-J i→e/Ce-s→sh (ihuzashusho) |
| Baracyakora | - | **-ba-** | **ra-ki-a-** | - | **-kor-** | - | **-a** | i→y/-J ky→cy mu Kinyarwanda |
| Umumbwirire | - | **-u-** | **ø-** | **mu-n-** | **-bwir-** | **-ir-** | **-e** | n→m/-b |
| Yahampereye | - | **-a-** | **a-** | **ha-n-** | **-ha-** | **-ir-ir-** | **-ye** | a→y/-J n→m/-h mh→mp r + y → y |

**B. Uturemajambo tw'ingirwanshinga n'amategeko y'igenamajwi**

| **Inshinga** | **RSH** | **C** | **Amategeko** |
|---|---|---|---|
| Ati | a- | -ti | - |
| Batyo | ba- | -tyo | - |

## IV. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko ntekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko:

"Kugira ngo u Rwanda rutere imbere rukwiye guteza imbere ubwikorezi ariko rutirengagije ibidukikije."

Aha umwarimu arareba niba abanyeshuri bahanze umwandiko bubahiriza uturango tw'umwandiko ntekerezo kandi arebe niba mu myandiko bahanze harimo ingingo zigaragaza akamaro k'ubwikorezi n'uburyo bwakorwa hatirengagijwe uburyo bwo kubungabunga ibidukikije.

## Imyitozo nsindagirabushobozi

– Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
– Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora imyitozo y'inyongera. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

### Urugero rw'imyitozo yabaha:

1) Ukoresheje imbonerahamwe, sesengura inshinga itondandaguye n'ingirwanshinga ugaragaza amazina y'uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

a) Aba bana bonkerejwe rimwe, ntukabatandukanye.
b) Nimuhura, uzamumperekereze nuko umumbwirire ko yahampereye ubuntu kandi ko yankoreye neza cyane rwose.
c) Andika inshinga igaragaramo uturemajambo:
tubiri; dutatu, tune, dutanu, dutandatu, turindwi.

| Inshinga | KN | RSH | Gnt | RUZ | C | GRK | Soz | Amategeko |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Bonkerejwe | - | -ba- | -a- | - | onk- | ir-ir-y-w- | -ye | i→ø/-J i→e/Co-<br>r+y→j |
| Ntukabatandukanye | nti- | -u- | -ka- | ba- | tand- | uk-an-y- | -e | i→ø/-J n+y →ny |
| Nimuhura | ni- | mu- | -ø- | - | hur- | - | -a | - |
| Uzamumperekereze | - | -u- | -za- | mu-<br>n- | her- | ik-ir-ir-y- | -e | n→m/-h mh→mp<br>mu myandikire<br>i→e/Ce-<br>r+y→z |
| Yankoreye | - | -a- | -a- | n- | kor- | -ir- | -ye | a→y/-J i→e/Co-<br>r+y→y |

2) Ingirwanshinga ni iki? Ziri amoko angahe?
Ingirwanshinga ni ijambo rigira inshoza y'ibinyazina nyereka na kibaza n'iy'uburyo bugereranya. Ingirwanshinga igira inyibutsangenga muri ngenga zose n'umuzi. Ingirwanshinga igira kandi intego y'indagihe isanzwe y'ikirango gusa. Ingirwanshinga ziri amoko ane: Ingirwanshinga -ti,-tya,-tyo na -te).

## Imyitozo w'inyongera

Mu matsinda yanyu mwungurane ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko

**"Ubwikorezi bufite ibyiza byinshi, erekana uko wabungabunga ibikorwa remezo birebana na bwo kandi wita no ku bidukikije."**

Ibi ni bimwe mu bitekerezo byatangwa kugira ngo ibyo bikorwa remezo bibungabungwe:
– Imihanda ikwiye kuba ikozwe ku buryo ibinyabiziga biba bifite umwanya uhagije kimwe n'abanyamaguru;
– Imihanda igomba kurindwa isuri kimwe n'aho ibinyabiziga bihagarara; mu nkengero zayo igaterwaho ibiti kandi hakajya hakorwa isuku;
– Amateme agomba kurindwa imyuzure;
– Nta gushyira ibintu bitari ngombwa mu mihanda: ibyatsi, amabuye, umucanga, kuragira mu muhanda...
– Gukurikiza amategeko arebana n'uko bakoresha umuhanda...
– Kudahinga ku nkengero z'umuhanda kimwe no kutahatura...
– Kurwanya ibinyabiziga bishaje kuko uretse no kwanduza ikirere byanduza n'umuhanda bikaba byateza impanuka;
– Kubaka ibyambu n'ibibuga bijyanye n'igihe;
[......]

# 8 Ubukoroni

## (Umubare w'amasomo: 49)

| Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: |
|---|
| – Gusesengura umwandiko w'inkuru ndende uvuga ku bukoroni.<br>– Gusobanura amafatizo y'ubwumvane n'imimaro yabwo. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yagombye kuba azi amateka y'ubukoroni muri Afurika no mu Rwanda by'umwihariko ashobora kandi gutandukanya ibisabwa kugira ngo habeho ubwumvane mu bantu. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| - |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi… |
| **Amagambo fatizo:** Ubukoroni, ubwumvane, amafatizo y'ubwumvane. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

### Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare n'amasomo ya buri gice

| Igice | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| Umwandiko: **Rugigana n'ingoma ye** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 4 |
| Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko | Amasomo 2 |
| Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro : Kungurana ibitekerezo | Amasomo 2 |
| Intera ya kane: Inkuru ndende | Amasomo 26 |
| Intera ya gatanu: Ururimi n'ubwumvane | Amasomo 12 |
| Isuzuma | Amasomo 3 |

## Umwandiko: Rugigana n'ingoma ye

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 149)

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko w'inkuru ndende ku bukoroni, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ahari umwandiko bagiye gusoma ababaze ibibazo bibafasha kumva icyo asobanura no kuvumbura ibikubiye mu mwandiko yifashishije ayo mashusho. Usibye ayo mashusho yo mu gitabo, umwarimu ashobora no kwifashisha izindi mfashanyigisho zifatika nk'ibiboko abaporisi bitwaza cyangwa andi mashusho ajyanye n'umwandiko akabaza ibibazo biganisha ku mwandiko bagiye gusoma

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:***

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Turahabona umwami, abantu bafite amacumu n'abazungu.

b) **Ku bwanyu murumva ari iki cyabaye?** Turumva umwami yakiriye abazungu ibwami.

c) **Ukeka ko bariya bazungu ari ba nde?** Nkeka ko ari abakoroni b'i Burayi.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu arahishurira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku bukoroni.

## 2. Gusoma umwandiko

### 2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "**Rugigana n'ingoma ye**", abasabe kuwusoma bucece nyuma ababaze ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

a) **Muri uyu mwandiko baratubwira ko ubukoroni ari iki?**Ni ubutegetsi bw'igihugu kigize igihangange kinjira mu kindi kikiha kukiyobora.
b) **Inkoni abakoroni bakubitishaga yitwa ngo iki?** Ni ikiboko, indembo.
c) **Imirimo y'uburetwa yakorwaga ku bw'abakoroni bayitaga ngo iki?** Shiku.
d) **Umwami w'u Rwanda utarigeze yumvikana n'abazungu ni nde?** Ni Yuhi V Musinga.

### 2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwumwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo. Nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, arajya anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma aragenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### 2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda

Barangije gusoma baranguruye, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye. Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe ujya wandika ibisubizo bumvikanyeho muri buri tsinda. Akanabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'abanyeshuri n'uw'amatsinda yakoze.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu akabafasha kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho no mu makayi yabo.

## I. Inyunguramagambo

***Urugero rw'ibisubizo bishobora kuvamu matsinda.***

**(a) Sobanura amagambo akurikira:**

1. **Gukomeza umutsi:** kwihangana.
2. **Guhara amagara:** kwiyemeza gukora ikintu ukaba wanakizira.
3. **Amagambo azaba ashize ivuga:** byose bizaba birangiye.
4. **Amagi y'umuzungu:** amagi abaturage bagemuriraga Ababirigi baraye ku gasozi runaka.
5. **Inka z'umugogoro:** ni inka zakamirwaga umuzungu waraye ku gasozi kariho abatunzi, bashoboraga gukama zahumuza bakazicyura, bitashoboka bakiyemeza kujya bagemura.
6. **Inka ya Rugaravu:** umubare w'inka zabagirwaga abasirikari b'Anyekongo n'abakozi ba Leta n'amasosiyete nka SOMUKI yacukuraga i Rutongo, GEORWANDA y'i Rwinkwavu na MINETE (MINETAIN) yacukuraga i Bugarama n'i Musha n'ahandi.
7. **Amajune:** ibyago, ibibazo, akaga.
8. **Ngisimbuka akatsi:** nta cyo ngishoboye, singishoboye kugenda, ndashaje.
9. **Urushingo:** agati k'umuko bakoreshaga bashaka umuriro.
10. **Urushingati:** agati k'umuko bakubagamo urushingo kugira ngo haboneke umuriro.
11. **Batadukoma mu nkokora:** batatubangamira
12. **Kubyinira ku rukoma:** kwishima cyane, kwizihirwa, kumva utuje.
13. **Mukabiva imuzingo:** mukabisobanura bihagije.
14. **Ubutegetsi bwa kiboko:** ubutegetsi bukandamiza, ubutegetsi bukoresha igitugu.
15. **Kugenda mpiru na nyoni:** kugenda burundu ntugaruke.
16. **Kugenda nka kabindi na buki:** kugenda ugahera.
17. **Ubuvivi n'ubuvivure:** abana bakomoka ku gisekuru k'inyuma cyane, uhereye ku mwana w'umwuzukuruza wawe.

**b) Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu abwira kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo uri mu bitabo byabo. Abagenera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze, nyuma umwarimu n'abandi banyeshuri bakanonosora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi. Ibyo bisubizo kandi babisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo n'abatabona ku kibaho babyumve.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:**

**i) Muhuze neza neza amagambo ari mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo byatanzwe mu ruhushya B.**

| Uruhushya A | Uruhushya B |
|---|---|
| 1. Shiku | a) Amata yagemurwaga ku ngufu ngo atunge abakozi b'Abakoroni babaga mu migi. |
| 2. Ikiboko<br><br>3. Amata ya Leteri<br><br>4. Ubutegetsi bwa mpatsibihugu<br><br>5. Abamawumawu<br><br>6. Ubutegetsi bwa kiboko<br><br>7. Abamayimayi | b) Inkoni ikozwe mu ruhu rw'imvubu akaba ari yo Abakoroni bakoreshaga bakubita Abanyarwanda.<br><br>c) Ubutegetsi bwigarurira ibindi bihugu, bukanyunyuza kandi bugakandamiza abaturage bafashwe nk'ingaruzwamuheto.<br><br>d) Abaturage bo mu magepfo ya Tanzaniya bivumbagatanyaga ku Budage, bagasahura amazu y'ubutegetsi, bakica abakozi b'Abadage n'abanyamadini. Bibwiraga ko amazi biteraga yatuma amasasu ntacyo yabatwara.<br><br>e) Ubuyobozi bukoresha igitugu, bupyinagaza abene gihugu.<br><br>f) Abaturage bo muri Kenya bo mu bwoko bw'Abakikuyu bivumbagatanyaga barwanya Abazungu babatwarariraga ubutaka. Barwanyaga kandi ubukirisitu, bakomeye ku mihango gakondo no ku muco wabo.<br><br>g) Imirimo yo guhingira hamwe ibyate by'imyumbati n'ibijumba buri wese afite icyate ke atakirangiza agakubitwa ibiboko umunani. |

**Igisubizo:**

**1.** → h **2.** → c **3.** → a **4.** → d

**5.** → g **6.** → f **7.** → e

ii) **Simbuza ijambo ritsindagiye irindi bivuga kimwe dusanga mu mwandiko.**

1. **Kazungu/umukoroni/Gashakabuhake** yaratuzengereje duta umutwe kugeza ku bwigenge, ubu turaho.
2. Jya wiga ushishikaye, ntukamere nka za nkorabusa zijya ku ishuri **ari ukurangiza umuhango.**
3. **I Bwotamasimbi** haturutseyo Abakoroni b'ingeri zose.
4. Bantu mukinisha **imyuko isohora amashaza** muge mwitonda mutazatumaraho urubyaro.
5. **Abamaze kubona igufwa ry'umuyaga**, bazi byinshi ku mateka y'Abakoroni bigabagabanyije Afurika.
6. Kugera ku bwigenge **byarwaniwe inkundura.**
7. **Ururimi rwacu gakondo** ntirwigeze rwitabwaho mu mashuri ku ngoma ya Gashakabuhake w'umukoroni.

**II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. **Abakinankuru bavugwa mu mwandiko ni ba nde?** Ruhakana Gamariyeri, Nyirashiku Rasheri, Rumashana Shabani, Turikubwigenge Natanayeri.
2. **Uruhinja rw'umukoroni rwari rukomeye. Tanga interuro iri mu mwandiko ibihamya.** Ngo nta mutware kabeba. uruhinja rw'umukoroni rwashoboraga kugukoresha icyo rushatse kandi ururusha amaboko.
3. **Mu mwandiko baratubwiramo umusaza ukuze cyane. Uwo ni nde, umubwirwa n'iki?** Umusaza uvugwa ni Rumashana. Yuzuye iminkanyari mu gahanga, umusatsi wose ni uruyenzi; yarwanye iy'Abamayimayi n'Abamawumawu aharanira ko Abakoroni badakomeza kudutsikamira no kudupyinagaza.
4. **Abakoroni bafite ibintu bibiri by'ingenzi bitwaje bakoroniza Afurika. Ibyo bintu ni ibihe?** Kwigisha ijambo ry'Imana, guhagarika ubucuruzi bw'abacakara.
5. **Ingaruka mbi kurusha izindi za gikoronize yashegeshe igihugu cyacu cy'u Rwanda ni iyihe?** Ingaruka mbi ni jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.
6. **Vuga imitwe ibiri y'abarwanyi yari yarazengereje Abakoroni mu bihugu by'iburasirazuba bw'u Rwanda.** Iyo mitwe y'abarwanyi ni Abamawumawu muri Kenya n'Abamayimayi mu magepfo ya Tanzaniya.
7. **Inama yo kwigabanya Afurika yateranye kandi irangira ryari? Hehe? Yari iyobowe na nde?** Mu nama yateranye ku wa 15 Ugushyingo 1884 irangira ku wa 26 Gashyantare, 1885 i Berilini (Berlin) mu Budage iyobowe n' uwitwa Oto Voni Bisimariki (Otto voni Bismarck).
8. **Ubwo u Rwanda rwatandukanywaga n'u Burundi na Kongo rwatakaje ahantu hanini. Havuge.** U Rwanda rwatakaje icya gatatu cy'ubutaka bwarwo. Ijwi, Bwishya, Gishari, na Gisigari babyometse kuri Kongo; Abongereza bikubira Bufumbira na Ndorwa-Mpororo babitwerera intara ya Kigezi n'iya Nkole. U Rwanda rwavaga aha rukarenga ibirunga mu majyaruguru, rugasingira ibiyaga

bihari ugakomeza ugafata Kampala y'ubu ari wo murwa mukuru w'u Bugande, aho twarahatakaje; mu burengerazuba, u Rwanda rwafataga za Butembo, Masisi, Bukavu, Nyamwirima na za Katanga, aho ubu ni muri "RDC".

9. **Tanga amazina y'imigi yashinzwe n'Abakoroni n'abo yitiriwe.** Twavuga Kongo Burazavile yashinzwe na Savorunya do Buraza (Savorgnan De Brazza), Kigali yo mu Rwanda ishingwa na Rishari Kante (Richard Kant)...

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 156)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

- Kuvuga insanganyamatsiko iri mu mwandiko.
- Kuvuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashobora gusobanura ibyiza n'ingaruka z'ubukoroni.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku bukoroni.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kubibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?** Rugigana n'ingoma ye!

b) **Wavugaga kuki muri rusange?** Wavugaga cyane cyane ku ngaruka mbi zatewe n'ubukoroni.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo, umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko "*Rugigana n'ingoma ye*".

**2. Gusomera umwandiko mu matsinda no kuwusesengura**

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ingingo z'ingenzi zivugwamo. Umwarimu araha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ibindi bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Ibibazo byo gusesengura umwandiko arabivuga mu ijwi riranguruye anabyandike ku kibaho kugira ngo afashe abatumva niba bahari.

***Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ibisubizo:***

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu nkuru? Insanganyamatsiko ivugwamo ni ubukoroni.
2. Tanga ingingo z'ingenzi zibanzweho mu nkuru wasomye.
   - Ukwigababagabanya Afurika.
   - Ibihugu byigabanyije Afurika.
   - Ubutaka ibihugu by'afurika byatakaje.
   - Intambara zo kwigobotora Abakoroni.
   - Ubuhemu bw'abakoroni.
3. Abakoroni badusigiye ibikomere n'agashashi katumurikira kujya mbere. Sobanura byimbitse.

   Agashashi katumurikira kujya imbere:
   - Abakoroni bashinze amashuri bigisha gusoma no kwandika.
   - Basize bimwe mu bihingwa ngengabukungu.
   - Bazanye ifaranga.
   - Bazanye idini rishingiye ku kwemera Yezu Kirisitu.

   Ibikomere:
   - Batubibyemo amacakubiri.
   - Basahuye imitungo y'ibihugu bakoronije.
   - […]
4. Ingamba ababyiruka bagomba gufata kugira ngo hakomeze gusigasira ibyagezweho nyuma yo kwiyuha akuya ni izihe? Bagomba kwiga bashyizeho umwete, bagomba kwivuza mu mavuriro akomeye, mu yandi magambo bagomba kumva ko bagomba kujijuka bagakomeza gukumira icyatuma Afurika yongera guhungabana, by'umwihariko mu Rwanda rwacu.

## Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 156)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasesenguye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Kugereranya ubuzima abamo n'ibivugwa mu nkuru.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba agaragaza imyitwarire yo kurwanya amacakubiri mu bantu.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku bukoroni.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

***Urugero rw'ibibazo yabaza:***

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka gusesengura umwandiko uvuga ku bukoroni.
b) **Uwo mwandiko wasorezaga ku yihe ngingo y'ingenzi?** Wasorezaga ku ngingo ivuga ku buhemu bw'abakoroni.

2. **Kungurana ibitekerezo**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri aranabasaba kuwandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva neza kuwubona no kuwusobanukirwa.

## Umwitozo wo kungurana ibitekerezo

"Nimugereranye ibivugwa mu nkuru n'ubuzima murimo muri iki gihe."

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo. Uwo arajya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi mu bwubahane. Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo. Bikandikwa ku kibaho.

## Uko wakosorwa

Umwarimu arareba niba mu mwanzuro wafashwe abanyeshuri bagaragaza ko Abanyarwanda muri iki gihe bayobowe neza kandi bakaba bishimiye ubuyobozi ariko ko mu mwandiko havugwagamo abaturage batishimiye ubukoroni bwabayobozaga igitugu.

## Intera ya kane: Inkuru ndende

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 157)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasesenguye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

- Gutanga inshoza y'inkuru ndende.
- Gusobanura ibiranga inkuru ndende.
- Kuvuga amateka y'inkuru ndende.
- Kugena ingeri z'inkuru ndende nyarwanda ahereye ku ngingo zazo.
- Gusesengura inkuru ndende yasomye.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

### Imitangire y'isomo

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu arasaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "Rugigana n'ingoma ye" ababaze ibibazo bigamije gutahura ubwoko bwawo.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:***

**Murabona uwo mwandiko utangira ute?** Uratangira ugaragaza ko hari ibindi byawubanjirije bitagaragajwe.
**Ese iyo muwusomye mwumva urangiye?** Twumva utarangiye ahubwo hari ibikibura umuntu yakongeraho.
**Murakeka ko ari bwoko ki?** Turabona ari inkuru ndende.

**2. Isesengura**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane akabasaba gusoma imwe mu nkuru ndende no gukora ubushakashatsi ku ngeri y'inkuru ndende. Abarangira ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero akabaha igihe cyo kubikora. Abaha ibibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo, igihe cyo kumurika ibyakorewe mu matsinda cyagera akabafasha kubinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'inkuru ndende basoma:***

- Munyakazi, S., *Ntabajyana, 1952*
- Rukebesha, A., *Nyirabirahunga*, 1970
- Nsanzubuhoro, V., *Ntabyera*, 1971
- Kamugunga, C., *Umusiramu*, 1973
- Karege F., *Mwanankundi*, 1975

- Byuma, F., *Mureranyana*, 1981
- Niyonteze, P., *Imari ya shuni*, 1981-1982
- Uwamungu, J., *Nyirabayazana*, 1981
- Nkurikiyumukiza, F., *Yatashye atagomba*, 1987
- Niyitegeka, M.Y., *Giramata*, 1988
- ..........................., *Urwibutso*, 1988
- ..........................., *Wishavura*, 1989
- ..........................., *Iyo mbimenya*, 1991
- Rugema, A., *Rwemerikije*, 1988
- Furere, R.M., *Mariya Kantarama*, 1998
- Karenzi, F., *Ishavu ry'abato*, 2000
- ...

**Ibibazo by'ubushakashatsi:**

– Inkuru ndende ni iki? Irangwa n'iki?
– Vuga amateka yayo.
– Sobanura ingeri z'inkuru ndende nyarwanda.
– Iyo basesengura inkuru ndende bibanda ku ki?

***Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:***

**a) Inshoza y'inkuru ndende**

Inkuru ndende nk'uko iryo zina ribivuga ni inkuru iba ari ndende, ibarwa n'umubarankuru avuga uko yagenze. Bamwe mu basesenguzi b'inkuru ndende bayivuga berekana ko igomba kuvuga ibyabayeho ndetse umwanditsi akavuga ubuzima bwe; ibyamubayeho. Abandi bati: "Igomba kuba ari inkuru y'impimbano n'ubwo ibyo ivuga byashobora kubaho." Igihurirwaho na benshi ni uko inkuru ndende igomba kuba ifite inkuru ibara, uruhererekane rw'ibikorwa, ikaba yanditse mu nyandiko isanzwe; atari mu mikarago nk'ibisigo kandi yifitemo ubwiza n'ubuhanga bw'imikoreshereze y'ururimi. Ibi, babishimangira bagira bati: "Inkuru ndende ni uruhererekane rw'ibikorwa mpimbano bishobora kubaho cyangwa byababayeho, ikaba ifite imisusire ya gihanga kandi nyabugeni igaragaza ko umwanditsi ari intyoza mu kubara inkuru, mu kuyiha imiterere myiza y'ibikorwa no kubikurikiranya."

**b) Uturango tw'inkuru ndende**

Inkuru ndende irangwa n'imiterere yayo; ibarankuru, abakinankuru (abantu cyangwa inyamaswa), kuba hari ikivugwa, kuba hari ahantu n'igihe kibera, kuba ari ndende (akenshi hagati y'impapuro 100 na 250) kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma, ku buryo atarambirwa gusoma inkuru ibarwa.

**c) Amateka y'inkuru ndende mu Rwanda.**

Hari abavuga ko inkuru ndende mu Rwanda yaba yaratangiye mu mwaka wa 1938 kuko ari bwo Musenyeri Alexis Kagame yatangiye gusohora inyandiko ze «Inkuru

ya Matabaro» mu kanyamateka k'abana Hobe. Abashakashatsi bemeza ariko ko inkuru ndende nyayo yasohotse mu wa 1950 yanditse mu rurimi rw'Igifaransa na Saveriyo Nayigiziki yise *«Escapade rwandaise»* ifite ibice bibiri byaje guhurizwa mu nkuru imwe ikitwa *«Mes trances à trente ans»*. Hashize imyaka ibiri ni bwo inkuru ndende yanditse mu Kinyarwanda yasohotse yitwa *«Ntabajyana»* ya Simoni Munyakazi. Uyu mugabo yahawe igihembo cya kabiri mu irushannwa ryiswe *«Amitiés Belgo-Rwandaise»*. Kuva ubwo haciye imyaka igera kuri 20 kugira ngo haboneke izindi nkuru ndende mu irushanwa ryabaye mu wa 1971.

**d) Amoko y'inkuru ndende nyarwanda**

Iyo bagena ingeri z'inkuru ndende bazishyira mu matsinda, hari uburyo bwinshi bukurikizwa. Ibihurirwaho na benshi bagena amoko y'inkuru ndende ni ibi bikurikira : aho yandikiwe, igihe yandikiwe cyangwa se ikivugwamo, ibarankuru ryayo (imiterere y'ibikorwa, abakinnyi) n'ibindi. Izi zikurikira ni zimwe mu ngeri z'inkuru ndende nk'uko Nkejabahizi Jean Chrisostome azigena mu gitabo ke "*Ubuvanganzo nyarwanda. Inkuru ndende n'Ikinamico*, Butare UNR, 2005"

**1. Inkuru ndende z'inkundo**

Zikunda kuvuga cyane ku nkundo hagati y'abasore n'inkumi, ingorane zishobora kubatandukanya cyangwa se kubabuza kubana, kwitsinda no kudahemukirana mu bigeragezo, amayeri yose akoreshwa kugira ngo bahure cyangwa basubirane mu gihe ababyeyi babo batabishaka, amaherezo bakazagera ku ntego yabo yo kubana. Mu Kinyarwanda, aha hakunze gutangwa ingero za *Ntabajyana* ya Simoni Munyakazi na *Giramata* ya Niyitegeka Mukarugira Yuliyana.

**2. Inkuru ndende nsuhuzamutima**

Bene izi nkuru zamamaye cyane mu mpera z'ikinyejana cya cumi na gatandatu no mu ntangiriro z'icya cumi na karindwi. Inkuru iba ishingiye ahanini ku bwihare ; bahera ku gashashi cyangwa akanyotwe k'urukundo gasanzwe, kagashyigikirwa n'ibikorwa bibiri by'ingenzi : ingendo n'imirwano. Urukundo ruvugwamo ruriyubashye, ni isugi kandi ntiruhemuka. Umukundwa cyangwa uwihebewe usanga ari agakumi. Ibizazane bahura na byo usanga ari ibishobora kubaho mu buzima cyanecyane nk'igihe k'imidugararo. Kudahuza idini bituma ababyeyi bivayo n'imizi n'imiganda ngo babuze umusore n'inkumi kubana. Ikemezo cya se w'umukobwa cyo kumushyingira uwo ashatse kubera inyungu ze bwite, ubukire, gutandukanywa n'intambara cyangwa se gufungwa. Mu Kinyarwanda urugero twatanga hano ni *Ntabajyana* ya Simoni Munyakazi kubera ko ababyeyi ba Karasankima batifuzaga ko arongora Zaninka, ahubwo bafite undi bamuhitiyemo wo mu rwego rwabo, ariko umusore Karasankima akababera ibamba.

**3. Inkuru ndende z'imyifatire**

Izi ni inkuru zishingiye ku busongarere n'ubugome mu maraso. Imibereho ya buri munsi n'imiterere y'isi muri icyo gihe, ntibishyigikirwa n'umuco muzima wo kwiyubaha n'ubuhanga byaranze abanditsi bakomeye. Mu nkuru ndende

nk'izi usanga higanjemo gushimisha irari ry'umubiri, kuba ikigenge(ubwomanzi), gutinyuka gukabije, ibiterasoni ; mbese usanga isi yaracuramye ku buryo ikibi kiganje, akaba ari cyo kiyobora isi. Muri ubu bwoko bw'inkuru, usanga imico myiza n'ubupfura byitwa ubugwari, ubucucu n'amakosa. Muri izo nkuru usangamo amagambo atameshe, umwanditsi akihatira gushushanya mu mvugo ibifitanye isano n'ibitsina, aho bibera n'uburyo atanga ingingo ze byerekana ko ari indwara imaze igihe. Mu Kinyarwanda nta rugero rwa bene izi nkuru ruraboneka kugeza ubu.

4. **Inkuru ndende za sarigoma**

Inkuru nk'izi zifite amavuko yazo mu gihugu cya Espagne (Esipanye) mu kinyejana cya cumi na karindwi. Uruhare runini ruhabwa imibereho mu by'ubukungu : kugira icumbi, kubona ifunguro, umwambaro ni byo bihora bihangayikishije abanyarubuga muri ubu bwoko bw'inkuru. Iyo nkuru bayitiriye uburyo ibazemo, kuko ari inkuru y'umuntu uvuga ubuzima bwe. Byabaho bitabaho, umubarankuru mukuru avuga ubuzima n'imibereho ye.

Imyandikire y'iyi nkuru bayihuza n'imibereho y'umwana ubaho ari mbonabucya, nta cyo yimirije imbere, nta gashinga k'ubuzima afite. Mu buzima bw'umubarankuru nyuma y'igihe runaka k'imibabaro n'ibibazo, hakurikiraho igihe cyo kwiyuburura no gutwarwa agakundwa, ubukire yifuzaga bukaza mu bitekerezo ariko atabwizera, ugasanga aritiranya inzozi n'ukuri. Inkuru ndende nyarwanda ifite aho ihuriye na bene ubu bwoko ni iya Saveriyo Nayigiziki yitwa *«Mes trances à trente ans»*

5. **Inkuru ndende y'ubuzima busanzwe**

Bene iyi nkuru ntiba igamije gukosora ngo wenda ibintu byarushaho kuba byiza, abantu bagire imyifatire iboneye, babane neza, mbese ngo ubone ko umwanditsi afite inzozi z'umunezero n'ubuhehemure. Iyi nkuru irangwa n'urusobe cyangwa uruvangitirane rw'imyifatire, kuticara hamwe, gusetsa, gusesereza, uburara n'ubwomanzi no kwifatira abantu. Iritegereza, igakabya mu gusetsa, igakabya inkuru n'ubucakura, hagaragaramo ibitangaza no kwimaringa. Uzasanga iyi nkuru ivuga ukuntu runaka yakoze kugira ngo yirwaneho, kugira ngo akomere abone amaboko n'amafaranga ; uko yagiriye nabi abanzi be, uko yatsinzwe cyangwa se yatsinze mu nkiko, uko yaje guteseka agashakisha uburyo yagana imigi itandukanye; uko yaje guhinduka umugiranabi agakora n'andi makosa bigatuma bamufunga; ibikorwa bibi yagizemo uruhare, kwiyoberanya, ingendo, abo bahura n'ibindi. Inkuru y'Ikinyarwanda y'ubu bwoko ni iya François Byuma muri *Mureranyana*.

6. **Inkuru ndende za mutemberezi/ naragenze ndabona**

Bakunze kuvugamo ubwiza bw'abantu, ibidukikije. Babivuga ari nk'umutako w'aho abakinankuru baba bari ku buryo bishushanya uko bamerewe imbere muri bo. Ari abantu, ari inyamaswa, usanga ari mahwi, biberanye n'aho biri bisa n'aho ari

ho byaremewe na ho hakabiremerwa. Ahantu ni ho hatuma abakinnyi batekereza gutya na gutya, ni ho hababeshejeho ku buryo ubuzima bwabo bwajyanaga n'uko isi ibakikije iteye. Mu Kinyarwanda urugero dutanga ni *Imali ya SHUNI* ya Pascal Niyonteze.

**7. Inkuru ndende barwa**

Ubwoko bw'iyi nkuru bwaje kwemerwa mu kinyejana cya cumi n'umunani. Havugwamo agahinda no kubona ko ibyo wibeshyaga mu nzozi, wibwira ko ari ko bizamera nyamara ko bitagishobotse. Umuntu uvugwamo arashaka ariko ntashobore. Ubushobozi iyo bumubanye buke bituma abeshya cyangwa se akiyerekana uko bitari ubundi yiyerekanaga nk'umunyakuri, maze uwari yararahiye kudasa na rubanda rusanzwe akagenda akajya inyuma y'abandi mu ngeso mbi z'urukozasoni. Mu Kinyarwanda urugero ni "*Iyo mbimenya*" ya Niyitegeka Mukarugira Yuliyana.

**8. Inkuru za nanzubukoroni**

Iyi nkuru igaragaza umujinya no kuzinukwa kw'abantu bahinduwe abacakara, bakoronijwe n'abazungu, maze kwivumbura kwabo kukagira ingaruka kuri bose ndetse n'umuntu ku giti ke. Izi nkuru zakunze kugaragara mu myaka ya za mirongo itandatu, ubwo ibihugu bya Afurika byahagurukiraga rimwe bigamije kwipakurura ubutegetsi bwa gikoroni. Izi nkuru zigaragaza akarengane, gusuzugurwa no guteshwa agaciro Abanyafurika bagiririrwaga. Urugero twatanga mu Kinyarwanda ni *Mureranyana* ya François Byuma n'ubwo yo itavuga gusa ikibazo cy'ubukoroni na "*Matabaro*" ya Alegisi kagame.

**9. Inkuru ndende ya subiza amerwe mu isaho**

Abanyafurika bamaze kwigobotora ingoma ya gikoronize bari bazi ko bagiye kwigenga no kumererwa neza, ibyo bari barabuze bakabibona ntibongere gusuzugurwa no gufatwa nabi, kwicishwa imirimo n'ibindi. Bagize batya babona ntacyahindutse. Abashyizwe ku ngoma y'ubutegetsi nta ho bigeze batandukanira n'abakoroni, ndetse bamwe mu bategetsi b'Abanyafurika baruhije ubugome abitwaga abakoroni. Abaturage barumiwe amerwe bayasubiza mu isaho. Abategetsi banyunyuje abaturage, barabakandagira karahava: akarengane, gufungirwa ubusa, kwigira mu migi rubanda igasigara iririra mu myotsi y'icyaro, ahatagira amazi n'umuriro, nta terefoni, inzara n'ubukene binuma. Abategetsi baradamarara, rubanda bicuza icyo barwaniye imyaka n'imyaka ngo barashaka kwigenga, ku buryo hari n'abasigara bifuza ko bwa butegetsi bw'abakoroni barwanyaga bwagaruka. Urugero rwo mu Kinyarwanda usanga rujya kwegera ubu bwoko ni usanga ruberanye n'ubu bwoko bw'inkuru ni *Mureranyana* ya François Byuma.

**10. Inkuru ndende z'amateka**

Ubwoko bw'izi nkuru bushingira ku bantu bagize uruhare mu mateka y'aha n'aha, umuryango, igihugu; bakavuga uko babayeho, ibyo bakoze n'ibindi. Muri Afurika twavuga nka Caka (Chaka), Sunjata (Soundjata), n'abandi. Bene izi nkuru zitandukanye n'inkuru ndende nyirizina. Mu nkuru z'amateka usangamo ibitekerezo bivanze n'amakabyankuru. Inkuru y'Ikinyarwanda ivuga ku mateka ni *Mureranyana* ya François Byuma.

**11. Inkuru ndende z'intimba**

Zitekereza ku buzima n'imibereho, zitwereka ko kubaho ari ugushinyiriza, ko ubuzima atari paradizo. Kubaho ni ukubabara. Muri izi nkuru usanga umuntu akunda ntakundwe, yahinga akarumbya, yakira agahangayika. Iyo agerageje kwipfira nabi cyangwa kwishabikira uko abishoboye bitewe n'uko isi yameze amenyo, arinda apfa agikururana n'umuruho. Igihe umuntu akiriho yumva ko ikiruta ari ukwipfira akava ku isi kuko n'ubundi asanga ari yo maherezo. Muri izi nkuru usanga umuntu abura aho apfunda imitwe, aho agannye hose asanga amaherere yamutanze imbere akifuza ko nyamunsi yaza ikamwanzuranya akigira kwa Nyamutezi atagumye kugaragurika mu ruzurungutane rw'ibibazo bidashira. Inkuru nyarwanda yenda kwegera ubu bwoko bw'inkuru ni *Yatashye atagomba* ya Phocas Nkurikiyumukiza.

**12. Inkuru ndende z'uburere**

Kubura icyo ufata n'icyo ureka byaranze Abanyafurika b'igisekuru cyose cya makumyabiri, barerewe mu mico n'imigenzereze y'i Burayi kubera amashuri, bagahuza ubwenge n'amaso n'imigi minini nka Parisi (Paris), Londoni (Londres), bakabangamirwa no kwibaza ukuntu bazatahuka iwabo bagasubira mu mwijima, mu bukene, mu bujiji,…ngibyo ibyo ahenshi inkuru z'uburere zuririraho, aho usanga umukinankuru yabuze icyo afata n'icyo areka hagati y'imico mishyashya yasanze aho yagiye n'ibya gakondo yakuriyemo, maze kubivanga bikamuviringa ubwenge, abazi kuvuga neza bati « naka yasarishijwe n'ubwenge ». Iyo usesenguye neza, usanga mu Rwanda nta nkuru ndende dusanga iri neza muri uyu murongo, ariko hari izigaragaza iryo sizana ry'ibya kera n'iby'ubu. Urugero rutangwa ni nka *Mwanankundi* ya Karege Fidèle aho avugamo umunyarubuga Mwanankundi wagiye kwiga i Burayi ibyerekeranye n'imibereho myiza n'imibanire y'abantu. Aho Mwanankundi atahukiye yashatse kuvuganira abagore no kubarengera imbere y'umuco wabakandamizaga, wa kera ushaje, abatsimbaraye ku bya kera baramwivuganye ngo arabatobera.

**13. Inkuru ndende nshyashya**

Izi nkuru zadutse nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose. Mbere yaho, inkuru ndende yasaga n'iyubakiye ku muntu wari warahawe agaciro gakomeye, yenda tutavuze kuva akiremwa, ariko byibuze mu rwego rw'ubuvanganzo, mu mpumeko

y'ibyo bise *ivukabushya* « renaissance » mu kinyejana cya cumi na gatanu, bamaze kuvumbura ibyo gucapisha imashini, umuco n'ubugeni bigahabwa agaciro na muntu agasa n'uhinduka impagata y'ibyaremwe byose.

Aho intambara zombi z'isi zibereye bakabona ukuntu umuntu ateshwa agaciro, agasigara arutwa n'ibintu, bamwe batangiye kwibaza niba mu buvanganzo ho bitahinduka, muntu ntiyongere kuba ari we uhabwa umwanya w'ibanze aho byose usanga ari we bigushaho : abakinnyi, kuranga, ishushanyamvugo n'ibindi. Inkuru ndende nshyashya nta kindi bisobanura uretse guhuza abanditsi bose bashakashaka imiterere mishya y'inkuru ndende zashobora kuvuga cyangwa se kurema amasano mashya hagati y'umuntu n'isi, ni ukuvuga abiyemeje guhanga inkuru ndende ari byo kurema. Muri iki gihe usanga inkuru nshyashya isa nk'aho itigeze ishinga imizi. Iyi nkuru ntishingira ku mukinankuru w'imena nk'uko byari bimenyerewe. Umwanditsi aha ijambo abantu benshi kandi muri ngenga ya mbere. Ntumenya uvuga uwo ari we, umubazi w'inkuru arazimira.

Mu nkuru nshyashya, nta nsanganyamatsiko, nta kureshya umusomyi baca igikuba. Abari bamenyereye ibya kera barayirwanyije karahava, bakavuga ko atari ukuri ndetse ko ari igisa n'ubuvanganzo kubera ko yanze kuba basabose. Mu nkuru nshyashya ubona gusa uruhererekane rw'amagambo anyuranye ndetse yivuguruza, ibitekerezo bituzuye, mbese ibintu by'ikivangavange nk'uko isi yari imeze ikiremwa. Kugeza ubu mu Kinyarwanda nta rugero rw'inkuru nshyashya ruraboneka.

**14. Inkuru ndende porisi**

Inkuru ndende porisi yubakiye ku kuvumbura ubuhanga kandi buhorobuhoro wifashishije uburyo busanzwe, uko ibintu byagenze ku kintu kidasanzwe cyabaye. Abashakashatsi n'abanditsi benshi bahuriza hamwe ko inkuru ndende porisi ari iperereza rikorwa ku buryo busanzwe cyangwa se bwa gihanga. Iri perereza riba rigamije kuvumbura, guhishura ikintu cyayoberanye, kitumvikana, cyabaye imenamutwe. Mu magambo avunaguye inkuru ndende porisi ni inkuru y'umuhigo wa muntu, bakoresheje gutekereza ku tuntu wakwita amafuti bakatubyaza igisubizo.

Uko inkuru porisi ikura :

- Habanza insanganyamatsiko igizwe n'ibintu bidashobora gusobanura urebye ikosa ryakozwe.
- Ibimenyetso bidafashije byerekana ukekwa cyangwa abakekwa ; umusomyi n'ingenza baba bafite amahirwe angana yo gusubiza ikibazo.
- Akenshi muri izi nkuru ukekwa arafatwa ariko icyaha yafungiwe kikongera kikaba, bigahita bigaragara ko atari we bigasa n'ibisubiye irudubi.
- Kwitegereza neza ibintu no kubyibazaho.
- Igisubizo kijyanye n'ibyabaye gikomeza kuba urujijo.

– Kwigizayo ibidashoboka byose mu gushakisha igisubizo. Umunyacyaha avumburwa uhereye ku byo wagiye ubona, ntibapfa kumugwaho by'agatunguro cyangwa ngo yivemo.
– Igisigara nubwo cyaba kitakekwaga ni cyo kiba ari igisubizo nyacyo.

**Umwitozo**

Nyuma yo kwiga amoko y'inkuru ndende, umwarimu asaba abanyeshuri gutanga ingero zinyuranye ziturutse mu zindi ndimi bitewe n'amashami biga. Abasaba gutanga ibisubanuro bigaragaza impamvu izo ngero zashyizwe muri ayo moko, umwarimu akabafasha kubinonosora..

**e) Uko basesengura inkuru ndende**

Iyo basesengura inkuru ndende bibanda kuri ibi bikurikira: ikivugwa mu nkuru, abanyarubuga, ibarankuru, akabugankuru, ibikorwa, umugendo w'inkuru, uburebure n'ahantu. Ibi bigakorwa hakurikijwe amahange n'amahame y'ingenzi akoreshwa mu gusesengura umwandiko w'ubuvanganzo muri rusange.

## Ikivugwa mu nkuru ndende

Ingingo abanditsi b'inkuru ndende bavugaho ni nyinshi kandi ziratandukanye kimwe n'izo dusanga mu zindi ngeri z'ubuvanganzo. Mu nkuru ndende dusangamo urukundo rudasibangana, urukundo rwa bugigi, uburere n'umuco wa kera bitajya imbizi n'uburere n'umuco by'ubu, poritiki n'ubutegetsi, ubwenge bw'indushyi, uburaya n'ubwomanzi, iyimukacyaro, ubuhemu, ubugome, ishyari, inzangano, amoko, urupfu rutunamura icumu, ubusabane mu bantu, ubukene n'ubujiji, inkuru ndende zivuga ku bukoroni…

## Abakinankuru (abanyarubuga)

Mu nkuru ndende haba **umukinankuru mukuru** ushobora kuba umwe cyangwa babiri. Umukinankuru mukuru ni we uba ari ipfundo ry'inkuru. Ni we ikigamijwe cyangwa intego y'inkuru iba ishingiyeho. Uyu ni we insanganyamatsiko rusange ivugwa mu nkuru iba ishingiyeho.

Hari kandi n'**abakinankuru bungirije**. Aba ni bo usanga mu nkuru bamufasha kugera ku kigamijwe cyangwa bakamubera imbogamizi. Aba bakinankuru kandi ni na bo usanga insanganyamatsiko nto cyangwa zungirije zishingiyeho.

Mu nkuru ndende kandi dusangamo cyangwa dushobora gusangamo **abakinankuru ntagombwa**, aba bakinankuru iyo urebye usanga kuba mu nkuru kwabo cyangwa kutagaragaramo nta cyo byahindura ku kivugwa mu nkuru. Nta nsanganyamatsiko iba ibashingiyeho. Mu yandi magambo twabita indorerezi.

**Ibarankuru**

Mu nkuru ndende, ibarankuru ni kimwe mu biranga inkuru ndende. Hanagaragazwa ko ibarankuru rishobora gukorwa ku buryo bune:

- Umubarankuru ashobora kubara inkuru na we ubwe akinamo. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya kabiri.
- Umubarankuru ashobora kubara inkuru ari hanze yayo. Aha usanga akoresha ngenga ya gatatu asa n'uvuga ibintu yareberaga iruhande mu gihe byababaga.
- Umubarankuru ashobora kubara inkuru ye ubwe. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya mbere kuko ibyo avuga aba abivuga kuri we.
- Umubarankuru ashobora kandi kubara inkuru yiha gutekerereza umukinankuru. Mu kubara inkuru kwe usanga yiha kubara ibyo umukinankuru yatekerezaga igihe amubaraho inkuru.

**Ikitonderwa:**

Umubarankuru atandukanye n'umwanditsi w'inkuru. Umwanditsi w'inkuru ni umuhanzi wanditse inkuru ibarwa mu gitabo ke. Muri uko kwandika inkuru ye agena uburyo ibarwa. Muri ubwo buryo ibarwamo haba hari umuntu ugenda uyibara, uwo akaba ari we mubarankuru. Cyakora hari igihe umwanditsi ashobora kuba ari na we mubarankuru igihe abara inkuru y'ubuzima bwe.

**Akabugankuru (ahantu)**


Inkuru ndende kandi irangwa no kuba ifite aho ibarirwa; ni ukuvuga akabugankuru. Mu nkuru ndende akabugankuru gashobora kuba kazwi cyangwa ari agahimbano. Iyo uwandika inkuru avuga ibyabaye ashobora no kuvuga mu by'ukuri aho byabereye hazwi. Iyo abara inkuru y'ibitarabayeho, cyakora bishobora kubaho mu buzima rusange, ashobora gukoresha akabugankuru mpimbano; akavuga ibintu byabereye ahantu runaka ariko hatazwi ku ikarita y'isi.

**Ibikorwa**

Ibikorwa mu nkuru ndende bishingira ku bakinankuru cyane cyane ku mukinankuru mukuru. We n'abakinankuru bungirije bashinzwe kuyobora imigendekere y'ibikorwa byo mu nkuru kugeza ku ndunduro y'inkuru. Bamwe barema imbaraga zimufasha kugera ku ntego umwanditsi w'inkuru aba yamuhaye. Nk'uko abasesenguzi b'inkuru ndende babyemeza, inkuru ndende iyo ari yo yose irangwa no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa.

**Ishushanyabikorwa mu nkuru ndende**

Abakinnyi b'imena bafatanyije n'abungirije bayobora imigendekere y'ibikorwa mu nkuru ndende kugeza ku ndunduro y'inkuru. Bityo mu nkuru ndende umusesenguzi ashobora gushushanya ibikorwa yifashishije igishushanyo giteye gitya:




**Nyiri ubwite:** uyu ni we mukinankuru mukuru inkuru iba ishingiyeho, ni we uba ufite intego agamije kugeraho muri iyo nkuru. Aba ashobora kuyigeraho cyangwa ntayigereho.

**Ikigamijwe:** ni icyo umukinankuru mukuru aba agamije kugeraho mu nkuru. Ni intego aba yahawe n'umwanditsi w'inkuru.

**Ugenera:** ni igituma umukinankuru mukuru agira intego afite muri iyo nkuru. Ashobora kuba undi mukinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora gutuma agira intego runaka.

**Ugenerwa:** mu yandi magambo ni nyiri inyungu; ni uwo ari we wese mu nkuru wagira icyo yunguka mu gihe umukinankuru mukuru ageze ku cyo yari agamije mu nkuru.

**Abafasha:** ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru agera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumushyigikira mu rugendo rwe rwose kimufasha, kabone n'iyo atakigeraho mu irangira ry'inkuru.

**Imbogamizi:** ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru atagera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumubangamira mu rugendo rwe rwose kimubuza amahirwe kabone n'iyo yagera ku cyo yari agamije mu irangira ry'inkuru, ariko kikaba cyamubangamiraga.

## Umugendo w'inkuru

Mu nkuru, ibikorwa bishobora gukurikirana uko byagiye biba mu mateka yabyo. Cyakora abanditsi b'inkuru ndende b'abahanga, usanga bakora ibyo twakwita gukwikira inkuru, bakagenda babara inkuru nyinshi icyarimwe kandi zidakurikiranye uko zabaye mu mateka. Umwe mu basesenguzi b'inkuru ndende T. Todorov mu gitabo ke "Théorie de la littérature, 2001" asobanura ko hari uburyo butatu bwo gukwikira inkuru ari bwo kuyikurikiranya mu mateka yayo (a, b, c, d,..), kuyikiranya (a, b, a, b, c, d, c, d,..) no kuyivangavanga (z, a, c, e,...).

## Uburebure

Inkuru ndende nk'uko izina ryayo ribigaragaza, irangwa no kuba ari ndende koko. Kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma

ku buryo atarambirwa n'uburebure bwayo. Uburebure bw'inkuru ndende kandi bugaragarira mu inyuranamo ry'inkuru nyinshi zitadukanye kandi ritarambirana.

### Inyigisho irimo n'indangagaciro

Buri nkuru cyangwa buri gihangano cy'ubuvanganzo kiba gikubiyemo inyigisho n'indangagaciro runaka, ni ngombwa ko usesengura inkuru abigaragaza.

### Inshamake

Usesengura inkuru kandi aba agomba gukora inshamake yayo, igaragaramo iby'ingenzi bivugwamo.

### Umwanditsi w'inkuru

Ni ngombwa ko usesengura agaragaza ubuzima bw'umwanditsi w'inkuru ndetse n'ibindi bihangano bye. Ibi bishobora kumufasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima busanzwe.

### f) Itandukaniro ry'inkuru ndende n'inkuru ngufi by'umwihariko

| Inkuru ndende | Inkuru ngufi |
|---|---|
| - Inkuru ndende igira abakinankuru benshi n'ibikorwa byinshi<br>- Inkuru ndende isobekeranya inkuru nyinshi nubwo insanganyamatsiko aba ari imwe.<br>- Umugendo w'inkuru ndende usanga ugenda ucurikiranya ibikorwa.<br>- Usanga utubugankuru cyangwa se ahakinirwa ari henshi.<br>- Inkuru ndende yo ishobora no kuvuga ibya kera. | - Inkuru ngufi igira abakinankuru baken'ibikorwa bike.<br>- Inkuru ngufi iba yubakiye ku nkuru imwe rukumbi.<br>- Umugendo w'inkuru ngufi uba ugiye umujyo umwe.<br>- Aho inkuru ibera ntihagomba kuba henshi.<br>- Inkuru ngufi iba ivuga ibintu bishya, byabaye bidasanzwe. |

### Umukoro

Nyuma yo kumurika ibyavuye mu matsinda umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo guhanga inkuru ndede ku nsanganyamatsiko iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo barangije, umwarimu ahitamo imwe mu nkuru zahimbwe abona ko yubahirije uturango tw'inkuru ndende n'indi abona ko itubahirije uturango twayo akazisesengurira abanyeshuri bagerageza kuzijora.

| Umukoro wo guhanga inkuru ndende wandika |
|---|
| Ugendeye ku mabwiriza agenga imyandikire n'imiterere y'inkuru ndende, tangira uhimbe wandika agace k'inkuru ndende ku nsanganyamatsiko wihitiyemo n'ubwoko bw'inkuru wihitiyemo ku buryo uzayisomera bagenzi bawe mu ruhame. (Ntimurenze impapuro 20 kandi ntimuge hasi impapuro 10.) |

## Intera ya gatanu: Ururimi n'ubwumvane

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 167)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku kaganiro yasomye no ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Kurondora no gusobanura amafatizo y'ubwumvane.
- Gusobanura imimaro y'ubwumvane no kuyisobanura.

**Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'iyigandimi.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma inkuru ya Rugigana n'ingoma ye maze akabasaba kugaragaza uvuga, ubwirwa n'ikivugwa.
2. **Isesengura:**
   Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera ubushakashatsi mu matsinda bagerageza gusubiza ibyo bibazo byabajijwe ku kaganiro no gukora ubundi bushakashatsi bwimbitse ku rurimi n'ubwumvane. Abaha igihe cyo kubikora cyagera akabasaba kuzaza kumurika ibyavuye mu matsinda akabafasha kubinonosora bigakorerwa inshamake ikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:***

### Inshoza y'ubwumvane

Ururimi urwo ari rwo rwose, rutuma abaruvuga iyo bava bakagera bumvana, umwe yavuga, undi agasobanukirwa n'ibyo avuze. Ibyo bituma umuntu abasha kugeza ku bandi ibyo atekereza, ibyo yaba azi bo batazi cyangwa se akabashushanyiriza amagambo, ibyo yabonye ariko bo batabona n'amaso yabo muri ako kanya bavugana. Ibi byerekana ko ururimi ari igikoresho cy'ubwumvane. Kubera iyo mpamvu, ururimi ni inzira y'ingenzi n'ikigega k'ibitekerezo n'imico y'abo ruhuza. Ururimi n'ubwumvane bishobora kwigwa mu mpushya enye z'ingenzi : amafatizo y'ubwumvane, indanguruzi y'ubwumvane, imimaro y'ururimi n'amategeko ngombwa agenga ubwumvane.


**Amafatizo y'ubwumvane.**

1. **Uvuga:** ni we utangiza ikiganiro, agakomoza ku kivugwaho. Aba afite uwo abwira agakenera kubona igisubizo mu magambo cyangwa se mu bikorwa ku byo yavuze.
2. **Ubwirwa:** Yakira ibyo agejejweho n'uvuga. Ubwirwa agomba kumva no gusobanukirwa neza n'ibyo yabwiwe mbere y'uko atanga igisubizo.

3. **Ingambo:** ni ubutumwa nyiri izina uvuga ageza ku ubwirwa.
4. **Inzira:** Duhereye ku buryo ibivugwa bigenda bikagera ku ubwirwa, habaho inzira mbona nkubone cyangwa inzira mbonera iyo uvuga avugana n'uwo abwira amaso ku yandi. Iyo uvuga yumvikanye n'uwo abwira haciyemo akanya, inzira ikivugwa cyaciyemo iba ibaye inzira iziguye. Habaho n'inzira itaziguye nk'iyo hakoreshejwe terefone cyangwa ibindi bikoresho by'itumanaho bikora nka yo.
5. **Inkurikizo** cyangwa **interamvugo:** ururimi cyangwa imvugo ya nyakuvuga byumvikanisha mu buryo bufatika inshoza y'ahantu cyangwa y'igihe y'ikivugwaho. Interamvugo rero cyangwa inkurikizo ni ururimi, ibimenyetso cyangwa amarenga. Uvuga ashobora gukoresha imvugo cyangwa inyandiko. Iyi mvugo cyangwa inyandiko byumvwa cyangwa bigasomwa nyakuvuga aba ashaka kugeza ku ubwirwa ubutumwa. Ibi twabigereranya n'ibyapa byo ku muhanda biyobora gusa ababiziranyeho. Ni bo baba basobanukiwe neza n'ubutumwa bitanga cyangwa n'ikivugwa na byo.
6. **Ikivugwaho:** ni icyo abavugana baba bavuganaho. Abavugana bagomba kuba bagihuriyeho, bakiziranyeho.

**Indanguruzi y'ubwumvane**

Dore uko ubwumvane bugenda bukurikije indanguruzi yabwo.




**Imimaro y'ubwumvane**

Ururimi ni igikoresho k'ingenzi mu buzima bw'umuntu. Abantu bose iyo bava bakagera iyo bashyikirana mu biganiro, mu mbwirwaruhame, mu ikinamico, mu misango y'ubukwe... bakoresha ururimi. Uwagize ikibazo akagira ubumuga bwo kutavuga, bwo kudasohora ijwi, agira uburyo yihariye acishamo ubutumwa bwe bukagera ku bo ashaka ko bamwumva nta shiti.

Abahanga mu iyigandimi, basanze ururimi rugira imimaro myinshi, ariko iy'ingenzi ni umumaro nyakuvuga, umumaro nyakubwirwa, umumaro nkurikizo, umumaro nyanzira, umumaro nyangambo.

**1) Umumaro nyakuvuga**

Uvuga yifashisha ururimi cyangwa imvugo kugira ngo avuge, yumvikanishe mu buryo butaziguye akamuri ku mutima. Bamwe bawita kandi umumaro nsesekaza cyangwa nsesekazamutima.

***Ingero:***

1. Umugeni ageze mu mpinga ati: Ahwi! Nari mfuye Mana y'i Rwanda!
2. Mbega we! Ntuzi ibyabaye!
3. Icyampa nkazatabaruka nirereye abana.

Ntitwabura kuvuga ko hari n'abanditsi bakoresha uyu mumaro bashyira ikivugwa ku musomyi kandi mu by'ukuri atari umusomyi kivuga.

**2) Umumaro nyakubwirwa**

Izingiro ry'uyu mumaro ni nyakubwirwa. Wumvisha ubwirwa ko ari we shingiro, ko ari we urebwa n'ubwumvane. Hakoreshwa ngenga ya kabiri hagamijwe:

– Gusobanura ubwirwa mu bandi.
– Kumukesha umutima ngo yakire ibyo amubwiye.
– Kumuhwitura…

Uyu mumaro ugaragarira cyanecyane mu nteko no mu mvugo yumvikanisha guhamagara. Soma ingero zikurikira zibyerekana.

***Ingero:***

Igihe utanga ikiganiro kuri SIDA, ugasobanura uko yamenyekanye, uko yandura, uko ivurwa, ubushakashatsi ku miti n'inkingo… Noneho ukarangiza wereka abo ubwira ko ruriye abandi rutabibagiwe ko na bo ishobora kubageraho baramutse batirinze.

**3) Umumaro nkurikizo**

Ni ibimenyetso byose byerekana icyo ubutumwa bwerekejeho. Amagambo akoreshwa aha uyabwirwa n'ishusho y'ahantu cyangwa y'ibihe ibivugwa bihererejweho. Bamwe bawita kandi umumaro ndengarurimi cyangwa nsobanuzi.

***Urugero:***

« Nsanze ari ijuru ry'umwezi
Nange mpimbiraho umwato
Ni ko kumwita umwanga kurutwa
Nsubiye mwita Marebe yera

Kandi atembaho amaribori
Ni umutako w'urutanisha
Ni ubutijima bw'urukundo
Ni urukenyerero rw'inkindi
Nkunda inkesha ze z'umukwira. »

(Rugamba C., *Amibukiro*, pp.34).

4) **Umumaro nyabusizi (nyaburanga/nyangambo)**

Mu bwumvane, inzira yose igira uburyo bwayo. Nyakuvuga yifashisha ururimi, bityo agakoresha imvugo cyangwa inyandiko. Imiryohere y'inganzo yose uzayisanga muri uyu mumaro. Injyana, isubirajwi, isubirajambo, amoko y'imizimizo cyangwa inyandiko inogeye amaso ndetse n'amagambo y'ikivugwa uko yakabaye hatitaweho ibisobanuro byayo, ibyo byose bigaragaza umumaro nyangambo w'ururimi bita kandi nyabusizi.

***Ingero:***

1. Udutoki dutatu dutonze udutemeri.
2. Isha y'umushishe y'ishashi ishoka icitse ijosi.
3. Ugiye bagushishira uzagaruka bagushishimuye.

5) **Umumaro nyanzira**

Uyu mumaro tuwusanga mu magambo ya nyakuvuga mu gihe atangiye, akomeje cyangwa se asubitse ubwumvane cyangwa se agenzura ko umuyoboro (inzira) ari ntamakemwa. Iyi nzira y'ubwumvane ishobora kuba umurongo wa terefoni, ishusho, igishushanyo cyangwa se n'ibindi bikoresho by'itumanaho byakora nka terefoni. Aha rero ururimi rugira umumaro wo gutangira, gukomeza, gusigasira, gusubika, gusubukura cyangwa se guhagarika ubwumvane.

***Ingero:***

Allo!

Birumvikana?

Si byo se?

Urebye rero…

Nyine…

Nawe urabyumva…


Nuko…

Mbese mwaramutse bantu bakuru?

6) **Umumaro nyakivugwa**

Iyo umuntu avuga hari ubutumwa cyangwa amakuru aba ashaka gutanga, akaba ari amakuru afitiye gihamya.

Dore uko imimaro y'ubwumvane igaragara ku ndanguruzi y'ubwumvane:




**Ikitonderwa:**

Nta nyandiko cyangwa umwandiko wiharirwa n'umumaro w'ururimi umwe gusa. Imimaro myinshi ishobora kugaragarira icya rimwe mu mwandiko cyangwa mu kivugwa kimwe mu buryo no mu bwiganze butandukanye. Cyakora kugira ngo itumanaho ribe ryuzuye imimaro yose igomba kuba irimo akaba ari na byo bitandukanya imvugo y'umuntu n'iy'inyamaswa.

**Amategeko ngombwa agenga ubwumvane**

Kugira ngo ubwumvane bushoboke, hari amategeko ngombwa agomba kubahirizwa. Uvuga n'ubwirwa bagomba:


- **Guhuza inkurikizo:** uvuga n'ubwirwa bagomba kuba bahuje ururimi cyangwa ibimenyetso bakoresha.
- **Guhurira ku kivugwa:** uvuga n'ubwirwa bagomba kuba bafite ikivugwa baziranyeho. Iyo bataziranye ku kivugwa ntibashobora kumvikana.
- **Guhuza inzira:** uvuga n'ubwirwa bagomba guhuza uburyo bakoresha kugira ngo bumvikane. Niba ari terefone bombi bagomba kuba bayifite, yaba ari ibaruwa, bombi bakaba bazi gusoma.

**Umwitozo**

Amatsinda yose arangije kumurika ibyo yagezeho no kubikorera ubugororangingo, umwarimu atanga imyitozo kugira ngo agenzure ko intego z'isomo zagewzeho. Iyo myitozo ikorwa na buri mu nyeshuri ku gitike igakosorerwa hamwe mu ishuri umwarimu akabafasha kunonosora ibisubizo bikwiye.

**Umwitozo n'ibisubizo :**

1. **Mu Rwanda iyo Abanyarwanda bashyikirana bakoresha inzira zitandukanye. Andika inzira zose ubona zishoboka zaba zikoreshwa n'uvuga kugira ngo ikivugwa kigere ku ubwirwa.** Izira zishobora gukoreshwa n'uvuga mu Rwanda kugira ngo ikivugwa kigere k'ubwirwa ni izi zikurikira : inzira mbona nkubone, ibaruwa, terefoni, insakazamajwi, insakazamashusho, imbuga nkoranyambaga n'ibindi.
2. **Wifashishije indanguruzi y'ubwumvane, garagaza amasano agenga ubwumvane mu misango y'ubukwe.** Amasano y'amafatizo y'ubwumvane mu misango ku ndanguruzi y'ubwumvane ateye ku buryo bukurikira:




3. Tegura umwandiko mugufi (ipaji imwe), ugaragaramo imimaro yose y'ubwumvane. Ushobora no kuba ikiganiro hagati y'abantu babiri. Erekana igice umumaro runaka ugaragaramo kandi uwusobanure.

## Igisubizo gishoboka:

### Umuganga uha ikiganiro abaturage

Muri iki kiganiro nifuza ko twaganira ku ndwara ya SIDA (umumaro nyakivugwa 1 )Iryo jambo ni impine y'Igifaransa, umuntu agenekereje yavuga ko bisobanura « Ubwandu buterwa n'igabanuka ry'abasirikare barinda umubiri bagatuma ugita ubudahangarwa (Umumaro ndengarurimi/ nsobanuzi 2) Yavumbuwe mu myaka ya za 1980, ikaba iterwa n'agakoko ko mu bwoko bwa virusi. Ikindi kizwi ni uko ikunze kwibasira abantu bakora imibonano bahuje igitsina nubwo n'ibindi byiciro by'abantu itabirebera izuba. Kugeza ubu hari imiti ishobora kugabanya ubukana bwayo ariko nta rukingo ruraboneka nubwo hari izagiye zigeragezwa (umumaro

nyakivugwa 3) Muri aka kanya nkaba nifuza kubakangurira kuyirinda kuko yica kandi ikaba imaze kuba icyorezo cyugarije isi yose (Umumaro nyakubwirwa 4). Muranyumva? (Umumaro nzira /nyakuzo 5). Irica. Nyamara hari uburyo bwinshi bwo kuyirinda. (Umumaro nyakivugwa 6) agapfa kaburiwe ni impongo kandi ngo urwishigishiye ararusoma. (Umumaro nyakubwirwa 7 + umumaro nyabusizi 8) Mushatse mwahindura imyitwarire. Cyanecyane urubyiruko kuko ari rwo rwugarijwe. (Umumaro nyakubwirwa 9) Mbabazwa gusa n'uko bamwe muri mwe mwigize ba ntibindeba. (Umumaro nyakuvuga cyangwa nsesekazamutima 10)

***Ibisobanuro:***

- **(1, 3 na 6):** Muganga aratanga amakuru ku kivugwaho (SIDA).
- **(2):** Aragerageza gusobanura impine SIDA kuko asanze itumvikana ku bantu batari inzobere mu byerekeye indwara.
- **(4, 7 na 9):** Aragerageza kumvisha abo abwira ko ibyo avuga bibareba kandi ko bagomba kubyubahiriza.
- **(5):** Arabaza ikibazo ariko si ukuvuga ko akeneye igisubizo; ahubwo arashaka kumenya niba bamukurikira anatsindagira ibyo amaze kuvuga.
- **(8):** Aragerageza kuryoshya imvugo akoresheje imigenurano.
- **(10):** Aragaragaza icyo atekereza ku byo amaze kubabwira yerekana ko bimubabaje (imbamutima).

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa munani

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa munani. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

- Inkuru ndende ari ingeri ubuvanganzo nyandiko irangwa no kuba ari ndende, kugira abakinankuru benshi, gusobekeranya insanganyamatsiko nyinshi no kubara inkuru y'ibyabayeho cyangwa ibitarabayeho ariko bishushanya ubuzima rusange tubamo. Inkuru ndende itandukanye n'inkuru ngufi ku burebure bwayo, ku kuba ifite abakinankuru benshi, ku kuba igira insanganyamatsiko nyinshi n'abakinankuru benshi. Inkuru ndende itandukanye n'umugani kuko mu mugani havugwamo ibitarabayeho kandi bidashobora no kubaho mu buzima rusange.
- Ururimi ni igikoresho gituma abavugana aho bava bakagera bashobora kuganira bakumvikana. Ubwo bwumvane bushingiye ku bintu bitandatu by'ingenzi ari byo : uvuga, ubwirwa, ingambo, inzira, interamvugo/ inkurikizo, ikivugwaho. Amasano y'ayo mafatizo ashobora kwerekanishwa igishushanyo kitwa indanguruzi y'ubwumvane.
- Umumaro nyanteramvugo cyangwa nkurikizo ushingiye ku byerekana igihe, ahantu n'imiterere bwite by'ubutumwa butangwa. Ibyo bishobora guhita bisobanuka mu magambo yakoreshejwe (umumaro nyanteramvugo nyansano). Bishobora kugaragara mu myubakire y'interuro ariko inkurikizo yo mu

magambo ntibe mu bisobanuro asanganwe. Ibyo tubisanga cyane mu mizimizo, aho ijambo rita igisobanuro risanganywe ahubwo rigasobanurwa n'ayo biri kumwe (umumaro nyantera mvugo nyambere). Umumaro nyabusizi uba mu miryohereze y'injyana n'isubirajwi n'isubirajambo binogeye amatwi, bikamera nk'umutako w'ikivugwa nyiri izina.

– Kugira ngo habeho ubwumvane, uvuga n'ubwirwa bagomba guhuza neza inkurikizo, guhurira ku kivugwa no guhuza inzira y'ubwumvane.

## Ubumenyi bw'inyongera

### Zimwe mu nkuru ndende nyarwanda zanditswe mu Kinyarwanda

1. Munyakazi, S., *Ntabajyana,* 1952
2. Rukebesha, A., *Nyirabirahunga,* 1970
3. Nsanzubuhoro, V., *Ntabyera,* 1971
4. Kamugunga, C., *Umusiramu*, 1973
5. Karege F., *Mwanankundi,* 1975
6. Byuma, F., M*ureranyana*, 1981
7. Niyonteze, P., *Imari ya shuni*, 1981-1982
8. Uwamungu, J., *Nyirabayazana*, 1981
9. Nkurikiyumukiza, F., *Yatashye atagomba*, 1987
10. Niyitegeka, M.Y., *Giramata,* 1988
11. ............................, *Urwibutso*, 1988
12. ............................, *Wishavura*, 1989
13. ............................, *Iyo mbimenya*, 1991
14. Rugema, A., *Rwemerikije*, 1988
15. Furere, R.M., *Mariya Kantarama*, 1998
16. Karenzi, F., *Ishavu ry'abato*, 2000
17. [...]

### Inkuru ndende n'andi moko y'imyandiko

Dushingiye ku biranga inkuru ndende, dusanga ifitanye isano n'inkuru ngufi, umugani muremure ndetse n'igitekerezo bamwe bita igikabyankuru. Imbonerahamwe ikurikira iratwereka isano riri hagati yabyo ndetse n'aho bigenda bitandukanira.

| Uturango umwandiko | Inkuru ndende | Inkuru ngufi | Umugani muremure | Igitekerezo (igikabyankuru) |
|---|---|---|---|---|
| Ikivugwa | Havugwamo ibiba mu buzima rusange, bishobora kuba byarabayeho cyangwa bitabayeho. Bishingiye ku nsanganyama-tsiko nyinshi. | Havugwamo ibiba mu buzima rusange, bishobora kuba byarabayeho cyangwa bitabayeho. Bishingiye ku nsanganyama-tsiko imwe. | Havugwamo ibihimbano birimo amakabyankuru arenze urugero. Biba bishingiye ku nsanganyamatsiko imwe. | Havugwamo ibyabayeho mu mateka ariko bikabarwa mu buryo bwo gukabya. Biba bishingiye ku nsanganyamatsiko imwe. |
| Abakinankuru | Havugwamo abakinankuru benshi barimo umukinankuru mukuru umwe cyangwa babiri. | Havugwamo abakinankuru bake barimo umukinankuru mukuru umwe. | Havugwamo abakinankuru bake b'uruvangavange; abantu cyangwa abantu n'inyama-swa. | Havugwamo abantu bazwi mu mateka. |
| Ibarankuru | Ibarankuru rishobora gukorwa ku buryo bune: kwibaraho inkuru, kuyibara utarimo, kuyibara na we uyikinamo, no kuyibara uri bamenya. Ibarankuru rishobora kugenda umujyo umwe cyangwa rigakwikira inkuru (z- c- d –a- b..). | Ibarankuru rishobora gukorwa ku buryo bune: kwibaraho inkuru, kuyibara utarimo,kuyima-ra na we uyikinamo, no kuyibara uri bamenya. Ibarankuru rigenda umujyo umwe (a- b- c -d..). | Ibarankuru ribarwa ubara ari hanze y'inkuru cyakora akaba yayibara ari bamenya. Ibarankuru rigenda umujyo umwe (a-b-c- d ..) | Ibarankuru ribarwa ubara ari hanze y'inkuru cyakora akaba yayibara ari bamenya. Ibarankuru rigenda umujyo umwe (a-b- c- d-..). |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Uburebure** | Nk'uko izina ribivua, inkuru ndende iba ari ndende cyane; hejuru y'impapuro ijana. | Inkuru ngufi iba ari ngufi; hagati y'impapuro icumi na mirongo itatu. | Uyu ni umwandiko mugufi uri hagati y'urupapu-ro rumwe n'impapuro icumi. | Uyu ni umwandiko ushobora kuba mugufi cyangwa muremure bitewe n'inkuru ibarwa. ushobora kureshya n'umugani cyangwa se n'inkuru ndende. |
| **Akabugankuru** | Ahantu inkuru ibera hashobora kuba hazwi neza cyangwa se hatazwi. | Ahantu inkuru ibera hashobora kuba hazwi neza cyangwa se hatazwi. | Aho inkuru ibe-ra haba hatazwi kandi hatarana-bayeho. | Ahabarirwa inkuru haba hazwi neza mu mateka. |

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa munani

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 172)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

- Ubushobozi bwo gusesengura inkuru ndende.
- Ubushobozi bwo guhanga umwandiko w'inkuru ndende.
- Ubushobozi bwo gusobanura amafatizo y'ubwumvane, gusobanura imimaro y'ubwumvane no gutahura mu mwandiko yasomye imimaro y'ubwumvane.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Ingingo nkuru n'izungirije zavuzweho cyane mu mwandiko ni izihe?**
   - Ingaruka z'ubukoroni
   - Akarengane k'Abanyafurika
   - Ikandamizwa ry'Abanyarwanda
   - Imirimo y'agahato ku bw'abakoroni
   - Amashuri mu gihe cy'ubukoroni
   - Ibihingwa bishya igihe cy'ubukoroni…
2. **Kuba tugikenera inkunga y'amahanga ntitwabifata nk'ubukoroni? Sobanura.** Byafatwa nk'ubukoroni bushya kuko nk'iyo habonetse inkunga y'amahanga, bene kuyitanga bohereza rimwe na rimwe abazakurikirana

imikoreshereze yayo. Iyo bitabaye ibyo, usanga hari izindi nyungu za politiki ziba zihishe inyuma y'izo nkunga. Hari imyanzuro ishobora gufatirwa igihugu runaka cyo muri Afurika ngo kuko yenda kitakoze ibyo Abanyaburayi n'ahandi bakeneye.

3. **Abanyafurika mu mpande zitandukanye bigaragaje bate berekana akarengane kabo?** Bakoze iyo bwababaga, barwana inkundura, bamwe barwanyije Abongereza, abandi barwanya Abadage n'Ababirigi, Abafaransa n'abandi kugeza igihe ibihugu bimwe bitangiye kugera ku bwigenge nyuma yo kumena amaraso.
4. **Hari ingingo zihamya ko Abanyarwanda bahoze bumvikana, bafashanya. Zirondore.** Abanyarwanda bari batuje, bari bapfunditse ubumwe, basabanaga amazi, barahuranaga umuriro, baranywanaga ntihagire uhirahira ngo atatire igihango, bafatanyaga kwivuna umwanzi, baratabaranaga…
5. **Poritiki n'inyigisho n'imikorere y'abakoroni byari byiza byose. Sobanura utarondogoye.** Ntibyari byiza byose. Abakoroni barasahuye, batsikamiye abaturage, bahinduye imyemerere yabo bazana Imana y'i Burayi, bikubiye ubutaka bwera n'ibindi. Ariko Abakoroni ku rundi ruhande bazanye amashuri abantu biga gusoma no kwandika, imihanda iraharurwa, ibihingwa bishya bigera ku butaka bw'Afurika ndetse n'amabuye y'agaciro aracukurwa n'ubwo amenshi yajyanwaga i Burayi.
6. **Poritiki Abakoroni bakoresheje kugira ngo batwigarurire ni iyihe? Yatugizeho izihe ngaruka?** Bakoresheje politiki yo gucamo ibice abaturage. Abantu bamaze kumva ko atari bamwe batangiye kuryana no guhembera urwikekwe. Nko mu Rwanda amaherezo amacakubiri n'urwikekwe byaje kuvamo ivanguramoko ryashyizwe mu bikorwa haba Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994. Muri Afurika handi haracyagaragara ibikingi by'abazungu…
7. **Ijwi ry'abaturage ni ijwi ry'Imana. Iyi mvugo urayemera? Sobanura.** Nk'uko benshi babyemeza na nge sinabihakana kandi ni ko bimeze. Iyo abantu bagukunze, iyo wumvikana n'abantu urakundwa ugakundwakazwa, bishoboka bite rero ko Imana itaha umugisha imibanire yawe na bo? Icyo rubanda rwishyizemo, rwakunze n'Imana iba yabihaye umugisha, ibishyigikiye.

## II. Inyunguramagambo

a) **Shaka ibisobanuro by'aya magambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko umaze gusoma**.

1. **Kazungu**: umukoroni, gashakabuhake, umunyaburayi wakoronije Abanyafurika.
2. **Kurahurana umuriro**: kumvikana, kuba hafi y'umuvandimwe ku buryo atewe wamuvuna.

3. **Intandaro**: urwenzo rwo kuba ikintu runaka cyaba.
4. **Ak'imuhana**: ibintu byose by'imahanga , byo mu mihana udafiteho uburenganzira.
5. **Ibisigisigi**: ibimenyetso bigaragaza inkurikizi y'amateka, y'ibintu byabaye mu gihe runaka.
6. **Gutwaza kiboko**: kuyoborana igitugu, imbaraga n'agahato gakandamiza.
7. **Gucuz**a: kwambura, kwaka, kunyaga abantu , ibintu uburenganzira n'ibintu bari bafite.
8. **Umuco:** imigenzereze n'imimerere y'abantu harimo indangagaciro na kirazira by'abatuye ibunaka.
9. **Guceba**: kugabanya agaciro k'ikintu, kugaya, guhinyura akamaro k'ikintu.

**b) Buri wese ku giti ke nahuze neza amagambo ari mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo byatanzwe mu ruhushya B ukoresheje akambi aho bishoboka.**

| Uruhushya A | Uruhushya B |
|---|---|
| 1. Kazungu<br>2. Banywana<br>3. Kwiyandayanda<br><br>4. Ingwate<br>5. Byaragongoje | a) Umuntu watwawe n'ibintu runaka ku buryo bimuyobora.<br>b) Kuba udafite imbaraga ukihangana ukagira icyo ukora.<br>c) Kugirana ubucuti bukomeye bushingiye ku gusangira amaraso.<br>d) Byaranduhije cyane, umubiri n'ingufu binshiraho.<br>e) Umukoroni w'umuzungu cyangwa se wavuye i Burayi. |

**Igisubizo:**

**1.** → e  **2.** → c  **3.** → b
**4.** → a  **5.** → d

**c) Simbuza ijambo ryanditse ritsindagiye irindi bivuga kimwe dusanga mu mwandiko.**

1. **Duterekera** abakurambere kugira ngo bakomeze kuduha impagarike n'ubugingo.
2. **Ibikingi** byigaruriwe na ba gashakabuhake mu gihe cy'ubukoroni.
3. **Impuzu** zakundaga kwambarwa n'abakambwe.
4. Tugomba guharanira **kwigira** kugira ngo tureke guhora dutegereje bene Kazungu.
5. Abakoroni **batwibye umugono** baradupyinagaza karahava, kuzamura umutwe bije vuba.
6. Abakoroni bari bafite **amayeri menshi** yo kunyunyuza abaturage bakoronije.
7. Nta mpamvu yo **kuresaresa agakoni** kandi ibintu byo gukora bihari**.**
8. Ubunebwe bushobora **kugukuza urwondo**; ubundi udakora ntakarye.
9. Abanyeshuri **bacubukira mu manjwe** bagatsindwa, isi izabigisha.

10. **Gicu cya Nyantango/ icyomanzi** aho kiva kikagera uzasanga kitita/ atita ku nyigisho yungukira/cyungukira mu ishuri.
11. Burya ngo ibishashagira byose si zahabu, reka kwishinga ibyo **bintu by'inzaduka** ntabwo byose bitwubakira ubuzima.

## III. Iyigandimi

### a) Sobanura amafatizo y'ubwumvane.

1. **Uvuga** : ni we utangiza ikiganiro, agatangiza n'ikivugwaho. Aba afite uwo abwira agakenera kubona igisubizo mu magambo cyangwa se mu bikorwa ku byo yavuze.
2. **Ubwirwa :** Yakira ibyo agejejweho n'uvuga. Ubwirwa agomba kumva no gusobanukirwa neza n'ibyo yabwiwe mbere y'uko atanga igisubizo.
3. **Ingambo :** ni ubutumwa nyiri izina uvuga ageza ku ubwirwa.
4. **Inzira :** Duhereye ku buryo ibivugwa bigenda bikagera ku ubwirwa, habaho inzira mbona nkubone cyangwa inzira mbonera iyo uvuga ahanganye n'uwo abwira amaso ku maso. Iyo uvuga yumvikanye n'uwo abwira haciyemo akanya, inzira ikivugwa cyaciyemo iba ibaye inzira iziguye. Habaho n'inzira itaziguye nk'iyo hakoreshejwe telefone cyangwa ibindi bikoresho by'itumanaho bikora nka yo.
5. **Inkurikizo** cyangwa **interamvugo :** ururimi cyangwa imvugo ya nyakuvuga byumvikanisha mu buryo bufatika inshoza y'ahantu cyangwa y'igihe y'ikivugwaho. Interamvugo rero cyangwa inkurikizo ni ururimi, ibimenyetso cyangwa amarenga. Uvuga ashobora gukoresha imvugo cyangwa inyandiko, cyangwa bigasomwa nyakuvuga ashaka kugeza ku ubwirwa ikivugwa/ubutumwa. Ibi twabigereranya n'ibyapa byo ku muhanda biyobora gusa ababiziranyeho. Ni bo baba basobanukiwe neza n'ubutumwa bitanga cyangwa n'ikivugwa na byo.
6. **Ikivugwaho :** ni icyo abavugana baba bavuganaho. Abavugana bagomba kuba bagihuriyeho, bakiziranyeho.

### b) Uhereye ku mwandiko "Kwihesha agaciro", tahura imimaro y'ubwumvane usanga mu nteruro zikurikira zavuye mu mwandiko wasomye.

1. <u>Kera</u> ba Kazungu bataragera <u>i Rwanda</u>. (**Kera: umumaro nyanteramvugo** yuvisha igihe), (i **Rwanda:** nyanteramvugo yumvisha ahantu.)
2. <u>Amatwara yabo atwambura</u> ireme, agaciro kacu karacuya. (Umumaro nyakuvuga)
3. <u>Tuzi ibipfa n'ibikira</u>, <u>tuzi kwihitiramo</u>. (umumaro nyakuvuga ( <u>t</u>uzi)
4. <u>Twirinde gutwarwa kiboko na kazungu.</u> (umumaro nyakuvuga na nyakubwirwa.)
5. <u>Twe se ntitwatokobwe byinshi!</u> (umumaro nyakuvuga na nyakubwirwa.)

6. <u>Mpana uwange yananira nti: "Ramvura ingoma wime</u>!" (umumaro nyakuvuga na nyakubwirwa.)
7. <u>None se Kiliziya Gaturika yari izwi na ba nde?</u> (umumaro nyakuvuga na nyakubwirwa.)
8. <u>Kugeza ubu se tuba tucyambara impuzu, ishabure n'inkanda?</u> (umumaro nyakuvuga na nyakubwirwa)
9. <u>Reka tuvuge ko hari ibyiza ubukoroni bwadusigiye.</u> (umumaro nyakuvuga.)
10. <u>Oya, siga aho</u>! <u>Nitwikosore duce ukubiri no guhora duteze "BARAMPA</u>". (umumaro nyakubwirwa)

## III. Guhanga

**Vuga uturango tw'inkuru ndende ugomba kumenya kugira ngo uhange inkuru ndende yubahirije amategeko.**

– Inkuru ndende irangwa n'imiterere yayo; ibarankuru, abakinankuru (abantu cyangwa inyamaswa), kuba hari ikivugwa, kuba hari ahantu n'igihe kibera, kuba ari ndende (akenshi hagati y'impapuro 100 na 250) kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma, ku buryo atarambirwa gusoma inkuru ibarwa.


## Imyitozo nsindagirabushobozi

– Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
– Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora imyitozo y'inyongera. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

***Urugero rw'imyitozo yabaha:***

1. **Andika inzira zishobora gukoreshwa n'uvuga mu kigo wigaho kugira ngo ikivugwa ke kigere k'ubwirwa.** Inzira zishobora gukoreshwa n'uvuga mu kigo kugira ngo ikivugwa ke kigere k'ubwirwa ni izi zikurikira: inzira mbonankubone, ibaruwa, telefoni, insakazamajwi, insakazamashusho, interineti,…

2. **Shushanya indanguruzi y'ubwumvane**




3. **Vuga abanditsi b'ibi bihangano :**
   Matabaro ajya i Burayi (Kagame Alegisi)
   Iyo mbimenya (Mukarugira Yuliyana)
   Hagati y'isi n'ijuru (Gasimab Faransisiko Saveri)

## Imyitozo y'inyongera

1. **Hanga umwandiko mugufi (utarenze imirongo makumyabiri), ukubiyemo imimaro y'ururimi, werekane buri mumaro uwucaho akarongo kandi uwusobanure.**

*Urugero rw'igisubizo:*

Nshuti bavandimwe, ndabamenyesha ko igihugu cyacu cyugarijwe n'indwara kirimbuzi. Nta yindi ni ebola (1). Niba mutayizi, ni indwara iterwa na virusi itaramenyekana neza, yaturutse mu bihugu by'amahanga kandi ikaba yica cyane, nta n'urukingo igira. Yadutse ahagana mu wa 2005 ikaba kandi imaze kuyogoza ibihugu bitari bike (2). Ku bwange rero ndumva ibintu bikomeye ku buryo dukwiye gufata ingamba hakiri kare (3) ejo tutazisama twasandaye(4). Muranyumva? (5) Kandi rero nta we irebera izuba, ari umuto, ari umukuru, mbese twese, nange w'umuganga, iratwibikiye nitutirinda (6). Mukenyere mukomeze rero, kandi ngo agapfa kaburiwe ni impongo (7).

**Ibisobanuro**

1. Umumaro nyakivugwa (utanga ikiganiro aratanga amakuru y'imvaho).
2. Umumaro ndengarurimi (arasobanura ikintu akeka ko abamwumva badasobanukiwe cyangwa batamenyereye, ijambo rikomeye: ebola).
3. Umumaro nsesekaza cyangwa nsesekazamutima (aragaragaza icyo atekereza ku byo avuze yerekana imbamutima kuri iriya ndwara itinyitse).
4. na (7) umumaro nyabusizi cyangwa nyaburanga (aragerageza gukoresha imvugo inoze, ashaka kuvuga neza, akoresha ikeshamvugo, imvugo idasanzwe).

5. Umumaro nzira cyangwa nyakuzo (arabaza ariko mu by'ukuri nta gisobanuro ategereje; ni ukugira ngo gusa yumve niba abantu bamukurikira).
6. Umumaro nyakubwirwa (arashaka kumvisha abamukurikiye ko ibyo avuga, ni ukuvuga ububi bwa ebola, na bo bibareba, badakwiye kuba ba ntibindeba)

2. **Sobanura umumaro nkurikizo (nyanteramvugo) unatandukanye uburyo wumvikanamo.** Umumaro nkurikizo (nyanteramvugo): Ni ibimenyetso byose byerekana icyo ubutumwa bwerekejeho. Amagambo akoreshwa aha uyabwirwa n'ishusho y'ahantu cyangwa y'ibihe ibivugwa bihererejweho. Bamwe bawita kandi umumaro ndengarurimi cyangwa nsobanuzi. Uyu mumaro wumvikana mu buryo bubiri :
   a) **Umumaro nyanteramvugo nyansano:** Herekanwa ibintu bikikije ikivugwa.
   b) **Umumaro nyanteramvugo nyambere:** Urukurikirane rw'amagambo rubyara urwunge rw'ibitekerezo bikumvikanisha icyo uvuga ashaka kumenyekanisha.

# 9 Ibidukikije

## (Umubare w'amasomo: 14)

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| – Gusesengura umwandiko uvuga ku kamaro k'amazi n'amashyamba.<br>– Gusobanura imiterere y'iby'indimi mu Rwanda. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yagombye kuba azi akamaro k'ibidukikije muri rusange ashobora kandi gusobanura politiki y'iby'indimi mu Rwanda. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| Kubungabunga ibidukikije: Ni ngombwa ko umwarimu asesengura ku buryo bwimbitse umwandiko "Amazi n'amashyamba" ku buryo umunyeshuri asobanukirwa neza akamaro ko kubungabunga amazi n'amashyamba. |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi,.... |
| **Amagambo fatizo:** Ibidukikije, ururimi rw'igihugu, ururimi rw'ubutegetsi, ururimi kavukire, inshami z'Ikinyarwanda, indimi z'uturere. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite bumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare n'amasomo ya buri gice

| Igice | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **Umwandiko : Amazi n'amashyamba** | |
| Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 4 |
| Intera ya kabiri : Gusesengura umwandiko | Amasomo 2 |
| Intera ya gatatu : Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo | Amasomo 2 |
| Intera ya kane: Imiterere y'iby'indimi mu Rwanda | Amasomo 2 |
| Intera ya gatanu : Inshami z'Ikinyarwanda | Amasomo 2 |
| Isuzuma | Amasomo 2 |

### Umwandiko: Amazi n'amashyamba

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 177)

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku bidukikije, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

### Imitangire y'isomo

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ahari umwandiko bagiye gusoma ababaze ibibazo bibafasha kumva icyo asobanura no kuvumbura ibikubiye mu mwandiko yifashishije ayo mashusho. Usibye ayo mashusho yo mu gitabo, umwarimu ashobora no kwifashisha izindi mfashanyigisho zifatika cyangwa andi mashusho ajyanye n'umwandiko akabaza ibibazo biganisha ku mwandiko bagiye gusoma

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:***

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Turahabona ishyamba n'ibikoresho bibajwe mu mbaho.
b) **Murabona ikirere kimeze gite hejuru y'ishyamba?** Imvura irimo kugwa.
c) **Ku bwanyu murumva uyu mwandiko uri buvuge ku ki?** Uri buvuge ku kamaro k'amashyamba.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu arahishurira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku bidukikije.

### 2. Gusoma umwandiko

**2.1 Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "**Amazi n'amashyamba**", abasabe kuwusoma bucece nyuma ababaze ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

a) **Abaturage bo mu majyaruguru ya Afurika bajya i Burayi banyuze ahantu hameze hate?** Banyura ahantu h'ubutayu.

b) **Vuga amazina y'abagize umuryango uvugwa mu mwandiko wimukiye i Burayi.** Ni umugabo Baryabata, umugore we Mutesi n'abana babo babiri Nyiramana w'umukobwa na Kamana w'umuhungu.

c) **Uyu muryango ucagashije urugendo byawugendekeye bite?** Umugabo Gahigi yahise yitaba Imana.

d) **Abaturage bamaze kwambuka ubutayu bahembuwe n'iki?** Bahembuwe n'amazi banyoye.

e) **Ubutayu bariya baturage bambutse bwatewe n'iki?** Bwatewe no gufata nabi amashyamba bayatema ntibongere gutera ibindi biti.

**2.2 Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwumwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo. Nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, arajya anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma aragenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

**2.3 Gusomera umwandiko mu matsinda**

Barangije gusoma baranguruye, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye. Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe ujya yandika ibisubizo bumvikanyeho muri buri tsinda. Akanabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'abanyeshuri n'uw'amatsinda yakoze.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda akabafasha kunonosora ibisubizo, bakabyandika ku kibaho no mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo bishobora kuva mu matsinda**

**I. Inyunguramagambo**

*Urugero rw'ibisubizo bishobora kuva mu matsinda.*

a) **Sobanura amagambo akurikira:**

1. **Ibizazane:** ibibazo bitandukanye, ingorane zizitira umuntu kugira icyo ageraho.
2. **Basaranganya:** basangira uduke abantu bafite, basangira ibyo kurya bike bari bafite.
3. **Kuraba:** kwara amaboko n'amaguru ukitura hasi ugahwera/ugapfa.
4. **Arabacika:** arapfa, yitaba Imana, avamo umwuka, aratabaruka.
5. **Kurimbanya:** kwihangana ugakomeza urugendo usa n'udafite imbaraga.
6. **Gutora agatege:** gutangira kugira akabaraga/ imbaraga.
7. **Kwisunga abandi:** kwegera abandi ngo mugire igikorwa mufatanya gukora.
8. **Amapfa:** icana cyane kw'izuba ibimera bikuma, amazi agakama mu bishanga mu migezi n'izuzi.
9. **Barasuhuka:** bimukira, bava aho bari batuye bajya ahandi hantu.
10. **Kugundira:** kwimana ikintu ku buryo kukikwaka byavamo imirwano.
11. **Ishyanga:** imahanga, ahantu ha kure y'aho wari usanzwe utuye.
12. **Igikingi cy'umuntu:** umurima munini umuntu ahinga akawubyaza umusaruro.

b) **Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo uri mu bitabo byabo. Abagenera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze, nyuma umwarimu n'abandi banyeshuri bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi. Ibyo bisubizo kandi babisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo n'abatabona ku kibaho babyumve.

*Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:*

**Simbuza ijambo ryanditse ritsindagiye irindi bivuga kimwe dusanga mu mwandiko, wite ku mategeko ngengasano mu nteruro nshya wubatse.**

1. **Amapfa** yateye ikama ry'ibiyaga n'ibishanga.
2. Amage arisha umugabo ikivuza, inzara se ntiyatumye **dusuhuka** tukerekeza i Bushi.
3. Amazi yarabuze mu mudugudu wacu **umwuma** utuma benshi batakaza ubuzima.
4. Gahigi na Mpwerazikamwa bamaze iminsi **bafashe agatege** basubiye mu kibuga**.**

5. Amazi n'amashyamba **bidufatiye runini,** ntawarota yangiza ibyo bidukikije.
6. Amashyama n'amazi ni **intaho** y'inyamaswa n'udukoko dutandukanye.
7. **Amadovize** dusigirwa na ba mukerarugendo afasha Igihugu muri byinshi.
8. Ku **mbibi** z'Igihugu cyacu mu burengerazuba hari ikiyaga cya Kivu.

**II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. **Ni ubuhe butayu abimukira bambukaga buri mu majyaruguru ya Afurika?** Ubutayu abimukira bambuka buri mu majyaruguru ya Afurika ni ubutayu bwa Sahara.
2. **Mu mwandiko batubwira ko abo bimukira bahungaga amapfa. Ese amapfa aterwa n'iki?** Amapfa ashobora guterwa no kuva kw'izuba ryinshi ry'igihe kirekire cyangwa se imvura nyinshi.
3. **Ni gute ibyo bari bitwaje byarangiriye mu nzira kandi barahagurutse biteguye bihagije kandi bazi ko urwo rugendo ruzamara igihe kinini?** Bageze mu nzira bahura n'abandi bimukira batari biteze, bagenda basaranganya ibyo bari bafite kandi bajya kwitegura ntibari bazi umubare w'abo baza guhura na bo mu rugendo rwabo.
4. **Abo mu muryango wa Baryabata babuze ubushobozi bwo kumuramira arapfa. Ukeka ko ari ubuhe bushobozi buvugwa aha?** Ubushobozi buvugwa ni ubwo kumubonera amazi yo kunywa ndetse no kubona aho bugama agacucu.
5. **Ni akahe kamaro k'amazi n'amashyamba kagaragara mu mwandiko?** Amazi aranyobwa, amazi acumbikiye udukoko n'inyamaswa zaremewe kuba mu mazi, amazi atuma imyaka duhinga yera. Amashyamba avamo ibikoresho bitandukanye, atanga ibiti abantu bubakisha, ni indiri y'inyamaswa, amashyamba ayungurura umwuka duhumeka, akurura imvura, avamo imiti ituvura, afata ubutaka, ni isoko y'ubukerarugendo…
6. **Ni gute imigezi n'inzuzi bifatiye runini abaturiye isi?** Imigezi n'inzuzi byubakwaho ingomero zitanga umuriro w'amashanyarazi akoreshwa mu nganda, mu itumanaho n'ikoranabuhanga.
7. **Vuga nibura inyamaswa eshatu zitaha mu manshyamba?** Imbogo, intare, ingwe…
8. **Ni ibihe biti waba uzi bivamo imiti gakondo?** Umuravumba, umusave, umuko, umubirizi, igikakarubamba, umutagara, umuhoko, umwenya, …
9. **Ni ibihe biti biduha imbuto turya?** Avoka, amatunda, amapera, ibinyomoro, imyembe…
10. **Imbuzo duhabwa n'ibyo biti zigirira akahe kamaro umubiri wacu?** Imbuto z'ibyo biti ziturinda indwara, zikavamo na vitamin zikomeza uruhu rwacu.
11. **Umwandiko ujya kurangira batubwira ko wa mukobwa yamenye ikishe abo mu muryango we? Utekereza ko yavumbuye ko bishwe n'iki?** Bishwe no kubura amazi yo kunywa.

**Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko**

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 180)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

- Kuvuga insanganyamatsiko iri mu mwandiko.
- Kuvuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Gusobanura uruhare rw'amazi n'amashyamba mu iterambere ry'igihugu n'ubuzima bw'abaturage muri rusange.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashobora kubungabunga amazi n'amashyamba.

**Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku bidukikije.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije ku mwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?** Amazi n'amashyamba

b) **Wavugaga kuki muri rusange?** Wasobanuraga akamaro k'amazi n'amashyamba, uburyo amashyamba akurura imvura, ayungurura umwuka duhumeka, uburyo amazi amara umwuma, uburyo atuma ibihingwa byera,...

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo, umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko? Amazi n'amashyamba.

2. **Gusomera umwandiko mu matsinda no kuwusesengura**

   Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ingingo z'ingenzi zivugwamo. Umwarimu araha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ibindi bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Ibibazo byo gusesengura umwandiko arabivuga mu ijwi riranguruye anabyandike ku kibaho kugira ngo afashe abatumva niba bahari.

**Ibibazo byo gusesengura umwandiko:**

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2. Vuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

3. Abantu benshi muri Afurika basuhukira i Burayi. Urakeka ko bose baba bajyanwe no gushaka amaramuko?
4. Nutema kimwe uge utera bibiri. Iyi mvugo ifite ishingiro? Sobanura ku buryo bwumvikana.
5. Hina umwandiko wasomye mu mirongo itarenze icumi.

**Ibisubizo:**

1. Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ni akamaro k'amazi n'amashyamba.
2. Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni izi zikurikira:
   - Itera ry'amapfa.
   - Isuhuka ry'abaturage bo muri Afurika y'amajyaruguru.
   - Urugendo rurerure rwo mu butayu
   - Urupfu rutewe n'umwuma rwa bamwe mu bari basuhutse.
   - Kuramirwa n'amazi kuri bamwe bari bagifite akuka.
   - Iyangiza ry'amashyamba ryateye amapfa.
   - Impamvu tugomba kubungabunga amazi n'amashyamba
   - Impamvu tugomba kubungabunga ibidukikije muri rusange.
3. Abasuhukira i Burayi bose ntibaba bajyanywe no gushaka amaramuko. Hari abagenda bagiyeyo ku mpamvu za politiki z'ubuhunzi, abandi bajyayo basanga bene wabo kwiberayo gusa kuko bumva bavuga ngo i Burayi ni heza. Yumvikane neza ko hari n'abajyayo bagiye gutembera bazagaruka.
4. Iyi mvugo ifite ishingiro koko. Niba utemye igiti jya wihutira gutera ikindi kuko bitabaye ibyo, buri wese akitemera ibiti uko yishakiye, wazasanga isi isigaye yambaye ubusa bikatugiraho ingaruka kuko amashyamba adufatiye runini nk'uko twabibonye mu mwandiko.
5. Aha umwarimu areba niba mu guhina umwandiko umunyeshuri yagaragaje mo ingingo zose z'ingenzi kandi akaba yubahirije uburebure bwasabwe.

## Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 180)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasesenguye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura uburyo bwo kubungabunga ibidukikije.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba agaragaza imyitwarire yo kubungabunga ibidukikije.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko ku bidukikije.

## Imitangire y'isomo

1. **Isubiramo**

   Umwarimu arabaza abanyeshuri umwandiko baheruka gusesengura bamubwire ko ari umwandiko ujyanye n'akamaro k'amazi n'amashyamba. Umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye kuganira ku buryo bwo kubungabunga ibidukikije.

2. **Kungurana ibitekerezo**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri aranabasaba kuwandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva neza kuwubona no kuwusobanukirwa.

**Umwitozo wo kungurana ibitekerezo**

"Ganirira na bagenzi bawe  muvuga ku buryo bwo kubungabunga ibidukikije buri mu mwandiko n'ubutagaragara mu mwandiko."

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo. Uwo arajya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi mu bwubahane. Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo. Bikandikwa ku kibaho.

***Urugero rw'igisubizo gishoboka:***

Uburyo bunyuranye bwo kubungabunga ibidukikije:

– Gutera amashyamba;
– Gukorera amashyamba;
– Kurwanya isuri bacukura imiringoti;
– Kutamena imyanda mu mazi;
– Kudatwika amashyamba;
– [...]

## Intera ya kane: Imiterere y'iby'indimi mu Rwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 181)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

– Kuvuga inshoza y'ururimi rw'igihugu n'ururimi rukoreshwa mu butegetsi.
– Gutandukanya inshoza y'ururimi rw'igihugu n'iy'urukoreshwa mu butegetsi n'indimi kavukire no kugaragaza uko byifashe mu Rwanda.
– Gusobanura inshoza y'imvugo z'uturere, kuzirondora no kwerekana uturere zivugwamo.

**Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'iyigandimi.

## Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma igika cy'umwandiko baheruka gusoma nyuma akabasaba gusubiza ibibazo bigikurikiye.

***Urugero rw'igika basoma n'ibibazo basubiza:***

[...]

Bamaze kugera mu bihugu by'i Burayi bahahurira n'indi mbogamizi y'ururimi. Nubwo bamwe na bamwe bari baravuye mu gihugu kimwe ntibashoboraga kumvikana kubera indimi z'uturere twabo zabaga zitandukanye. Abashoboraga kumvikana ni ababaga bavuga ururimi rumwe ariko nabwo bakaruvuga mu buryo bunyuranye kubera ko uturere bakomokagamo twabaga dutandukanye. Bakigera i Burayi bari barize Igifaransa n'Icyongereza kuko ari zo zari indimi z'ubutegetsi mu bihugu bakomotsemo, bumva ko bazumvikana neza n'abaturage b'i Burayi nyamara si ko byagenze, basanze Igifaransa n'Icyongereza na byo bifite izindi ndimi zibishamikiyeho ari na zo abaturage baho bivugiraga. Uko imyaka yahitaga ni ko barushagaho kugenda bumvikana ubwabo ndetse bakanumvikana na ba kavukire bo mu bihugu basuhukiyemo.

**Ibibazo:**

Ururimi rw'igihugu ni iki? Ururimi kavukire ni iki? Ururimi rw'ubutegetsi n'iki? Ururimi rw'akarere ni iki? Kora ubundi bushakashatsi bwimbitse ku miterere y'iby'indimi mu Rwanda ugaragaze n'aho zivugirwa ku ikarita.

2. **Isesengura**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera ubushakashatsi mu matsinda bagerageza gusubiza ibyo bibazo byabajijwe no gukora ubundi bushakashatsi bwimbitse ku miterere y'iby'indimi mu Rwanda. Abaha igihe cyo kubikora cyagera akabasaba kuzaza kumurika ibyavuye mu matsinda akabafasha kubinonosora bigakorerwa inshamake ikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:***

1. **Inshoza y'ururimi nyagihugu**

   Ururimi nyagihugu ni ururimi igihugu kiba kihariye ubwacyo kandi rukaba rwemewe n'amategeko. Zishobora no kuba nyinshi nko muri Repuburika iharanira Demokarasi ya Kongo. Inshoza y'ururimi nyagihugu mu bihugu bimwe na bimwe yitiranywa n'iy'ururimi rw'ubutegetsi kubera ko akenshi ururimi nyagihugu

rukoreshwa mu mishyikirano n'ubutegetsi n'umuco.
Mu Rwanda ururimi nyagihugu ni Ikinyarwanda cyo hagati.

*Ingero:*

Abanyarwanda bavuga Ikinyarwanda, Abarundi bavuga Ikirundi…

2. **Inshoza y'ururimi kavukire**

   Ubusanzwe tuvuga ko kanaka avuga ururimi kavukire iyo tumugereranya n'uvuga ururimi nyagihugu rufatwa nk'imvugo mbonera cyangwa ururimi mbonera kandi rwo rukaba rufite ingufu. Icyo gihe imvugo kavukire ifatwa nk'imvugo itanoze, akenshi ikaba isuzugurwa nk'imvugo y'abantu bake cyangwa se imvugo izingiye ahantu hamwe kandi hato cyane. Akenshi imvugo kavukire ikoreshwa iyo bavuga. Ni ururimi rw'aho ukomoka, ni ururimi wavukiyemo ruvugwa n'ababyeyi, ba sogokuru, ba nyogokuru, ba nyogokuruza, ingoma ibihumbi. Mu yandi magambo ni ururimi gakondo.

   *Urugero:*

   Mu Rwanda Ikinyarwanda ni ururimi kavukire rw'Abanyarwanda benshi.

3. **Inshoza y'ururimi rw'ubutegetsi**

   Ururimi rw'ubutegetsi ni ururimi ruteganywa mu itegeko nshinga ry'igihugu, rugakoreshwa mu nyandiko z'ubuyobozi cyangwa z'imiryango inyuranye ikorera mu gihugu. Ni ururimi rukoreshwa mu nyandiko zose z'ubuyobozi, mu nkiko, mu mabanki...

   *Urugero:*

   Ubu Rwanda indimi z'ubutegetsi ni enye: Ikinyarwanda, Igifaransa, Icyongereza n'Igiswayiri.

4. **Inshoza y'ururimi rw'akarere**

   Ururimi rw'akarere ni ururimi ruturuka ku mihindagurikire y'ururimi nyagihugu bitewe n'imiryango y'abantu cyangwa akarere abaruvuga baherereyemo.

   *Urugero:*

   Ikigoyi n'Ikirera ni indimi z'akarere zikoreshwa mu majyaruguru.

5. **Ikinyarwanda n'imvugo z'uturere**

   Mu Rwanda abantu benshi bahuzwa n'ururimi rw'Ikinyarwanda. Ikinyarwanda ni rumwe mu ndimi nyafurika bita Indimi Bantu cyangwa Nyantu. Izo ndimi zivugwa munsi y'ubutayu bwa Sahara. Izo ndimi nyantu iyo uzisesenguye neza usanga zifite byinshi zihuriyeho. Duhereye nko ku Giporotobantu cyari gifite inteko z'amazina makumyabiri n'enye, zaje kugabanywamo cumi n'esheshatu, bityo ugasanga n'Ikinyarwanda cyarafashe izo nteko cumi n'esheshatu cyongeraho izindi eshatu ziranga ahantu, zose hamwe ziba cumi n'ikenda.

**Imvugo z'uturere n'aho zivugwa**

Abasesenguye indimi basanze ururimi rutavugwa kimwe ku butaka ruvugwaho. Akarere kamwe kagenda kagira umwihariko wako w'imivugire haba mu majwi, mu masaku, mu magambo no mu buryo bwo kubaka interuro. Uko ni ko n'ururimi rw'Ikinyarwanda kitavugwa kimwe mu Rwanda hose. Iyo uzengurutse u Rwanda usanga hari imvugo z'uturere zigera kuri eshanu. Reka turebere hamwe izo mvugo z'uturere uko zihagaze mu Rwanda.

a) **Ikigoyi:** Kivugwa mu gice cy'u Rwanda kiri hagati y'ishyamba rya Gishwati n'Igihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo: Kanama, Nyamyumba na Rubavu. Ubu ni mu Karere ka Rubavu.

b) **Ikirera:** Kivugwa mu cyahoze ari Ruhengeri hose ukuyemo Ndusu n'akandi gace gato kavugwamo Igikiga. Ikirera kandi kivugwa mu duce twa Mutura, Giciye, Karago n'agace gato ka Cyungo. Ubu ni mu Karere ka Musanze.

c) **Igikiga:** Ni imvugo ivanga Ikirera n'imvugo y'ahahoze ari Gitarama (Akarere ka Kamonyi na Ruhango). Igikiga kivugwa kandi ahahoze ari Gaseke, Satinsyi, Kibirira, Ramba, Rutsiro, Kayove na Nyakabanda. Ubu ni mu Karere ka Ngororero. Uretse Nyakabanda iri mu Ntara y'Amajyepfo, utwo duce twose turi mu Ntara y'Iburengerazuba. Igikiga kandi kivugwa mu gace ka Mwendo na Gisovu (Kibuye) no ku ishyamba rya Nyungwe mu duce twa Nshiri, Kivu, Mudasomwa na Musebeya. (Ubu ni mu Karere Karongi)

d) **Igisozo:** Kivugwa mu gice giherereye hagati y'ishyamba rya Nyungwe n'u Burundi n'umuhanda uhuza Nyakabuye Bugarama (Ubu ni mu Karere ka Rusizi). Igisozo n'igikiga bitangiye gucika kubera Ikinyarwanda rusange. Ntibyoroshye kandi gutandukanya igikiga n'igisozo.

e) **Ikinyarwanda cyo hagati:** Nk'uko kitwa, kiganje mu gice cyose cyo hagati mu Gihugu. Ikinyarwanda cyo hagati ni cyo Kinyarwanda rusange kuko ari cyo cyagizwe ururimi rwigwa mu mashuri, rugakoreshwa mu itangazamakuru no mu butegetsi kugira ngo Abanyarwanda bose barusheho kumvikana bakoresheje imvugo imwe.

f) **Ikigoti:** Ni ururimi rukoreshwa ku nkiko z'amagepfo mu Karere ka Gisagara mu Murenge wa Mugombwa.

g) **Igishobyo n'Ikiyaka:** Izi ndimi zikoreshwa mu karere kamwe ahahoze ari Kanama na Nyamyumba. Ubu ni mu Karere ka Rubavu.

h) **Urunyagisaka n'Urunyambo:** Izi ndimi zikoreshwa ahahoze ari Perefegitura ya Kibungo. Ubu ni mu Karere ka Ngoma.

**Umwitozo**

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo ukorwa na buri munyeshuri ku giti ke. Bagahuriza hamwe ibisubizo umwarimu akabafasha kubinonosora.

***Urugero rw'mwitozo n'igisubizo***

**Ni izihe ndimi z'ubutegetsi zikoreshwa mu Rwanda?** Ni Ikinyarwanda, Igifaransa, Icyongereza n'Igiswayiri.

## Intera ya gatanu: Inshami z'Ikinyarwanda

(Igitabo cy'umunyesuri urupapuro rwa 184)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

– Gusobanura inshami z'Ikinyarwanda n'aho zikoreshwa mu Gihugu.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'iyigandimi.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma akandiko kagaragara mu bitabo byabo, nyuma akabasaba gusubiza ibibazo bigakurikiye.

***Urugero rw'akandiko basoma n'ibibazo basubiza:***

Uzi ko Kankera ari nge nyoko ukubyara. Kera twari dutuye i Bushi, sogokuru mu burengerazuba bw'u Rwanda, ubu ni muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo yahoze yitwa Zayire. Twe n'abavandimwe bacu bo ku kirwa cya Nkombo no ku nkengero za Kivu, twavugaga Amashi, Amahavu; aho tugereye hano mu majyaruguru byaratugoye kumvikana n'abaturage bo muri iyi midugudu, ndetse iyo tugannye mu isoko hari ubwo bidutesha umutwe!

Tukiba i Bushi wasangaga tuvuga tuti: "Hari omusale hari ehisale". Ugira ngo se ntitwashakaga kuvuga ko hari umusare n'ingirwamusare! Umusare w'umwuga yakwambutsaga akujyana ku Ijwi ukishima ariko ba bandi b'abiga hari n'ubwo atamenyaga ikerekezo cy'umuyaga, umuhengeri ukaba wabateza akaga gakomeye. Hano ku Mulindi w'intwari twahimukiye bavuga ngo: "Ebirungyi ni ho byeija, rwombeke rugume, ogumire nk'eibare..." nkayoberwa icyo bashatse kuvuga, ariko ubu ntacyo bambeshya! None se Ceri, wari uzi izina ryawe icyo risobanura? Twakubyariye hano ku Mulindi tukwita dutyo!

Cerimpa bahimba Macibiri yasubije nyina atishisha. Nyina ntiyari azi ko Macibiri yamenye kera igisobanuro k'izina rye. Yasubije mu magambo akurikira: icyo kibazo ni cyo mwarimu yambajije nkitangira mu mashuri y'inshuke. Nzi ko nitwa Ikimanimpaye, ureke urwo Luciga mwantwereye! Masenge Nyiramatwi yanambwiye ko aho batuye ku Rusumo, ku mbibi z'u Rwanda na Tanzaniya mu burasirazuba, bavuga Ikinyambo; twe tuvuga Oluciga atwita Abakiga bavangiye kuko tutahavuka. Muzamusabe kwirinda kuvangura abantu, ibyo bizanshimisha cyane!

**Ibibazo**

Izi ndimi ko atari Ikinyarwanda nk'uko dusanzwe tukizi, zaba zifitanye iyihe sano na cyo? Sobanura igisubizo utanze.

Kora ubushakatsatsi bwimbitse ku ndimi zifitanye isano n'Ikinyarwanda ugaragaza aho zivugwa.

2. **Isesengura**

   Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera ubushakashatsi mu matsinda bagerageza gusubiza ibyo bibazo byabajijwe no gukora ubundi bushakashatsi bwimbitse ku nshami z'Ikinyarwanda. Abaha igihe cyo kubikora cyagera akabasaba kuzaza kumurika ibyavuye mu matsinda akabafasha kubinonosora bigakorerwa inshamake ikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

***Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:***

**Inshoza y'ururimi shami**

Uretse Ikinyarwanda, hari izindi ndimi nyafurika zishamikiye kuri uru rurimi rw'Ikinyarwanda. Izi ndimi zishamikiye ku Kinyarwanda usanga ahanini ziganje ku nkiko z'Igihugu cyacu. Bene izi ndimi usanga zifite isano ya bugufi n'Ikinyarwanda. Zimwe muri izo ndimi shami z'Ikinyarwanda ni izi zikurikira:

a) **Oluciga:** Mu Rwanda Oluciga ruvugwa n'abantu benshi ariko by'umwihariko ruvugwa cyanecyane mu duce duherereye mu majyaruguru y'u Rwanda ahahoze ari Komini Kiyombe, Muvumba, Cyumba, Kivuye, Mukarange na Butaro. Ubu ni mu Karere ka Gicumbi na Burera. Uru rurimi kandi ruvugwa mu gihugu cy'abaturanyi, cy'u Bugande.

b) **Amashi n'Igihavu** cyangwa **Amahavu**: Abazi izi ndimi bavuga ko zijya gusa cyane. Izi ndimi zivugwa mu burengerazuba bw'u Rwanda ku mupaka wa Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo n'u Rwanda. Igihavu kivugwa ku kirwa cya Nkombo no ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu ahahoze ari muri komini Gisuma, Gafunzo na Kagano. Ubu ni mu Karere ka Rusizi na Nyamasheke. Amashi yo avugwa mu gice cyo hepfo y'ikiyaga cya Kivu. Ubu ni mu Karere ka Rusizi.

c) **Ururashi:** Ururashi bamwe bita Urunyambo ruvugwa mu burasirazuba bw'u Rwanda mu bice bimwe na bimwe by'ahahoze ari Komini Rusumo na Rukira ku mupaka w'u Rwanda na Tanzaniya. Ubu ni mu Karere ka Ngoma.

**Ikitonderwa**

N'ubwo abatuye aho hantu bavuga izo ndimi batandukaniraho n'abandi, bafite ururimi rusange rubahuza n'abandi ari rwo rw'Ikinyarwanda uzasanga rukoreshwa mu masoko bahaha cyangwa se mu nama zitandukanye no mu biganiro byahuje abantu.

**Umwitozo**

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo ukorwa na buri munyeshuri ku giti ke. Bagahuriza hamwe ibisubizo umwarimu akababafasha kubinonosora.

***Urugero rw'umwitozo n'igisubizo***

1. **Andika mu nshamake imiterere y'iby'indimi mu Rwanda.** Indimi zo mu Rwanda zigabanyijemo ibice bibiri by'ingenzi : indimi shami z'Ikinyarwanda n'imvugo z'uturere . Inshami z'Ikinyarwanda n'indimi zihariye ziganje ku mipaka. Twavugamo nka Oluciga, Amashi, Igihavu, n'Ururashi. Imvugo z'uturere zo ni umwihariko w'imivugire uba ushingiye ku majwi, ku masaku, mu magambo no mu misusire y'interuro . Dusangamo Igisozo, Igikiga, Ikirera, Ikigoyi n'Ikinyarwanda cyo hagati mu Rwanda ari na cyo gihuriweho n'abanyarwanda bose kandi gikoreshwa mu butegetsi, mu itangazamakuru, mu nama no mu masoko.
2. Ushingiye ku miterere y'indimi mu Rwanda, vuga ibice by'u Rwanda bivugwamo izi ndimi cyangwa izi mvugo: Oluciga, Ururashi, Ikirera n'Amashi.
   – Oluciga ruvugwa mu majyaruguru.
   – Ururashi ruvugwa mu burasirazuba.
   – Ikirera kivugwa mu majyaruguru.
   – Amashi avugwa mu burengerazuba.

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa kenda

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kenda. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Amazi n'amashyamba bidufatiye runini. Amashyamba akurura imvura akayungurura umwuka duhumeka, avamo ibikoresho bitandukanye, hari ibiti bivamo imiti ituvura. Ikindi ni uko amashyamba acumbikiye inyamaswa n'utundi dukoko dutandukanye. Amazi atanga ingufu, acumbikira inyamaswa ziba mu mazi, turayoga, aratekeshwa, aranyobwa, muri make amazi ni ubuzima.

– Abanyarwanda batavuga kimwe ururimi rw'Ikinyarwanda. Buri karere kagenda kagira umwihariko wako w'imivugire, haba mu ijwi, mu masaku, mu magambo mu buryo bwo kurema interuro n'ibindi. Kubera iyo mpamvu, mu Rwanda hari indimi zishamikiye ku Kinyarwanda zikoreshwa n'Abanyarwanda.

- Mu Rwanda indimi zikoreshwa mu butegetsi ni Ikinyarwanda, Icyongereza, Igifaransa, n'Igiswayire. Indimi z'uturere mu Rwanda ni Ikigoyi, Ikirera, Igikiga, Igisozo, Ikigoti, Igishobyo, Ikiyaka, Urunyagisaka n'Urunyambo.
- Inshami z'Ikinyarwanda ni Oluciga, Amashi, n'Ururashi.

## Ubumenyi bw'inyongera

**Izindi nshoza z'ingenzi zijyanye n'imiterere y'iby'indimi**

- **Imvugo bwite:** Ni uburyo umuntu runaka yihariye bwo kuvuga ururimi. Mu Kinyarwanda tubyita kuvuga uburimi.
- **Urwuga cyangwa urunyagatsiko:** Ni imvugo iba yihariwe n'itsinda ry'abantu bahuje umwuga cyanecyane mu rwego rw'amagambo n'imivugire. Bityo habaho urwuga rw'abanoteri, abacengerandimi, abahanga mu kurira imisozi, n'abandi.
- **Urufefeko:** Urwuga rwihariye ruvugwa n'abantu badasanzwe kandi barangwa no kwironda nk'udutsiko tw'abajura babigize umwuga cyangwa abari mu mitwe y'iterabwoba. Bahitamo gukoresha ururimi rwihariye rutakumvwa na bose.
- **Ivangandimi:** Urujya n'uruza hagati y'imiryango nyarurimi ivuga indimi zitandukanye rutuma havuka ururimi mvangitirane rutuma abantu bumvikana kandi ntibakenere isemura. Ururimi ruvamo iyo rudafite amategeko arugenga ni rwo bita « Igisabiri », naho rwagira amategeko arugenga rukitwa «Igipigini». Iyo rubaye ururimi rw'ibanze rw'umuryango nyarurimi runaka rwitwa «Igikerewore»
- **Ubuvuganyinshi:** Bavuga ko umuntu cyangwa itsinda ry'abantu ari abavuganyinshi iyo bashobora gukoresha indimi zirenze ebyiri.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange  risoza umutwe wa kenda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 186)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

- Ubushobozi bwo gusubiza ibibazo ku mwandiko yasomye no guhanga umwandiko ku nsanganayamatsiko yahawe.
- Ubushobozi bwo gutandukanya Ikinyarwanda, indimi shami n'indimi z'uturere.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Kera abantu bafataga isi dutuye bakayigabanyagamo inturo cyangwa ibice, abantu, inyamaswa n'inyoni bibarizwaho. Bivuge usobanura.**
   - Mu gihugu k'inyoni: mu bushorishori bw'ibiti.
   - Mu bwami bw'inkuba: mu kirere hejuru y'ibimera byose.

- Igihugu cy'umwami Nyirurwanda: isi ituwe n'abantu, inyamaswa n'ibintu.
- Mu gihugu k'ifuku: mu nsi y'ubutaka, aho inyamaswa zimwe zigira icumbi mu myobo.

2. **Vuga akamaro k'ibimera.**
   - Bivamo imiti ikoreshwa mu buvuzi,
   - Bishobora kuvamo ibiribwa,
   - Bitanga imbuto ziribwa,
   - Bicumbikira inyoni n'inyamaswa,
   - Bitanga ibiti byubakishwa amazu,
   - Bikurura imvura,
   - Bituma haboneka *umwuka abantu bahumeka,...*
3. **Mu bidukikije harimo ibintu bibiri birusha ibindi ingufu. Bivuge.** Amazi n'amashyamba.
4. **Amashyamba akomeye avugwa mu mwandiko ni ayahe?** Amashyamba akomeye avugwa mu mwandiko ni Nyungwe, Mukura, Cyamudongo, Gishwati, ishyamba ry'Icyanya k'Akagera n'ishyamba ry'Icyanya cy'Ibirunga.
5. **Ibimera bibuze twaba mu butayu. Vuga ubutayu bwatanzweho ingero mu mwandiko.** Ubutayu butangwaho ingero ni Ubutayu bwa Karahali, n'ubwa Sahara.
6. **Rondora ingaruka zaterwa no kubura amazi.**
   - Ibimera n'ibihingwa byakuma,
   - Amatungo n'inyamaswa byapfa kubera kubura ibyo birya,
   - Abantu bapfira gushira,
   - Ubukungu bwayoyoka,...
7. **Abantu tugomba kwamagana bangiza amashyamba n'inyamaswa ni ba nde?** Abantu tugomba kwamagana ni ba rutwitsi n'abashimusi tutibagiwe n'abahigi.
8. **Ingingo nyamukuru n'izungirije zavuzweho mu mwandiko zigaragaze.** Ingingo nyamukuru n'izungirije:
   - Akamaro k'amazi n'amashyamba,
   - Inyamaswa dusanga mu mashyamba,
   - Ibimera bitanga ibiribwa,
   - Akamaro k'imvura,
   - Akamaro k'amashyamba,
   - Kwamagana ba rutwitsi n'abashimusi,
   - Uko tugomba kubungabunga ibidukikije.
9. **Huza ubuzima bwawe cyangwa bwacu muri rusange n'amashyamba**
   - Amashyamba ayungurura umwuka duhumeka,
   - Amashyamba atanga ibiti bubakisha amazu,
   - Avamo ibikoresho bitandukanye,

- Avamo imiti itandukanye ivura abantu,
- Bimwe mu biti biribwa n'inyamaswa,..

10. **Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo hakomeze kubungabungwa ibidukikije?**
    - Igihe utemye igiti kimwe jya wibuka gutera bibiri cyangwa ibirenzeho,
    - Guhinga udatengurira itaka mu biyaga, inzuzi n'imigezi,
    - Gutera ibiti birinda isuri ku migezi, ku biyaga n'inzuzi,
    - Gukorera ubukangurambaga abangiza amashyamba, amazi n'inyamaswa,
    - Guca amatarasi ndinganire no guteraho ibyatsi birinda isuri,…

## II. Inyunguramagambo

a) **Shaka ibisobanuro by'aya magambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko umaze gusoma**.

1. **Ahakinje:** ahicaye**,** ahari, ahaherereye.
2. **Tuyasazure:** turimbure ibiti bishaje dutere ibindi bishya.
3. **Ibikwa:** ibiti bahagararaho bubaka inzu kugira ngo badatemba, batagwa hasi**.**
4. **Ba tereriyo**: ba bandi batagira icyo bitaho, ba ntibindeba.
5. **Kuba akamizwe n'ingwe:** kuzimira ku buryo abantu baheba burundu.
6. **Imperuka:** umunsi ibintu byose bizarangiriraho, umunsi w'irangira ry'isi.
7. **Gushya ururimbi:** gushya ibintu bigakongoka.
8. **Baraducukurira urwobo:** baratwifuriza gupfa, baradukururira amakuba, ibyago.
9. **Inkongi y'umuriro:** umuriro utwika amashyamba, amapariki, amashyamba,...
10. **Mu manegeka:** ahantu habi hahanamye abantu batagombye gutura.

b) **Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo atsindagiye irindi/andi bivuga kimwe dusanga mu mwandiko.**

1. Akamaro k'amazi n'amashyamba ni **intarondoreka.**
2. **Rwabwiga** mwita umwami w'ishyamba irivuga abantu bagakangarana.
3. **Rwarikamavubi** zifitanye isano cyane n'inka zororwa n'Abanyarwanda n'abandi bantu batuye iyi si.
4. Utazi akamaro k'ikintu **aragikerensa**.
5. **Aya marebe** yangiza udukoko dusanzwe dutorera iyo mu mazi cyane cyane amafi.

c) **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje ijambo rikwiye ukuye mu mwandiko.**

1. **Dusazure** amashyamba turimbura ibiti bishaje dutera ibishya.
2. Abiba inyamaswa ari bo **bashimusi** ntibagomba kwihanganirwa.

3. Ibiriho byose bizashira ku **munsi w'imperuka** hasigare urukundo.
4. **Indarama** zirura kurusha imitanga.

## III. Iyigandimi

**Tandukanya ururimi rw'Ikinyarwanda, indimi shami n'indimi z'uturere utanga n'urugero.**

Ururimi rw'Ikinyarwanda ni ururimi nyagihugu rwigishwa mu mashuri kandi rugendera ku mategeko y'ikibonezamvugo azwi. Indimi z'uturere indimi ziba zihariwe n'abantu bo mugace runaka ariko na zo ari Ikinyarwanda. Indimi shami ni indimi zifitanye isano ya bugufi n'Ikinyarwanda.

## Imyitozo nsindagirabushobozi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora imyitozo y'inyongera. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

## Imyitozo y'inyongera

1. **Ni izihe ngamba wafata kugira ngo hakomeze kubungabungwa ibidukikije?**
   - Igihe utemye igiti kimwe jya wibuka gutera bibiri cyangwa ibirenzeho,
   - Guhinga udatengurira itaka mu biyaga, inzuzi n'imigezi,
   - Gutera ibiti birinda isuri ku migezi, ku biyaga n'inzuzi,
   - Gukorera ubukangurambaga abangiza amashyamba, amazi n'inyamaswa,
   - Guca amatarasi ndinganire no guteraho ibyatsi birinda isuri,…
2. **Ushingiye ku bumenyi wungutse wasobanura ute imvugo yitwa «Urucuzi» n'«Urushumba»?**

   Urucuzi ni ururimi nyamuryango ruhuriweho n'abantu bahuje umwuga w'ubucuzi naho urushumba ni urufefeko cyangwa urunyagatsiko kuko barukoresha bashaka ko abatari mu gatsiko kabo batumva ibyo bavuga.

# 10 Ibiyobyabwenge

## (Umubare w'amasomo: 21)

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| – Gusesengura umwandiko ku biyobyabwenge no kwandika neza inyandiko z'ubutegetsi, amatangazo anyuranye n'ubutumire. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe yagombye kuba azi bimwe mu biyobyabwenge kandi ashobora gutandukanya inyandiko zisanzwe n'inyandiko z'ubutegetsi. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho.** |
| **Ubuziranenge:** Ni ngombwa ko umwarimu asesengura ku buryo bwimbitse umwandiko yigwamo kugira ngo umunyeshuri asobanukirwe ko ibiyobyabwenge biba bitujuje ubuziranenge, ko ari ngombwa kubyirinda. |
| **Ubushobozi rusange** |
| Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubushakashatsi… |
| **Amagambo fatizo:** Ibiyobyabwenge, ibaruwa isanzwe, ibaruwa y'ubutegetsi, umwirondoro, itangazo. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abatumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

### Ibice bikubiye muri uyu mutwe n'umubare n'amasomo ya buri gice

| **Igice** | **Umubare w'amasomo** |
|---|---|
| Umwandiko : **Ingaruka z'ibiyobyabwenge, imungu y'ubuzima bwacu** | |
| Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 4 |
| Intera ya kabiri : Gusesengura umwandiko | Amasomo 2 |
| Intera ya gatatu : Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo no kujya impaka | Amasomo 2 |
| Intera ya kane: Ibaruwa y'ubutegetsi n'umwirondoro | Amasomo 5 |
| Intera ya gatanu : Amatangazo n'ubutumire | Amasomo 5 |
| Isuzuma | Amasomo 3 |

**Umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge, imungu y'ubuzima bwacu**

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 190)

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku bidukikije, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

**Imitangire y'isomo**

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ahari umwandiko bagiye gusoma ababaze ibibazo bibafasha kumva icyo asobanura no kuvumbura ibikubiye mu mwandiko yifashishije ayo mashusho. Usibye ayo mashusho yo mu gitabo, umwarimu ashobora no kwifashisha izindi mfashanyigisho zifatika cyangwa andi mashusho ajyanye n'umwandiko akabaza ibibazo biganisha ku mwandiko bagiye gusoma

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:***

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Turahabona abantu bari kunywa inzoga n'itabi.
b) **Murabona abo bantu bameze bate?** Barasa n'abasinze.
c) **Ku bwanyu murumva uko bagaragara byatewe n'iki?** Byatewe no kunywa inzoga nyinshi.
d) **Uducupa barikunywa twanditseho iki? T**wanditseho kanyanga.
e) **Kanyanga ni ikinyobwa bwoko ki?** Ni ikiyobyabwenge.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu arahishurira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku biyobyabwenge.

## 2. Gusoma umwandiko

### 2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge, imungu y'ubuzima bwacu", abasabe kuwusoma bucece nyuma ababaze ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Muri uyu mwandiko baratubwira ko ikiyobyabwenge ari iki?** Ni ikintu cyose iyo kinjiye mu mubiri w'umuntu gihindura ubushobozi bwe bwo gutekereza, gufata ibyemezo ndetse kikanahindura imikorere y'umubiri.

b) **Ni izihe ndwara z'umubiri zivugwa mu mwandiko zishobora guterwa n'ibiyobyabwenge?** Indwara z'umwijima, kanseri, indwara z'ubuhumekero,...

c) **Ni izihe nzungano zivugwa muri uyu mwandiko?** Haravugwamo urwungano ngogozi n'urwungano rw'imyakura.

### 2.2. Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwumwe arajya asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo. Nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, arajya anagenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma aragenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### 2.3. Gusomera umwandiko mu matsinda

Barangije gusoma baranguruye, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye. Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe ujya yandika ibisubizo bumvikanyeho muri buri tsinda. Akanabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'abanyeshuri n'uw'amatsinda yakoze.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda akabafasha kunonosora ibisubizo, bakabyandika ku kibaho no mu makayi yabo.

## Urugero rw'ibisubizo bishobora kuva mu matsinda

### I. Inyunguramagambo

*Urugero rw'ibisubizo bishobora kuva mu matsinda.*

**a) Sobanura amagambo akurikira:**

1. **Indangagaciro:** umuco umuntu cyangwa abantu baba bafite utuma bashobora kwitwara neza mu bandi.
2. **Ubumuntu:** kamere muntu.
3. **Akanyabugabo:** agashema umuntu yigiramo kakamutera agasumbwe
4. **Muriture:** ubwoko bw'izoga y'inkorano
5. **Bareteta:** ubwoko bw'izoga y'inkorano
6. **Urwungano rw'imyakura:** urwungano rw'ibijyanye n'ubwonko.
7. **Impagarara:** ibintu by'ibizira byaduka ku muntu cyangwa mu bantu benshi bigatuma babura amahoro.
8. **Intandaro:** inkomoko y'ikintu runaka
9. **Kwadukira:** kwibasira bwa mbere
10. **Gusenyera umugozi umwe:** kumvikana mu byo mukora byose.

**b) Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo uri mu bitabo byabo. Abagenera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze, nyuma umwarimu n'abandi banyeshuri bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi. Ibyo bisubizo kandi babisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo n'abatabona ku kibaho babyumve.

*Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:*

1. **Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo yanditse atsindagiye irindi/ ayandi magambo bivuga kimwe usanga mu mwandiko.**
   a) Ibiyobyabwenge birimo **ibice** byinshi: ibiterwa umuntu mu rushinge, ibinyobwa nk'itabi, hari ibisukika n'ibindi.
   b) **Abantu bari mu kigero kimwe** bagomba gukorera hamwe mu bwumvikane n'amahoro.
   c) **Itsinda ry'abantu badatunganye** ntiwagombye kubishinga kuko bakuyobya.
   d) **Uwaheranywe n'ibitotsi ubuticura** iyo atitaweho ashobora kugendera ko agashiramo umwuka.

2. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje ijambo rikwiye ukuye mu mwandiko.**
    a) Umuntu wabaye **imbata** y'ibiyobyabwenge usanga yaratayе umutwe.
    b) Umubiri w'umunywi w'ibiyobyabwenge utakaza **ubushobozi** byo kunoza umurimo.
    c) Isaho umwana yiberamo igihe nyina amutwise yitwa **ingobyi**, igomba kubungwabungwa ku ikubitiro.
    d) Abasaritswe n'ibiyobyabwenge baba mu **bukene** butava ku muryango.

**II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. **Vuga impamvu enye abantu bitwaza bakishora mu biyobyabwenge?** Bishora mu biyobyabwenge bitwaje ko bari gushaka akanyamuneza n'akanyabugabo, gusabana n'urungano, gushakisha ibitotsi, gutuma umuntu atinyuka akagira ingufu n'ubushyuhe mu mubiri.
2. **Tanga ingero z'ibiyobyabwenge bikunze gukoreshwa mu gace ukomokamo.** Hakunze gukoreshwa kanyanga n'urumogi. (Aha abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye.)
3. **Garagaza ibikorwa binyuranye abanywi b'ibiyobyabwenge bashobora kwishoramo igihe bamaze kubikoresha.** Bakora urugomo, ubujura, guhohotera abo bahuye na bo bose bityo ubwicanyi bwa hato na hato ndetse n'amakimbirane adashira bikadogera.
4. **Ni izihe ndwara zishobora gukomoka ku ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge?** Uburwayi bw'umwijima, umutima, ubwonko n'imyakura, ubumuga, uburwayi bw'urwungano ngogozi, indwara z'ubuhumekero, iz'ibihaha ku banywi, kanseri, SIDA, n'ibindi.
5. **Ni gute gukoresha ibiyobyabwenge bishobora kuba intandaro yo kwandura SIDA? Sobanura ukoresheje ingero ebyiri.** Hari ibiyobyabwenge bafata bakoresheje urushinge rumwe ku bantu batandukanye bikaba byabaviramo kwandura SIDA. Rimwe na rimwe ukoresha ibiyobyabwenge, kubera kutagira uwo atinya n'icyo atinya, ashobora kwishora mu ngeso z'ubusambanyi atiteguye bityo bikaba byamuviramo kwandura indwara z'ibyorezo nka SIDA kuko akenshi akora imibonano mpuzabitsina idakingiye akayikorana n'abo atazi kandi banyuranye.
6. **Ni ryari ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge rishobora kuganisha ku rupfu?** Ni igihe urugero rw'ibiyobyabwenge rwiyongereye cyane mu maraso.
7. **Ni ibihe bimenyetso biranga uwagizwe imbata n'ibiyobyabwenge?** Ikiranga uwo ibiyobyabwenge byagize imbata ni uko akenera kongera ingano y'ibiyobyabwenge kugira ngo yumve amerewe neza uko abishaka. Atakaza ishyaka ryo gukora ibindi bintu bitari ikoresha ry'ibiyobyabwenge, mbese agakoresha igihe kinini cy'umwanya we wa buri munsi ku ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge. Akomeza gukoresha ibiyobyabwenge n'igihe azi neza ingorane cyamuteje n'ingaruka ashobora guhura na zo. Iyo bene abo

bantu batakoresheje ibiyobyabwenge bakunze kurangwa no kugira ishavu, imihangayiko, gucika intege, kwiheba, kwiheza n'ibindi.

8. **Usanzwe akoresha ibiyobyabwenge arangwa n'iki igihe yabibuze?** Abakoresha ibiyobyabwenge iyo batabikoresheje bakunze kurangwa no kugira ishavu, imihangayiko, gucika intege, kwiheba, kwiheza n'ibindi.
9. **Ibiyobyabwenge bibangamira iterambere ry'igihugu kigaragaramo ababikoresha cyane. Sobanura uburyo bibangamira iterembere wifashishije ingero ebyiri.** Abanywi b'ibiyobyabwenge batakaza amafaranga menshi bayasesagura mu biyobyabwenge bikaviramo imiryango yabo ubukene bw'akarande. Mu rwego rw'ubukungu kandi ibihugu bikoreshwamo cyane ibiyobyabwenge bisabwa gushora amafaranga menshi mu miti aho kuyashora mu bindi bikorwa by'iterambere bitewe no kurwaragurika kw'abanywi b'ibiyobyabwenge n'ababakomokaho. Abanywi b'ibiyobyabwenge bica akazi bikadindiza iterambere
10. **Ugendeye ku mwandiko, sobanura impamvu tugomba kurwanya ibiyobyabwenge.**
    Tugomba kubirwanya kubera ko bigira ingaruka ku buzima bw'ababikoresha, bigira ingaruka ku iterambere ry'umuryango no ku iterambere ry'igihugu muri rusange.
11. **Uyu mwandiko ni iki ushishikariza ababyeyi bafite abana biga mu mashuri yisumbuye?**
    Urabashishikariza kwita ku bana babo babashishikariza kwamagana ababashora mu biyobyabwenge no kubibutsa ingaruka zabyo.
12. **Ushingiye ku bivugwa muri uyu mwandiko, ni iyihe nama wagira bagenzi bawe? Kubera iki?** Nabagira inama yo kwirinda ibiyobyabwenge no kubyamagana. Kubera ko bigira ingaruka zitandukanye ku ubikoresha, ku muryango we no ku iterambere ry'igihugu muri rusange.

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 195)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Kuvuga insanganyamatsiko iri mu mwandiko.
- Kuvuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Gusobanura ingaruka z'ibiyobyabwenge n'uburyo byarwanywa.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashobora gushishikarira no gushishikariza abandi kurwanya ibiyobyabwenge.

**Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku biyobyabwenge.

## Imitangire y'isomo

**1. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije ku mwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?**
Ni umwandiko w'ingaruka z'ibiyobyabwenge.

(b) **Wavugaga kuki muri rusange?** Wasobanuraga ibiyobyabwenge ukagaragaza n'ingaruka zabyo zinyuranye.

Umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusesengura umwandiko baheruka gusoma abasabe kongera kuwusomera mu matsinda.

**2. Gusomera umwandiko mu matsinda no kuwusesengura**

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ingingo z'ingenzi zivugwamo n'ibindi bibazo. Ibibazo byo gusesengura umwandiko arabivuga mu ijwi riranguruye anabyandike ku kibaho kugira ngo afashe abatumva niba bahari. Arasaba buri tsinda gusubiza ibyo bibazo no kuza kumurika ibisubizo byaryo umwarimu abafashe kubinonosora byandikwe ku kibaho.

**Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ibisubizo bishoboka:**

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko**? Uyu mwandiko uravuga ku biyobyabwenge n'ingaruka zabyo.
2. **Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.**
   - Ibiyobyabwenge icyo ari cyo.
   - Ikiciro cy'abantu gikunze kugaragaramo ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.
   - Ingaruka zo gukoresha ibiyobyabwenge ku muntu ubikoresha.
   - Ingaruka zo gukoresha ibiyobyabwenge ku muryango we.
   - Ingaruka zo gukoresha ibiyobyabwenge ku iterambere ry'igihugu.
   - Impamvu tugomba kurwanya ibiyobyabwenge.
3. **Ibiyobyabwenge birangiza. Abaporisi n'abandi bashinzwe umutekano bashoboye bonyine kubirwanya no kubikumira? Gerageza kubisobanura neza.** Ntabwo bashobora kubirwanya bonyine ni ngombwa ko habaho ubufatanye bwa buri wese mu kubirwanya.
4. **Abantu batari bake usanga bafata ku gahiye ndetse bagasingira ka Wisiki n'izindi nzoga zikomeye, hari aho bihuriye no kunywa ibiyobyabwenge byarondowe mu mwandiko?** Nta ho bihuriye kuko ibiyobyabwenge biba bitujuje ubuziranenge ariko izo nzoga zo ziba zujuje ubuziranenge ariko si buri wese uba yemerewe kuzinywa, biterwa n'imyemerere ye ndetse n'ikigero ke, n'igihe azinywera n'icyo akora.

5. **Mu mashuri yisumbuye, mu mashuri makuru na za Kaminuza usanga hari ubwisanzure bukabije ku buryo kugenzura ko banywa ibiyobyabwenge bitakorohera uwo ari we wese. Abayobozi b'ayo mashuri wabifuzaho iki?** Nabagira inama yo gukaza umurego mu kubirwanya bagashakisha izindi ngamba zo gukurikirana abo bashinzwe.

## Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 195)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasesenguye, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Gusobanura uruhare rw'ibiyobyabwenge mu kudindiza iterambere.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba agaragaza imyitwarire yo kurwanya ibiyobyabwenge no kubishishikariza abandi.
- Gutinyuka kuvugira mu ruhame.

**Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko ku biyobyabwenge.

## Imitangire y'isomo

**1. Isubiramo**

Umwarimu arabaza abanyeshuri umwandiko baheruka gusesengura bamubwire ko ari umwandiko ujyanye n'ibiyobyabwenge. Umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye kuganira ku bubi bw'ibiyobyabwenge mu iterambere.

**2. Kungurana ibitekerezo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri aranabasaba kuwandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva neza kuwubona no kuwusobanukirwa.

**Umwitozo wo kungurana ibitekerezo**

"Ifatanye na bagenzi bawe mwungurane ibitekerezo mujya impaka zubaka kuri iyi nsanganyamatsiko: Uruhare rw'ibiyobyabwenge mu kudindiza iterambere n'ingamba zo kubyirinda."

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo. Uwo arajya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi mu bwubahane. Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo. Bikandikwa ku kibaho.

*Urugero rw'igisubizo gishoboka:*

Uruhare rw'ibiyobyabwenge mu kudindiza iterambere:

- Kurwara indwara zinyuranye zigatuma abarwaye badakorera ingo zabo;
- Abanywa ibiyobyabwenge Leta ibatangaho amafaranga menshi yagombye kujyanwa mu bindi bikorwa remezo;
- Abanywi b'ibiyobyabwenge basesagura amafaranga ntibarihire abana babo mu mashuri;
- [...]

*Ingamba:*

- Kurwanya ihingwa ry'ibiyobyabwenge no kwenga kanyanga.
- Gukumira icuruzwa ry'ibiyobyabwengenge ku mashuri ndetse n'ahandi hose.
- Abantu bose kandi bakwiye gukomeza kurwanya uburaya, ubuzererezi n'ubwomanzi mu migi.
- Gukomeza ibihano bisanzwe biteganywa n'amategeko no gushyira imbaraga mu biganiro kuri radiyo na televiziyo, mu binyamakuru no mu nama zinyuranye hakaba no gutanga ubuhamya ku babaye mu buzima bwo kunywa ibiyobyabwenge.
- Gukomeza ubufatanye hagati y'inzego no gushyiraho uburyo bumwe bw'ikusanyamibare iturutse hirya no hino.
- Gukangurira abakuru n'abato kuzibukira ibiyobyabwenge, guhiga bukware ababicuruza, ibifashwe bigatwikwa ku mugaragaro, ababinywa bafashwe bagahanwa by'intangarugero. Rubanda kandi bashishikarizwa gutungira ubuyobozi agatoki ahaba haherereye ibiyobyabwenge hose.
- [...]

## Intera ya kane: Ibaruwa n'umwirondoro

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 196)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura uturango tw'ibaruwa y'ubutegetsi n'umwirondoro.
- Kwandika ibaruwa y'ubutegetsi n'umwirondoro.

**Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amabaruwa y'ubutegetsi anyuranye n'imyirondoro y'abantu banyuranye.

### Imitangire y'isomo

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma igika kivuye mu mwandiko baheruka gusoma maze akababazaho ibibazo biganisha ku isomo baheruka kwiga.

*Urugero rw'igika n'ibibazo yababazaho :*

By'umwihariko, kubera impungenge baterwa n'ibiyobyabwenge bishobora no kwadukira amashuri yisumbuye. Ababyeyi ntibahwema gushishikariza abana babo kwamagana ababashora mu biyobyabwenge binyuranye ndetse no kubibutsa ingaruka zabyo ku buzima bwabo bw'ejo hazaza. Rimwe na rimwe ababyeyi bandikira abana babo amabaruwa babasaba kwirinda ibiyobyabwenge.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:*

1. **Ibaruwa ivugwa muri iyi nteruro ni bwoko ki?** Ni ibaruwa ya gicuti.
2. **Usibye bene ubwo bwoko bw'ibaruwa nta zindi baruwa waba uzi zandikwa? Tanga ingero zitandukanye**. Hari kandi ibaruwa z'ubutegetsi.
3. **Mu matangazo y'akazi ni ki bakunze gusaba?** Basaba ibaruwa isaba akazi n'umwirondoro urambuye.
4. **Utekereza ko umwirondoro uba ukubiyemo iki? Uba ukubiyemo ibyo yize n'ibyo yakoze**

Umwarimu araboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ibaruwa y'ubutegetsi n'umwirondoro abasabe kurambura ibitabo byabo ahari  ibaruwa n'umwirondoro.

**2. Isesengura**

Muri iki gice umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye amatsinda amwe ayasabe gusoma ibaruwa igaragara mu bitabo byabo, andi ayasabe gusoma umwirondoro. Nyuma y'icyo gikorwa arabasaba gusubiza ibibazo bibajijwe munsi y'ibaruwa isanzwe no munsi y'umwirondoro anabasabe gukora ubundi bushakashatsi bwimbitse batahura inshoza n'uturango n'imbata by'ibaruwa y'ubutegetsi n'umwirondoro.

Amatsinda yahaye gukora ku ibaruwa arabanza amurike ibyo yagezeho narangiza amatsinda yahaye gukora ku mwirondoro arakurikiraho. Umwarimu arafatanya n'andi matsinda kunonosora ibyavuye mu bushakashatsi bw'ayo matsinda.

*Urugero rw'ibyava mu matsinda:*

**Ibibazo n'ibisubizo ku ibaruwa:**

1. **Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko? Kubera iki**? Ni ibaruwa kubera ko ugaragaza ibice by'ibaruwa.
2. **Ni nde wanditse uyu mwandiko? Yandikiye nde?** Ni Mugisha Arnaud, yandikiye umuyobozi w'Umurenge wa Kagano.
3. **Ni ikihe kibazo cyatumye nyiri ukwandika uyu mwandiko awandika?** Ni ikibazo k'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.
4. **Garagaza isano iri hagati y'uyu mwandiko n'uwo uherutse gusoma no gusesengura**. Nta sano namba bifitanye biratandukanye cyane.

**Ibyava mu bushakashatsi:**

1. **Inshoza y'ibaruwa y'ubutegetsi**

   Ibaruwa y'ubutegetsi ni ibaruwa ngufi kandi ivuga ibya ngombwa birasa ku ntego, ikirinda uburondogozi no kugaragaza amarangamutima. Igituma iba ngufi ni uko uwandika agomba gusa kwibanda ku mpamvu yatumye yandika. Bene iyi baruwa y'ubutegetsi iba igamije gusaba akazi, gusubiza uwasabye akazi, gusaba ibisobanuro mu kazi, gutanga ibisobanuro, gutanga amabwiriza n'ibindi. Tuvuge niba  uwandika asaba akazi, iyo ni yo mpamvu agaragaza ku rupapuro kandi ni yo avugaho muri make agaragaza akazi ashaka ako ari ko, ubushobozi afite bwo kugakora n'uburyo azagakora, kandi byose bikagirwa mu kinyabupfura. Nta gutandukira ngo agaragaze ko yababaye, ko ubukene bumumereye nabi, ko arya rimwe mu cyumweru, ko yari afite akazi bakakamwirukanaho ku maherere n'ibindi. Uwo wandikira usaba akazi ntakeneye ko umurondogoraho cyangwa ko umutera imbabazi. Ibyo nta mwanya abifitiye, icyo akeneye ni icyo ugamije kumukorera, ubushobozi ugifitemo, ibyangombwa bibigaragaza. Bene iyi baruwa yandikwa ku rupapuro rw'umweru bita A4, rukandikwaho ruhagaze, uwandika agahera ibumoso agana iburyo.

2. **Imiterere y'ibaruwa y'ubutegetsi**

   Ibaruwa y'ubutegetsi igizwe n'ibice binyuranye:

   **Aderesi:** Ni igice k'ingenzi kigaragaza uwanditse ibaruwa. Hagaragaramo amazina ye, aho atuye ndetse n'andi makuru yose yafasha uwo yandikiye kumenya aho yamubariza aramutse amushatse. Ashobora kongeramo nimero za terefoni n'aderesi ye ya interineti. Iki gice gifata umwanya wo hejuru ibumoso ku rupapuro.

   **Itariki:** Ni ngombwa ko hagaragaramo ahantu ibaruwa yandikiwe n'umunsi iyo baruwa yandikiweho. Iki gice cyo kijya hejuru iburyo ahateganye n'izina.

   **Uwandikiwe:** Iki gice kigaragara munsi y'itariki ibaruwa yandikiweho. Kiba kigaragaza uwo ibaruwa igenewe. Si izina rye bwite rigaragaramo ahubwo ni izina rigaragaza umwanya afite mu kazi. Cyakora hashobora no kugaragazwa izina iyo ibaruwa igenewe umukozi runaka.

   **Impamvu:** Mu ibaruwa nk'iyo hagomba kugaragaramo impamvu yayo: gusaba akazi, gusaba ibisobanuro... Ijambo impamvu buri gihe ricibwaho akarongo. Iki gice kiba kiri munsi ya aderesi kikabangikana n'umurongo wa nyuma wo mu gice kigaragaza uwo ibaruwa yandikiwe.

   **Igihimba:** Igihimba ni ibaruwa nyirizina. Igihimba k'ibaruwa y'ubutegetsi kigirwa n'ibika bitatu:

a) **Intangiriro:** uwandika avuga muri make impamvu imuteye kwandika igirwa n'igika kimwe kandi ikagaragaza icyo uwandika agamije. Iyo ari nk'ibaruwa isaba akazi agaragazamo ko azi neza ko uwo mwanya uhari yongeramo aho yabikuye; mu kinyamakuru cyangwa mu itangazo ryaciye kuri radiyo.

b) **Igihimba:** Uwandika asobanura atarondogoye ingingo z'ingenzi zigize impamvu yo kwandika. Ni igice kigaragara nk'aho ari kirekire kurusha ibindi, kuko gishobora no kugira ibika birenze kimwe bitewe n'ingingo zigize ubutumwa. Ni cyo gice cyonyine gisobanura mu mugambo arambuye ibyavuzwe mu ntangiriro, kikabisesengura, kikanakurikiranya ibitekerezo. Icyo gihe buri gika kiharira ingingo yacyo, na none ukirinda gusubiramo ibyo wavuze.

c) **Umusozo:** Uwandika ibaruwa asoza ashimira uwo yandikiye. Ni cyo gice kirangiza ibaruwa kandi kigirwa n'igika kimwe. Uwandika arangiza yerekana ikizere afitiye uwo yandikiye cyangwa se icyubahiro amugomba.

d) **Amazina n'umukono:** Ni igice gisoza ibaruwa kigizwe n'amazina ndetse n'umukono wa nyiri ukuyandika.

**Ikitonderwa:** Bitewe n'imiterere yayo, ibaruwa y'ubutegetsi ishobora kugira ibindi bice bikurikira:

**Binyujijwe:** Ni igice kigaragara mu ibaruwa y'ubutegetsi munsi y'aderesi y'uwandikiwe. Gishyirwaho iyo hari abo iyo baruwa igomba gucaho mbere yo kohererezwa uwayandikiwe.
**Bimenyeshejwe:** ni igice kijya mu mpera z'ibaruwa ku ruhande w'ibumoso. Kijya mu ibaruwa y'ubutegetsi iba igomba kugira abandi bamenyeshwa ibyanditswe.

**3. Imbata y'ibaruwa y'ubutegetsi**

Amazina n'aho uwanditse abarizwa
-------------------------------------
-------------------------------------
-------------------------------------

Ahantu, itariki, ukwezi n'umwaka

Umwanya w'icyubahiro n'aho uwandikiwe abarizwa
-------------------------------------
-------------------------------------

Binyujijwe -------------------------
-------------------------------------

**<u>Impamvu</u>**: ------------------------------

Nyakubahwa/ Bwana Muyobozi
-------------------------------------
---------------------------------------------------------------------------------------
---------------------------------------------------------------------------------
-------------------------------------
---------------------------------------------------------------------------------------
---------------------------------------------------------------------------------------
-------------------------------------------------------------------------------------
-------------------------------------
---------------------------------------------------------------------------------------
---------------------------------------------------------------------------------------
-------------------

Amazina n'umukono by'uwanditse
-------------------------------------

**<u>Bimenyeshejwe</u>**:

----------------------------
----------------------------

4. **Uturango tw'ibaruwa y'ubutegetsi**
   - Hari amagambo yabugenewe agomba gutangira no gusoza ibaruwa y'ubutegetsi.
     (Bwana Muyobozi, Nyakubahwa Minisitiri...)
   - Ibaruwa y'ubutegetsi ntawusuhuza cyangwa ngo asezere. Hari amagambo yabugenewe asoza ibaruwa y'ubutegetsi (Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu kiza, nyakubahwa, mbaye mbashimiye/ Mu gihe ntegerezanyije ikizere, mbaye mbashimiye/ Mbaye mbashimiye Nyakubahwa/ Bwana / Madamu/ Madamazera…)
   - Buri gika gitangirira mu cya kabiri cy'urupapuro mu mpagarike yarwo.
   - Ibaruwa y'ubutegetsi igomba kugira impamvu yayo yihariye bitewe n'igitumye uyandika yandika.

**Umukoro**

Nyuma yo kumurika ibyavuye mu matsinda no kubinonosora bafatanije na mwarimu, umwarimu aha abanyeshuri umukoro bakazawukorera mu rugo ugakosorwa mbere yo gutangira isomo rizakurikiraho.

***Urugero rw'umukoro n'uko wakosorwa:***

"Andikira umuyobozi w'umurenge utuyemo umusaba ikemezo cy'amavuko kuko ugikeneye mu kuzuza ifishi izaguhesha uburenganzira bwo gukora ikizamini cya Leta gisoza amashuri yisumbuye. Wubahirize imbata y'ibaruwa nk'iyo."

Umwarimu azareba niba abanyeshuri bubahirije uturango n'imbata by'ibaruwa y'ubutegetsi afatanye na bo kujora zimwe na zimwe.

## B. Umwirondoro

**Ibibazo n'ibisubizo ku mwirondoro**

1. **Uyu mwandiko ugaragaramo ayahe makuru**? Irangamimerere
   - Amashuri
   - Uburambe
   - Ubundi bumenyi
   - Indimi avuga...
2. **Urabona ufite akahe kamaro?** Ufite akamaro ko kwerekana ubushobozi bw'usaba akazi.
3. **Ni nka nde wakenera bene uyu mwandiko**? Ni umukoresha ushaka abakozi.

## Ibyava mu bushakashatsi:

### A. Inshoza y'umwirondoro

Mu buzima busanzwe ari na byo bimenyerewe cyane, umwirondoro ukunze gusabwa n'umuntu wese ushaka gutanga akazi. Bityo mu byangombwa yaka ushaka

gupiganirwa uwo mwanya haba harimo n'umwirondoro we. Umwirondoro ni nk'inyandiko yereka umukoresha ishusho y'umukozi akeneye. Nta wakwirengagiza ko umwirondoro ushobora kuba ngombwa iyo umuntu asaba ishuri runaka ngo akomerezemo amasomo ye.

**B. Ibiranga umwirondoro mwiza**

Umwirondoro mwiza ugomba kuba:

- Wanditse ku rupapuro rwiza nta n'amakosa y'ururimi arimo.
- Wuzuye kuko uwusaba akeneye amakuru yuzuye kugira ngo arusheho kumenya nyiri umwirondoro niba hari ikiburamo ntibizamutere igihe agishakisha.
- Usomeka neza wanditswe mu nteruro ngufi.
- Uvuga ukuri. Ukora umwirondoro ntagomba kugira icyo yibagirwa cyangwa ngo ashyiremo ibidasobanutse cyangwa ibihimbano.
- Ugomba kuba ugenewe koko abo wandikiwe niba ari aho nyirawo asaba akazi ugomba kuba ujyanye n'aho asaba akazi.

Umwirondoro ntukorwa uko nyirawo yiboneye ugomba kuba ufite uburyo buboneye ukorwamo, uko ibice biwugize bikurikirana kuko umwanya wabyo uba ufite icyo usobanura kuri uwo mwirondoro. Ibyo bice rero ni:

- Umutwe
- Ibiranga umuntu
- Amashuri
- Uburambe
- Ubundi bumenyi
- Indimi avuga
- Ibyo akunda
- Abantu bamuzi
- Kwemeza ko ari ukuri no gushyiraho umukono we.

**1. Umutwe**

Umutwe w'umwirondoro wandikwa hejuru ukitwa umwirondoro

**2. Ibiranga umuntu**

Irangamimerere ni igice gitangira umwirondoro, kikaba kigamije kugaragaza muri make uwo ari we. Kigomba kuba cyumvikana kandi kirasa ku ntego. Si ngombwa gushyiramo ibintu byinshi nubwo bwose waba ubona umwirondoro ari muto.

Mu irangamimerere umuntu avugamo amazina ye. Ni byiza kwandika izina ry'umuryango mu nyuguti nkuru z'icyapa maze iry'idini rikajya mu nyuguti nto. Nyuma y'amazina hagaragazwa aho umuntu aherereye, ni ukuvuga aho atuye (aha iyo afite agasanduku k'iposita ni byiza kugashyiraho). Aho umuntu atuye

hiyongeraho n'uburyo uwamushaka yamubonamo; umurongo wa terefoni na aderesi ya interineti ku buryo uwabishaka yahita amwandikira.

Ikindi kigomba kujya mu irangamimerere ni imyaka umuntu afite. Aha ariko ntawandika umubare ibyiza ni ugushyiraho umwaka yavukiye. Iyo yanditse amatariki, ukwezi akwandika mu izina ryako.

**3. Amashuri**

Iki gice kigaragaza aho nyiri umwirondoro ahagaze mu rwego rw'ubumenyi ni yo mpamvu uwandika agomba guhera ku mpamyabumenyi nini afite. Mu kwandika umwirondoro, amashuri ntatandukana n'impamyabumenyi, umuntu yandika impamyabumenyi afite bikaba bihwanye no kwandika amashuri yize. Ugaragaza amashuri yize avuga umwaka, aho yigaga, ibyo yigaga n'impamyabumenyi yahakuye.

Hari igihe amashuri ajyana n'ibitabo umuntu aba yaranditse. Icyo gihe si ngombwa kubishyiraho keretse iyo bigira icyo byongera ku kizere umuntu ashobora kugirirwa n'abo ashyikiriza umwirondoro.

**4. Uburambe**

Uburambe mu kazi ni igice cyo kwitonderwa. Aha ni ho uwandika umwirondoro aba agomba kwereka uwo yandikiye icyo azi gukora n'igihe amaze agikora. Iyo yakoze mu myanya myinshi, ayishyiraho ahereye ku wa nyuma aherukaho agenda agaragaza igihe yagiye ayimaraho. Hari igihe umuntu aba yarakoze iyimenyerezamwuga ni ngombwa ko abishyiraho cyanecyane iyo ataramara igihe kinini akora cyangwa se ari bwo bwa mbere yatse akazi. Ibyo bishobora kumwongerera amahirwe imbere y'uwo aha umwirondoro.

**5. Ubundi bumenyi**

Kumenya ibintu byinshi nta cyo bitwaye kuko ibyo umuntu azi byose bishobora kumugirira akamaro mu buzima bwe bwa buri munsi. Iyo rero umuntu azi ubundi bumenyi ntashidikanya kubigaragaza ku mwirondoro we cyanecyane iyo bifitanye isano n'akazi asaba. Urugero: Kuba azi mudasobwa, kuba afite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga...

**6. Indimi**

Hari igihe umwanya umuntu ashaka uba usaba kumenya indimi z'amahanga. Ni ngombwa rero ko uwandika umwirondoro ashyiramo indimi zose azi. Mu kazi ako ari ko kose kumenya indimi z'amahanga byongerera amahirwe ugasaba. Ukora umwirondoro agaragaza urwego aziho urwo rurimi atabeshya (nduzi neza cyane, nduzi neza, nduzi bihagije, biciriritse) kuko kubeshya byamugiraho ingaruka mu gihe k'ikizamini k'ibiganiro.

7. **Ibyo ukunda**

   Umuntu ntabaho akora akazi ashinzwe gusa. Na nyuma y'akazi ubuzima burakomeza. Ibyo umuntu akunda rero biza nyuma y'akazi. Bigizwe n'ibyo umuntu akora kandi bimushimisha. Ariko na none ukora umwirondoro ntiyiyibagize ko ibimushimisha bishobora kumubera imbogamizi yo kutabona umwanya yifuza. Nk'urugero niba ari umuntu ukunda kumva indirimbo kuri radiyo, bikaba byerekana ko ari umuntu ukunze kuba ari wenyine ko kubana n'abandi byamugora, mu gihe umuntu ukunda gukina umupira aba agaragaza ko abana n'abandi neza ko no mu kazi byagenda bityo.

8. **Abantu bamuzi cyangwa abahamya**

   Iyi ngingo y'abantu bazi nyiri umwirondoro si ngombwa buri gihe. Ariko hari ababisaba mu mwirondoro bikaba ngombwa ko ijyamo. Abantu bakunze gukenerwa si abaturanyi bawe bakomeye cyangwa se bene wanyu bakomeye. Abazi umuntu baba bakenewe ni abarimu bamwigishije cyangwa abakoresha bamukoresheje kuko ukeneye umwirondoro wawe aba ashobora kubabaza ku bijyanye n'ubumenyi ufite cyangwa se ubushobozi n'imyitwarire byawe mu kazi.

9. **Kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono**

   Iki ni cyo gice gisoza umwirondoro. Nyiri ukuwandika agomba gusoza yemeza ko amakuru yatanze ari ukuri ko anashobora kugenzurwa. Hanyuma agashyiraho itariki n'umukono we.

   Ibi ni byo by'ingenzi biba bikubiye mu mwirondoro. Cyakora ntibibujijwe ko hari andi makuru yakongeramo igihe abona ko hari amahirwe yamwongerera kugira ngo abone akazi yasabaga.

## Umukoro

Nyuma yo kumurika ibyavuye mumatsinda no kubinonosora bafatanije na mwarimu umwarimu aha abanyeshuri umukoro bakazawukorera mu rugo ugakosorwa mbere yo gutangira isomo rizakurikiraho.

***Urugero rw'umukoro n'uko wakosorwa:***

*"Ubu urangije mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye. Andika umwirondoro wawe ukurikije ingingo ziri hejuru aha ufitiye amakuru."*

Umwarimu azareba niba abanyeshuri bubahirije uturango n'imbata by'umwirondoro afatanye na bo kujora imwe mu myirondoro yanditswe n'abanyeshuri.

## Intera ya gatanu: Amatangazo n'ubutumire

(Igitabo cy'umunyeshuri urupuro rwa 206)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iyi ntera umunyeshuri arashobora:
- Gusobanura uturango tw'itangazo n'ubutumire.
- Kurondora no gusobanura ubwoko bw'amatangazo bunyuranye.
- Kwandika itangazo n'ubutumire.

**Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amatangazo anyuranye n'ubutumire bunyuranye.

### Imitangire y'isomo

1. **Ivumburamatsiko**

   Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo akayababazaho ibibazo biganisha ku isomo bagiye kwiga.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Turahabona abanyeshuri babiri b'abahungu bari gusoma itangazo rimanitse. Turahabona kandi umukobwa ureba ubutumire arimo kubusoma.

b) **Ku bwanyu mwumva amatangazo aba agamije iki ?** Aba agamije kumenyesha ikintu runaka abandi bantu.

Umwarimu araboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye kwiga amatangazo n'ubutumire abasabe kurambura ibitabo byabo ahari amatangazo n'ubutumire.

2. **Isesengura**

   Muri iki gice umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye amatsinda amwe ayasabe gusoma itangazo rigaragara mu bitabo byabo, andi ayasabe gusoma ubutumire bitegereza imiterere yabyo. Nyuma y'icyo gikorwa arabasaba abanyeshuri bagize buri tsinda gutahura imiterere n'uturango tw'amatangazo n'ubutumire bakora ubushakashatsi bwimbitse.

   Amatsinda yahaye gukora ku matangazo arabanza amurike ibyo yagezeho narangiza amatsinda yahaye gukora ku butumire arakurikiraho. Umwarimu arafatanya n'andi matsinda kunonosora ibyavuye mu bushakashatsi bw'ayo matsinda byandikwe ku kibaho no mu makaye yabo.

*Urugero rw'ibyava mu matsinda:*

A. **Itangazo**

1. **Inshoza y'itangazo**

   Igihe cyose ufite icyo ushaka kugeza ku bandi ukimenyesha ugicishije mu itangazo. Iyo banki zambuwe cyangwa se ibindi bigo biciriritse by'imari bihemukiwe na ba bihemu bakambura inguzanyo, aba ba bihemu bashyikirizwa inkiko batsindwa ibyabo bigatezwa cyamunara. Iyo hari imitungo izagurishwa abahesha b'inkiko b'umwuga batanga amatangazo bahamagarira abaturage kuzaza kwigurira. Bibaho kandi ko iyo umuryango watakaje umuntu, uhitisha itangazo mu bitangazamakuru na radiyo bahamagarira abantu gutabara umuryango wagize ibyago. Itangazo ni inyandiko irimo ubutumwa bamanika ahantu cyangwa bugaca mu kinyamakuru kugira ngo bumenyekane hagamijwe kwamamaza, kurangisha cyangwa kumenyesha.

2. **Uturango tw'itangazo**

   Mu itangazo hagomba kubonekamo ibi bikurikira:
   - Umutwe w'itangazo.
   - Utanze itangazo.
   - Uwo rigenewe.
   - Ahantu igikorwa rimenyesha kiri, cyabereye cyangwa kizabera.
   - Itariki igikorwa rimenyesha cyabereyeho cyangwa kizabera.

3. **Ubwoko bw'amatangazo**

   **Amatangazo yo kubika:** Ni amatangazo atabaza agamije kumenyesha abantu ko hari umuntu witabye Imana akanavuga igihe azashyingurirwa.

   **Amatangazo yo kumenyesha:** Ni amatangazo amenyesha abayumva amakuru atandukanye nk'inama, akazi, isoko ry'ibintu, cyamunara...

   **Amatangazo yo kwamamaza:** Ni amatangazo atangwa agamije kwamamaza ibikorwa by'umuntu ku giti ke, by'ishyirahamwe, by'inganda, amashuri, kugira ngo bimenyekane bibone ababigana mu buryo bwo kubiteza imbere.
   **Amatangazo yo kurangisha:** Ni amatangazo atangwa igihe umuntu yatakaje ikintu, yabuze umuntu, kugira ngo ababimuboneye babimuhe cyangwa yatoye ibintu kugira ngo nyirabyo abashe kubibona.

**Umukoro**

Abanyeshuri yahaye gukora ku matangazo nibarangiza kumurika ibyo bagezeho no gukorerwa ubugororangingo bafatanyije na mwarimu, arabaha umukoro bazakorera mu rugo uzakosorerwe hamwe mu ishuri mbere yo gutangira irindi somo.

*Urugero rw'umukoro n'uko wakosorwa:*

Andika amatangazo akurikira wubahiriza imiterere yayo:

- Itangazo ryo kubika.
- Itangazo ryo kumenyesha.

Umwarimu azareba niba ayo matangazo yanditswe hakurikije uturango twayo n'insanganyamatsiko zatanzwe. Afatemo amwe mu matangazo yakozwe (iryujuje ibisabwa n'irindi ritujuje ibisabwa) bayajorere hamwe mu ishuri.

**B. Ubutumire**

**1) Inshoza y'ubutumire**

Ubutumire ni inyandiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu kwitabira umunsi mukuru runaka. Bene izi nyandiko twazigereranya n'amabaruwa y'ubucuti nubwo zo zidakurikiza imiterere y'ayo mabaruwa. Ubutumire bukoreshwa mu minsi mikuru inyuranye nko gushyingirwa, kubatirisha, kwizihiza isabukuru runaka, gutaha igikorwa runaka, gusangira ku meza, kwishimira kugera ku gikorwa runaka nko gufata impamyabumenyi…

**2) Uturango tw'ubutumire**

Ubutumire burangwa n'imiterere yabwo yo kuba hagaragaramo ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Umutwe w'ubutumire.
- Utumirwa.
- Aho igikorwa kizabera.
- Aho utumira abarizwa.
- Amazina y'utumira.
- Igikorwa umutumiramo.
- Umunsi n'isaha kizaberaho.

**Umukoro**

Abanyeshuri yahaye gukora ku butumire nibarangiza kumurika ibyo bagezeho no gukorerwa ubugororangingo bafatanije na mwarimu, arabaha umukoro bazakorera mu rugo uzakosorerwe hamwe mu ishuri mbere yo gutangira irindi somo.

*Urugero rw'umukoro n'uko wakosorwa:*

"Ishyire mu kigwi cy'umuyobozi w'ishuri ryisumbuye wigamo, wandike ubutumire bw'umuhango wo gutanga impamyabumenyi ku banyeshuri barangiza no kwizihiza isabukuru y'imyaka 25 ikigo kimaze gishinzwe."

Umwarimu azareba niba ubwo butumire babwanditse bakurikije uturango twabwo n'insanganyamatsiko yatanzwe. Afatemo bumwe mu butumire bwanditswe (ubwujuje ibisabwa n'ubundi butujuje ibisabwa) babujorere hamwe mu ishuri.

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa cumi

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bituma bashobora kuvuga iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa cumi. Ibyo bibazo yababaza bishobora gutuma batanga inshamake ikurikira:**

– Ibiyobyabwenge bigira ingaruka zinyuranye ku muntu ubikoresha, ku muryango we ndetse no ku iterambere muri rusange, ko ngomba kurwanya ikoreshwa ryabyo no gushishikariza bagenzi bange kutabikoresha ndetse no kubirwanya.
– Uwandika ibaruwa y'ubutegetsi akoresha amagambo yabugenewe akirinda kurondogora, gusuhuza cyangwa gusezera n'andi marangamutima. Ibaruwa y'ubutegetsi iba ari ngufi kandi ikagira amagambo yabugenewe agomba kuyitangira no kuyisoza. Urugero rwayitangira: (Bwana Muyobozi/ Nyakubahwa Minisitiri… Urugero rwayisoza: Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu kiza, nyakubahwa, mbaye mbashimiye/ Mu gihe ntegerezanyije ikizere, mbaye mbashimiye/ Mbaye mbashimiye Nyakubahwa/ Bwana / Madamu/ Madamazera…)
– Umwirondoro ni ibiranga umuntu: amazina y'ababyeyi be, aho atuye, ibyo yize, ibyo yakoze, ibyo akora, ibyo akunda ndetse n'ibyo azi.
– Itangazo ni ubutumwa bugenerwa abantu bufite icyo bubamenyesha cyangwa bubahamagarira. Muri ubwo butumwa hakaba hagaragaramo ubutanze, uwo abugeneye, ahantu n'igihe.
– Ubutumire ni inyandiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu kwitabira umunsi mukuru runaka, bukaba burangwa no kugaragaramo amazina y'utumira, utumirwa, igikorwa cyabaye amutumiramo, aho kizabera, umunsi n'isaha kizaberaho n'aho utumira abarizwa.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa cumi

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 210)

**Ibigenderwaho mu isuzuma:**

– Ubushobozi bwo gusubiza ibibazo ku mwandiko yasomye.
– Ubushobozi bwo kwandika umwirondoro, ibaruwa y'ubutegetsi, amatangazo n'ubutumire.

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha.

### I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Ni nde uvugwa muri uyu mwandiko? Aravugwaho iki? Iyo umurebye ubona arangwa n'iki? Kubera iki?** Ni Muvara. Aravugwaho gukoresha ibiyobyabwenge. Arangwa no kuba atukuye amaso no kugenda yivugisha mu nzira. Ni ukubera kunywa ibiyobyabwenge.

2. **Ni izihe ngaruka umunyeshuri ukoresha ibiyobyabwenge agira?**
   Ingaruka agira ni uguta ishuri, gusiba kenshi mu ishuri bigatuma atsindwa, gutukura amaso, kudasinzira igihe atabikoresheje, gukoresha imvugo nyandagazi, gushira isoni…
3. **Ni iki gituma abanyeshuri bakoresha ibiyobyabwenge?** Ni uko babeshywa ko iyo babikoresheje bituma batinyuka, bagasubiza mu ishuri bashize amanga kandi ko ngo binatera akanyabugabo.
4. **Ni izihe ngamba zivugwa mu mwandiko zo kurwanya ibiyobyabwenge mu mashuri?**
   - Abaturanyi n'ababyeyi bagomba gukurikirana imyigire y'abana babo ku ishuri, bakamenya igituma batiga neza kandi bakagenzura niba amafaranga yose abana babo babasaba bavuga ko bayatumwe ku ishuri biba ari byo koko.
   - Buri mubyeyi agomba guhuza urugwiro n'umwana uwo ari we wese abona ko afite ikibazo akamuganiriza ndetse akanamugira inama.
   - Abayobozi b'ishuri bakurikirana imyigire y'abanyeshuri biga bataha iwabo bakagenzura ibyo bashobora kuzana ku ishuri ikindi kandi bakabaza ababyeyi impamvu abana babo bataboneka buri munsi ku ishuri iyo hari abo babonaho iyo ngeso yo gusiba kenshi. Abayobozi b'ishuri kandi bagomba gushishikariza buri munyeshuri kugaragaza bagenzi be bakoresha ibiyobyabwenge cyangwa se abakekwaho kubikoresha kugira ngo bagirwe inama.
   - Ni ngombwa gufatanya n'ubuyobozi bwa Leta bakagenzura abacuruza ibiyobyabwenge babiha abanyeshuri bakabashyikiriza inzego zibishinzwe.
5. **Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko**
   - Imiterere ya Muvara.
   - Muvara ahura n'umubyeyi.
   - Muvara aganira n'umubyeyi.
   - Umubyeyi agira inama Muvara.
   - Muvara yiyemeza kureka ibiyobyabwenge.

   **Ingingo z'ingereka ziri mu mwandiko**
   - Ibiyobyabwenge abanyeshuri bakoresha.
   - Igihe abanyeshuri bafatira ibiyobyabwenge.
   - Aho abanyeshuri bakura ibiyobyabwenge n'uko babona amafaranga yo kubigura.
   - Impamvu ituma bamwe mu banyeshuri bakoresha ibiyobyabwenge.
   - Ingaruka z'ibiyobyabwenge.
   - Ingamba zo kwurwanya ibiyobyabwenge mu mashuri.


6. **Inyigisho ivuye mu mwandiko**
   Kurwanya ibiyobyabwenge no gushishikariza abandi kubirwanya.
7. **Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu muryango nyarwanda:**
   Birica, bitera ubukene mu miryango bikanadindiza iterambere
8. **Gereranya ubuzima ubamo n'ibivugwa mu mwandiko ugeze ku bandi inyigisho ukuye muri uyu mwandiko.**
   Aha abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye.
9. **Ibyinshi mu biyobyabwenge ni ibinyobwa biba bitujuje ubuziranenge. Hakorwa iki kugira ngo ubinywa asobanukirwe ibijyanye n'ubuziranenge?**
   - Icyakorwa ni uko umwarimu n'ababyeyi bajya baganiriza kenshi abana n'abanyeshuri by'umwihariko ibijyanye n'ubuziranenge.
   - Abakozi b'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Ubuziranenge bakwiye kujya bafata umwanya wo kuzenguruka mu mashuri babasobanurira ibijyanye n'ibinyobwa n'ibiribwa byujuje n'ibitujuje ubuziranenge.

## II. Inyunguramagambo:

a) Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ari mu mwandiko:

1. **Agatsibanzira:** Inzira nto iri hagati y'imirima abagenzi bacamo bajya guhinga cyangwa bajya mu ngo zabo.
2. **Atumagura (itabi):** anywa itabi asohora buri kanya umwotsi w'itabi.
3. **Impuzankano:** Ni imyenda isa iba iranga abantu runaka; abanyeshuri, abasirikare...
4. **Mu maswingi:** ni imvugo nyandagazi isobanura kuba mu byishimo byatewe no gusinda cyangwa gukoresha ibiyobyabwenge...
5. **Kubatwa n'ibiyobyabwenge:** kwibasirwa n'ibiyobyabwenge, gukoresha ibiyobyabwenge buri gihe.
6. **Imvugo nyandagazi:** imvugo y'urukozasoni idahesha agaciro uyikoresha.
7. **Gucururuka:** gutuza.
8. **Duhuza urugwiro:** turaganira neza.
9. **Babirindutse:** basinze, bazengereye, batukuye amaso.
10. **Utubure:** udufungo tw'urumogi tuba tuzingiye mu makoma yumye cyangwa mu bipapuro bya sima.
11. **Siriduwire:** Inzoga imeze nka kanyanga ikorerwa mu nganda iba iri mu gacupa gato.

**B. Soma, uhuze ijambo rivuye mu mwandiko n'igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.**




## III. Umwitozo wo guhanga

**1)** Ishyire mu kigwi cy'umunyeshuri urangije amashuri yisumbuye mu ishami wiga, maze wandike ibaruwa isaba akazi kajyanye n'ibyo wize. Ku mugereka w'ibaruwa wanditse ushyireho umwirondoro wawe.

*Aha umwarimu areba niba ibaruwa umunyeshuri yanditse ijyanye n'amabwiriza yahawe kandi ko yubahirije uturango tw'ibaruwa y'uburegetsi ndetse n'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.*

**2)** Ishyire mu kigwi cy'umubyeyi maze wandikire inshuti yawe uyitumira mu bukwe bw'umukobwa /umuhungu wawe ugiye gushyingirwa.

*Aha umwarimu areba niba ubutumire bwubahirije uturango twabwo nk'uko uru rugero rukurikira rubigaragaza.*

**Ubutumire**

*Twebwe imiryango ya NGANGO PAULIN na UWISHYA FREDERIC, twishimiye*

*gutumira Bwana na Madamu: Guverineri Abandisinge David mu bukwe bw'abana bacu :*

***AKARIZA Anna***

na

***MANZI Ben***

*Buzaba ku wa 20/12/2016: Gusaba no gakwa i Bugoba.*
*Ku wa 01/ 01/2017: Gusezerana imbere y'Imana muri Kiliziya ya Paruwasi ya Mutagatifu St Jean Baptiste Burehe.*
*Nyuma y'iyo mihango abatumiwe bazakirirwa mu nzu mbera byombi y'Akarere ka Rulindo.*

*Kuza kwanyu ni inkunga ikomeye!*

A. Anna
Tel: 0788 ......

M.Ben
Tel: 0782......
0734......

## Imyitozo nsindagirabushobozi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora cyangwa se akabasaba gukora imyitozo y'inyongera. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

***Urugero rw'imyitozo yabaha:***

a) Ku bafite ikibazo ku kumva umwandiko umwarimu abategurira ibibazo byimbitse ku nsanganyamatsiko y'ibiyobyabwenge.
b) Ku bafite ibibazo ku ibaruwa n'umwirondoro umwarimu yongera kubasaba gukora imyirondoro yabo no kwandika ibaruwa runaka y'ubutegetsi (isaba ibisobanuro cyangwa isaba akazi)
c) Ku bafite ikibazo ku matangazo n'ubutumire umwarimu abasaba kwandika ubutumire n'amatangazo anyuranye.

## Imyitozo y'inyongera

1. **Tahura amazina arindwi y'ibiyobyabwenge agaraga muri iki kinyatuzu ugenda ugana mu merekezo yose.**

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| K | B | A | R | E | T | E | T | A | U | M |
| A | A | U | B | U | G | A | G | A | R | A |
| N | A | N | A | W | U | J | I | R | A | M |
| Y | I | L | A | G | I | K | A | E | A | N |
| A | Y | M | U | B | I | G | I | R | W | A |
| N | U | S | I | B | I | L | A | O | I | K |
| G | D | U | G | A | R | S | O | K | O | P |
| A | M | U | R | I | T | U | R | E | M | A |
| W | S | H | A | R | A | N | G | A | B | O |
| A | G | A | S | I | G | O | M | U | R | U |

*Ayo mazina ni aya :*

Kanyanga, muriture, bareteta, kore, marijuwana, urumogi, kanabisi.

1. Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iki kibazo
   **«Ibyinshi mu biyobyabwenge ni ibinyobwa biba bitujuje ubuziranenge. Hakorwa iki kugira ngo umunyeshuri ubinywa asobanukirwe ibijyanye n'ubuziranenge?»**

*Urugero rw'igisubizo :*

– Icyakorwa ni uko umwarimu n'ababyeyi bajya baganiriza kenshi abana n'abanyeshuri by'umwihariko ibijyanye n'ubuziranenge.
– Abakozi b'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Ubuziranenge bakwiye kujya bafata umwanya wo kuzenguruka mu mashuri babasobanurira ibijyanye n'ibinyobwa n'ibiribwa byujuje n'ibitujuje ubuziranenge.

## Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe


1. BIGIRUMWAMI, A.,1985, *Ibitekerezo, ibyivugo, kuvuga inka, inanga, indirimbo, Nyundo.*
2. BIZIMANA S, KAYUMBA C., 2011, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème Edition
3. BIZIMANA Simon et alii, 1998, *Imiteêrere y'îkinyarwaanda, igitabo I, Amajwî, amagaambo n'întêruro*, Butare, IRST.
4. BIZIMANA, S, 2002, *Imiteêrere y'Îkinyarwaanda II*, IRST, Butare.
5. BIZIMANA, S. n'abandi bashakashatsi ; 1998 ; *Imiterere y'IkinyarwandaI*, Amajwi, Amagambo n'interuro, Butare IRST.
6. BIZIMANA, S., RWABUKUMBA, G., 2011, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 1ère Edition
7. COUPEZ, A. KAMANZI, 1970, Litt*érature de cour au Rwanda*, Oxford.
8. CREPEAU P. et BIZIMANA, S., 1979, *Proverbes du Rwanda*, Butare, INRS, Publication n°19.
9. DION, GILLES-MARIUS, 1971, *Devinettes du Rwanda-Ibisakuzo*, Butare, Edit. Universitaire du Rwanda, coll. "Muntu."
10. DUBOIS, J., et alli, 1973, *Dictionnaire de Linguistique*, Larousse Paris
11. FOUNTAIN PUBLISHERS, 2011, *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 6*, Fountain Publishers, Kigali
12. FOUNTAIN PUBLISHERS, 2011, *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 6*, Fountain Publishers, Kigali
13. GENETTE, G., 1987, *Figure II*, Seuil, Paris
14. IGIRANEZA, T., 1990; *Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo, iyigantego ; Inshoza y'inshinga nyarwanda*. Kigali, MINEDUC.
15. IGIRANEZA, T., 1990, *Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda*, Kigali.
16. IGIRANEZA, T., 1991, *Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, Iyigamajwi n'Iyigamvugo, Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3*, BPS, Kigali
17. IKIGO CY'UBUSHAKASHATSI MU BY'UBUHANGA N'IKORANABUHANGA(IRST), 1998, *Imiterere y'Ikinyarwanda, Igitabo I*, 1998, Pallotti-Presse, Kigali.
18. Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, 2005; *Ibirari by'insigamigani*, icapisho rya gatatu, Printer Set.
19. IRST, 2000, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, Igitabo cya I-IV, Butare IRST.
20. Jean – François Jeandilou.2000., *L'analyse textuelle.*, Paris: Armand colin.

21. KAGAME, A., 1943/1946, *Inganji Karinga*, Kabgayi, 2V
22. KAGAME, A., 1988, *Amazina y'inka*, Kigali, Régie de l'imprimerie Scolaire
23. KAREGE, F., 1982. *Umwana nk'undi*.
24. KAYUMBA, C., 2005, *La poésie héroïque rwandaise: ibyîivugo*, Butare, I. R. S. T.
25. MBONIMANA, G., 1985," *La métrique dans la poésie pastorale au Rwanda, analogie entre le rythme poétique et le rythme musical,"in Le kinyarwanda, études de morpho-syntaxe*, Paris, Bibliothèque de l'information grammaticale pp. 151-165.
26. BIGIRUMWAMI, A., 2004, *Imihango n'imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*, Diocèse de Nyundo, quatrième édition.
27. MIJESPOC, 1988 *Ibirari by'insigamigani*, Igitabo cya mbere, Icapiro rya gatatu.
28. MINEDUC, 2015, *Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri*, Kigali,
29. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1982, *Amuga y'inyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye*, Kigali.
30. Minisiteri y'amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1982, *Inyandikomvugo y'ihugurwa ry'abarimu b'Ikinyarwanda*, Kigali.
31. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1988, *Ikinyarwanda, gusoma no gusesengura imyandiko V.A, igitabo cy'umunyeshuri,umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye*, Kigali.
32. Minisiteri y'amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1990, *Ikinyarwanda. Ikibonezamvugo: Iyigantego. Inshoza y'inshinga nyarwanda. Isomo ryateguwe na Igiraneza Tewodomiri*, BPES, Kigali.
33. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1992, *Ikinyarwanda: Ihugurwa ry'abarimu bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza*, Kigali.
34. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1994, *Ikinyarwanda: ihugurwa ry'abarimu b'amashuri abanza*, Kigali.
35. Minisiteri y'uburezi, 1996, *Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye*, NCDC, Kigali
36. Minisiteri y'Uburezi, 2002, *Urwunge rw'imfashanyigisho zigenewe guhugura abarimu b'amashuri abanza. Ikibonezamvugo, umwandiko, ubuvanganzo nyarwanda, ururimi n'ubwumvane n'imbonezamasomo y'Ikinyarwanda*, Kigali, ADRA-Rwanda(AREP).
37. Minisiteri y'Uburezi, 2008, *Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere*, NCDC, Kigali.
38. Minisiteri ya Siporo n'Umuco, *Amabwiriza ya minisitiri n° 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire y'Ikinyarwanda*, kigali
39. MUTAKE T., 1991, *Ikinyarwanda, ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe*, Kigali, IMPRISCO.

40. MUTAKE T.,1987, Ihugura ry'abarimu b'ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye, ikiciro cya mbere(1987-1988); *Ikibonezamvugo: itondaguranshinga risanzwe*, Kigali.
41. MUTAKE, T., 1991, *Ikinyarwanda, ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe*, Kigali, IMPRISCO.
42. MUTAKE, T.,1987, Ihugura ry'abarimu b'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye, ikiciro cya mbere (1987-1988); *Ikibonezamvugo: itondaguranshinga risanzwe*, Kigali.
43. MUTAKE, Th., 1987, *Itondaguranshinga ry'ikinyarwanda, umusogongero*, Kigali ubuyobozi bw'ibwinteganyanyigisho z'amashuri yisumbuye.
44. NCDC, 2008, Ikinyarwanda 6, *Imyandiko mfashanyigisho*, *Igitabo cy'umunyeshuri*, Kigali
45. NIYITEGEKA, M. Y., 1989. *Wishavura*., Printer Set:, Neli.
46. NKEJABAHIZI, J.C., 2005, *Inkuru ndende n'ikinamico*, Butare, UNR
47. NKEJABAHIZI, J.C., 2005, *Ubusizi nyarwanda*, Butare, UNR
48. RUGAMBA, C., 1979, *Umusogongero*, Butare, I. N. R.S
49. RWAMAMARA M., 1987, *Gusoma no gusesengura imyandiko, umwaka wa gatanu V.A.: Ihugura ry'abarimu b'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye* (1987-19888), Kigali.
50. TODOROV, T. 2001, (2ème éd.), *Théorie de la literature*, Seuil, Paris
51. UZABAKIRIHO, S., 2007, *Ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda*, Butare, UNR.

**Imbuga nkoranyambaga**

http://reb.rw/fileadmin/competence_based_curriculum/syllabi/Upper_Secondary/Ikinyarwanda_mu_mashami_y_indimi.pdf: ku wa 20/7-30/8/2016.

http://documents.tips/documents/uturango-twikeshamvugo-mu-busizi-nyarwanda-bwubu.html: ku wa 24/7-23/8/2016.

http://umuco-nyarwanda.blogspot.com/: ku wa 2/7-3/8/2016.

http://www.olny.nl/RWANDA/Recits_Populaires_Folk_Stories/S_Uzabakiriho_Ingeri_Ubuvanganzo.html: ku wa 27/6-30/8/2016.

http://genocidewatch.org/genocide/tenstageofgenocide.ku wa 28/08/2017.